

INAMA KU BUSONGA

ELLEN G. WHITE



INAMA KU BUSONGA

ELLEN G. WHITE



INAMA KU BUSONGA

Urwunge rw'Amagambo Yakuwe mu Nyandiko
Zinyuranye za

ELLEN G. WHITE

"Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose,
kugira ngo murusheho gukora ibyiza byose, mufite
ibibahagije muri byose".

2 Abakorinto 9:8



Izina ry'Igitabo: Inama Ku Busonga
Abatunganyije Igitabo: Editorial Safeliz, S.L.
Copyright: Rwanda Union Mission of SDAs

Produced by Editorial Safeliz for the Rwanda Union Mission of SDAs
Editorial Safeliz, S.L.
Pradillo 6, Pol Ind La Mina
27880 Colmenar Viejo, Madrid, Spain
www.safeliz.com · adm@safeliz.com

Cyashyizwe mu Kinyarwanda Gikuwe mu Gitabo
cy'Icyongereza cyitwa

Counsels on Stewardship
A Compilation from the Writings
of
ELLEN G. WHITE

REVIEW AND HERALD PUBLISHING ASSN.
Takoma Park. Washington. D.C.
Copyright, 1940, by
The Ellen G. White Publications

Icapisha, 2018

Itorero ry'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda

Cyasobanuwe mu Kinyarwanda n'Itorero ry'Abadiventisiti
b'Umunsi wa Karindwi mu Rwanda ©2018

Aprili 2019: Ingeri ya 1

ISBN: 978-84-7208-679-1

PRINTED IN THE EU
IMP11

Birabujijwe gukoporora, gucapa no kwigana iki gitabo cyose cyangwa igice cyacyo (yaba amagambo, amashusho cyangwa imiterere yacyo), waba ukoresheje uburyo ubwo ari bwo bwose bwaba ubusanzwe cyangwa ubw'ikoranabuhanga utabiherewe uburenganzira bwanditswe na nyiracyo.

IBIRIMO

1.	Itegeko Ry'imana Ku Bugiraneza N'icyo Rigamije.....	11
	1 Abakozi Bakorana n'Imana.....	13
	2. Udufasha Ni Umunyabuntu Butangaje	17
	3. Impamvu Imana Ikoresha Abantu Ishaka Gufasha Abandi	21
	4. Amahame y'Imana Ahora Ahanganye N'amahame Ya Satani	25
	5. Aho Kristo Atuye Harangwa N' Umutima Wo Kugira Ubuntu..	29
	6. Kubwiriza Ibibwirizwa Bishyizwe Mu Bikorwa	31
2.	Umurimo w'Imana N'inkunga Yo Kuwushyigikira	33
	7. Umurimo w'Imana N'inkunga Yo Kuwushyigikira.....	35
	8. Gukunda Itorero Ubikuye Ku Mutima.....	41
	9. Ijwi Ryo Kwiyegurira Imana	45
	10. Turahamagarirwa Kurushaho Gukorana Umwete	49
	11. Kugurisha Amazu N'umutungo.....	55
3.	Iby'Imana Yizigamiye- Icyacumi.....	59
	12. Kugerageza Ubuyoboze Bw'umuntu	61
	13. Icyacumi Gishingiye Ku Mahame Y'iteka Ryose	65
	14. Umugambi Mwiza Woroheje.....	69
	15. Ni Ikibazo Cy'ubunyangamugayo.....	73
	16. Kutica Igihe Na Gahunda.....	75
	17. Ubutumwa Bwa Malaki.....	77
	18. Nimureke Tugerageze Imana.....	83
	19. Kwigarurira Amafaranga Imana Yizigamiye	85
	20. Igisubizo Cy'umutimanama Wakangutse	87
	21. Uko Icyacumi Gikoreshwa.....	93
	22. Uburezi Butangwa N'abapasitoro N'abayobozi B'itorero.....	97
4.	Umuntu Atange Akurikije Ubushobozi Bwe	101
	23. Amahame Y'ubusonga	103
	24. Italanto Zacu.....	105
	25. Inshingano Z'umuntu Ufite Italanto Imwe	109
	26. Kwiba Imana Ukanga Gukora Umurimo Ukwiriye	113
	27. Kwiregura Ku Munsi W'urubanza.....	117
5.	Ibisonga Bibikijwe Ubutunzi.....	121
	28. Ubutunzi Ni Impano Umuntu Yahawe	123
	29. Uburyo Bwo Kubona Ubutunzi	129
	30. Akaga Kazanwa N'ubukire.....	135
	31. Ubuhendanyi Bwa Satani.....	141
	32. Ubutunzi Bwakoreshwe Nabi.....	143
	33. Kugirira Impuhwe Abakene.....	145

6.	Gutanga Ukwiragiza Mu Gihe Cy'ubukene	151
	34. Gutanga Gushimwa	153
	35. Ikintu Gihebuje Mu Maso y'Imana.....	159
7.	Ubutunzi Bw'abanyamahanga	163
	36. Amahirwe Tugomba Kwakira Kandi Tukayageza Ku Bandi	165
	37. Imana Itegura Inzira	167
	38. Umurimo Wo Gusarura	171
8.	Impamvu Nyakuri Zitera Gutanga Gukwiriye	175
	39. Impamvu Y'ukuri Mu Murimo Wose.....	177
	40. Gutanga Amaturu Y'ubushake	181
	41. Uburyo Bwo Kurarika Buhuriweho Na Benshi	185
9.	Gukurikirana Ubutunzi Bw'isi.....	191
	42. Akaga Gaterwa N'irari Ry'ubutunzi	193
	43. Kugerageza Gukorera Imana Na Mamoni.....	199
	44. Abavuga Ko Bafite Kwizera Ariko Bakaba Ntacyo Bamaze	205
10.	Intandaro Yo Kujarajara Muri Byinshi.....	209
	45. Guharanira Kugera Ku Bukire.....	211
	46. Igishuko Cyo Kujarajara Mu Butunzi.....	215
	47. Ishoramari Rikozwe Mu Bujiji	221
11.	Gutwazwa Igitugu N'imyenda	225
	48. Kubeshwaho N'ibyo Winjiza	227
	49. Gutukisha Umurimo w'Imana	231
	50. Kurarikirwa Gusenga Cyangwa Guhindura Icyo Wakoraga....	235
	51. Gukura Imyenda Ku Nyubako Z'itorero	237
	52. Kwirinda Umwenda Ku Bigo By'itorero.....	243
	53. Kunanirwa Kubara Amafaranga Akoreshwa.....	249
	54. Gutera Intambwe Mu Kwizera	253
	55. Amagambo Aturutse Ku Mujyanama Woherejwe N'ijuru	257
12.	Kuzigama Kugira Ngo Utange	261
	56. Bisigarira Guhesha Abantu Agaciro	263
	57. Amagambo Agenewe Urubwiruko.....	267
	58. Kwingingirwa Kuzigama.....	273
13.	Ukwera Kw'indahiro N'imihigo	279
	59. Amasezera Aduhuje n'Imana.....	281
	60. Icyaha Cya Ananiya	283
	61. Kugirana Amasezerano w'Imana.....	287
14.	Impano Y'ubushake N'umurage	291
	62. Kwitegura Urupfu	293
	63. Ubusonga Ni Inshingano Bwite Y'umuntu.....	299
	64. Kwivanaho Inshingano Ukayishyira Ku Bandi	303
15.	Ingororano Yagenewe Igisonga Gikiranuka	305
	65. Ingororano Nk'impamvu Itera Abantu Kujya Mu Murimo	307
	66. Ubutunzi Bwo Mu Ijuru.....	309
	67. Imigisha Yo Muri Ubu Buzima Ihabwa Abanyabuntu.....	313
	68. Gusangira Umunezero N'abacunguwe.....	317

IRIBURIRO

Iki gitabo cyitwa *"Inama ku Busonga"* kigizwe n'icyegeranyo cy'inyandiko zavuye mu byo Ellen G. White yanditse, kiziye igihe kuko cyuzuye ibisubizo by'ibibazo byinshi abantu bibaza ku murimo nk'uyu w'ubusonga. Hari inama nyinshi zerekeye Ubusonga zatanzwe n'Umwuka w'Ubuhanuzi mu myaka myinshi ishize. Izi nama zarandikwaga maze zikajya zitangazwa mu binyamakuru kandi zikandikwa no mu bitabo, ariko ntabwo byasohotse mu buryo buhagije, bwatuma abakozi n'abizera bacu babibona. Mu bitabo byari bisanzwe bikoresha harimo andi mabwiriza mashya, nyamara make muri yo ntiyakoreshejwe muri iki gitabo. Turashimira Imana cyane ko noneho abantu bose bashobora kubona izi nyigisho zahawe Itorero binyuze muri iki gitabo kibereye ijisho. Iki gitabo gikubiyemo ingingo zakusanyijwe zivanywe mu bitabo no mu nyandiko za Ellen G. White bicungwa n'Akanama nyobozi kashyiriweho kurinda inyandiko ze.

Mu mibereho y'umukristo n'ibikorwa asabwa gukorera abandi, ikibazo cyerekeye ubusonga ni cyo gifita umugabane munini kandi w'ingenzi mu buzima bw'umukristo wese. Buri Mukristo wese wizera Imana, iki kibazo kiramureba mu buryo bwimbitse kandi budatuza. Iyo twemeye kandi tukayoboka ubudahangarwa Imana ifite ku bintu byose n'ubuntu itugirira, ubwo ni bwo tuba dusobanukiwe neza amahame y'ubusonga. Iyo dusobanukirwa n'ayo mahame, bikarushaho kuducengera no kugwira muri twe, ni bwo tuba turi mu nzira nyayo yo gusobanukirwa uburyo urukundo rw'Imana n'ubuntu bwayo bikorera mu mibereho yacu.

Mu myumvire yacu, dutekereza ko ubusonga bureba ibyerekeye ibintu bifatika; siko biri, ubusonga burenze cyane ibyo; bureba ibintu byose bifitanye isano n'imibereho y'iby'Umwuka. Umurimo dukorera Kristo ni impamo. Uwituka adusaba ko dutanga ibintu runaka kugira ngo na we agire ibyo adukorerwa. Iyo dukoze ibyo Imana idushakira bituma ibyerekeye ubusonga byose bigerwaho, maze imibereho yo mu by'Umwuka ikazamuka ikagera ku rwego rwo hejuru. Ntabwo Imana idushyiraho agahato cyangwa se igitugu ngo tugire icyo tuyikorera, cyangwa ngo tuyigarurire bumwe mu butunzi yaduhaye. Nyamara yateganyije yuko nidukorana nayo neza igihe dukoresha ubutunzi bwo mu ijuru, ibyo bizatuviramo imigisha itarondoreka yo mu buryo bw'ibya Mwuka. Ariko nituramuka tunaniwe gufatanya n'Imana igihe dushaka gusohozza imigambi yayo, tuzabura imigisha nk'iyi kandi tube twivukije amahirwe yo kubona ibyo twari dukeneye.

Twiringiye tudashidikanya ko abaziga aya mahame y'ubusonga nk'uko yanditswe muri iki gitabo, bakayiga babyitondeye, bizabafasha kuyasobanukirwa no kuyashyira mu bikorwa, bityo bigatuma bagera ku rugero rushimishije rwo gusobanukirwa n'iby'Imana idukeneyeho. Umwuka w'Ubuhanuzi agaragaza ukuri kwabyo muri aya magambo:

Igitekerezo cyerekeye Ubusonga gikwiriye kuba mu ntekerezo no mu ngiro by'abana b'Imana bose.... Kugirira abandi neza mu buryo bufatika, bizahesha ubugingo bw'ibya Mwuka ibihumbi byinshi by'abantu bavuga ko bazi ukuri nyamara ubu bakaba bari kuririra mu mwijima. Bizabahindura bareke ubwikanyize no kuramya ikigirwamana cy'amafaranga, maze bahinduke abanyamwete n'abiringirwa, mbese babe abakozi bakorana na Kristo mu murimo wo gukiza abanyabyaha."¹

Mu gihe dutegereje uko guhinduka, twese dukwiriye kwigana umwete iki gitabo, tugasengera kugira ngo tubashe kugera ku mibereho yuzuye kandi ikungahaye mu mubano tugirana n'Umwami Imana.

J.I. McELHANY

1 *Testimonies*, Vol.3, p.387. [Ibihamya by'Itorero]

URUFUNGUZO KU BITABO BYAKORESHEJWE

Ingingo zigize iki gitabo zakusanyijwe zivuye mu nyandiko za Ellen G. White, by'umwihariko mu byasohotse mu kinyamakuru cyitwa "Urwibutso n'Integuza", ariko na none hari ibyavanywe mu bitabo bisanzwe bikoreshwa, mu dutabo duto, no mu byo Ellen G. White yandikishije intoki ze. Amazina akurikira yerekana ibitabo byakoreshejwe muri iki gitabo. Aho twarekeyeho izina ry'igitabo cyangwa iry'inyandiko mu rurimi rw'Icyongereza, byatewe n'uko icyo gitabo kitarasobanurwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda:

1. Abakurambere n'Abahanuzi
2. Abahanuzi n'Abami
3. Abahirwa ni ba Nde
4. "Amagambo yasonzoranyijwe mu byo Ellen G.White yandikishije intoki¹
5. "Christ Object Lessons"(Imigani ya Kristo)
6. "Colporteur Evangelist" (Umubwirizabutumwa ukoresha ibitabo)
7. "Fundamentals of Christian Education"(Amahame shingiro ry'Uburezi bwa Gikristo)
8. "Gospel Workers"(Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza)
9. Ibyakozwe n'Intumwa
10. Inyandiko z'ibanze
11. Letter—"Amagambo yasonzoranyijwe mu byo Ellen G.White yandikishije intoki
12. Rengera Ubuzima
13. "Review and Herald"(Urwibutso n'Integuza)
14. "Signs of the Times"(Ibimenyetso by'Ibihe)
15. "Testimonies for the Church, Vol. I." (Ibihamya by'Itorero, Igitabo cya 1)
16. "Testimonies to Ministers and Gospel Workers"(Ibihamya ku Bagabura n'Ababwiriza b'Ubutumwa Bwiza)
17. Uburezi
18. Ubutumwa ku Basore
19. Uwifuzwa Ibihe Byose
20. "Youth's Instructor"(Umwigisha w'Abasore)

¹ Inkomoko y'amagambo yasonzoranyijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki, igaragazwa n'umubare runaka uranga iyo nyandiko y'umwimerere mu bubiko bw'Inyandiko ze mu Biro bishinzwe kurinda Inyandiko za Ellen G. White. *Urugero: Letter 72, 1909 na MS 1, 1890*

UMUGABANE WA 1

**ITEGEKO RY'IMANA
KU BUGIRANEZA
N'ICYO RIGAMIJE**

ABAKOZI BAKORANA N'IMANA

Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe n'umuganura w'ibyo wunguka byose. Ni bwo ibigega byawe bizuzura. Kandi imivure yawe izasendera imitobe. *Imigani 3:9,10.*

“Hari umuntu utanga akwiragiza, nyamara akarushaho kunguka; kandi hari uwimana birenze urugero, ariko we bizamutera ubukene gusa. Umunyabuntu azabyibuha: Kandi uvomera abandi na we azavomerwa.” *Imigani 11:24, 25.*

“Ariko imfura yigira inama yo kugira ubuntu; kandi izo nama zo kugira ubuntu azazikomeza.” *Yesaya 32:8.*

Mu nama y'Agakiza, Ubwenge bw'Imana bwashyizeho amategeko agenga igikorwa n'ingaruka zacyo, ayo mategeko akaba ari yo atuma umurimo w'ubugiraneza mu buryo ugaragaramo bwose, abawukora babona imigisha inkubwe ebyiri. Iyo umuntu arambuye ikiganza akagoboka imbabare, atuma zigerwaho n'imigisha y'Imana kandi na we akaba yihesheje imugisha yo mu rwego rwo hejuru.

ICYUBAHIRO CY'UBUTUMWA BWIZA

Kugira ngo umuntu atabura imigisha ivuye mu murimo w'ubugiraneza, Umucunguzi wacu yashyizeho igenamikorere rituma umuntu afatwa nk'umukozi ukorana na We. Imana yari gushobora kugera ku ntego yo gucungura umuntu itiriwe ikenera ubufasha bw'umuntu; nyamara yararebye isanga umuntu adashobora kunezezwa no kutagira uruhare muri uwo murimo ukomeye utyo. Imana ikoresha uruhererekane rw'ibyo umuntu anyuramo bimusaba gukora ibikorwa by'urukundo, maze ikamuha uburyo bwiza bwo kwimenyereza gukora umurimo w'ubugiraneza, kandi akamushoboza guhora afasha abakene no guteza umurimo wayo imbere. Kubera ibintu isi yangiritse ikeneye, igenda itwara ku mpano n'amikoro twari dufite byo kwereka abagabo n'abagore ukuri bari bakeneye kurusha ibindi bintu byose. Nuko rero, iyo twumviye guhamagara kwayo, tukayikorera kandi tugakora imirimo y'ubugiraneza, duhindurirwa kugira ishusho y'uwemeye kuba umukene ku bwacu. Iyo tugize icyo dutanga, tuba duhesheje umugisha abandi kandi tuba twibikiye ubutunzi nyakuri.

Ni iby'icyubahiro cyinshi kuba Ubutumwa bwiza bushingiye ku mahame yagenewe kugarura ishusho y'ubumana mu nyoku muntu yaguye, binyujijwe mu bikorwa bihora by' ubugiraneza. Uyu murimo w'ubugiraneza watangiriye mu bikari byo mu ijuru. Aho ni ho Imana ubwayo yeretse ibiremhamuntu igihama kidashidikanywaho cy'urukundo ruhebuje yabakunze. Intumwa Yohana yabivuzeho muri aya magambo: "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane, byatumye itanga Umwana wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka, ahubwo ahabwe ubugingo buhora." *Yohana 3:16*. Impano twahawe ari yo Kristo itugaragariza imiterere y'umutima wa Data wa twese. Ibi byerekana yuko, kuba Imana yaratangiye umurimo wo kuducungura, nta kintu na kimwe izigera yisigira, nubwo cyaba ari icy'agaciro kanini gite, mu gihe icyo kintu cyari kuba gikenewe ngo umurimo wayo urangire.

Umwuka wo kugira ubuntu ni umwuka wo mu ijuru. Urukundo rutikanyiza rwa Kristo rwagaragaraye ku musaraba. Kugira ngo umuntu abashe gukizwa, byabaye ngombwa ko Kristo atanga ibyo yari afite byose kugeza ubwo na we ubwe yitanze. Umusaraba wa Kristo uhamagarira umuyoboze we wese kurangwa n'umwuka w'ubugiraneza. Ihame ryagaragarijwe muri wo ni ihame ryo gutanga, gutanga gusa. Gushyira mu bikorwa ihame ry'ubugiraneza no gukora imirimo myiza ni bwo buryo bwo kwera imbuto ziranga imibereho ya Gikristo. Ihame riranga ab'isi, ni iryo guhabwa, guhabwa gusa; maze bakiringira ko ubwo buryo ari bwo bubazanira umunezero; nyamara iyo rishyizwe mu bikorwa uko riri koko, muri ryo basaruramo ubuhanya n'urupfu.

Umucyo w'ubutumwa bwiza urabagirana uturutse ku musaraba wa Kristo uhora ucyaha ubwikanyize bwose kandi ugashishikariza abantu kurangwa n'ubuntu n'imirimo y'ubugwaneza. Ntabwo abantu bakwiriye kwivovotera ko bahora basabwa gutanga. Kubw'imbabazi zayo, Imana irahamagarira ubwoko bwayo kureka gukorera ahantu hatoya; ikabararikira kwagura imbago z'imirimo yabo. Muri iki gihe umwijima wo mu bitekerezo urushaho gutwikira abatuye mu isi, hakenewe imbaraga zitagabanyijwe.

Abantu benshi mu bwoko bw'Imana bari kugwa mu mutego wo gukunda iby'isi no kubirarikira. Bari bakwiriye gusobanukirwa yuko imbabazi zayo ari zo zituma umubare w'ababakeneyeho ubufasha urushaho kwiyongera. Impamvu zituma bahamagarirwa gukora imirimo y'ubugwaneza zigomba gushyirwa imbere yabo; bitabaye bityo, ntibashobora guhindurirwa kugira imico y'Uwababereye icyitegererezo gikomeye.

IMIGISHA IKOMOKA KU BUSONGA

Igihe Kristo yatumaga abigishwa be ngo bajye «ku isi yose kubwiriza abaremwe bese, » yari ahaye abantu umurimo wo kumenyesha abatuye isi yose ubuntu bwe. Nyamara igihe abantu bamwe bagiye kubwiriza, ahamagarira abandi gusohozza inshingano zo gutanga amaturo kugira ngo abashe gushyigikira umurimo we ku isi. Yaragije abantu imitungo ngo bayicunge kugira ngo bahinduke imiyoboro inyuzwamo impano mvajuru;

bityo bagire uruhare mu murimo wo gukiza bagenzi babo. Ubu ni bumwe mu buryo Imana ikoresha kugira ngo ishyire umuntu hejuru. Uyu ni wo murimo umuntu akeneye kubera ko uhinduka umusemburo utera umutima we kugira impuhwe, kandi agakoresha ubushobozi bw'intekerezo bwo mu rwego ruhanitse.

Buri kintu cyose cyiza kiri hano ku isi cyahashyizwe n'ikiganza cy'Imana cyuzuye ubuntu nk'ikimenyetso cy'urukundo ikunda umuntu. Abakene ni abayo kandi umurimo w'Itorero na wo ni uwayo. Izahabu n'ifeza ni iby'Uwiteka; kandi Iramutse ibishatse, yabicunshumura bivuye mu ijuru. Nyamara aho kubigenza ityo, yahisemo kugira umuntu igisonga cyayo, imuragiza ubwo butunzi, atari ukugira ngo abuhunike, ahubwo ari ukugira ngo bugirire umumaro abandi. Ni muri ubwo buryo Imana yagize umuntu umuyoboro wo kunyuzamo imigisha kugira ngo igere ku batuye mu isi. Imana yashyizeho gahunda y'ibikorwa by'ubugiraneza kugira ngo umuntu abashe guhinduka nk'Umuremyi we, abe umunyabuntu buzira kwikanyiza mu mico ye, kugira ngo amaherezo azafatanye na Kristo guhabwa ingororano y'agahozo kandi izahoraho iteka ryose.

DUHURIRE KU MUSARABA

Urukundo rwerekaniwe i Kaluvari rukwiriye kubyutswa, rukongerwamo imbaraga kandi rukamamazwa mu matorero yacu yose. Mbese ntimwakunda ngo dukore uko dushoboye kose kugira ngo duhe imbaraga amahame y'urukundo Kristo yazaniye abatuye isi? Mbese ntimwakunda ngo duhirimbanire gushyiraho no guha ireme ibikorwa by'ubugiraneza, ibyo duhamagarirwa gukora bwangu tutazuyaje? Uramutse uhagaze imbere y'umusaraba, maze ukitegereza Igikomangoma cyo mu ijuru kiri kuwupfiraho ku bwawe, mbese ushobora kwintangira umutima ukavuga uti: «Oya, simfite icyo ntanga»?

Abantu bizera Kristo bakwiriye kurangwa n'urukundo rwe kandi bakarukwirakwiza mu bandi. Urwo rukundo rukwiriye kubarehereza guhurira ahakikije musaraba. Rukwiririye kubatandukanya no kwikunda k'uburyo bwose, kandi rukabahuza n'Imana ndetse na bagenzi babo.

Nimutyo duhurire ku musaraba w'i Kaluvari dufite umutima witanze kandi wemera kugira ibyo wigomwa. Uko uzajya ukora uko ushoboye kose ni ko Imana izajya ibiguhera umugisha. Uko uzajya wegera intebe y'ubuntu, uko uzajya urushaho kubona ko uhujwe n'iyo ntebe y'ubuntu n'umunyururu w'izahabu umanuka uva mu ijuru ukagera ku isi kugira ngo uzamure abantu ubavane mu rwobo rw'icyaha, umutima wawe uzasabwa n'urukundo maze ujye gushaka bene So na bashiki bawe bari mu isi badafite Imana kandi ntibagire n'ibyiringiro.¹

¹ *Testimonies*, vol.9, pp.253-256. [Ibihamya by'Itorero]

UDUFASHA NI UMUNYABUNTU BUTANGAJE

Ubushobozi bw'Imana bugaragarira mu gutera k'umutima, mu mikorere y'ibihaha, kandi bukagaragara no mu mbaraga zibeshaho ubuzima zizenguruka mu miyoboro ibihumbi itandukanye iri mu mubiri. Turimo umwenda w'Imana kubera ukuntu iturinda buri kanya kose kandi ikatwitaho mu mibereho yacu. Ububasha n'ubushobozi bituma umuntu agira agaciro karuta ak'ibindi biremwa byoroheje, ni impano twahawe n'Umuremyi wacu.

Umuremyi wacu aduhundagazaho imigisha. Tumurimo umwenda kubera ibyokurya aduha bidutunga, kubera amazi yo kunywa aduha, kubera imyambaro twambara, no kubera umwuka duhumeka. Bitabaye kubw'imbabazi ze, umwuka duhumeka wahumana maze ukuzuramo indwara z'ibyorezo n'uburozi. Imana ni Inyabuntu butangaje, kandi ni Yo murinzi wacu.

Izuba rimurikira isi yacu rigatuma ibyaremwe byose bimererwa neza, imirasire y'ukwezi ifite ubwiza butagereranywa, ubwiza butatse ikirere bugizwe n'ibishashi by'inyenyeri zimurika, imvura igwa maze ikanetesha ubutaka, bityo igahembura ibimera, ibintu byiza dusanga mu byaremwe byose uko bingana, ibiti by'inganzamarumbo, uduti tw'amoko atandukanye n'ibindi bimera, imbuto z'akataraboneka zishimisha buri wese, isanzure ritatswe n'ubururu bukeye, isi itatswe n'ibimera by'ibara ry'icyatsi kibisi, kubisikana kw'amanywa n'ijoro no gusimburana kw'ibihe bigize umwaka, ibyo byose byigisha abantu urukundo rw'Umuremyi.

Yifatanije natwe akoresheje ibimenyetso byose bigaragara ku ijuru no ku isi. Aturebana urukundo ruhebuje ruruta urwo nyina w'abana agirira umwana we ufite umubabaro. "Nk'uko Se w'abana agirira ibambe abana yibyariye, ni ko Uwiteka agirira ibambe abamwubaha."¹

GUHORA DUHABWA BIKWIRIYE KUJYANA NO GUHORA DUTANGA

Uko duhora duhabwa imigisha y'Imana ni na ko dukwiriye guhora dutanga. Igihe Udufasha wo mu wo mu ijuru azahagarika kuduha imigisha, ni bwo natwe tuzaba dufite impamvu yo kudatanga kuko nta

¹ Review and Herald, Sept, 18, 1888. [Urwibutso n'Integuza]

cyo tuzaba dufite cyo gutanga. Ntabwo Imana yigize inanirwa na rimwe kudusigira ikimenyetso cy'uko idukunda, kandi kubikora ityo bitubereye byiza....

Ukuntu Imana itwitaho bituma duhora dushyigikiwe kandi tugakomezwa n' imbaraga zayo. Ameza turiraho iyuzuzaho ibyokurya. Ni Yo iduha gusinzira mu mahoro kandi tugasubizwamo imbaraga n'ibitotsi. Buri cyumweru iduha Isabato ngo turuhuke imirimo y'igihe gito, kandi ngo tubone akanya ko kuyiramyanya turi mu nzu yayo. Yaduhaye Ijambo ryayo ngo ritubere itabaza rimurikira ibirenge byacu n'umucyo umurikira inzira zacu. Ku mpapuro zo mu ijamba ryayo dusangamo inama tugirwa ngo tubashe kugira ubwenge; kandi uko turushaho kuyerekezaho imitima yacu dufite kwihana no kwizera, ni ko irushaho kudusenderezaho imigisha y'ubuntu bwayo. Ikiruta ibyo byose, ni impano itarondoreka yaduhereye mu Mwana wayo ikunda, akaba ari we muyoboro w'indi migisha yose Imana iduha muri ubu bugingo ndetse n'iyi mu bugingo buzaza.

Mu by'ukuri, kugira neza kw'Imana n'imbabazi zayo bitugaragaraho aho tugenda hose. Igihe tuzaba dushaka ko Data wa twese ahagarika impano ze aduha, ni bwo tuzabazanya iki kibazo kutihangana tugira tuti « Ariko tuzatanga tugeze ryari? » Ntidukwirye kugarurira Imana icyacumi dukiranuka gusa, kuko n'ubundi ari ibyayo tuba tuyigaruriye; ahubwo dukwiriyeye no kujya tuyizanyira amaturo y'ishimwe, tukayashyira mu bubiko bwayo. Nimutyo tuyizanyira Umuremyi wacu umuganura w'ibikomotse mu migisha yaduhaye, tubikore tubikuye ku mutima unezerewe—dutoranye ibyiza biruta ibindi tubikuye mu butunzi bwacu, tuyikorere ibyiza bihebuje ibindi kandi birusha ibindi byose kwera.²

INZIRA IMWE RUKUMBI YO KUGARAGAZA UMUTIMA UNYUZWE

Imana ntikeneye amaturo yacu. Ntabwo twashobora kuyikungahaza binyuze mu mpano zacu. Umunyazaburi yaravuze ati: « Ibintu byose ni ibyawe, kandi ibyo tuguhaye bivuye mu byawe. » Nyamara Imana iduha amahirwe yo kugaragaza ko twanyuzwe n'ibyo yadukoreye, tukabigaragarisha umwete wo kwitanga tukagirira abandi neza nk'uko twazigiriye. Ubwo ni bwo buryo bwonyine dushobora kugaragariza Imana ko twanyuzwe kandi ko tuyikunda. Nta bundi buryo yaduhaye butari ubu.³

ICYO INTUMWA PAWULO AVUGA KU BYEREKEYE UBUGUGU

Intumwa Pawulo yashakaga kurandura urugemwe rw'ubugugu mu mitima ya bene Data; kubera ko imico mbonera yifuzwa muri Kristo itari kugerwaho mu gihe kwikunda no kurarikira ubutunzi bigifite icyicaro mu mitima yabo. Urukundo rwa Kristo ruramutse ruri mu mitima yabo, rwabayobora mu nzira yo gufasha bene Se mu byo bakeneye. Igihe yaberekaga igitambo cya Kristo witanze ku bwacu, yashakaga kuzamura urukundo rwabo ngo rugere ku rugero rwo hejuru.

² Review and Herald, Feb.9,1886. [Urwibutso n'Integuza.]

³ Review and Herald, Dec. 6, 1887. [Urwibutso n'Integuza.]

Yandikiye Abakorinto ati: «Ibyo simbivugiye kubategeka, ahubwo mbivugiye kugerageza urukundo rwanyu, ndugerageresha umwete w'abandi, kugira ngo menye ko ari urw'ukuri, kuko muzi ubuntu bw'Umwami wacu Yesu Kristo, uko yari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwanyu kugira ngo ubukene bwe bubatungishe. »
2 Abakorinto 8:8.

Aya ni amagambo akomeye ya Pawulo. Si itegeko rya Pawulo, ahubwo ni itegeko ry'Umwami Yesu Kristo...

Mbega ukuntu impano Imana yahaye umuntu yari ikomeye! Mbega ukuntu dukwiriye gukora nk'uko Imana yacu ikora! Imana yaduhaye impano ititangiriye itama, itanga impano irenze impano zoze yigeze gutanga, ibikorera kugira ngo ikize abana b'abantu b'abagome kugira ngo bamenye umugambi wayo kandi ngo basobanukirwe n' urukundo rwayo. Mbese binyuze mu mpano zanyu n'amaturu zanyu muzerekana ko nta kintu cyiza mutekereza gukorera Uwatanze Umwana we w'ikinege ku bwanyu?⁴

Umwuka wo gutangana ubuntu ni umwuka uranga ab'ijuru. Umwuka w'ubwikanyize ni umwuka uturuka kuri Satani.⁵

4 Review and Herald, May 15, 1990. [Urwibutso n'Integuza.]

5 Review and Herald, Oct. 17, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

IMPAMVU IMANA IKORESHA ABANTU ISHAKA GUFASHA ABANDI

Imana ntiyishingikirije ku mbaraga z'abantu kugira ngo umurimo wayo utere imbere. Yari gushobora gutuma abamarayika bagahagararira ukuri kwayo. Yashoboraga kumenyeshya abantu ubushake bwayo nk'uko yatangaje amategeko yayo ku musozi wa Sinayi ikoresheje ijwi ryayo bwite. Ariko mu buryo bwo kutwubakamo umwuka w'ubugiraneza, yahisemo gukoresha abantu kugira ngo basohoze iyi nshingano.

Buri gikorwa cy'ubwitange gikorwa kugirira abandi neza cyongera imbaraga n'umwuka wo gufasha abandi mu mutima w'umuntu ubikoze, bikongera ubumwe hagati ye n'Umucunguzi w'abari mu isi, wa wundi wari umutunzi, maze agahinduka umukene ku bwacu, kugira ngo ubukene bwe budutungishe. » 2 Abakorinto 8:9. Ikindi kandi, iyo dusohoje umugambi Imana yari ifite irema umuntu, ni bwo imibereho yacu iduhindukira umugisha. Impano nziza sose Imana yahaye umuntu zizamuhindukira umuvumo, keretse aramutse azikoresheje mu bikorwa by'urukundo bihesha umugisha bagenzi be, no guteza imbere umurimo w'Imana kuri iyi si.¹

INGARUKA ZO GUSHAKA INDAMU

Kwiyongera kw'irari ryo kunguka amafaranga, kwikunda ari na byo bibyara kwifuzwa indamu nyinshi, ni byo byatumye habaho urupfu rwo mu bya Mwuka mu Itorero, kandi bivana muri ryo urukundo bakundaga Imana. Iyo ibitekerezo n'ibiganza bihora bihugiraniye mu gutegura gahunda z'ibikorwa no gukora imirimo ubutaruhuka hagamijwe kurundanya ubutunzi, ibyo Imana ishaka ko abantu bayikorera hamwe n'ibyo ishaka ko bakorera bagenzi babo biribagirana.

Niba Imana yaraduhaye umugisha wo kugira ubutunzi, ntiyabikoreye kugira ngo igihe cyacu n'intekerezo zacu tubikure kuri Yo maze ngo tubyerekeze ku bintu yadutije. Uwaduhaye aruta cyane impano yaduhaye. Twaguzwe igiciro cyinshi, ntabwo turi abacu ngo twigenge. Mbese twibagiwe yuko twaguzwe igiciro kitagereranywa kugira ngo ducungurwe? Mbese nta mutima wo gushima ukiturangwamo? Mbese umusaraba wa Kristo ntukoza isoni imibereho yo kwikunda no kwishakira ibitunezeza,

¹ Review and Herald, Dec, 7, 1886. [Urwibutso n'Integuza.]

ngo tubashe kugirira abandi impuhwe?... Ubu turiho turasarura imbuto z'Uwatwitangiye mu buryo butarondoreka; nyamara igihe bibaye ngombwa ngo umurimo ukorwe, igihe amafaranga yacu akenewe ngo afashe mu murimo w'Umucunguzi wacu hagamiywe gukiza ubugingo bw'abantu, usanga twihunza inshingano ndetse tugasengera kugira ngo impamvu zacu zemerwe. Ubunebwe butihishira, kutagira icyo twitaho n'ubwikanyize bwuzuye ubugome bikinga inzugi z'ibyumviro byacu maze iby'Imana idushakaho bikaburizwamo.

Mbega! Mbese Kristo Umutware w'ijuru akaba n'Umwami w'icyubahiro, akwiriye kwikorera umusaraba uremereye no kwambikwa ikamba ry'amahwa, ndetse akanywera ku gikombe gisharira, mu gihe twebwe twibereye mu bitunezeza no kwihimbaza maze tukibagirwa ubugingo bw'abo yapfiriye, akabucunguza amaraso ye y'igiciro cyinshi? Ntibikabeho; nimutyo dutange mu gihe cyose tugifite ubushobozi. Nimutyo dukore igihe tugifite imbaraga. Nimureke dukore hakiri ku manywa. Nimutyo dutange igihe cyacu n'ubutunzi bwacu tubyegurire gukora umurimo w'Imana, bityo tubashe kwemerwe na Yo, kandi tuzahabwe ingororano.²

INTAMBARA IKOMEYE TURWANA N'INARIJYE

Muri ubu buzima, ubukungu bwacu bugira aho bugarukira, nyamara ubutunzi Imana itanga binyuze mu mpano yahaye abari mu isi ntibugira akagero. Iyo mpano ihaza kwifuza kwa buri muntu, kandi irenze kure cyane ibyo umuntu yabasha kurondora. Kuri wa munsu ukomeye ubwo icyemezo gihuruka kizafatwa, igihe umuntu wese azacirwa urubanza hakurikijwe ibyo yakoze; icyo gihe buri jwi ryo kwitsindishiriza rizacecekesha, kubera ko bizagaragara ko mu mpano Imana yahaye inyokomuntu, Data wa twese yari atanze ibyo yari afite byose, kandi bigaragara ko abantu banze kwemera impano y'ubuntu y'Imana badafite icyo kwireguza.

Nta mwanzu wacu n'umwe tudakwiriye gutinya. Urugamba rukomeye dufite ni urwo kurwanya inarijye itejjwe. Igihe tuzaba dutsinze inarijye, tuzaba turushishijweho kuneshya n'Uwadukunze. Bene Data, hariho ubugingo buhoraho dukwiriye gusingira. Nimutyo turwane intambara nziza yo kwizera. Ariko ntidutegereze kuzayirwana ejo, ahubwo tuyirwane uyu munsi, kuko ari cyo gihe cyo kwemererwamo. Ubwo igihe kikiriho, nimutyo « tubanze gushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibindi byose tuzabyongererwa (ibindi byose bivugwa aha ngaha, ni bya bindi akenshi Satani yifashisha nk'imitego kugira ngo atuyobye kandi aturimbure).³

ICYANGWE CYANDUYE

Ntitwari dukwiriye kwibagirwa yuko turi mu isi aho tugeragerazwa kugira ngo dutunganirizwe ubugingo bwo mu gihe kizaza. Nta muntu uzinjira mu ijuru afite imico ihumanijwe n'inarijye imeze nk'icyangwe cyanduye. Nuko rero, Imana iratugerageza, ikaduha ubutunzi bw'igihe

² Review and Herald, Oct. 17, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

³ Review and Herald, March 5, 1908. [Urwibutso n'Integuza.]

gito kugira ngo uko tubukoresha bibe ari byo bigaragaza niba dukwiriye guhabwa ubutunzi buhoraho iteka ryose.

UBUTUNZI BWACU NI INTIZANYO

Ubutunzi bw'umuntu bwaba buke cyangwa se bwinshi, akwiriye kwibuka ko ari ubwo yatijwe. Ibi biterwa n'uko agomba kuzasobanura imbere y'Imana uko yakoresheje imbaraga ze, ubwenge bwe, igihe cye, impano ze, amahirwe yahawe ndetse n'ubutunzi yahawe. Uyu ni umurimo ureba umuntu ku giti cye: Imana iduha kugira ngo tumere nka Yo; tube abagwaneza, imfura, abanyabuntu igihe tugira ibyo duha abandi. Abibagirwa ibyo Imana yabatumye gukora, bakunda kugundira umutungo wabo cyangwa bakawukoresha mu guhaza ubwirasi cyangwa inarijye, bashobora kubona inyungu n'ibinezeza byo muri iyi si; ariko mu maso y'Imana, iyo bapimiwe ku munzani w'ibyo umuntu yagezeho mu bya Mwuka, bagaragara ko ari abakene, abatindi, abahanya n'impumyi kandi bambaye ubusa.

Iyo abantu bakoresheje neza ubutunzi bahawe, buhinduka umurunga wa zahabu wo kunyurwa n'urukundo hagati yabo na bagenzi babo, kandi bikubaka isano ikomeye cyane hagati yabo n'Umucunguzi wabo. Impano y'agahozo Imana yatanze mu Mwana wayo ikunda ihamagarira abantu gushima Imana byimazeyo kubera ubuntu bagiriwe. Umuntu wakiriye umucyo w'urukundo rwa Kristo ni we wumva ko afite inshingano yo kugeza uwo mucyo wahiriwe ku bandi barindagirira mu mwijima.⁴

GUKANGURIRA ABANTU KUGIRA IMICO NK'IYA KRSTO

Imana yemera ko abagabo n'abagore bagerwaho n'umubabaro n'ibyorezo kugira ngo ibahamagarire kwitandukanya n'inarijye yabo, kandi bakangukire kugira imico nk'iyayo, ari yo kubabarana n'abandi, kugira impuhwe ndetse n'urukundo.

Urukundo mvajuru rukora ku mitima cyane igihe ruduhamagarira kugaragaza impuhwe nk'izarangaga Kristo. Yari umunyamibabaro wamenyereye intimba. Mu bitubabaza byose, ababarana natwe. Akunda abagabo n'abagore kuko yabaguze amaraso ye, kandi aratubwira ati: «Ndabaha itegeko rishya ngo mukundane nk'uko nanjye nabakunze, mube ari ko namwe mukundana.» (Yohana 13:34).⁵

ICYUBAHIRO GIKOMEYE N'UMUNEZERO UHEBUJE

Imana ni yo soko y'ubugingo, umucyo n'ibyishimo by'abari mu ijuru no mu isi. Nk'uko imirasire y'umucyo ituruka ku zuba, ni na ko Imana icunshumurira imigisha yayo ku byo yaremye byose. Kubera urukundo rwayo rutarondoreka, yahaye abantu amahirwe yo guhinduka abafatanije kamere na Yo kugira ngo na bo bahinduke abakwirakwiza imigisha bahawe muri bagenzi babo. Iki ni icyubahiro gikomeye n'umunezero uhebuje

⁴ Review and Herald, May 16, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

⁵ Review and Herald, Sept. 13, 1906 [Urwibutso n'Integuza.]

Imana ishobora guha abantu. Abegerezwa Umuremyi wabo, bahinduka abafatanije na Yo binyuze mu mirimo y'urukundo. Umuntu wese wanga guhinduka « ufatanije n'Imana », umuntu wirengagiza ibyo bagenzi be bakeneye abitewe no gushaka gushimisha inarijye ye, umunyabugugu wirundanyiriza ubutunzi muri iyi si, aba yivukije imigisha myinshi Imana yashoboraga kumuha.⁶

⁶ Review and Herald, Dec. 6, 1857. [Urwibutso n'Integuza.]

AMAHAME Y'IMANA AHORA AHANGANYE N'AMAHAME YA SATANI

Ibiremwa muntu bibarirwa mu muryango ukomeye, uwo ni umuryango w'Imana. Umuremyi yari yateganyije ko bagomba kubahana kandi bagakundana; bakaba abantu bera, bagashishikazwa no gukorera bagenzi babo ibyatuma bamererwa neza. Ariko umugambi wa Satani ni ukuyobora abantu mu nzira yo kwikunda, maze bamara kwishyira mu butware bwe, bagakuza imico y'ubwikanyize, ari yo yujuje isi ubuhanya n'impagarara, bigatuma abantu bahora bahabanye.

Ukwikunda ni ko ntandaro y'ubukene, kandi kubera ko ibiremwa muntu byamaze kwiyegurira mu bubasha bw'uko kwikunda, ibihabanye no kuba indahemuka ku Mana ni byo bigaragara ahantu hose muri iyi minsi. Amahanga, imiryango n'abantu ku giti cyabo buzuwe n'icyifuzo cyo kugira nyambere inarijye yabo. Muri iki gihe, usanga umuntu afite inyota yo gutegeka bagenzi be. Muri ubwo bwikanyize bwe, iyo amaze kwitandukanya n'Imana na bagenzi be, asigara ayobowe b'ibyo ararikiye bitagira rutangira. Akora nk'aho bagenzi be bashobora kugubwa neza gusa ari uko babanje kumwihakirizwaho.

Ubwikanyize bwazanye amacakubiri mu Itorero; bwaryujujemo imigambi inyuranije no kwera kw'Imana.... Ubwikanyize butuma abantu batabasha kugira imibereho isa n'iya Kristo maze ugasanga umukristo arangwa no kwikunda. Uko kwikanyiza gutuma abantu batandukana no gukiranuka. Kristo aravuga ati: "Namwe mube mukiranutse nk'uko So wo mu ijuru akiranuka," (Matayo 5:48).... Nyamara kwikunda ko ni impumyi, ntikubona gukiranuka Imana idushakaho....

Kristo yazanywe mu isi no guhishurira abantu urukundo rw'Imana. Abayobokeye be bakwiriye gukomeza umurimo yatangiye. Nimutyo duhirimbanire gufashanya no gusubizanyamo integere. Guhirimbanira ko bagenzi bacu babona ibyiza ni yo nzira ibasha kutugeza ku munezero nyakuri. Iyo umuntu akunda Imana na bagenzi be, ntabwo aba abangamiye inyungu ze bwite. Uko arushaho kugira umwuka wo kutikunda, ni ko anarushaho kugira umunezero kuko aba ariho asohoza umugambi Imana, imufitiye. Umwuka w'Imana Iwuhumekera muri we maze ikamwuzuzanya umunezero. Ubuzima bwe ni ikibitsanyo cyera; ni impano ifite agaciro

mu maso ye; iyo yahawe n'Imana kugira ngo abeho imibereho yo gukorera abandi.¹

GUHARANIRA IBIHABANYE

Kwikunda ni yo kamere ikomeye iranga umuntu muri rusange; ni intambara yo guharanira ibihabanye iri hagati y'umutima ushaka kugirira abantu impuhwe n'umutima wo kurarikira indonke. Ibyo biterwa n'uko kwikunda kugaragaza ubushake bukomeye, mu gihe urukundo n'ubugiraneza inshuro nyinshi bigaragaza intege nkeya, kandi bisa n'ibyabaye ihame ko ikibi kiganzura icyiza. Nuko rero, igihe dukora imirimo kandi tugatanga impano zo guteza imbere umurimo w'Imana, dukwiriye kumenya ko kuyoborwa n'amarangamutima yacu ndetse n'irari rya kamere yacu bitabasha kutugeza ku musaruro ukenewe.

Kugira icyo dutanga cyangwa se dukora ariko nta mpuhwe dufitiye abo dukorera, cyangwa se kugundira impano zacu no kudakorera abandi ibyo badukeneyeho bitewe n'uko amarangamutima yacu atakangutse, ni inzira irimo ubujiji kandi irimo akaga. Iyo dutegukwa n'amarangamutima cyangwa se impuhwe zisanzwe za kimuntu, bidatinze igihe umuhati wacu wituwe kugaragarizwa n'abantu umutima wo kudashima, cyangwa se igihe impano zacu zisuzuguwe cyangwa zigapfobywa, ibyo bizaba bihagije kugira ngo umutima wacu wo kugirira neza abandi ukonje. Abakrisito bakwiriye gukora bakurikije ihame ritajegajega, bagakurikiza urugero rwo kwigomwa no kwitangira abandi ari rwo rugero bahawe n'Umukiza wabo.

UMUTIMA W'INYIGISHO ZA KRISTO

Ubwitange ni bwo bwari umutima w'inyigisho za Kristo. Ibihe byinshi iki ni cyo cyigisho gihabwa abizera mu mvugo ifite ubutware kubera ko nta bundi buryo bwakoreshwa ngo abantu bashobore gukizwa, hatabayeho kubatandukanya n'imibereho yuzuye kwikunda. Kristo akiri ku isi yerekanye imibereho nyakuri igaragaza imbaraga z'ubutumwa bwiza.... Buri muntu uzababarana na Kristo mu ntambara yo kurwanya icyaha, akihatira gufatanya na We mu murimo, akiyemeza kugira ibyo yigomwa kugira ngo afashe abandi, yamusezeraniye ingororano y'ubugingo buhoraho, iyo yabikiye abakiranutsi. Uko twimenyereza gukoreshwa na Mwuka wamurangaga mu mibereho ye, tugenda duhinduka abasangiye kamere na We. Iyo dusangiye na We imibereho yo kwitangira abandi, biduhesha kuzasangira na we ubugingo bwo mu gihe kizaza, "ubugingo buhebuje byose n'ubwiza bw'ibihe by'iteka ryose."²

IMBUTO ZIKOMOKA KU KWIKUNDA

Abantu bemerera umwuka wo kurarikira kubayobora, usanga bashyigikira kandi bakiyubakamo ibiranga imico izatuma amazina yabo yandikwa mu bitabo byo mu ijuru mu mugabane w'abasenga ibigirwamana. Abo bese bafatwa nk'abajura, abantu banga ababo, abambuzi n'abanyazi;

¹ Review and Herald, June 25, 1908. [Urwibutso n'Integuza.]

² Review and Herald, Sept. 28, 1911. [Urwibutso n'Integuza.]

ijambo ry'Imana rivuga yuko nta n'umwe muri bo uzaragwa ubwami bw'Imana. Ijambo ry'Imana riratubwira riti: "Kuko umunyabyaha yihimbariza iby'umutima we wifuza, kandi umunyazi yimura Uwituka akamusuzugura." *Zaburi 10:3*. Imyitwarire irangwa no kwifuza ihabanye rwose n'imyitwarire ya Gikristo y'ubugiraneza. Buri gihe, imbuto zo kwikunda zigaragarira mu gukerensa inshingano, no kunanirwa gukoresha impano Imana yaturagije kugira ngo ziteze imbere umurimo wayo.³

URUPFU KU BAKUNDA IMANA BOSE

Kristo yatubereye urugero rwiza. Yatanze ubugingo bwe ku bwacu, natwe aradusaba kwitangira abandi. Nitugenza dutyo, tuzaba turi mu nzira yo kurandura ubwikanyize, ubwo Satani ahirimbanira kwimika mu mitima yacu. Kwikunda ni urupfu ku bakunda Imana bose, kandi dushobora gutsinda uko kwikunda binyuze mu gukunda Imana no gukunda bagenzi bacu. Ntabwo Kristo azakundira umuntu ufite kwikunda kwinjira mu bikari byo mu ijuru. Nta muntu n'umwe urarikira ubutunzi uzabasha kwinjira mu miryango irimbishijwe; kubera yuko kurarikira ubutunzi nta ho bitaniye no gusenga ibigirwamana.

³ Review and Herald, Dec. 1, 1896. [*Urwibutso n'Integuza.*]

AHO KRISTO ATUYE HARANGWA N' UMUTIMA WO KUGIRA UBUNTU

Iyo urukundo rutagira amakemwa rw'Imana ruri mu mutima w'umuntu, rumukoresha ibitangaza. Kristo atura mu mutima w'umuntu umwizera maze ugahinduka nk'isoko y'amazi idudubiza kugeza mu bugingo buhoraho. Nyamara abantu bagaragaza umutima wo kutagira icyo bitaho, bikirengagiza imbabare, bazajyanwa mu rubanza kubera ko birengagije gutabara Yesu Kristo igihe bangaga gukorera intore ze zabaga zugarijwe n'umubabaro. Nta kintu kibasha gukura ibya Mwuka mu bugingo bw'umuntu vuba nko kuwukingiraniramo kwikunda no kwishakira ibinezeza.

Abirundurira mu kwishakira ibinezeza kamere kandi bakirengagiza kwita ku bugingo no ku mibiri y'abantu Kristo yatangiye ubugingo bwe, ntibaba bari kurya umutsima w'ubugingo, yemwe nta n'ubwo baba bari kunywa ku mazi yo mu iriba ry'agakiza. Abantu nk'abo bameze nk'igiti cyumye kitakigira amakakama, bameze nk'igiti kitera imbuto. Ni ibikuri mu by'Umwuka, bamarira ubutunzi bwabo mu kunezeza inarijye yabo; nyamara "ibyho umuntu abiba ni byo azasarura." (Abagalatiya 6:7).

Amahame abakristo bakwiriye kugenderamo azahora agaragarizwa abantu iteka. Amahame akorera mu muntu w'imbere azagaragazwa mu nzira igihumbi. Iyo Kristo atuye mu mutima w'umuntu, aba ameze nk'iriba ry'amazi ritazigera rikama.¹

IGIHE KRISTO YIMITSWE MU MUTIMA

Iyo Imana ibikije umuntu ubutunzi, iba ibumuhereye kugira ngo abukoreshe yongera ubwiza ku nyigisho za Kristo Umukiza wacu, binyuze mu gukoresha ubutunzi bwe bwa hano ku isi kugira ngo ateze imbere ubwami bw'Imana ku isi yacu. Uwo muntu akwiriye kwerekana Kristo, kandi kubera iyo mpamvu, ntabwo akwiriye kuberaho kwinezeza no kwihimbaza, ngo ahabwe icyubahiro bitewe n'uko ari umutunzi.

Igihe umutima wamaze kwezwaho icyaha, Kristo yimikwa muri wo, maze akaganza ku ntebe yari yicaweho no kwikunda no gukunda ubutunzi bwo mu isi. Icyo gihe ishusho ya Kristo igaragara mu maso y'uwo muntu.

¹ Review and Herald, Jan. 15, 1893. [Urwibutso n'Integuza.]

Umurimo wo kwezwa ukomeza gukorwa mu bugingo bw'uwo muntu. Kwitsindishiriza kuvanwaho. Bigaragara ko yambaye umuntu mushya, gukiranuka no kwera nyakuri bisa n'ibya Kristo bikaremerwa muri we.²

GUTSINDA IRARI NO KWIFUZA UBUTUNZI

Abatunzi bari bakwiriye kwegurira Imana ibyo batunze byose; kandi umuntu wejejwe n'ukuri, akezwa umubiri, ubungingo n'umwuka, na we azegurira Imana ubutunzi bwe kandi azahinduka umukozi wo kujya gufasha abandi. Binyuze muri iyo mikorere no kubera abandi urugero rwiza ni ho hazagaragarira ko ubuntu bw'Imana bufite imbaraga zo kunesha irari no gukunda ubutunzi, kandi umutunzi ugarurira Imana ibyo yamuragije, azemerwa nk'igisonga gikiranuka, kandi ashobora guhamiriza abandi, akababwira ko buri faranga ryo mu butunzi bwabo barundanije ririho ishusho y'Imana kandi yarishyizeho ikimenyetso kigaragara.³

² Review and Herald, Sept. 11, 1900. [Urwibutso n'Integuza.]

³ Review and Herald, Sept. 19, 1893. [Urwibutso n'Integuza]

KUBWIRIZA IBIBWIRIZWA BISHYIZWE MU BIKORWA

Gutanga ugambiriye gukenura abera no guteza imbere ubwami bw'Imana, ni bwo buryo bwo kubwiriza ibibwirizwa bishyizwe mu bikorwa, ari na byo bigaragaza ko abantu batanga bataherewe ubuntu bw'Imana gupfusha ubusa. Gutanga urugero rufatika rw'imico yo kutikanyiza, imico igendera ku rugero Kristo yatanze, bigira imbaraga ikomeye ituma abantu bahinduka. Abantu bataberaho gushimisha inarijye ntibazakoresha buri faranga ryose kugira ngo barirangirize ku byo bibwira ko bakeneye, no ku byo batekereza ko bibanogeye; ahubwo bazazirikana ko ari abayoboke ba Kristo kandi ko hari n'abandi bantu bakeneye ibyokurya n'imyambaro.

Abantu baberaho gushimisha ipfa ryabo no kugera ku byo kamere yabo yifuza, bazivutsa urukundo Imana ibakunda kandi ikigeretse kuri ibyo, bazabura ingororano y'ijuru. Bahamiriza isi ko badafite kwizera nyakuri, kandi igihe bagerageje kubwira abandi ukuri ko muri iki gihe, abari mu isi bumva amagambo yabo ameze nk'ijwi rirangira cyangwa ijwi ry'icyuma kirenga. Nimutyo buri muntu agaragarize kwizera kwe mu mirimo akora. "Kwizera kutagira imirimo kuba gupfuye," (Yakobo 2:17); iyo kuri konyine. "Nimwereke abo bantu ndetse n'amatorero igihamya cy'urukundo rwanyu, kandi mubereke impamvu tubirata."¹

IKIBWIRIZWA KIRUHIJE KURENZA IBINDI

Kwigomwa ni ikibwirizwa kirushya kubwiriza kurenza ibindi byose kandi kikaba kiruhije kugishyira mu bikorwa kurusha ibindi byose. Umunyabyaha urangwa n'umururumba n'inarijye, akinga urujyi rw'umutima we kugira ngo adakora icyiza yagombaga gukora, ariko n'ubundi yanga gukora icyo kintu bitewe n'uko amafaranga ye aba yayakoresheje mu gushimisha inarijye. Nyamara ntabwo bishoboka ko umuntu yakomeza gushimisha Imana no gusabana n'Umukiza; maze ngo ahindukire abe ntibindeba ku biftiye akamaro bagenzi be, bariho ariko badafite ubugingo bubonerwa muri Kristo, bakaba bari kurimbukira mu byaha byabo. Kristo yadusigiye icyitegererezo gitangaje cyo kwigomwa....

¹ Review and Herald, Aug. 21, 1894. [Urwibutso n'Integuza.]

Uko tugenda dukurikira Kristo mu nzira yo kwigomwa, tukerereza umusaraba maze tukawikorera, tukamukurikira kwa Se, ni bwo tuzabasha kugaragariza abantu ubwiza bw'imibereho ya Kristo binyuze mu mibereho yacu. Ku rutambiro aho inarijye itambirwa—ni ho hantu Imana yagennye ngo ijye ihahurira n'ubugingo; aho ni ho duherwa n'ikiganza cy'Imana urumuri mvajuru rumurika rukagenzura mu mutima, rugahishura ko Kristo akenewe kugira ngo ature muri wo.²

GUTANGA BITERA UMUTIMA KWAGUKA KANDI BIKUNGA UMUNTU NA KRISTO

Amaturo yatanzwe n'umukene, akayatangana umutima wo kwigomwa, agamije gutera inkunga umurimo wo gukwirakwiza umucyo w'ukuri gukiza, ntabwo azaba umubavu uhumurira Imana neza n'impano yejeje yemerwa na Yo gusa, ahubwo icyo gikorwa ubwacyo cyo kurambura ikiganza agatanga, gituma umutima w'utanga waguka kandi akarushaho komatana n'Umucunguzi w'abari mu isi. Uwo yari umutunzi, nyamara ahinduka umukene ku bwacu kugira ngo mu bukene bwe adutungishe. Amafaranga make atanganywe umutima unezerewe, agatangwa n'abafite amikoro make, Imana irayishimira rwose, ndetse ikayabona nk'ikintu cy'agaciro kurenza ayatanzwe n'abatunzi, bashobora gutanga ibihumbi byinshi nyamara bakabitanga badafite umutima wo kwigomwa kandi bumva nta n'ikintu bahombye.³

GUTANGANA UBUSHAKE KANDI UNEZEREREWE

Umwuka wo gutanga wa Gikristo uzarushaho kugwiza imbaraga nuramuka ubimenyerejwe kandi ntibizaba ngombwa ko abantu babanza guhwiturwa mu buryo butari bwiza. Abantu bose bafite uwo mwuka, dore ko ari wo mwuka wa Kristo, bazajya batambukana ubushake kandi banezerewe maze bashyire impano zabo mu bubiko bw'Uwiteka. Iyo bahaswe n'urukundo bakunda Kristo n'imitima y'abantu yapfiriye, biyumvamo umwete ukomeye wo gusohoza uruhare rwabo bakiranuka.⁴

2 Review and Herald, Jan. 31, 1907. [Urwibutso n'Integuza.]

3 Review and Herald, Oct. 31, 1878. [Urwibutso n'Integuza.]

4 Review and Herald, May 16, 1893. [Urwibutso n'Integuza.]



UMUGABANE WA 2

**UMURIMO W'IMANA
N'INKUNGA YO
KUWUSHYIGIKIRA**



IGICE CYA 7

UMURIMO W'IMANA N'INKUNGA YO KUWUSHYIGIKIRA

Imyaka yo kwemererwamo iriho irashira itwegereza ibihe by'iteka ryose. Umunsi ukomeye w'Uwiteka uratwegereye. Kubera izo mpamvu, imbaraga dufite zose dukwiriye kuzikoresha kugira ngo dukangure abantu bapfiriye mu bicumuro n'ibyaha....

Ni igihe cyo kumvira icyo Ijambo ry'Imana ritwigisha. Amategeko yose Imana yayashyiriyeho kugira ngo tumererwe neza. Irahamagara abantu bose bahagaze muni y'ibinderera ryuzuyeho ibitonyanga by'amaraso y'Igikomangoma Imanweli kugaragariza abandi ko basobanukiwe n'uko Imana ari yo ibabeshejeho kandi ko bafite ibyo bayigomba, ibyo bakabikora bagarura umugabane w'ibyo yabaragije. Ayo mafaranga agomba gukoreshwa mu guteza imbere umurimo ugomba gukorwa kugira ngo turangize inshingano Kristo yahaye abigishwa be....

Ubwoko bw'Imana burahamagarirwa gukora umurimo usaba amafaranga n'ubwitange. Inshingano twahawe zidusaba gukorera Imana dukoresheje ubushobozi bwacu bwose. Imana ishaka ko tuyikorera tutizigamye; ishaka ko tuyegurira umutima wacu wose, ubugingo bwacu, ubwenge n'imbaraga zacu zose.

Mu isanzure ryose, hariho ahantu habiri gusa dushobora kubika ubutunzi bwacu: mu nzu y'ububiko bw'Imana cyangwa mu nzu y'ububiko bwa Satani; kandi ibintu byose biteguriwe gukora umurimo w'Imana, bibarirwa mu ruhande rwa Satani, maze bikajya gukomeza umurimo we. Imana yateganije ko ubutunzi yadutije buzajya bukoreshwa mu kubaka ubwami bwayo. Ubutunzi bwayo yaburagije ibisonga byayo kugira ngo babukoreshe neza, babubyaze inyungu, maze izo nyungu bayizigarurire kugira ngo zikoreshwe mu murimo wo gukiza imitima y'abantu. Abo bantu nibamara gukizwa, na bo bazahinduka ibisonga byizerwa, maze bafatanye na Kristo mu guteza imbere inyungu z'umurimo w'Imana .

GUHABWA NO GUTANGA BIRAGENDANA

Igihe cyose mu Itorero hari ubuzima, abizera bariyongera kandi rigatera imbere. Hakomeza kubaho uburyo bwo guhererekanya: bagira ibyo binjiza kandi bakagira ibyo batanga; barahabwa kandi bakagarurira

Imana ibyayo. Umwizera nyakuri wese Imana imuha umucyo kandi ikamuha n'imagisha, noneho uwo mwizera na we akabigeza ku bandi binyuze mu murimo akorera Umwami Imana. Iyo atanga ku byo ahawe, ubushobozi bwe bwo kwakira buriyongera. Muri we haboneka umwanya wo kwakiriramo bundi bushya ubuntu n'ukuri. Ahabwa umucyo utamanzuye kandi akunguka ubwenge. Uku gutanga no guhabwa ni byo bituma Itorero rigira ubuzima kandi rigakura. Umuntu uhabwa ariko ntatange, bidatinze arekeraho guhabwa. Niba ukuri kutamuvaho ngo kugere ku bandi, aba atakaza ubushobozi bwo kwakira. Dukwiriye guha abandi ku butunzi buturutse mu ijuru niba dushaka guhabwa imigisha mishya.

Ntabwo Imana idusezeranira ko izaza ku isi ngo ihambike izahabu n'ifeza byo guteza imbere umurimo wayo. Iha abantu ubutunzi kugira ngo impano n'amaturu batanga bibashe gukomeza guteza imbere umurimo wayo. Umugambi uhatse iyindi yose utuma impano z'Imana zigomba gukoreshwa, ni ugushyigikira abakozi bayo bari mu murima basarura. Kandi abantu baramutse bahindutse imiyoboro ijuru rinyuzamo imigisha kugira ngo igere ku bandi, Imana yakomeza kujya inyuzza imigisha muri iyo miyoboro. Kugarurira Imana ibyayo si byo bituma abantu baba abakene, ibiri amambu, kubigundira ni byo bikenisha umuntu....

IGIHE CYO KUZIGAMA N'IGIHE CYO KWIGOMWA

Imana ihamagarira ubwoko bwayo gukanguka bagakora inshingano zabo. Umucyo mwinshi umurikira abantu uturutse mu Ijambo ryayo kandi birakwiye ko abantu basohozza inshingano zirengagijwe. Igihe izo nshingano zizaba zimaze gusohozwa abantu bakagarurira Imana ibyayo mu buryo bwo gutanga icyacumi n'amaturu, inzira izafunguka maze abari mu isi bumve ubutumwa Umwami Imana yagennye ko bagomba kumva. Iyaba abantu bacu bari bafite urukundo rw'Imana mu mitima yabo, iyaba buri mwizera w'itorero wese yari yujujwe umwuka wo kwitanga, ntabwo habura amafaranga yo gukoresha umurimo muri iki gihugu no mu mahanga; umutungo wacu warushaho kwiyongera kandi inzugi zitabarika zadukingukira maze tukararikirwa kwinjira. Iyaba umugambi w'Imana warashyizwe mu bikorwa maze ubutumwa bw'imbabazi bukabwirizwa mu isi yose, Kristo aba yaragarutse kandi abera baba barakiriwe mu murwa w'Imana.

Niba harigeze kubaho igihe abantu bakwiriye kugira ibyo bigomwa, ni iki turimo. Bene Data na bashiki banjye, nimwimenyereze kuzigama mu ngo zanyu. Nimwitandukanye n'ibigirwamana mwasimbuje Umuremyi wanyu. Nimuzibukire gushimisha inarijye zanyu. Ndabingize, nimureke gukoresha umutungo murimbisha amazu zanyu; kuko amafaranga mufite ari ay'Imana, kandi muzayimurikira uko mwayakoresheje. Ntimugakoreshe amafaranga y'Uwiteka kugira ngo muhaze irari ry'abana banyu. Nimubigishe ko Imana ibasaba kuyiha ku byo batunze kandi munababwire yuko iryo hame ritazigera rihinduka.

Amafaranga ni ubutunzi bukenewe. Ntimukayamarire ku batayakeneye. Hariho ukeneye impano zanyu mutanganye umutima ukunze. Mu isi hari abantu bashonje, ndetse barembejwe no kubura ibyo kurya. Ushobora kuvuga uti: "Sinashobora kubagaburira bose." Ariko ushyize mu bikorwa inyigisho za Yesu zerekeye uburyo bwo kuzigama, ushobora kugaburira umuntu umwe. Yaravuze ati: "Nimuteranye ubuvungukira busigaye, hatagira ikintu gipfa ubusa." Yohana 6:12. Ayo magambo yavuzwe na wa wundi ufite ububasha bwari bumaze gukora ibitangaza, agahaza imbaga nini y'abantu.

Niba ufite ingeso yo kwaya umutungo, yirukane mu buzima bwawe, uyicikeho uyu mwanya. Nutayicikaho, uzahora uri bihemu by'iteka. Akamenyero ko kuzigama, gukorana umwete duhanga ibintu bishya no kwirinda mu mirire n'iminywere, ni wo murage w'ingenzi mugomba kuraga abana banyu kuruta kubaba inkwano (cyangwa ibishyingiranwa) by'igicro kinini.

Turi abashyitsi n'abimukira muri iyi si. Nimutyo tureke gukoresha ubutunzi bwacu ku bintu byo kwishimisha, ibyo Imana yakwishimira ko tureka. Nimutyo tugaragaze kwizera kwacu binyuze mu kugira ibyo twibuza mu byo twakundaga. Nimureke abagize Itorero ryacu bahaguruke nk'umuntu umwe, bakorane umwete n'umurava nk'abagenda mu mucyo mwinshi w'ukuri ko muri iyi minsi iheruka...

Byamarira iki umuntu kugira ubutunzi butabarika, niba abuhunitse mu mazu y'akataraboneka, cyangwa abubitse muri banki gusa? Mbese ubishyize ku munzani, byagira buremere ki ubigeranije n'agakiza k'ubugingo bw'abantu Kristo, Umwana w'Imana ihoraho yapfiriye?¹

AMAHIRWE N'INSHINGANO

Twahawe ukuri gukomeye kurenze ukundi kwigeze guhabwa abantu bapfa, kugira ngo tukumenyeshe abari mu isi. Kubwiriza abantu uko kuri ni wo murimo twahawe. Abatuye mu isi bagomba kuburirwa, kandi ubwoko bw'Imana bukwiriye kuba indahemuka kuri iyo nshingano bahawe. Ntibakwiriye gukora uwo murimo bahuzagurika; nta n'ubwo bukwiriye gufatanya n'abatizera imirimo ibazanira inyungu, kuko bishobora kubabera inzitizi bigatuma badakora umurimo bahamagariwe.

Kristo abwira ubwoko bwe ati: « Muri umucyo w'isi. » Ntabwo ari ikintu cyoroshye kuba twarahishuriwe mu buryo busobanutse inama z'Imana n'imigambi yayo. Ni amahirwe atangaje twagize yo kuba dushobora gusobanukirwa n'ubushake bw'Imana nk'uko bwahishuriwe mu ijambo ry'ukuri ry'ubuhanuzi. Ibi bituma tuba dufite inshingano iremereye cyane. Imana itegereje yuko tumenyesha abandi ubwenge yaduhaye. Umugambi wayo ni uko ibiremwa mvajuru bifatanye n'ibiremwa umuntu maze bakabwiriza abatuye isi ubutumwa bw'imbuze.²

¹ Review and Herald, Dec. 21, 1903 *Urwibutso n'Integuza.*

² Review and Herald, July 28, 1904. [*Urwibutso n'Integuza.*]

GUSHYIGIKIRA UMURIMO MU MAHANGA

Impuhwe z'ubwoko bw'Imana zikwiriye gukangurwa muri buri Torero mu gihugu cyacu cyose; kandi hakwiriye kubaho ibikorwa bitarimo kwikunda kugira ngo ibikenewe mu murimo w'ivugabutumwa hirya no hino biboneke. Abantu bakwiriye guhamya ko bafite ubushake bwo gukora umurimo w'Imana, ibyo bakabikora binyuze mu gutanga ku butunzi bwabo. Iyaba ubwo bushake bwari bugaragajwe, abakristo bafatana urunana kivandimwe kandi bakagwiza imbaraga mu bagize umuryango wa Kristo

Uyu murimo wo kuzana imigabane ya icyacumi ishyitse dukiranutse kugira ngo inzu y'Imana ibemo ibyokurya, watuma abakozi b'Imana bari mu gihugu n'abakora umurimo mu mahanga babona ibyo bakeneye. Nubwo ibitabo n'izindi nyandiko byigisha ukuri ko muri iki gihe bisohoka bigakwirakwiza ubutunzi bwo kumenya mu mpandi zose z'isi, haracyariho ahantu henshi ku isi hakeneye gutangizwa umurimo. Umubwiriza nyakuri agomba kwamamaza amagambo y'ubugingo n'agakiza. Hari ahantu henshi hakinguriwe abavugabutumwa, habararikira kuhinjira ngo bahakore umurimo. Ibisarurwa bireze, kandi ijwi ryo gutakana umwete ry'Umunyamakedoniya ushaka abakozi rirumvikanira mu mpande zose z'isi.³

UMURIMO NTUGOMBA GUHAGARARA*

Niba mu by'ukuri dufite ukuri kugenewe abo muri iyi minsi iheruka, gukwiriye kujyanwa mu mahanga yose, mu moko yose, mu ndimi zose no mu miryango yose. Abazima n'abapfuye bagomba gucirwa urubanza hakurikijwe ibyo bakoze bakiri mu mubiri; kandi amategeko y'Imana ni rwo rugero basuzumirwaho. Kubera iyo mpamvu rero, bagomba kuburirwa muri iki gihe. Amategeko y'Imana agomba kwerezewa kandi agashyirwa imbere yabo, akababera nk'indorerwamo. Kugira ngo uwo murimo uzarangire, ni ngombwa ko haboneka amafaranga. Nzi yuko turi mu bihe biruhije, amafaranga ni make, ariko ukuri gukwiriye kugezwa ahantu hose; kandi amafaranga yo gukora uwo murimo agomba gushyirwa mu bubiko bw'Imana...

MBESE TUZAREKA UMURIMO?

Ubutumwa bwacu bwagenewe isi yose; nyamara abantu benshi nta cyo bakora; abandi bake babikorana umutima udafite kwizera gukomeye, ku buryo ibyo bakoze biba bike cyane. None se tuzareka umurimo twatangiye mu bindi bihugu? Mbese tuzirengagiza umugabane runaka w'umurimo wakorwaga mu bihugu byacu? Mbese mu maso hacu hazakomeza guhongeshwa n'umwenda dufite w'amafaranga ibihumbi runaka? None se tuzacika intege ndetse duhinduke ibigwari mu gihe gikomeye cy'ibimenyetso biheruka amateka y'isi? Umutima wanjye uravuga uti: "Oya! Oya rwose! Sinshobora kwitegereza ikibazo nk'iki ngo mu mutima wanjye habure kugurumanamo ishyaka ryo gukomeza gukora umurimo

³ Review and Herald, Feb. 19, 1889. [Urwibutso n'Integuza.]

w'Imana. Ntidukwirye kwihakana ukwizera kwacu, nta n'ubwo dukwiriye kwihakana Kristo. icyakora tuzakora uyu murimo nitwemera kujya mbere dukurikije uko kugira neza kw'Imana kugenda kuducira inzira tunyuramo.

Umurimo ntugomba guhagarara bitewe no kubura amikoro. Dukwiriye gushora amafaranga menshi muri wo. Bene Data bo muri Amerika, mu Izina rya Databuja nkorera, ndabinginze nimukanguke! Mwebwe muri guhambira italanto z'ubutunzi bwanyu mu bitambaro maze mukazitaba, mwebwe muriho mwubaka amazu ari na ko mwirundanyaho amasambu, Imana irabiyambaza ivuga iti: "Nimugurisha ibyo mutunze, maze mutange inkunga." Hagiye kubaho igihe kiruhije, ubwo abakomeza amategeko y'Imana batazemererwa kugura cyangwa kugurisha. Nimwihutire gutaburura italanto zanyu mwahishe. Niba Imana yarakubikije amafaranga, garagaza ko uri igisonga gikiranuka ku nshingano wahawe; hambura cya gitambaro maze woherereze italanto zawe ku bashinzwe kuzigenza, kugira ngo igihe Kristo azaba agarutse, azabashe kwakira ibye biri kumwe n'inyungu zabivuyemo.

GUTANGA UNEZEREWEMU MU MURIMO UHERUKA

Mu gihe giheruka, mbere y'uko uyu murimo urangira, abantu bazatanga ibihumbi byinshi by'amafaranga banezerewe, maze babizane ku ruhimbi. Abagabo n'abagore bazumva ko ari amahirwe akomeye bagize yo kugira uruhare mu murimo wo gutegurira imitima y'abantu guhagarara bashikanye ku munsu ukomeye w'Uwiteka, kandi bazatanga amafaranga ibihumbi amagana n'amagana bishimye nk'uko bimeze muri iki gihe.

Iyaba urukundo rwa Kristo rwagurumaniraga mu mitima y'abiyita ubwoko bwe, twajya tubona umwuka nk'uwo wigaragaza muri iki gihe. Iyaba basobanukirwaga n'ukuntu ihereze ry'umurimo wo gukiza imitima riri bugufi, batanga ubutunzi bwabo badahatwa nk'uko byagendekeye abari bagize Itorero rya mbere. Bashishikarira guteza imbere umurimo w'Imana nk'uko abantu b'isi bashishikarira kugwiza ubutunzi. Bakoresha uburyo bwose bushoboka, n'ubuhanga, n'umwete kandi bagakora umurimo utarimo ubwikanyize kugira ngo babone amafaranga, batagamije kuyahisha mu bubiko bwabo, ahubwo bagamije kuyashyira mu bubiko bw'Uwiteka.

Mbese byagenda bite abantu bakeneshejwe no gutanga imitungo yabo ngo ikoreshwe mu murimo w'Imana? Kristo yahindutse umukene kubwanyu; iyo mutanze muba mwibikira ubutunzi buzahoraho, muba mwibikira ubutunzi butabwira mu ijuru. Ubutunzi bwanyu buba bubitswe mu ijuru mu buryo bwizewe kuruta uko bwaba bubitswe muri banki, cyangwa se mwarabuguze amazu cyangwa amasambu mwiganyiriza. Buba bubitswe mu ijuru mu mifuka idasaza. Nta mujura ushobora kubwegera, kandi nta nkongi y'umurimo ishobora kubutwika....

Nituramuka twumviye itegeko ry'Umukiza, urugero tuzaha abandi ruzabwiriza kuruta amagambo. Imbaraga z'ukuri zirushaho kugaragara iyo abavuga ko bakwizera bagaragaje ibihamba byo kwizera kwabo babinyujije

mu mirimo bakora. Abantu bizera uku kuri gukomeye bakwiriye kugira umwuka wo kwitanga kuko ari byo bikoza isoni kurarikira iby'isi kw'abasenga ikigirwamana cy'amafaranga.⁴

⁴ Historical Sketches of the Foreign Missions of the Seventh-day Adventists, pp. 291-293. *Amateka yaranze umurimo w'Ibwirizabutumwa mu mahanga wakoze n'Abadiventisiti b'Umunsi wa Karindwi*

GUKUNDA ITORERO UBIKUYE KU MUTIMA

Umwizera wese akwiriye gukunda Itorero abikuye ku mutima. Akwiriye guharanira ko rigubwa neza, kandi akwiriye kwiyumvamo ko ari inshingano ye yera kwifatanya n'Itorero kubera yuko byamugirira umumaro aramutse abiyihitiyemo, kuko n'ubundi rishobora kugera kuri byinshi bisumbyeho kandi ritamufite. Umuntu wese afite ubushobozi bwo kugira icyo akora mu murimo w'Imana. Hari abantu bakoresha amafaranga menshi mu bintu byo kwinezeza bitari bikenewe; bashimisha ipfa ryabo, ariko bakumva ko kugira icyo batanga cyo gushyigikira Itorero bibabereye umutwaro ukomeye. Usanga bashimishwa no kubona inyungu zivuye mu migisha iboneka muri ryo ariko bagahitamo gutererana abandi ngo babe ari bo bishyura ibyo rikeneye. Abantu bumva bashishikajwe n'iterambere ry'umurimo w'Imana, ntibazazuyaza gutanga amafaranga azaba akenewe gukora umurimo igihe icyo ari cyo cyose n'ahantu aho ari ho hose.¹

Abantu bishimira umucyo w'ukuri bari bakwiriye kwiyumvamo icyifuzo kigurumanira mu mitima yabo cyo kuwugeza ku bandi aho bari hose. Hariho abantu bake b'abizerwa bakurikije urugero rwashyizweho, batigeze bakangwa cyangwa ngo bahindishwe umushyitsi n'inshingano. Imitima yabo n'impago z'impaya zabo bihora bifunguye kugira ngo batange ubutunzi bwo guteza imbere umurimo w'Imana igihe cyose babirarikiwe. Mu by'ukuri, abantu bamwe biteguye kurenza urugero rw'ibyo batangaga cyangwa bagakora ibirenze ibyo bajyaga bakora, mbese babikora nk'aho baba bafite ubwoba bwo kuzimiza amahirwe yo kubitsa umugabane wabo muri banki yo mu ijuru.

Hariho n'abandi bazakora bike bishoboka. Bahunika ubutunzi bwabo cyangwa bakabwirundanyirizaho, n'utwo batanze ngo dushyigikira umurimo w'Imana, bakadutanga bagononwa. N'iyi bahigiye Imana umuhigo cyangwa bakagira indahiro bakorera imbere yayo, bageraho bakabyicuza, kandi bakora uko bashoboye kose kugira ngo badahigura ibyo basezeranye, cyangwa ibyo byombi bakabyirinda. Batanga umugabane muto wa icyacumi, mbese bisa n'aho baba batinya ko kugira ibyo bagarurira Imana byabazanira igihombo. Ibigo byacu bitari bimwe bishobora guhura

¹ Testimonies for the Church, Vol.4, Vol. 4, p.18. [Ibihamya by'Itorero].

n'ikibazo cyo kubura amikoro; nyamara kuri bene abo bantu, kumererwa neza kw'ibyo bigo no gusenyuha kwabyo, nta cyo bibabwiye. Nyamara kandi abo bantu ni bo bikoresheho Imana yajyaga kwifashisha kugira ngo imurikire abari mu isi.²

INDAHIRO YO KU MUBATIZO

Umuntu wese winjiye mu Itorero, agira indahiro ikomeye arahira yuko azakorera Itorero umurimo kandi uwo murimo akawurutisha ibindi byose abo mu isi baha agaciro. Ni inshingano ye gukomeza kurinda ubumwe afitanye n'Imana, akitanga n'umutima we wose n'ubugingo bwe bwose maze akiyegurira kugira uruhare mu murimo [w'Imana] wo gucungura, kandi akerekana binyuze mu mibereho ye ndetse n'imico ye agaciro gahebuje k'amategeko y'Imana uyagereraniye n'imigenzo n'amategeko by'ab'isi. Buri muntu wese wahamije ko yemeye Kristo, yari ararahiriye kuba umukozi w'Imana uko ashoboye kose, kandi yari ahiriye kugira ishyamba no kuba ingirakamaro murimo wa Shebuja. Kristo yiteze ko umuntu wese asohozwa inshingano ye; nimureke iri tegeko ribe intero n'inyikirizo mu nzego z'abayoboke be zose....

Abantu bose bakwiriye kugaragariza Imana ko ari indahemuka, bakabyerekanisha gukoresha neza umutungo bahawe igishoro, nyamara ntibigarukire ku butunzi gusa, ahubwo bikareba na buri mpano yose ishobora kubaka ubwami bw'Imana. Satani azakoresha uburyo bwose bushoboka kugira ngo ukuri kutagera ku bantu barohamye mu cyaha; ariko ijwi ry'umuburo no kwinginga rikwiriye kubageraho. Kandi nubwo abantu bake gusa ari bo bitangiye uyu murimo, hakenewe abantu benshi bagaragaza ubushake nk'ubwabo.³

UMURIMO UDUTEGEREJE

Hari abantu bakwiriye kuburirwa. Ni twebwe twahawe uwo murimo. Uko byagenda kose, dukwiriye gushyira mu bikorwa ukuri [kw'Ijambo ry'Imana]. Dukwiriye guhagarara nk'abantu bitanze tugakora umurimo w'Imana, twiteguye no guhara amagara yacu biramutse bibaye ngombwa. Hari umurimo mugari ukwiriye gukorwa mu gihe gito. Dukeneye gusobanukirwa umurimo dufite kandi tukawukora dukiranuka. Ku iherezo umuntu uzambikwa kunesha, azahabwa uburenganzira bwo kwambikwa gukiranuka kwa Kristo bitewe n'uko yiyemeje gukorera Imana afite umwete kandi abikunze. Kwinjira ku rugamba rwo kurwanya Satani, ugatwara ibendera ririho ibitonyanga by'amaraso yo ku musaraba wa Kristo, ni inshingano ya buri mukristo wese.

Uyu murimo usaba ubwitange. Kwigomwa n'umusaraba biboneka hose mu rugendo rwo muri ubu buzima. Yesu yaravuze ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire..." Luka 9:23. Abantu babona ubutunzi bwo muri iyi si basabwa gukora

² Testimonies for the Church, Vol.4, pp. 477,478. [Ibihamya by'Itorero].

³ Testimonies, vol.5, pp.460-462. [Ibihamya by'Itorero].

bashyizeho umwete kandi bakitanga. Mbese abashaka guhabwa ingororano izahoraho bakwiriye gutekereza ko bazayigeraho hatabaye ubwitange no kwigomwa?⁴

WIRINDIRA KO BAKUBWIRIZA GUKORA

Abantu bacu ntibakwiriye gutegereza ko bababwiriza gukora inshuro nyinshi; ibiri amambu, bakwiriye gukomeza umurimo, bagaharanira gushobora ibigaragara nk'ibidashoboka. Buri muntu akwiriye kwibaza iki kibazo ati: Mbese Imana ntiyampereye umutungo kugira ngo nteze imbere umurimo wayo?...

Dukwiriye kubera Uwiteka indahemuka. Imigisha yose itunezeza ni we iturukaho; niba kandi yaraturagije impano z'ubutunzi kugira ngo dushyigikire umurimo we, mbese tuzazigundira ubutarekura? None se tuzavuga tuti: Oya, Mwami; abana banjye ntibanezerwa; kubw'ibyo rero ntinyutse kutakumvira no guhamba italanto yanjye mu butaka?

Ntihakwiriye kubaho kuzarira. Umurimo w'Imana urasaba inkunga yawe. Nk'igisonga cy'Imana, turagusaba ngo ukoreshe ubutunzi bwawe, kandi utange ibikenewe kugira ngo abantu benshi babone amahirwe yo kumenya ukuri.

Ikigeragezo gishobora kukugeraho, maze ukumva umutima wawe uguhatira gutanga amafaranga ufite, ukayagura isambu. Bishoboka ko bagenzi bawe babikugiramo inama. Mbese nta bundi buryo bwarushaho kuba bwiza ushobora gushoramwo umutungo wawe mu buryo bwo kwiteganyiriza? Mbese ntiwaguzwe igiciro? Mbese amafaranga ufite ntiwayaragijwe kugira ngo uyagenze maze uzanire [Imana] inyungu? Mbese ntushobora kubona yuko ishaka ko ukoresha ubutunzi bwawe maze ugashyigikira umurimo wo kubaka ibyumba by'amateraniri, gufasha mu murimo wo gushinga amavuriro azajya yakira abarwayi, bagakizwa indwara z'imibiri n'indwara zo mu buryo bw'umwuka, ndetse ugafasha mu bikorwa byo gutangiza amashuri aho urubyiruko ruzajya rwigishirizwa gukora umurimo w'Imana, kugira ngo haboneke abakozi batumwa gukora mu bindi bice byose by'isi?

Imana ubwayo yishyiriyeho gahunda zo guteza umurimo wayo imbere, kandi yanahaye abantu bayo umutungo usaze, kugira ngo nibahamagarira kugira icyo batangaho ubufasha, babashe kwitabira iryo hamagara banezerewe. Nibaramuka babaye indahemuka maze bakazana ku butunzi Imana yabaragije bakabushyira mu bubiko bwayo, umurimo wayo uzihuta. Imitima ya benshi izemera ukuri, kandi umunsi wo kuza kwa Kristo uzihutishwa.⁵

4 Testimonies, vol.5, pp.460-462. [Ibihamya by'Itorero].

5 Review and Herald, July 14, 1904. [Urwibutso n'Integuza].

IJWI RYO

KWIYEGURIRA IMANA

Mbese iyi ni yo mvugo y'umutima wawe? “Ndi uwawe n'impagarike yanjye yose, Mukiza wanjye; witanzeho incungu kugira ngo ukize ubugingo bwanjye, kandi icyo ndi cyo cyose cyangwa icyo nizigiye kuzaba cyo cyose ni wowe ngikesha. Mfasha ngo mbone ubutunzi, atari ukugira ngo mbukoreshe mu bugoryi, cyangwa gushimisha ubwibone, ahubwo ari ukugira ngo mbukoreshe mpesha izina ryawe icyubahiro.”

Mu byo ukora byose, reka ibitekerezo byawe bibe ibi: “ Mbese iyi ni yo nzira y'Umwami Imana? Mbese izashimisha Umukiza wanjye? Yatanze ubugingo bwe ku bwanjye; none se ni iki nakwitura Imana? Icyo navuga ni kimwe gusa, 'Ndi uwawe, Mwami, ubu nditanze'” Ntabwo uzabasha kuragwa ubwami bw'umucyo, keretse gusa izina ry'Imana niriba ryanditswe mu ruhanga rwawe, rikaba rihanditswe bitewe n'uko Imana ari yo pfundo ry'ibitekerezo byawe. Umuremyi wawe ni we wagucunshumuriyeho ijuru ryose binyuze mu mpano itangaje, ari yo Mwana wayo w'ikinege....

Imana iramburira ikiganza kuri icyacumi, impano ndetse n'amaturu, maze ikavuga iti: Ibi ni ibyanjye. Igihe nakuragizaga ubutunzi bwanjye, nasobanuye neza ko umugabane umwe ukwiriye kuba uwawe, kugira ngo uwikenuze, kandi ko undi mugabane ukwiriye kungarukira.”

Igihe wasaruraga imyaka yawe, ugahunika mu mitiba no mu bigega kugira ngo uzabashe kugubwa neza, mbese waba waragaruriye Imana icyacumi ukiranutse? Mbese waba warazaniye Imana impano zawe n'amaturu kugira ngo umurimo wayo utagwabira? Mbese waba warafashije imfubyi n'abapfakazi? Uyu ni umugabane w'ibwirizabutumwa ryo mu ngo utagomba kwirengagizwa.

Mbese ahakuzengurutse, nta bakene n'imbabare zihari zikeneye icyo kwifubika, ibyo kurya byiza, kandi ikirenze ibyo byose bakaba bakeneye guhabwa agaciro, kugaragarizwa impuhwe ndetse n'urukundo? Mbese ni iki wamariye abapfakazi, abahangayitse bajya bakwiyambaza ngo ugire icyo ubafashisha kugira ngo babashe kujyana abana cyangwa abuzukuru babo mu mashuri? Mbese ibibazo nk'ibyo wabyifashemo ute? Mbese wagerageje gufasha imfubyi? Igihe ababyeyi cyangwa se ba sogokuru bawe bazaga

bashenguwe n'ibibazo baje kukwiyambaza, bakagutakambira, mbese ntiwabagararije ko nta mpuhwe ubafitiye bagasubiraye imbokoboko? Niba ari ko byagenze, utekereza ko Imana izakugirira impuhwe igihe uzaba ugeze mu za bukuru? Yesu Kristo yaravuze ati: "... Kuko urugero mugeramo ari rwo muzagererwamo namwe." Luka 6: 38. Mbese byadutangaza Imana iramutse igumanye imigisha yayo, igihe cyose impano zayo zikoreshwa mu bwikanyize ndetse zigakoreshwa ku mpamvu zinyuranye n'izo zatangiwe?

Imana ihora ibaha imigisha yayo yo muri ubu buzima; kandi n'iyi ibasabye gukoresha impano zayo binyuze mu gutera inkunga umurimo wayo mu bikorwa bitandukanye, iba igira ngo bibazanire imigisha isanzwe ndetse n'imigisha yo mu buryo bwa Mwuka, bityo mubashe gushimira Imana ko ari yo ibaha imigisha yose. Imana, nk'Umukoresha, ifatanya n'abantu maze ikabateganyiriza ibyo bakeneye byose kugira ngo babashe kubaho, maze ikabasaba gufatanya na Yo mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu. Yashyize ubutunzi mu biganza by'abagaragu bayo kugira ngo babukoreshe mu murimo w'ibwirizabutumwa ryo mu bihugu byabo no mu mahanga. Ariko n'iyi kimwe cya kabiri cy'abantu cyakwitabira umurimo, umutungo wakwinjira mu bubiko waba muke, kandi igice kinini cy'umurimo w'Imana nticyakorwa.¹

GUSUBIZA ISENGESHO RYA KRISTO RYO KUBA UMWE

Ntabwo Itorero rishobora kugera ku rugero Imana yifuza ko rigeraho keretse rimaze guhurizwa hamwe n'ababwirizabutumwa mu kugira umutima w'impuhwe. Ntabwo ubumwe Kristo yasabiraga abigishwa be buzigera buboneka, kugeza igihe imibereho y'abantu mu by'umwuka izinjira mu murimo w'ibwirizabutumwa, kugeza igihe kandi Itorero rizahinduka igikoresho cyo gutera inkunga imirimo y'ibwirizabutumwa. Imbaraga ababwirizabutumwa bakoresha ntizizagera ku cyo bifuzaga keretse abizera b'Itorero bari mu bihugu byabo niberekana ko basobanukiwe ko ari inshingano yabo gushyigikira ababwirizabutumwa babikuye ku mutima; kandi ibyo ntibibe ibyo ku munwa gusa, ahubwo bakabishyira no mu bikorwa.

Imana ihamagara abakozi. Umurimo wa buri wese urakenewe. Nyamara guhinduka ni byo bibanza; nyuma hagakurikiraho gushaka agakiza k'abandi.²

KURA UBWIKANYIZE MU MUTIMA WAWU

Birababaje kubona Itorero ryo muri iki gihe rifite ubushake buke bwo gushimira Umwami Imana kubera ko yarikungaharishije ubuntu bwe, akaba yararihaye impano z'ubutunzi kugira ngo rijye ribona ubwo rishyira mu bubiko bwe.

Umugabane warumbye wo mu ruzabibu rw'Uwiteka uriho uratabaza Imana ugira uti: "Abantu baranyirengagije, ntibanyitaho." Kuba abantu

¹ Review and Herald, Dec. 23, 1890. [Urwibutso n'Integuza.]

² Review and Herald, Sept. 10, 1903. [Urwibutso n'Integuza.]

bakundira bagenzi babo kuguma mu bubata bw'ubukene no guta agaciro, abagabo n'abagore baba baha Satani urwaho rwo gushinja Imana ko yemera ko abana bayo bababazwa no kubura ibyo bakeneye byatuma ubuzima bwabo bumererwa neza. Izina ry'Imana riraturukwa bitewe n'uko abantu yaragije ibintu byayo batagira icyo bitaho. Ibisonga byayo byanga kwita ku mibabaro ya bagenzi babo kandi baba bakwiriye kuyibamara. Bityo bigatuma Imana ari yo ishyirwaho amakosa.

Nimutyo he kugira umuntu n'umwe usuzugura inshingano yahawe. Niba utari ku rugero rwo gucuruza amadolari, ufite ubushobozi bwo gucuruza amafaranga, zirikana ko imigisha y'Imana iguma ku banyamuhati batarambirwa. Ntabwo Imana ihinyura umunsi waronsemo bike. Gukoresha neza bike ufite bishoboza umuntu kubona inyungu zitangaje. Italanto imwe yakoreshejwe neza izagarurirwa Imana yarungutse indi. Inyungu umuntu asabwa gutanga zizaba zishingiye ku mubare w'igishoro yahawe. Imana yemera inyungu z'umuntu ikurikije ibyo afite; ntabwo imusaba gutanga ibyo adafite.

Imana iradusaba kuyigarurira ibyo tuyigomba binyuze muri icyacumi n'amaturu. Iradusaba kwiye gurira mu murimo wayo mu buryo bwose. Korana ubudahemuka buri nshingano yose uhamagariwe gukora. Korana mwete umurimo wowe, kandi wibuke ko Kristo ari mu ruhande rwawe ngo agufashe gutegura igenamigambi, gushaka uburyo no gusohoza ibyo wateganyije gukora. Dore uko Intumwa y'Imana Pawulo yabivuze: "Kandi rero Imana ishobora kubasāzaho ubuntu bwose, kugira ngo murusheho gukora ibyiza." 2 *Abakorinto* 8:9. Nimutange munezerewe, mudahatwa kandi mushimira Imana ko mushoboye kugira uruhare mu murimo wo guteza imbere ubwami bwayo ku isi. Kura ubwikanyiza mu mutima wawe kandi wakire intekerezo zigamije gukora ibikorwa bya Gikristo. Niba ufite umushyikirano wa bugufi, uzagira ubushake bwo kwitanga uko ushoboye kose kugira ngo ushyire ubugingo buhoraho ahantu abarimbuka bashobora kubushyikira.

KUGUBWA NEZA MU BY'UMWUKA N'UBUNTU BWA GIKRISTO

Mu izina ry'Uwiteka, muri iki gihe kigoranye mu murimo wacu, ndabingana bene Data na bashiki banjye, nimuhaguruke, mufashe umurimo w'Imana ku rugamba rwo kurwanya umunyambaraga. Kugundira ntitugire icyo duha Imana bizana umuvumo. Kugubwa neza mu bya Mwuka bigendana n'ibikorwa bya Gikristo byo gutanga. Nimugire inzara n'inyota byo kwereza imibereho mvajuru yo kugiraneza, kwerekanywe n'Umucunguzi wacu. Mufite isezerano ryiza ry'uko ubutunzi bwanyu bubabanziriza imbere bukajya mu bubiko bwo mu bikari byo mu ijuru.

Mbese wifuza kurinda umutekano w'ubutunzi bwawe? Bushyire mu biganza birimo inkovu z'imisumari yo ku musaraba. Igumanire ubutunzi bwawe, amaherezo uzabubura by'iteka ryose. Bwegurire Imana, guhera uwo mwanya ibushyiraho ikimenyetso cyayo. Bushyirwaho ikimenyetso kitazigera gihinduka. Mbese wifuza kwishimira ubutunzi bwawe? Nuko

rero, ngaho bukoreshe mu bihesha umugisha imbabare. Mbese waba wifuza kongera umutungo wawe? “Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n’umuganura w’ibyo wungutse byose. Ni bwo ibigega byawe bizuzuzwa, kandi imivure yawe izasendera imitobe.” Imigani 3:9-10

IMANA IZONGERA KUZUZA IBIGANZA BYAWE

Iyaba abantu bose bakoraga neza uruhare rwabo, kurumba kuboneka mu ruzabibu rw’Uwiteka ntikwakongera guciraho iteka abavuga ko ari abayoboke ba Kristo. Umurimo w’ibwirizabutumwa rishingiye ku buvuzi ugomba kugurura amarembo kugira ngo ubutumwa bw’ukuri bwagenewe ab’iki gihe bobone uko bwigishwa. Ubutumwa bwa marayika wa gatatu bukwiriye kumvikana ahantu hose. Ngo kwiteganiriza! Iyambure ubwibone bwawe. Egurira Imana ubutunzi bwawe bwo mu isi. Tanga ibyo ushoboye gutanga none, kandi uko urushaho gufatanya na Kristo, ni ko ibiganza byawe bizajya birushaho kurambukira gutanga. Kandi Imana izongera yuzuze ikiganza cyawe kugira ngo ubutunzi bw’ukuri bubashe kugezwa ku mitima y’abantu benshi. Izajya iguha kugira ngo na we uhe abandi.³



³ Review and Herald, Dec. 10, 1901. [Urwibutso n’Integuza.]

TURAHAMAGARIRWA KURUSHAHO GUKORANA UMWETE

Ab'isi ndetse n'amatorero bariho barica itegeko ry'Imana, kubera iyo mpamvu, ni ngombwa kubagezaho ubu butumwa bw'imbuze: "Umuntu naramya ya nyamaswa n'igishushanyo cyayo, agashyirwaho ikimenyetso cyayo mu ruhaga cyangwa mu kiganza, uwo ni we uzanywa ku nzoga ari yo mujinya w'Imana, yiteguwe idafunguyemo amazi mu gacuma k'umujinya wayo..." Ibyahishuwe 14: 9-11. Mbese umuvumo nk'uyu uri ku bica itegeko ryera ry'Imana ry'Isabato, ntukwiriye kudutera kurushaho kugaragaza umwete n'ishyaka risumbyeho? Ni kuki twigira ba ntibindeba cyane, tukaba abanyabugugu cyane kandi tugashishikazwa cyane n'ibintu by'igihe gito? Mbese inyungu zacu zitandukanijwe na Kristo? Mbese ukuri kuradushaririye cyane cyangwa tugushyira mu bikorwa bigoye imitima yacu? Mbese kimwe n'abigishwa bari babajwe n'ibyabaye, natwe twisubiriye kwishakira inyungu z'iby'isi? Dukoresha amafaranga yacu ku mpamvu zo kwikunda no guhaza irari ryacu mu gihe abantu bari gupfa batazi Kristo ndetse ntibamenye n'ukuri. Mbese ibyo bizageza ryari?

Abantu bose bari bakwiriye kugira ukwizera kuzima, ukwizera gukorera mu rukundo kandi kukeza ubugingo. Abagabo n'abagore bahora biteguye gukora ibishimisha inariye yabo, nyamara se mbega ukuntu ubushake bagira bwo gukorera Yesu na bagenzi babo bari gupfa batazi ukuri ari buke!...

NIMWIBIKIRE UBUTUNZI BWANYU MU IJURU MURI IKI GIHE

Mbese igihe cyo gutangira kugabanya ubutunzi bwacu ntikiragera? Ndasaba Imana ngo ibafashe, mwebwe mushobora kugira icyo mukora muri iki gihe mukabitsa ubutunzi bwanyu mu ijuru. Ntabwo tubasaba ngo mutange inguzanyo, ahubwo turabasaba ituro ritanganywe umutima ukunze, ituro mugaruriye Shoboja, rikomotse ku butunzi yabaguriye. Niba ukunda Imana ukayirutisha ibindi byose, kandi ukaba ukunda mugenzi wawe nk'uko wikunda, ndiringira ko uzabigaragarisha gutanga amaturo ubikuye ku mutima kugira ngo azafashe umurimo wo kubwiriza ubutumwa. Hariho ubugingo bw'abantu bukwiriye gukizwa kandi ndabasabira ngo mube abakozi bafatanyaga na Yesu Kristo mu murimo wo gukiza imitima y'abantu Kristo yatangiye ubugingo. Uwitaka azaguhera

umugisha mu mbuto uzerera kumuhesha icyubahiro. Ndasaba Imana ngo Umwuka Muziranenge wahumekeye Bibiliya yigarurire imitima yanyu, abayobore mu nzira ibakundisha Ijambo ry'Imana, ryo Mwuka akaba ari na ryo Bugingo. Ndabasabira ngo Mwuka Muziranenge ahumure amaso yanyu kugira ngo mubashe gutahura ibintu bitangwa na Mwuka w'Imana. Impamvu ituma iyobokamana ryagwingiye muri iki gihe ni uko abizera batimenyereza ibikorwa byo kwigomwa no kwitanga mu buzima bwabo.¹

IGIHE CY'IMVURA Y'ITUMBA CYEGEJWE INYUMA

Gusukwaho Mwuka w'Imana ku buryo bukomeye, uzatuma isi yose imurikirwa n'ubwiza bwe, ntikuzabaho kugeza igihe abantu bazaba bamaze gusobanukirwa neza icyo kuba abakozi bakorana n'Imana bisobanuye kandi bikaba imibereho yabo. Igihe tuzaba tumaze kwiyegurira mu murimo wa Kristo rwose tubikuye ku mutima, Imana izahamya ko yemeye icyo gikorwa ibikoresheje kudasukaho Mwuka wayo mu buryo butagira akagero; nyamara ibyo ntibizakorwa igihe umugabane munini w'abizera b'Itorero uzaba ukigizwe n'abantu badakorana n'Imana. Imana ntishobora gusuka Mwuka wayo igihe umutima wo kwikunda no kwishakira ibinezeza ukigaragaza cyane; ntibishoboka igihe cyose umwuka nk'ubaranze Kayini igihe yasubizaga Imana ati: "Sindi umurinzi wa murumuna wanjye" ukiganje mu bantu.²

NIMUREKE KUGIRA NYAMBERE INYUNGU Z'IBY'ISI

Bene Data na bashiki banjye nkunda, ndababwira nkoresheje amagambo yuzuye urukundo n'ubugwaneza. Umurimo ukomeye wo gucungura abantu ukwiriye kuba nyambere, hanyuma indi nyungu y'iby'isi iyo ari yo yose ikabona gukurikiraho. Nimwibuke yuko mu mibereho y'abayobokeye ba Kristo hakwiriye kugaragara ubwitange nk'ubwo yari afitse; urukundo dukunda abo dufitanye isano ndetse n'urukundo dukunda ibiri mu isi rugomba gucishwa bugufi imbere y'umurimo w'Imana nk'uko byagaragaraga mu mibereho ye. Ibyo Imana ishaka dukwiriye kubigira nyambere kurenza ibindi byose. Yesu Kristo yarivugiye ati: "Ukunda se cyangwa nyina akabandutisha ntaba akwiriye kuba uwanjye." Matayo 10: 37. Imibereho ya Kristo ni igitabo dukwiriye kwigiramo. Urugero yaduhaye rukwiriye gutuma tugira umwete wo kwitanga kudacogora kugirira abandi neza....

Ubushobozi bw'abagaragu b'Imana bwose bukwiye gukomeza gukorehwa mu murimo wo kuzanira Imana abahungu n'abakobwa benshi. Mu murimo w'Imana ntihakwiriye kubamo kutagira icyo witaho no kwikunda. Iyo umuntu aretse kugirira neza abandi, akabisimbuza kwishakira ibimunezeza, akagabanya umwete wo gusaba Mwuka Muziranenge ngo amukoreremo, aba atije umurindi umwanzi. Kristo ariho arasura Itorero rye. Mbega ukuntu imibereho ya benshi mu by'umwuka ibaciraho iteka!

¹ Review and Herald, Jan. 8, 1889. [Urwibutso n'Integuza.]

² Review and Herald, July 21, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]

Imana irashaka ko dutanga ibyo twimanye, ari ko kwitanga tutizigamye. Iyaba buri Mukristo yarakomeje indahiro yarahiye igihe yemeraga Kristo, ntabwo abantu benshi bari ku isi baba bararetswe ngo bapfire mu byaha. Mbese ni nde uzatanga igisubizo ku kibazo cyerekeye ubugingo bw'abantu bapfuye batiteguye guhura n'Uwiteka? Kristo yitanzeho igitambo cyuzuye ku bwacu. Mbega ukuntu yakoranye umwete n'umurava kugira ngo acungure abanyabyaha! Mbega ukuntu yakoresheje imbaraga n'umurava kugira ngo ategure abigishwa be ngo babashe gukora neza umurimo yabasigiye! Ariko se twebwe, mbega ukuntu ibyo dukora ari bike! Ndetse n'imbaraga zihindura abandi zituruka ku bikorwa bike twakoze zaragabanutse biteye ubwoba bitewe n'ingaruka zigusha ikinya z'ibyo tutakoze, ibyo twatangiye ariko ntitubirangize, yemwe ndetse n'ingeso zacu mbi zo kutagira icyo twitaho. Mbega igihombo twagize bitewe n'uko twananiwe gukomeza umurimo Imana yaduhaye ngo tuwurangize! Nk'abavuga ko turi Abakristo, dukwiriye guterwa ubwoba n'imyitwarire yacu.³

UMWUKA W'UBWITANGE

Inama y'agakiza yasohojwe hatanzwe igitambo gihanitse mu burebure bw'umurambararo, uburebure bw'ikijyepfo, n'uburebure bw'igihagararo mu buryo butarondoreka. Ntabwo Kristo yohereje abamarayika muri iyi si yaguye maze ngo yisigarire mu ijuru; ahubwo we ubwe yariyiziye, atagira aho acumbika, yemera gutukwa. Yahindutse umunyamibabaro wamenyereye intimba; yishyizeho intimba zacu, imibabaro yacu ni yo yikoreye. Kandi kutiyanga kuboneka mu bavuga ko ari abayobokeye be, Imana ikubona nko guhakana izina ry'ubukristo. Abavuga ko ari bamwe na Kristo, ariko bagashishikazwa no gushimisha irari ryabo bagura imyenda myinshi kandi ihenze, cyangwa ibikoresho byo mu rugo n'ibyokurya, ni Abakristo ku izina gusa. Kuba umukristo ni ukugira imyitwarire ihwanye n'iya Kristo.

Mbega ukuntu amagambo y'Intumwa Pawulo ahinduka ukuri! Yaravuze ati: "Kuko bose basigaye, bashaka ibyabo, badashaka ibya Yesu Kristo." Abafilipi 2:21. Abakristo benshi ntibafite imirimo ihwanye n'izina bitwa. Bakora nk'abatigeze kumva ko inama yo gucungura umuntu yasohojwe hatanzwe igiciro kitagira akagero. Abantu benshi baba bagamije kwibonera izina mu isi; bisanisha n'imihango ndetse n'iminsi mikuru, ariko bagakomeza guharanira gushimisha inarijye. Bakurikiza imigambi yabo bashyizeho umwete nk'uko ab'isi babigenza, bityo bakitandukanya n'imbaraga ibafasha gushimangira ingoma y'Imana....

Umurimo w'Imana wagombaga gukoranwa imbaraga kandi ugakorwa neza inshuro cumi ugereranije n'uko ukorwa muri iki gihe, usubizwa inyuma, nk'uko igihe cy'urugaryi gihagarikwa n'umwuka ukonje wo mu gihe cy'itumba; ibyo biterwa n'uko abantu biyita ubwoko bw'Imana bagundira ubutunzi bwagombaga kwegurirwa mu murimo w'Imana. Bitewe n'uko urukundo rwitanga rwa Kristo rutahindutse umugabane

³ Review and Herald, Dec. 30, 1902. [Urwibutso n'Integuza.]

w'imibereho y'abantu, Itorero rigira intege nke aho ryagombaga kuba rifite imbaraga. Kubera umurongo ryishyiriyeho ubwaryo, ryijimishije umucyo waryo kandi ryiba amafaranga menshi yagombaga gukoreshwa mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza bwa Kristo....

Ni mu buhe buryo abantu Kristo yitangiye mu buryo bukomeye bashobora gukomeza kwishimira impano ze mu buryo bw'ubwikanyize? Urukundo rwe no kwigomwa kwe ntiwabona icyo wabigereranyaho; kandi urwo rukundo nirwinjira mu migirire y'abayobokeye be, bazishimira gukora ibihwanye n'iby'Umucunguzi wabo. Umurimo wabo uzaba uwo kubaka ubwami bwa Kristo ku isi. Bazamwiyegurira kandi bamwegurire ibyo batunze byose, maze bahinduke ibikoresho nk'uko umurimo w'Imana ubishaka.

Icyo ni cyo Yesu ashaka ko abayobokeye be bakora. Nta muntu n'umwe usobanukiye neza n'umurimo w'agakiza k'imitima uri imbere ye uzigera abona ko atewe igihombo no gutanga ubutumwa bukomotse mu kwigomwa kwe. Uyu ni umurimo ureba umuntu ku giti cyeye. Ibyo dushoboye gutanga byose bizajya mu bubiko bw'Uwiteka kugira ngo bikoreshwe mu murimo wo kwamamaza ukuri, kandi ngo ubutumwa bwo kugaruka kwa Kristo kuri bugufi n'ibyo amategekako y'Imana adushakaho byumvikane mu mpande zose z'isi. Ababwirizabutumwa bakwiriye koherezwa mu bindi bihugu kugira ngo bakore uyu murimo.

Urukundo rwa Yesu rukorera mu bugingo bw'umuntu ruzagaragazwa n'amagambo avuga ndetse n'ibikorwa bye. Ubwami bwa Kristo buzamubera ikintu cy'ingenzi kurusha ibindi. Inarijye ye azayirambika ku rutambiro maze ihinduke ituro ry'ubushake atuye Imana. Umuntu wese wunze ubumwe na Kristo by'ukuri aziyumvamo rwa rukundo akunda ubugingo bw'abantu, rwa rundi rwatumye Umwana w'Imana asiga intebe ye ya cyami; agasiga ubutware bwe, maze agahinduka umukene ku bwacu, kugira ngo ubwo bukene bwe budutungishe.⁴

IRARIKWA RY' IMIRYANGO YEJEJWE

Imana ishaka umuhati wa buri wese mu bantu bamenye ukuri. Irahmagara imiryango ya Gikristo ngo ijye mu muryango mugari w'abantu bari mu mwijima n'ikinyoma, ngo bajye gukora umurimo mu bindi bihugu, ngo bimenyereze kubana n'abantu bashya, maze bakorane ubwenge no kwihangana umurimo wa Shebuja. Kugira ngo abantu babashe kwitaba iri rarika, barasabwa kugira imibereho yo kwitanga.

Mu gihe benshi bategereje ko buri nzitizi yose ibanza gukurwaho, abantu bariho bapfa badafite ibyiringiro ndetse badafite Imana mu isi. Abantu benshi, ndetse benshi cyane, kubera gushaka inyungu z'iby'isi n'ubwenge bw'isi, bazatinyuka kujya mu turere bashobora kwanduriramo indwara, ndetse bazajya mu bihugu batekereza ko baboneramo inyungu zivuye mu bucuruzi; nyamara se ni hehe wasanga abagabo n'abagore bava aho batuye,

⁴ Review and Herald, Oct. 13, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]


bakimura imiryango yabo, bakajya mu tundi turere dukeneye umucyo w'ukuri, kugira ngo urugero rw'imibereho yabo rubashe kumenyesha Imana ababareba, kandi ababareba bababonemo intumwa za Kristo?

Impuruza y'i Makedoniya iratabariza ahantu hose ku isi, kandi abantu baravuga bati: "Nimuze...kandi mudutabare." Ni kuki nta bantu basubiza iyo mpuruza? Abantu benshi cyane bari bakwiriye kuba abahatwa na Mwuka wa Kristo, maze bagakurikiza urugero rwe, we watanze ubugingo bwe kugira ngo acungure ubugingo bw'abari mu isi. Ni kuki tugira intege nke mu gufata icyemezo cya kigabo, ngo tugire umuhati witanze, kugira ngo tubashe kwigisha abataramenya ukuri kw'iki gihe? Umubwirizatumwa Mukuru yaje kuri iyi si yacu, kandi yatubanjirije imbere kugira ngo atwereke uburyo dukwiriye gukora. Nta muntu n'umwe ushobora kwerekana umurongo udakuka abahamya ba Kristo bagomba kugenderaho.

Abantu bafite amikoro bararebwa n'iyi nshingano inkubwe ebyiri; kuko ubwo butunzi baburagijwe n'Imana, kandi bakwiriye kwiyumvamo inshingano yo guteza imbere umurimo w'Imana mu nzego zawo zose. Kubera ko ukuri guhuza ubugingo bw'abantu n'intebe ya cyami y'Imana gukoresheje umurunga w'izahabu, bikwiriye guhwiturira abantu gukoresha imbaraga zose Imana yabahaye igihe bagenza ubutunzi bw'Uwiteka mu turere twa kure y'aho batuye, bagakwirakwiza ubutumwa mu banyamahanga batuye kure, kugira ngo bamenye Kristo.

Abantu benshi Imana yahaye ubutunzi kugira ngo buheshe abandi umugisha, bemeye ko bubahindukira umutego aho kugira ngo bubabere umugisha kandi buwubere n'abandi. Mbese birashoboka ko wakundira ubutunzi Imana yaguhaye kukubera igisitaza? Mbese ubutunzi Imana yaguhaye kugira ngo ubugenze, uzabwemerera buguheze kure y'umurimo wayo? Mbese uzemera ko intizanyo Imana yaguhaye nk'igisonga cyayo gikiranuka igabanya imbaraga yawe yo guhindura abandi n'agaciro kawe binyuze mu kukubuza kuba umukozi ukorana n'Imana? Mbese uzemera kwigumira imuhira kugira ngo wirundanyirize ubutunzi Imana yaguhereye kubitsa muri banki yo mu ijuru? Ntushobora kuvuga ko nta kintu ufite cyo gukora; kubera ko ibikenewe gukorwa ari byinshi. Mbese uzashimishwa n'umunezero wo kwigumira mu muryango wawe, maze ntugerageze kubwira abari kurimbuka uburyo babona amazu meza Kristo yagiye gutegurira abamukunda? Mbese ntibyakunda ngo utange iby'utunze kugira ngo abandi bazabashe guhabwa umurage bazahorana iteka ryose?⁵

⁵ Review and Herald, July 21, 1896. [Urwiwutso n'Integuza.]



KUGURISHA AMAZU N'UMUTUNGO

Imana irahamagarira abantu bafite imitungo y'amasambu n'amazu ngo babigurisha maze babitse ayo amafaranga aho ashobora gukoreshwa mu bikenewe mu murimo w'ivugabutumwa. Nibamara kunyurwa rwose n'ibyiza bituruka mu kuzenza batyo, bazakomeza gufungura imiyoboro; kandi ubutunzi Uwituka yabaragije buzakomeza kwiyongera mu bubiko kugira ngo ubugingo bw'abantu bushobore guhinduka. Abo bantu bahindutse na bo bazajya bashyira mu bikorwa uburyo nk'ubwo bwo kwigomwa, kuzigama, no kwicisha bugufi kugira ngo ku bwa Kristo na bo bajye bashobora kuzanira Imana amaturo yabo. Binyuze mu gukoreshwa neza kw'izi mpano, abandi bantu bashobora gukizwa kandi umurimo uzakomeza gutera imbere, ari na byo bigaragaza ko abantu banyuzwe n'impano Imana yabahaye. Utanze ituro Imana iramwishimira maze icyubahiro kikayigarukira bitewe no gukiranuka kw'ibisonga byayo.

Iyo dukanguriye abantu umurimo w'Imana dushyizeho umwete, kandi tukabagarariza ko hakenewe amafaranga mu murimo w'ivugabutumwa, abantu bagifite umutima uhana kandi bizera ukuri barushaho kugira ubwuzu. Nk'uko umupfakazi w'umukene yatuye amasenge abiri Kristo akabimushimira, na bo batanga bakurikije ubushobozi bafite. Bene abo bantu bagira ibyo bigomwa, kabone n'ubwo baba bafite ibyo bakeneye mu buzima bwabo; mu gihe hari abagabo n'abagore bafite amazu bakagira n'amasambu nyamara bakihambira ku butunzi bwabo bwo mu isi ubuterekura bafite ubwikanyize, bityo bakagaragaza ko batizera bihagije ubutumwa kandi ntibizere Imana ku buryo bashyira ubutunzi bwabo mu murimo wayo. Abo bantu ni bo babwirwa amagambo ya Kristo avuga ngo: "Gurisha iby'utunze byose maze ubihe abakene." *Matayo 19:21.*

GUTEGEREZA INAMA Z'UNDI MUNTU

Hari abagore n'abagabo b'abakene banyandikira bansaba inama, bakambaza niba bazagurisha amazu yabo, amafaranga avuyemo bakayashyira mu murimo w'Imana. Bavuga ko ukurarika kubahwiturira gutanga ku butunzi bwabo kubatera ubwuzu bakumva bashaka kugira icyo bakorera Shebuja wabakoreye byose. Icyo nabwira abo bantu ni iki: "Bishoboka ko atari umurimo wanyu wo kwihutira kugurisha utuzu

twanyu ubu; ahubwo ndabararikira gusanga Imana, muiyegurire; nta gushidikanya izumva amasengesho yanyu musenganye umwete kugira ngo ibashe kubaha ubwenge bwo gusobanukirwa n'inshingano yanyu.”¹

KUGABANYA UBUTUNZI AHO KUBWONGERA

Ubu ni igihe bene Data bakwiriye kugabanya ku butunzi bwabo aho kubwongera. Turi bugufi kujya mu gihugu kirushaho kuba cyiza, ndetse ni igihugu cyo mu ijuru. Nuko rero, nimureke twoye kuba abaturage bazaguma kuri iyi si, ahubwo turundarunde bikeya cyane mu byo tubona ko bidufitiye akamaro.

Igihe kigiye kugera ubwo tutazagira uburenganzira bwo kugira icyo tugurisha, uko byagenda kose. Bidatinze itegeko-teka rigiye gutangwa, kandi rizabuza abantu kugura cyangwa kugurusha keretse gusa abafite ikimenyetso cy'innyamaswa.²

KWITEGURA IGIHE CY'AKAGA

Mu gihe cy'akaga, inzu n'amasambu ntacyo bizamarira abera, kuko icyo gihe bazaba bagomba guhunga imbere y'imbaga nini izaba yabarakariye, kandi icyo gihe ntibazaba bashobora kwikuraho ubutunzi bwabo ngo buteze imbere umurimo wo kwamamaza ukuri kugenewe iki gihe. Neretswe ko ari ubushake bw'Imana ko abera bakurirwaho ibibaremerera byose mbere y'uko igihe cy'akaga kigera, kandi bakagirana isezerano n'Imana kubw'igitambo. Nibashyira ubutunzi bwabo ku gicaniro kandi bagasaba Imana kubashoboza inshingano yabo babikuye ku mutima, izabigisha igihe nyacyo cyo kwikuraho ubwo butunzi. Mu gihe cy'akaga bazaba bafite umudendezo, badafite ibibaziga bibabuza gutambuka.

Nabonye ko niba hari abihambira ku butunzi bwabo maze ntibigere basaba Imana kugira ngo ibahishurire icyo bagomba gukora, Imana ntizigera ibahishurira inshingano yabo. Bazemererwa gukomeza gutunga ubutunzi bwabo, bityo mu gihe cy'akaga, ubwo butunzi buzababera nk'umusozi ugiye kubagwira. Bazagerageza kubwikuraho nyamara ntibizabashobokera. Numvise bamwe babogoza bavuga bati: “Umurimo w'Imana wagenda ucika intege, ubwoko bw'Imana bwari bufite inzara yo kumenya ukuri, natwe nta muhati twakoresheje kugira ngo dutange ibyari bikenewe, none ubutunzi bwacu bupfuye ubusa. Iyaba twaraburetse bukagenda, maze tukibikira ubutunzi mu ijuru!”

Nabonye ko igitambo kitiyongeraga, ahubwo cyaragabanutse maze kirakongoka. Nanone nabonye ko Imana itari yarasabye ubwoko bwayo bwose kwikuraho ubutunzi bwabo icyarimwe; ariko iyo bwifuzaga kwigishwa, mu gihe ari ngombwa Imana yabwigishaga igihe cyo kugurisha ubutunzi ndetse n'ingano y'ubwo bagomba kugurisha. Mu bihe byashize abantu bamwe bagiye basabwa gutanga ubutunzi bwabo kugira ngo bashyigikire umurimo w'itsinda ry'Abategereje, mu gihe abandi bo


¹ Testimonies, vol. 5, pp.733,734. [Ibihamya by'Itorero.]

² Testimonies, vol. 5, p.152. [Ibihamya by'Itorero].

bemerewe gukomeza kuwuzigama kugeza igihe cy'ubukene. Igihe umurimo uzaba ukeneye uwo mutungo, kizaba ari igihe cyo kuwugurisha.³

NTA MUGOZI UBABOHEYE KU ISI

Umurimo w'Imana ukwiriye kurushaho kwaguka ukagera ahanu hose; kandi ubwoko bwayo niburamuka bakurikije inama Imana ibugira, nta byinshi mu mitungo yabwo bizakongokera mu muriro uheruka. Bose bazaba barabitse ubutunzi bwabo aho inyenzi n'ingese bitabasha kubwangiza; kandi umutima ntuzaba ufite umugozi uwubohereye ku isi.⁴



³ *Inyandiko z'Ibanze, p. 67,68.*

⁴ *Testimonies for the Church, vol, 1, p.197. [Ibihambya by'Itorero.]*

UMUGABANE WA 3

IBY'IMANA

YIZIGAMIYE-ICYACUMI

KUGERAGEZA UBUYOBOKE BW'UMUNTU

Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyo wunguka byose; ni bwo ibigega byawe bizuzura, kandi imivure yawe igasendera imitobe. “*Imigani 3:9-10.*”

Iri somo ritwigisha ko Imana, nk'isoko y'ibyo twunguka byose, hari icyo idusaba gutanga kuri ibyo byose; kandi ko ibyo idusaba bikwiriye kwitabwaho mbere y'ibindi byose; rikatwigisha kandi ko yasezeraniye imigisha idasanze umuntu wese uzajya yubahiriza iryo tegeko.

Aha ni ho hagaragara ihame riboneka mu mikoranire y'Imana n'abantu. Imana yashyize ababyeyi bacu ba mbere mu ngomyi ya Edeni. Yashyize ahabazengurutse ibintu byose byashoboraga kubazanira umunezero, kandi ibasaba kuzirikana yuko ibintu byose ari ibyayo. Muri ubwo busitani yamejemo ibiti binogeye amaso kandi bibasha kwera imbuto ziribwa; ariko muri ibyo biti, yishigarije igiti kimwe. Adamu na Eva bari bemerewe kurya ku mbuto zo ku biti byose uko babishaka; ariko kuri cya giti kimwe muri byo, Imana irababwira iti: Ntimuzakiryeho.” Iki ni cyo cyari ikigeragezo cyerekana ko banyuzwe n'ibyo Imana yabahaye kandi bakerekana ko bayumvira.

Ni muri ubwo buryo natwe Uwiteka yaduhaye ubutunzi buhebuje ubundi bwose bwo mu ijuru igihe yaduhaga Yesu. Binyuze muri we, yari aduhaye ibintu byose byatuzanira umunezero utarondoreka. Umwero w'ubutaka, umusaruro mwinshi, ubukungu bw'ifeza n'izahabu, byose ni impano Imana yaduhaye. Amazu n'amasambu, ibyokurya n'imyambaro, ibyo byose Imana yabihaye abantu. Icyo Imana idusaba ni ukuyishimira ko ari yo yaduhaye ibyo bintu byose; kandi kubw'iyi mpamvu, iratubwira iti: “Ku byo mutunze byose, nishigarije icyacumi; kuri cyo, mujye mwongeraho impano n'amaturu mubizane mu bubiko bwanjye. Icyacumi Imana yaracyigennye kugira ngo giteze imbere umurimo wo kubwiriza abantu ubutumwa bwiza.

Uyu mugambi wo gutanga mu buryo bw'uruhererekane washyizweho n'Umwami Yesu Kristo, We watanze ubugingo bwe kugira ngo acungure ubugingo bw'abari mu isi. Wa wundi wemeye gusiga ingoro ya cyami, wa

wundi wiyambuye icyubahiro cye nk'umugaba w' ingobo zo mu ijuru, wa wundi wemeye kwambika ubumana bwe ubumuntu kugira ngo azahure inyoko muntu yaguye; uwahindutse umukene ku bwacu kugira ngo ubukene bwe budutungishe; mu bwenge bwe, ni we wabwiye abantu gahunda ye yo gushyigikira abakozi bashyira abari mu isi ubutumwa.¹

IBYO IMANA YISHIGARIJE KU GIHE NDETSE NO KU BUTUNZI

Imvugo Imana yakoresheje ku byerekeye icyacumi ni na yo yakoresheje ku byerekeye Isabato. Yaravuze iti: "Ariko Umunsi wa Karindwi ni wo Sabato y'Uwiteka Imana yawe." Umuntu ntafite uburenganzira cyangwa se ubushobozi bwo gufata umunsi wa karindwi ngo awusimbuze umunsi wa mbere w'icyumweru. Ni koko ashobora kubigerageza, ariko "uko byagenda kose, itegeko Imana yashyizeho ntirizigera rihinduka." Imihango n'inyigisho by'abantu ntibizigera bitesha agaciro ibyo dusabwa n'itegeko ry'Imana. Imana yejeje umunsi wa karindwi. Uwo mugabane usobanutse neza w'igihe, watoranyijwe n'Imana ubwayo kugira ngo abayubaha bajye baterana bayiranye; kandi uzakomeza kuba uwera nk'uko wari uri igihe Umuremyi yawezaga ku nshuro ya mbere.

Mu buryo nk'ubwo, icyacumi cy'ibyo twungutse ni "icyera cy'Uwiteka." Isezerano rishya ntiravuguruye itegeko ryerekeye icyacumi, nk'uko nta cyo ryahinduye ku itegeko ryerekeye Isabato, kubera ko agaciro k'ayo mategeko yombi katigeze gahinduka; ndetse n'icyo asobanuye mu bya Mwuka kikaba cyumvikana... Mu gihe twebwe abantu duhirimbanira gukiranuka ku gihe Imana yishigarije nk'icyayo bwite, ni buryo ki twakwirangagiza kuyigarurira umugabane idusaba ku butunzi yaduhaye?²

IBYO DUTUNZE N'IBYO TWUNGUTSE BIGOMBA GUTANGIRWA ICYACUMI

Nk'uko Aburahamu yabigenzaga, bakwiriye gutanga icyacumi cy'ibyo batunze n'ibyo bungutse byose. Icyacumi gitanganywe gukiranuka ni umugabane w'Uwiteka. Kutagitanga ni ukwiba Imana. Umuntu wese yari akwiriye gutanga icyacumi n'amaturu atabihatirwa, abikuye ku mutima kandi akabitanga anezerewe, bigashyirwa mu nzu y'Imana; kuko kubigenza gutyo bizana umugisha. Nta mahoro aboneka mu kugumana iby'Imana.³

GUTANGA ICYACUMI CY'IBYO TWUNGUTSE BYOSE

Uku [ni ku byererkeye uburyo Aburahamu na Yakobo batangaga icyacumi] ni ko abakurambere n'abahanuzi babigenzaga mbere yuko Abayuda babaho nk'ishyanga. Nyamara igihe Isirayeli yari imaze guhinduka ishyanga ryihariye, Uwiteka yabahaye itegeko risobanutse ku byerekeye iyi ngingo agira ati: "Mu bivuye mu butaka byose, naho yaba imyaka cyangwa imbuto z'ibiti, icyacumi ni icy'Uwiteka. Ni icyera cy'Uwiteka." Abalewi 27:30. Ntabwo iri tegeko ryajyaga gukurwaho

1 Review and Herald, Feb. 4, 1902. [Urwibutso n'Integuza.]

2 Review and Herald, May 16, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

3 MS 159, 1899 [Amagambo yarobanuwe mu nyandiko Ellen White yandikishije intoki].

n'amaturu ndetse n'ibitambo byacureraga igitambo cya Kristo. Igihe cyose Uwiteka azaba afite abantu bitwa ubwoko bwe ku isi, ibyo abasaba gukora bizakomeza kuba bimwe.

Icyacumi cy'ibyo twungutse byose ni icy'Uwiteka. Yarakishigarije ngo kibe icyayo, kugira ngo gikoreshwe mu mirimo y'Itorero. Ni icyera. Nta kintu kiri muni y'iki yigeze yemera ko gisimbura icyacumi. Gukerensa gutanga icyacumi cyangwa kukirindiriza ikindi gihe ntabwo ijuru ribyishimira. Iyaba abavuga ko ari abakristo bose bagaruriraga Imana icyacumi bakiranuka, ububiko bwayo buba bwaruzuye.⁴

ICYACUMI CYASHYIRIWEHO GUHESHA ABANTU UMUGISHA MWINSHI

Gahunda yo gutanga icyacumi yashyizweho hakurikijwe ihame rihoraho nk'uko amategeko y'Imana ahoraho. Ubu buryo bwo gutanga icyacumi bwari umugisha ku Bayuda, kandi iyo bitaba ibyo, Imana ntiyari kububaha. Ni na ko icyacumi kizahindukira umugisha abagitanga kugeza ku iherezo ry'ibihe. Data wa twese wo mu ijuru ntishyizeho ubu buryo bwo gutanga mu buryo bw'uruhererekane agambiriye kwikungahaza, ahubwo yabushyiriyeho guhesha abantu umugisha. Yabonye ko iyi gahunda y'ubugiraneza ari yo umuntu yari akeneye.⁵

IMIGABANE ICYENDA KU ICUMI IFITE AGACIRO KARUTA AK'IMIGABANE ICUMI

Abantu benshi bagiye bagirira impuhwe Isirayeli y'Imana ngo kuko basabwaga gukomeza gutanga na nyuma yo gutanga amaturu y'ubushake ya buri mwaka. Imana nyiri ubwenge bwose yari isobanukiwe neza icyo gahunda yo gutanga hakurikijwe imigisha ibaha yari kubamarira, kandi yari yarahaye ubwoko bwayo amabwiriza agenga iyo gahunda. Kandi byagaragaye ko imigabane icyenda ku icumi ari yo ifite agaciro kanini ugereranyije n'imigabane icumi ku icumi.⁶

IMPINDUKA IKOMEYE YABAYEHO UHEREYE MU GIHE CY'ABAYUDA

Ku byo twungutse byose, dukwiriye kubanza kugarurira Imana ibyayo. Muri gahunda yo gutanga yahawe Abayuda, basabwaga kuzana umuganura w'ibyo babaga bejeje mu mpano Imana yabaga ibahaye, byaba ibyo bungutse mu mikumbi yabo cyangwa mu mashyo yabo, cyangwa imyaka bejeje mu mirima yabo, mu ruzabibu, no mu busitani bwabo cyangwa bakabisimbuza ikindi kintu gihwanyije agaciro na byo. Mbega ukuntu gahunda y'imikorere yahindutse muri iki gihe! Ibyo Uwiteka adusaba kandi tumugomba, n'iyi tubishyizeho agatima, ntitubishyira mu byihutirwa, ahubwo tubishyira ku mwanya wa nyuma. Nyamara umurimo wacu ukeneye inshuro cumi z'umutungo Abayuda bari bakeneye.

4 Review and Herald, May 16, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

5 Testimonies for the Church, vol. 3, pp.404,405. [Ibihamya by'Itorero.]

6 Testimonies for the Church, vol. 3, p.546. [Ibihamya by'Itorero.]

Umurimo ukomeye Intumwa zahawe wari uwo kujyana ubutumwa bwiza mu isi yose. Ibi biratwerekako ubugari bw'umurimo n'ubunini bw'inshingano abayoboze ba Kristo bafite muri iyi minsi. Niba itegeko ryarasabaga icyacumi n'amaturu mu myaka ibihumbi ishize, mbega ukuntu muri iki gihe ryarushaho gusaba ko abantu batanga ibirenze! Niba umukire n'umukene barasabwaga gutanga amafaranga bakurikije uko umutungo w'Abayuda wari wifashe, muri iki gihe birushijeho kuba ingenzi bwikube kabiri.⁷

⁷ Testimonies for the Church, vol. 4, p. 474. [Ibihamya by'Itorero.]

ICYACUMI GISHINGIYE KU MAHAME Y'ITEKA RYOSE

Gahunda yo gutanga kimwe mu icumu yabayeho mbere y'uko Mose abaho. Imana yasabaga abantu gutanga impano zabo kugira zikoreshwe imirimo y'idini mbere y'uko Mose ahabwa gahunda yabyo mu buryo buhamye, yemwe ndetse biragenda bikagera no mu gihe cya Adamu. Mu rwego rwo gukurikiza ibyo Imana yabasabaga gukora, bagombaga gutura Imana amaturo mu buryo bwo kugaragaza ko banyuzwe n'imbabazi zayo n'imigisha yabahaye. Ibi byarakomeje uko ibisekuru byagiye bikurikirana, ndetse na Aburhamu yarabikoze, igihe yahaga icyacumi Merikisedeki umutambyi w'Imana Ikomeye.

Iryo hame ryabayeho no mu gihe cya Yobu. Na Yakobo, igihe yari i Beteli ahunze kandi azerera nta n'ifaranga na rimwe afite, aryamye hasi nijoro, ari wenyine yigunze, yiseguye ibuye, ari aho asezeranira Uwiteka iri sezerano ati: « Mu byo uzajya umpa byose, sinzabura kuguha icyacumi. » Ntabwo Imana ihatira abantu gutanga. Ibyo batanga byose bigomba guturuka ku mutima w'ubushake. Ntizemera ko ububiko bwayo bwuzuzwamo amaturo adaturutse mu bushake.¹

PAWULO YASHIMYE IYI GAHUNDA

Mu rwandiko rwe rwa mbere yandikiye Itorero ry'i Korinto, Pawulo yahaye abizera amabwiriza agendana n'amahame rusange agenga gushyigikira umurimo w'Imana ku isi. Igihe yandikaga ku by'imirimo yabakoreye, yarabajije ati:

“ Ni nde wigeze kuba umusirikare akitunga? Ni nde utera uruzabibu ntarye imbuto zarwo? Cyangwa se ni nde uragira ishyo ntarikame? Mbese ibyo mbivuze nk'umuntu gusa, cyangwa amategeko na yo ntavuga atyo? Byanditswe mu mategeko ya Mose ngo “Ntugahambire umunwa w'inka ihonyora ingano.” Mbese inka ni zo Imana yitaho gusa, cyangwa se yabivuze ku bwacu? Yee, si ugushidikanya byanditswe ku bwacu, kuko umuhinzi akwiriye guhinga afite ibyiringiro, kandi umuhuzi akwiriye guhura yiringira ko azahabwaho.”

¹ Testimonies for the Church, vol. 3, 393. [Ibihamya by'Itorero].

Intumwa Pawulo yakomeje kubaza agira ati: *“Mbese ubwo twababibyemo iby’Umwuka, ntibikwiriye ko tubasaruramo ibyo gutunga umubiri? Abandi ko bafite ubwo butware kuri mwe, nkanswe twebwe? Ariko ntituragakoresha ubwo butware, ahubwo twihanganira byose kugira ngo tutabera inkomyi ubutumwa bwiza bwa Kristo. Ntimuzi yuko abakora imirimo yo mu rusengeru batungwa n’iby’urusengeru, kandi abakora imirimo y’igicaniro bakagabana iby’igicaniro? N’Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n’ubutumwa.”* 1 Kor 9:7-14.

Hano intumwa Pawulo yerekezaga kuri gahunda y’Uwiteka yo kwita ku batambyi bakoraga mu ngoro y’Imana. Ababaga baratoranyirijwe uyu murimo wera, bafashwaga n’abo basangiye kwizera bagejejeho imigisha y’iby’umwuka. *“Abo mu rubyaro rwa Levi ni bo beguriwe umurimo wo gusohozza ibitambo, ni na bo bonyine Amategeko yashinze kwaka rubanda kimwe cya cumi.”* Heb 7:5. (Bibiliya Ijambo ry’Imana). Umuryango wa Lewi watoranyijwe n’Uwiteka kugira ngo ukore imirimo yera ijyanye n’ingoro y’Imana n’ubutambyi. Umutambyi yari yaravuzweho atya: *“Kuko ari we Uwiteka Imana yawe yatoranirije mu miryango yawe yose guhagarara, agakora umurimo wera mu izina ry’Uwiteka we n’urubyaro rwe iteka ryose.”* (Guteg 18:5). icyacumi cy’ibyungutswe byose cyasabwaga n’Uwiteka ko ari icye bwite, kandi Uwiteka yafataga kutagitanga nk’ubujura.

Iyi gahunda yo gushyigikira umurimo w’Imana ni yo Pawulo yerekezagaho igihe yavugaga ati: *“N’Umwami wacu ni ko yategetse, ko abavuga ubutumwa bwiza batungwa n’ubutumwa.”* Na nyuma yaho igihe yandikiraga Timoteyo, Pawulo yaravuze ati: *“Umukozi akwiriye guhembwa”* 1 Timoteyo 5:18.²

ICYO IMANA IDUSHAKAHO

Hari icyo Imana ishaka ku mpagarike yacu ndetse no ku byo dutunze byose. Ibyo idushakaho birusha agaciro ibindi byose. Mu rwego rwo kugaragaraza ko dufite icyo tuyigomba, idusaba kuyigarurira umugabane ugenwe ku byo iduha byose. icyacumi ni wo mugabane yerekanye. Bishingiye ku itegeko ry’Imana, icyacumi cyeguriwe Imana uherye mu bihe bya kera....

Igihe Imana yatabaraga Abisirayeli ikabakura muri Egipta kugira ngo bayibere amaronko, yabigishije kujya bayegurira icyacumi cy’iby’ibyo batunze byose kugira ngo gikoreshwe mu murimo wo mu ihema ry’ibonaniro. Iri ryari ituro ridasanze kuko ryari rigenewe gukora umurimo udasanze. Ibyabaga bisigaye [nyuma yo gutanga icyacumi] mu mutungo wabo na byo byabaga ari iby’Imana, kandi byagombaga gukoreshwa mu buryo buyihesha icyubahiro. Nyamara icyacumi cyashyirwaga ukwacyo kugira ngo gishyigikire abakora umurimo wo mu buturo. Cyagombaga gutangwa ku muganura w’iby’ibyo bungutse byose; kandi gifatanyije n’impano n’amaturu, umutungo wo gushyigikira umurimo w’ivugabutumwa ryo muri icyo gihe bwarabonekaga.

² Ibyakozwe n’Intumwa . p.207.

Ibyo Imana idusaba gutanga ntabwo biri muni y'ibyoyasabaga ubwoko bwayo bwabayeho mu bihe bya kera. Impano iduha ntiziri muni y'izo yahaga abatubanjirije, ahubwo duhabwa nyinshi kurusha izahabwaga Abisirayeli ba kera. Kugira ngo umurimo wayo ukorwe, bisaba kandi bizahora bisaba ubushobozi. Umurimo ukomeye wo kubwiriza ubutumwa bugamije gukiza ubugingo bw'abantu ukwiriye gutezwa imbere. Imana yateganiye ibyo kuwukora binyuze muri icyacumi, impano ndetse no mu maturo. Ishaka ko umurimo w'ibwirizabutumwa ushyigikirwa rwose. Dukwiriye kubona icyacumi nk'umugabane wera Imana yikubitiye ngo ujye mu bubiko bwayo, ngo ukorehwe mu murimo wayo, ngo uteze imbere umurimo wayo, ngo ujye wunganira mu bikorwa byo kohereza intumwa zayo mu tundi turere, no mu bindi bihugu bya kure cyane.

Imana yarambitse ikiganza cyayo ku bintu byose, umuntu ndetse n'ibyoyatunze byose; kubera ko byose ari ibyayo. Iravuga iti: « Isi ni iyanjye; ibiri mu isanzure na byo ni ibyanjye, kandi mbategetse kujya muzana umuganura w'ibyoyaweje byose mukabyegurira gukora umurimo wanjye kuko binyuze mu migisha jyewe ubwanjye nabahaye, byabashije kugera mu biganza byanyu. » Ijambo ry'Imana riravugako riti: « Ntuzaragirize gutanga umuganura w'imbuto wejeje. » Kandi riti: « Wubahishe Uwitoka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyoyawungutse byose. » (Imigani 3:9). Iryo turo Imana idusaba gutanga ni ikimenyetso kigaragaza ko turi indahemuka kuri yo.

Turi ab'Imana; turi abahungu n'abakobwa bayo. Turi abayo kuko yatwiremeye, kandi turi abayo kubw'impano y'Umwana wayo w'ikinege yatanze kugira ngo iducungure. « Ntimuri abanyu ngo mwigenge kuko mwaguzwe igiciro. Nuko rero mutume imibiri yanyu ndetse n'Umwuka wanyu bihimbaza Imana kuko ari ibyayo. » (1 Abakorinto 6: 19).

Ubwenge, imitima, ubushake n'amarangamutima y'urukundo, ni iby'Imana; byose ni iby'Uwitoka. N'amafaranga dufata mu ntoki na yo ni ay'Imana. Ikintu cyose cyiza turonka kandi tukakishimira tugikesha kugiraneza kw'Imana. Imana itangana ubuntu ibyiza byose, kandi ishaka yuko uhabwa ayishimira izi mpano itangira kutumara ubukene bwose bw'umubiri ndetse n'ubw'umutima. Ibyo Imana idusaba kuyiha ni ibyayo. Umugabane wa mbere ni uw'Uwitoka, kandi ugomba gukoreshwa nk'umutungo yatubikije. Umutima wamaze kvanwamo ubwikanyize uzakanguka maze usobanukirwe no kugiraneza kw'Imana n'urukundo rwayo, kandi wumve ukabakabwe bityo ushime ibyo gukiranuka kw'Imana kuwusaba gukora.³

³ Review and Herald, Dec.8, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]

UMUGAMBI MWIZA WOROHEJE

Umugambi w'Imana werekeye gahunda yo gutanga icyacumi urashimishije kubera imiterere yawo yo kuba woroheje kandi ufata abantu kimwe. Abantu bose bashobora kuwukomeza bafite kwizera n'ubutwari, kubera ko ukomoka ku Mana. Muri wo hakubiyemo koroha no kuba ingirakamaro, kandi kuwusobanukirwa no kuwushyira mu bikorwa ntibisaba amashuri ahambaye. Abantu bose bashobora kwiyumvamo ko bafite ubushobozi bwo kugira uruhare bakora mu gusohoza umurimo mwiza w'agakiza k'abari mu isi. Buri mugabo, buri mugore na buri musore n'inkumi, ashobora guhinduka umubitsi w'Uwiteka, kandi ashobora kuba igikoresho cyo kumara ubukene bugaragara mu bubiko [bw'Uwiteka]....

Hari byinshi bigerwaho hifashishijwe iyi gahunda ya icyacumi. Iyaba abantu bose bayemeraga, buri wese yagirwa umubitsi w'Imana uri maso kandi w'umwizerwa; kandi ntihakongera kubaho ubukene bw'umutungo wo gukora umurimo ukomeye wo kumvikanisha ubutumwa buheruka bwo kuburira abari mu isi. Abantu bose nibahitamo gukoresha iyi gahunda, ibigega by'Imana bizuzura kandi abagira icyo batanga ntibazakeneshwa no gutanga. Binyuze muri buri mpano yose batanze, bazarushaho kurimbishwa n'umurimo w'ukuri ko muri iki gihe. Bazaba bari "kwibikira mu bubiko bwo mu ijuru urufatiro rwiza ruzabarinda mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo bw'iteka." (1 Tmoteyo 6:19).¹

NI GAHUNDA IREBA UMUKIRE N'UMUKENE

Muri gahunda ya Bibiliya yo gutanga icyacumi n'amaturu, umubare w'amafaranga atangwa n'abantu batandukanye azajya arutana rwose kuko abayatanze binjiza inyungu zitandukanye. Umukene azatanga icyacumi gitoya ugereranije n'umutungo afite, kandi n'impano azaha Imana zizaba nke bitewe n'ubushobozi afite. Ariko ubwinshi bw'impano si bwo butuma Imana yishimira iryo turo; ahubwo iryishimira bitewe n'impamvu yatumye umutima utanga, umwuka wo gushima n'urukundo bigaragarazwa n'uwo mutima. Abakene ntibakwiriye kwiyumvamo ko ituro ryabo ridashyitse ku buryo ritakwitabwaho. Bakwiriye gutanga bakurikije ubushobozi bafite

¹ Testimonies for the Church, vol. 3, pp.388, 399. [Ibihamya by'Itorero.]

kandi bakiyumvamo ko ari abakozi b'Imana ndetse ko izakira amaturo yabo.

Umuntu Imana yahaye umutungo utubutse, niba ayikunda kandi akayubaha, ntazabona ko bimubereye umutwaro gusohozza iby'umutimanama wamurikiwe n'umucyo umutegeka gukora ku byerekeye iby'Imana idusaba. Abakire bazahura n'ibishuko bibatera kwikunda no gukunda amafaranga bitume bagundira ibyo bagombaga kugarurira Uwitaka. Ariko abakunda Imana by'ukuri, nibahura n'ibishuko nk'ibyo, bazasubiza Satani bati: "Byanditswe ngo," mbese umuntu yakwiba Imana ibyayo?" (*Malaki 3:8*); kandi bati: "Umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi narimbuza ubugingo bwe? Cyangwa umuntu yatanga iki ngo acungure ubugingo bwe?" (*Luka 9: 25*).²

BABOSHYWE N'ISANO ISHINGIYE KU ISEZERANO

Mu murimo ukomeye wo kuburira abatuye isi, abafite ukuri mu mitima yabo, kandi bakaba barejewe n'ukuri, bazakora uruhare rwabo. Bazatanga icyacumi n'amaturu bakiranutse. Buri mwizera wo mu Itorero ahujwe n'Imana binyuze mu isano ishingiyeye ku isezerano yagiranye n'Imana ryo kwiyanga no kudapfusha ubusa umutungo. Ntihakagire ubukene runaka mu miryango yacu bwatubera impamvu yo kudasohozza uruhare rwacu rwo kongera imbaraga mu murimo watangiwe, ndetse no kuwutangiza ahandi hantu hashya.³

Ndinginga bene Data na bashiki banjye bari ku isi yose gukangukira kwita ku nshingano yabo yo gutanga icyacumi bakiranuka.... Nimuharanire gukorana n'Umuremyi wanyu mukiranutse. Nimusobanukirwe rwose akamaro ko kuba umukirantsi imbere y'ufite ubumenyi mvajuru bumutera kumenya ibintu bitari byabaho. Nimutyo buri muntu wese arondore umutima we bwite yitonze. Nimutyo buri wese asuzume imicungire y'umutungo we, maze arebe uko ahagaze neza mu isano afitanye n'Imana.

Imana yatanze Umwana wayo w'ikinege kugira ngo agupfire, burya yari igiranye nawe isezerano. Iguha imigisha, maze ikagusaba ngo uyiture kuyigarurira icyacumi n'amaturu. Nta muntu uzatinyuka kuvuga ko atari afite uburyo bwo gusobanukirwa n'ibi ngibi. Umugambi w'Imana ku byerekeye icyacumi n'amaturu wanditswe ku buryo bwumvikana neza mu gitabo cyanditswe n'umuhanuzi Malaki, mu gice cya gatatu. Imana irahamagarira abantu gukiranuka ku maseserano bagiranye na Yo: "Nimuzane imigabane ya icyacumi ishyitse, mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya." Malaki 3:10.⁴

NTABWO ARI ITEGEKO RY'AGAHATO

Abantu bamwe bazavuga ko iri ari rimwe mu mategeko y'agahato yari aboshye Abaheburayo. Nyamara iri tegeko ntiriyari umutwaro

² Review and Herald, May 16, 1893. [*Urwibutso n'Integuza.*]

³ Review and Herald, Jan. 17, 1907. [*Urwibutso n'Integuza.*]

⁴ Review and Herald, Dec. 3, 1901. [*Urwibutso n'Integuza.*]

ku mutima ufite ubushake kandi ukunda Imana. Keretse gusa igihe kamere y'ubwikanyize y'abo bantu yari imaze kunangirwa no kugundira [iby'Imana], ni bwo batakaje kumenya guha agaciro ibihoraho iteka ryose, maze bagaha iby'isi agaciro kubirutisha ubugingo bw'abantu.⁵

NTABWO ARI UMUTWARO, KERETSE GUSA KU BATUMVIRA

Ibyanditswe Byera bisaba Abakristo kwinjira muri gahunda y'Imana yo gukora imirimo yo kugiraneza, ari byo bizabakomereza mu kugira ubushake bwo gukorera agakiza ka bagenzi babo. Itegeko rigenga imyitwarire risaba abantu kuziririza Isabato, nta muntu ryaberaga umutwaro, keretse gusa igihe ryabaga ryishwe kandi abaryishe bakaba bagomba guhabwa ibihano bikwiriye abaryishe. Gahunda yo gutanga icyacumi ntiyigeze ibera umutwaro abantu babaga bashikanye kuri iryo hame. Gahunda yahawe Abaheburayo ntabwo yigeze iteshwa agaciro cyangwa ngo yoroshywe n'uwayitanze. Aho kugira ngo itakaze imbaraga muri iki gihe, yarushijeho kwerezeza no kwagurwa, mbese nk'uko agakiza kabonerwa muri Kristo wenyine gakwiriye kumenyeshwa abantu mu buryo bwuzuye igihe cyose Ubukristo bukiriho.⁶

GUTANGA UBUSABUSA

Ndavuga kuri gahunda yo gutanga icyacumi; mbega ukuntu ari ubusabusa mu bitekerezo byanjye! Mbega ukuntu iyo ugereranyije usanga ari utuntu duke cyane! Mbega ukuntu ari uguta igihe kugerageza kugiha agaciro ukoresheje amategeko ngenderwaho mu mibare, igihe, amafaranga n'urukundo tugereranyije n'urukundo Imana yadukunze ndetse n'igitambo kitagira akagero kandi kitarondoreka! Icyacumi ukigereranyije na Kristo! Mbega ubusabusa! Mbega ukuntu ari inyiturano y'urukozasoni uyigereranyije n'igiciro gikomeye cyane!⁷

5 Testimonies for the Church, vol 3, p.396. [Ibiamya by'Itorero.]

6 Testimonies for the Church, vol. 3, 391,392. [Ibiamya by'Itorero.]

7 Testimonies for the Church, vol. 4, 119. [Ibiamya by'Itorero.]

NI IKIBAZO CY'UBUNYANGAMUGAYO

Umwuka wo kwihugiraho no kwikunda ni wo usa n'aho ubuza abantu guha Imana ibyayo. Uwiteka yagiranye n'abantu isezerano ryihariye rivuga ko nibaramuka bamugaruriye umugabane wo guteza ingoma ya Kristo imbere bakawuzana mu buryo buhoraho, ko azabaha imigisha myinshi, myinshi cyane ku buryo bazabura aho bakwiza impano ze. Ariko abantu nibaramuka bagundiye iby'Imana, Uwiteka avuga ku mugaragaro ati: "Muravumwa wa muvumo..."

Abantu bazirikana ko babeshejweho n'Imana, baziyumvamo ko ari ngombwa kuba inyangamugayo kuri bagenzi babo, kandi ikirenze ibyo bakaba inyangamugayo ku Mana Yo ibaha imigisha yo muri ubu bugingo. Kwirengagiza amategeko yashyizweho n'Imana yerekeye gutanga icyacumi n'amaturu, byandikwa mu bitabo byo mu ijuru nko kwiba Imana.

Nta muntu uhemukira Imana cyangwa bagenzi be ushobora kugubwa neza. Imana Isumba byose, Umugenga w'ijuru n'isi, aravuga ati: "Ntukagire mu isaho yawe ibyuma upimisha indatira imwe, biciye ukubiri, ikinini n'igito. Ntukagire mu nzu yawe ibyibo by'urugero rumwe, biciye ukubiri, ikinini n'igito. Ahubwo icyuma gitunganye, kingana rwose n'uko cyitwa abe ari cyo ugeresha, kugira ngo uramire mu gihugu Uwiteka Imana yawe iguha. Kuko abakora ibimeze nka bya bindi bese, abakora ibidatunganye bese, ari ikizira ku Uwiteka." *Gutegeka kwa Kabiri 25: 13-16*. Na none binyuze mu muhanuzi Mika, Imana yongeye kugaragaza uburyo yanga uburiganya: "Mbese ubutunzi budatunganye buracyari mu nzu y'inkozi z'ibibi, cyangwa ingero zitubya, abantu banga? Abafite iminzani ibeshya n'uruhago rurimo ibipimisho bihenda, mbese bantunganira? ... Ni cyo gituma nanjye naguteje igikomere kibabaje, nkugira umusaka, nguhoye ibyaha byawe." *Mika 6:10-14*.¹

KUBUZA AMAHORU UMUTIMANAMA

Iyo dukoze ibyo gukiranirwa tugahemukira bagenzi bacu cyangwa tugacumura ku Mana, tuba dusuzuguye ubutware bw'Imana, tukiyibagiza nkana ko Kristo yatuguze ubugingo bwe. Ab'isi bariho bariba Imana ibyo

¹ Review and Herald, Dec. 17, 1889. [Urwibutso n'Integuza].

yateganirije umurimo wayo byose. Uko turushaho gutanga ku butunzi, ni ko abantu barushaho kubugundira nk'ubwabo, no kubukoresha uko bishakiye. Ariko se abavuga ko ari abayoboze ba Kristo bazakurikiza imigenzo y'ab'isi? Mbese tuzemera kubuza umutimanama amahoro, tubure umubano twari dufitanye n'Imana, n'ubucuti twari dufitanye na bene Data, bitewe n'uko twananiwe guha Imana umugabane ivuga ko ari umutungo wayo?

Nimutyo abantu bavuga ko ari Abakristo, bazirikane ko bacuruza igishoro bahawe n'Imana, kandi ko basabwa gukurikiza amabwirizwa bahawe mu Byanditswe Byera bakiranuka, amabwiriza ajyanye no gutanga icyacumi n'amaturu. Umutima wawe niba utunganiye Imana, ntuzanyereze umutungo w' Imana, ngo uwukoreshe mu bikorwa byo kwikunda bikuzanira inyungu zawe bwite....

Benedata na bashiki banjye, niba Imana yarabahaye imigisha y'ubutunzi, ntimukayirebe nk'aho ari iyanyu bwite. Nimuyirebe nk'intizanyo mwahawe n'Imana, kandi ko mugomba kuyibera abizerwa n'abanyakuri mutanga icyacumi n'amaturu. Niba muhize umuhigo w'ibyo mwiyejeje kuzakora, mujye mumenya neza ko Imana itegereje ko muhigura umuhigo mwahize mudatindiganije. Ntimugasezeranire Imana kuyiha umugabane w'ibyo mutunze, ngo hanyuma mwisubireho, mubikoresha mu bikorwa byanyu bwite; nimubigenza mutyo amasengesho yanyu azahinduka ikizira Imana yanga urunuka. Uku gukerensa inshingano twahawe mu buryo busobanutse kandi bwumvikana ni byo bizana umwijima mu Itorero.²

NTAHO BITANIYE N'ICYAHA CYO GUSUZUGURA IBYERA

Ikintu cyeyejwe kugira ngo kibe umutungo w'Uwiteka hakurikijwe uko Ibyanditswe Byera bibivuga, kiba gindutse inyungu zikoreshwa mu murimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza, kandi ntikiba kikiri icyacu. Kuwufata ukawukoresha mu byawe bwite cyangwa ku nyungu z'abandi, ntaho bitaniye n'icyaha cyo gusuzugura iby'Imana. Hari bamwe bagiye bakora amakosa yo kunyereza ibyamaze kugera ku ruhimbi, kandi byamaze kwegurirwa Imana. Abantu bose bakwiriye kwita kuri iki kintu mu mucyo nyawo. Nimutyo he kugira n'umwe ugera mu gihe cy'ubukene, maze ngo afate amafaranga yerejwe gukora umurimo wo mu rusengeru kugira ngo ayakoreshe mu nyungu ze bwite, hanyuma narangiza ngo yihumurize ko azayishyura mu minsi runaka yo mu gihe kizaza. Icyarushaho kuba cyiza ni ukugabanya ibyo utangaho amafaranga ukabihuza n'amafaranga winjiza, kugabanya umubare w'ibyo ushaka, maze ukabaho ukurikije umutungo ufite aho kugira ngo ukoreshe amafaranga y'Uwiteka mu nyungu z'iby'isi.³

² Review and Herald, Dec. 17, 1889. [Urwibutso n'Integuza.]

³ Testimonies for the Church, vol. 9, pp.246,247. [Ibihamya by'Itorero.]

KUTICA IGIHE NA GAHUNDA

Amabwirizwa yatanzwe na Mwuka Muziranenge abinyujije mu ntumwa Pawulo ku byerekeye impano, agaragaza ihame rikwiriye gukurikizwa no muri gahunda yo gutanga icyacumi. Yandikiye Abakorinto ati: “Ku wa mbere w’iminsi irindwi, umuntu wese muri mwe abike iwe ibimushobokera nk’uko atunze, kugira ngo ubwo nzaza ataba ari ho impiya zisonzoranywa.” 1 Abakorinto 16: 2. Hano, iri hame rirareba ababyeyi n’abana. Ntirireba abakire gusa, ahubwo n’abakene rirabareba. Yaravuze ati: “Umuntu wese atange nk’uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe.” 2 Abakorinto 9: 7. Dukwiriye gutanga impano dukurikije uburyo kugiraneza kw’Imana ari kwinshi kuri twe.

None se ni ikihe gihe gikwiriye gutoranywa kugira ngo umuntu ashyire ku ruhande icyacumi kandi ahe Imana amaturo? Ku Isabato, ibitekerezo byacu tuba twabyerekeje ku kugiraneza kw’Imana. Twitegereza umurimo wayo wo kurema nk’ikimenyetso cy’imbaraga zayo zo gucungura. Imitima yacu yuzura ishimwe kubera urukundo rwayo rutarondoreka. Noneho mbere y’uko dutangira imirimo y’icyumweru, tuyigarurira ibyayo, kandi kuri byo tukongeraho n’ituro ryo guhamya ko twanyuzwe n’ibyoyadukoreye. Bityo, imigirire yacu izahinduka ikibwirizwa cya buri cyumweru, kigaragaza ko ibyo dutunze byose ari iby’Imana, kandi ko yatugize ibisonga kugira ngo duheshe izina ryayo icyubahiro. Kuzirikana kose ko dufite inshingano ku Mana byongera imbaraga ku gitekerezo cyo gusohoza inshingano. Umutima wo kunyurwa urushaho gushora imizi iyo tuwuhaye amahirwe, kandi umunezero uturuka ku mutima nk’uwo uzanira umwuka n’umubiri ubugintuma ubugingo n’umubiri biba bitaraga.¹

TUBANZE DUTANGE ICYACUMI - DUKURIKIZEHO AMATURO

Gutanga icyacumi n’amaturo si igikorwa cyikora mu muntu atabanje kugitekerezaho. Imana yaduhaye amabwiriza asobanutse yerekeye uburyo bigomba gukorwamo. Yerekanye ko icyacumi n’amaturo ari igipimo cy’inshingano dufite. Kandi ishaka yuko tujya tubitanga ku gihe, ntitugire ibirarane.... Nimutyo buri muntu aje ahora asuzuma inyungu yabonye

¹ Review and Herald, Feb. 4, 1902. [Urwibutso n’Integuza.]

kuko na zo ari imigisha aba yahawe n'Imana; maze icyacumi agishyire ku ruhanda, nk'umutungo w'umwihariko werejwe Uwiteka. Uwo mutungo ntukwiriye kugira ikindi kintu icyo ari cyose ukoreshwa; ukwiriye gukoreshwa gusa mu gushyigikira umurimo wo kubwiriza ubutumwa bwiza. Nyuma yo gushyira ku ruhanda umugabane wa icyacumi, tuzakurikizaho kugena impano n'amaturu kubera ko Imana iba yaduhaye imigisha.²

BANZA UKORE IBYO IMANA IGUSHAKAHO

Imana ntitubwira kuyigarurira icyacumi nk'umutungo wayo gusa, ahubwo inatubwira uko tugomba kujya tukiyizigamira. Iravuga iti: "Wubahishe Uwiteka ubutunzi bwawe, n'umuganura w'ibyo wungutse byose. (*Imigani* 3:9-10.) Iri somo ntiritubwira ko tugomba gukoresha umutungo wacu ku byo dukeneye, maze ngo niturangiza dushyire Imana ibisigaye, nubwo byaba ari icyacumi dutanganye umutima ukiranutse. Nimureke tujye tubanza gushyira ku ruhanda umugabane w'Imana.³

Ntidukwiriye kwegurira Imana ibisigaye ku byo twungutse, nyuma yo kwimara ubukene nyakuri ndetse n'ubwo dutekereza ko dufite. Ahubwo mbere yuko tugira amafaranga dukoresha, dukwiriye kubanza gushyira ku ruhanda ibyo Imana yavuze ko ari ibyayo.

Abantu benshi bazakemura ibibazo byoroheje ndetse bishyure n'imyenda yabo, maze basigire Imana udusigazwa, niba hari n'uduhari. Nibatagenza batyo, bazagera umurimo w'Imana ikindi gihe babona ko kibanogeye mu bihe bishyize kera.⁴

² Review and Herald, May 9, 1893. [*Urwibutso n'Integuza.*]

³ Review and Herald, Feb. 4, 1902. [*Urwibutso n'Integuza.*]

⁴ Review and Herald, May 16, 1882. [*Urwibutso n'Integuza.*]

UBUTUMWA BWA MALAKI

Gucyaha n'umuburo n'amasezerano by'Uwiteka bitangwa mu mvugo yumvikana neza iri muri Malaki 3:8,9 ahavuga hati: "Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo? Ariko mwarabinyimye. Nyamara murabaza muti: "Twakwimye iki? " Uwiteka arasubiza ati: "Mwanyimye imigabane ya icyacumi n'amaturu. Muvumwe wa mvumo: kuko ishyanga ryose uko ringana mwanyimye ibyanjye."

Abantu Uwiteka Imana yo mu ijuru yahaye ubutunzi, yabahaye n'umurimo wo kuyigerageza. Aravuga ati: "Nimunzanire imigabane ya icyacumi n'amaturu, kugira ngo inzu yanjye ibemo ibyo kurya; ngaho nimubingeragereshe, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, murebe ko ntazabagomororera imigomero yo mu ijuru, nkabaha imigisha mukabura aho muyikwiza."

Ubu butumwa ntibwigeze butakaza imbaraga zabwo. Agaciro kabwo gahora ari gashya nk'uko impano z'Imana zihora ari nshya kandi zigahoraho. Ntabwo bitugoye gusobanukirwa inshingano yacu mu mucyo w'ubu butumwa bwatanzwe binyuze mu muhanuzi wera w'Imana. Ntitwaretswe ngo tugende dusitara mu mwijima no kutumvira. Ukuri kuvugwa mu buryo busobanutse, kandi gushobora kumvwa n'abifuza kuba abanyakuri bose mu maso y'Imana. Icyacumi cy'ibyo twungutse byose ni icy'Uwiteka. Ashyira ikiganza kuri uwo mugabane, uwo yavuze ko tuzajya tumugarurira, maze akavuga iti: "Mbemerera gukoresha umutungo nabahaye nyuma yuko mushyira icyacumi ku ruhande, kandi mukaba mwaje imbere yanjye muzanye impano n'amaturu."

Imana irarikira abantu kuzana icyacumi cyayo mu bubiko bwayo. Nimutyo tugarurire Imana uyu mugabane dukomeje, tutaryarya kandi dukiranutse. Hejuru yo kuyigarurira icyacumi, aturarikira kumuzanira impano n'amaturu. Nta muntu n'umwe uhatirwa kuzanira Uwiteka icyacumi, impano ndetse n'amaturu. Nyamara nk'uko Ijambo ry'Imana twahawe ari iry'ukuri, ni na ko mu kuri izasaba buri muntu wese kuyigarurira ibyayo ndetse akazana n'inyungu zabyo. Niba abantu ari abatizerwa mu kugarurira Imana ibyayo, niba basuzugura ibyo Imana ibasaba kuyigarurira nk'ibisonga byayo, ntibazakomeza kubona imigisha ikomoka ku byo Imana yabaragije....

Uwiteka yahaye buri muntu wese umurimo we. Abagaragu bayo bagomba gukorana na Yo. Abantu baramutse babyihitijemo, bashobora kwanga kwifatanya n'Umuremyi wabo; bashobora kwanga kwiyegurira mu murimo wayo, no gukoresha ubutunzi yabahaye ngo babubyeze inyungu; bashobora kunanirwa gukoresha neza umutungo no kwiyanga, ndetse bakibagirwa bakibagirwa ko Uwiteka abasaba kumugarurira ibyo yabahaye. Bene abo bantu bese ni ibisonga bikiranirwa.

Igisonga gikiranuka kizakora ibyo gishoboye byose mu murimo w'Imana; intego imwe y'ingenzi azaba abona imbere ye ni ukugera ku cyo abari mu isi bakeneye. Azasobanukirwa neza ko ubutumwa bw'ukuri bugomba gutangwa, atari mu baturanyi be gusa, ahubwo no mu tundi turere twa kure. Abantu nibaramuka bashyigikiye umwuka nk'uyu, gukunda ukuri ndetse no kwezwa n'ukuri bizirukana gukunda amafaranga, kwivuguruza, n'ubwoko ubwo ari bwo bwose bwo kuriganya.¹

GUTINYUKA GUHAKANA ICYACUMI

“Numva yuko ugenda wamamaza ko tudakwiriye gutanga icyacumi. Mwene Data, kwetura inkweto wambaye, kuko aho uhagaze ari ahera. Imana yavuze ibyerekeye gutanga icyacumi. Yaravuze iti: “Nimuzane imigabane ya icyacumi ishishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya....”

Vuba aha nahawe umucyo uturutse ku Mana ku byerekeye iki kibazo. Neretswe ko benshi mu Badventisiti b'Umunsi wa Karindwi biba icyacumi n'amaturu, kandi nahishuriwe rwose ko ibyo Malaki yavuze ari impamo. None se, ni buryo ki umuntu atinyuka kwibwira mu mutima we ko igitekerezo cyo kugundira icyacumi n'amaturu gikomoka k'Uwiteka? Mbese mwene Data, ni he wateshutse ukava mu nzira? Yewe, garura ibirenge byawe mu nzira igororotse.²

KWIBA IMANA

Kuba izina ryawe ryanditswe mu gitabo cy'Itorero, si byo bituma uba umukristo. Ugomba kuzana impano zawe ku gicaniro cy'ibitambo, ugafatanya n'Imana uko ushoboye kose, kugira ngo binyuze muri wowe ibashe guhishurira abantu ubwiza bw' ukuri kwayo. Irinde kugira icyo ugundira ngo ucyime Umukiza wawe. Ibyo utunze byose ni ibye. Iyo ataba ari we wabanje kuguha, ntabwo uba ufite icyo gutanga.

Kwikunda kwaraje, maze bwigarurira ibyari iby'Imana. Uku ni ukurarikira, kandi uku kurarikira guhwanye no gusenga ibigirwamana. Abantu bikubira ibintu Imana yabatije nk'aho ari umutungo wabo bakoresha uko bishakiye. Iyo bahawe imbaraga zo gusingira umutungo, batekereza yuko ibyo batunze bituma bagira agaciro mu maso y'Imana. Uwo ni umutego, kandi ni ikinyoma cya Satani. Mbese umurimbo no kwigaragaza bimaze iki?. Mbese abagabo n'abagore bunguka iki giturutse mu bwibone no mu kwishakira ibibanezeza? “Umuntu byamumarira iki gutunga ibintu

1 Review and Herald, Dec. 1, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]

2 Testimonies to Ministers, p.60. [Ibihamya ku Bagabura.]

byose byo mu isi narimbuza ubugingo bwe, cyangwa se yabasha gutanga iki kugira ngo acungure ubugingo bwe?” Luka 9: 25. Ubutunzi bwo mu isi ni ubw’agahe gato. Binyuze muri Kristo gusa ni bwo dushobora kubona ubutunzi buzahoraho iteka. Ubutunzi atanga ntiburondoreka. Iyo wamaze kubona Imana, ugakomeza kwitegereza ubutunzi bwayo, uhinduka umutunzi uruta abandi bose. “Iby’ijisho ritigeze kureba n’iby’ugutwi kutigeze kumva, ibitigeze kwinjira mu mutima w’umuntu, ibyo byose Imana yabiteguriye abayikunda.” 1 Abakorinto 2: 9.

Ngaho ibaze iki kibazo: Mbese impano Imana yampaye nzikoresha nte? Mbese uri kwishyira mu mwanya utuma aya magambo agusohoreraho ngo: “Muvumwe wa muvumo; kuko ishyanga ryose uko ringana mwanyimye ibyanjye”?

Turi mu gihe tugifite amahirwe atangaje n’ibyiringiro byera; ni igihe umurage wacu w’iteka uri kwemezwa ubudasubirwaho, niba tuzabaho iteka cyangwa se niba tuzarimbuka. Nimutyo twisubiremo. Mwebwe muvuga ko muri abana b’Imana, nimuzane imigabane ya icyacumi mu bubiko bwayo. Nimutange amaturo mubikuye ku mutima kandi mutange menshi, mukurikije iby’Imana yabahaye. Nimwibuke yuko Uwiteka yabahaye italanto ngo muzigenze neza zimuzanire inyungu. Na none mwibuke ko umugaragu ukiranuka atishakira icyubahiro. Gushimwa n’icyubahiro cyose bihabwa Uwiteka. [Ahubwo aravuga ati]: “Wampaye amafaranga yawe. Sinari kubona inyungu n’imwe iyo utabanza kumpa igishoro. Ntihari kugira ibyinjira iyo hataboneka umutungo wo gukoresha. Igishoro cyatanzwe mbere na mbere n’Uwiteka. Amahirwe yabonetse muri ubu bucuruzi yakomotse k’Uwiteka, none icyubahiro kibe icye.



Yooo! Iyaba abantu bazi ukuri bemeraga kumvira icyo uku kuri kubigisha! Ni ukubera iki abantu bahagaze ku rugabano rw'isi ihoraho ari impumyi bikabije? Muri rusange, ikibazo si uko Abadventisiti b'Umunsi wa Karindwi ari abakene. Ahubwo benshi mu Badiventisti b'Umunsi wa karindwi bananirwa gusobanukirwa n'inshingano bafite yo gufatanya n'Imana na Krsito kugira ngo bakize imitima y'abantu. Ntabwo bereka ab'isi ukuntu Imana ishishikajwe n'agakiza k'abanyabyaha. Ntibakoresha menshi mu mahirwe bahawe yose ngo bayabyaze umusaruro. Indwara y'ibibembe byo kwikunda yafashe Itorerero ho umunyago. Umwami Yesu Kristo azakiza itorerero iyo ndwara iteye ubwoba niba rizemera gukizwa. Umuti wayo uboneka muri Yesaya 58.³

IKIBAZO GIKOMEYE

Ni ikibazo gikomeye kubona abantu banyereza umutungo w'Imana, bagatinyuka kuyiba. Iyo bagenje batyo, imitekerereze yabo ita umurongo maze imitima yabo ikinangira. Mbega ngo imibereho y'idini irananiwa kwera imbuto! Mbega ngo igihu kirabudika mu bwenge bw'umuntu udakunda Imana urukundo rutunganye kandi rutihugiraho, bityo akananirwa no gukunda mugenzi we nk'uko yikunda!...

Umunsi ukomeye uheruka uzabahishurira, bo kimwe n'abari mu isanzure bose ibyiza byagombaga gukorwa iyo bataza gukurikiza kamere yabo yo kwikunda ishaka ngo bibe icyacumi n'amaturu. Bari kuba barabikije ubutunzi bwabo mu bubiko bwo mu ijuru, bityo bakaburinda kwangirika babubika mu mifuka idasaza; nyamara aho kubigenza batyo, bahisemo kuyikoreshereza ku nyungu zabo no ku bana babo. Basaga n'aho baterekereza ko Imana yatwara amwe mu mafaranga yabo cyangwa ikabambura icyubahiro bari bafite mu bantu; ku bw'ibyoro, byatumye bagira igihombo cy'iteka ryose. Nibitegereze ingaruka ziterwa no kwima Imana ibyayo. Umugaragu w'umunembwe utazirikana amafaranga y'Uwiteka Imana ye ngo ayacuruze neza, azimiza umurage w'iteka ryose wo mu bwami bw'icyubahiro.⁴

Kwiba Imana ni icyaha gikomeye cyane umuntu ashobora kubarwaho; kandi icyo cyaha kiraremeye cyane ndetse kigenda gikwira mu bantu.⁵

IFARANGA RYOSE RINYEREJWE RIRANDIKWA

Mbese uzima Imana ibyayo? Mbese uzanyereza umugabane w'ubutunzi bw'Uwiteka? Niba ubikora, uriho uriba Imana kandi buri faranga ryose rinyerejwe, ryandikwa imbere y'izina ryawe mu gitabo cyo mu ijuru.⁶

IMPAMVU ITUMA ABANTU BAMWE BATAGERWAHO N'IMIGISHA

Bene Data na bashiki banjye, nimugire bwangu, muzanire Imana kimwe mu icumu mukiranutse, kandi muyizanire ituro ry'ishimwe rivuye ku mutima w'ubushake. Hariho abantu benshi batazabahwa imigisha kugeza

3 Review and Herald, Dec. 10, 1901. [Urwibutso n'Integuza.]

4 Review and Herald, Jan. 22, 1895. [Urwibutso n'Integuza.]

5 Review and Herald, Oct. 13, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]

6 Review and Herald, Dec. 23, 1890. [Urwibutso n'Integuza.]

igihe bazaba bamaze kwishyura icyacumi bagundiye. Imana itegereje ko mukosora ibyo mwangije mu gihe cyashize. Cya kiganza cyatanze amategeko yera kiramburiwe ku bugingo bw'umuntu wese winezeza mu nyungu z'Imana. Nimutyo buri muntu wese wagundiye icyacumi mu bihe byashize, yisuzume neza maze agarure Imana ibyo yibye byagombaga gukoreshwa mu murimo wayo. Nimugarure ibyo mwibye maze muzanire Uwiteka ituro ry'uko muri amahoro. Uwiteka aragira inama buri muyoboke we muri aya magambo: "Ahubwo niyisunge imbaraga zanjye, abone kuzura nanjye, ndetse ni yuzure nanjye. Yesaya 27:5 Niba umaze kumenya ko wakoresheje umutungo w'Imana uko bidakwiriye, maze ukihana rwose ubikuye ku mutima, izakubabarira igicumuro cyawe."⁷

UMWIJIMA WAZANYWE MU MATORERO

Bamwe bananirwa kwigisha abantu uko bagomba gusohoza inshingano zabo. Babwiriza umugabane wo kwizera udashobora gutuma hari uwo mu bamuteze amatwi uhangana na we cyangwa ngo arakare; nyamara ntabwo bigisha ukuri kose uko kwakabaye. Usanga abantu bashimishwa n'ibibwirizwa byabo; nyamara biba bibuzemo iby'umwuka kuko iby'Imana idusaba batabikomozaho. Ubwoko bwayo ntibuyiha icyacumi n'amaturu kandi ari ibyayo. Ubu bujura bwo kwiba Imana ibyayo bukorwa n'abakire n'abakene, ni bwo buzana umwijima mu Matorero; kandi umugabura ukorana na bo, ariko ntabereke mu buryo busobanutse ubushake bw'Imana, na we acirwaho iteka rihwanye n'iry'abo ayobora, bitewe n'uko yirengagiza inshingano yahawe.⁸

KUGUNDIRA IBY'IMANA KWANDIKWA MU BITABO

Imana isoma igitekerezo cy'irari muri buri mutima ugambiriye kugundira ibyayo. Abantu b'abanyabugugu birengagiza gutanga icyacumi no kuzana impano n'amaturu mu bubiko, Imana iba ibareba. Umwami Yehova abisobanukiwe byose uko biri. Nk'uko imbere ye hari igitabo cy'urwibutso cyandikwamo iby'abantu bubaha Uwiteka kandi bakambaza izina rye, ni ko hari n'ikindi gitabo cyandikwamo amazina y'abantu biba impano Imana yababikije kugira ngo zikoreshwe mu murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu.⁹

IGIHOMBO GIKOMEYE KU GISONGA GIKIRANIRWA

Isezera ryahawe abantu bubahisha Imana ubutunzi bwabo, riracyari mu gitabo ku mpapuro zera. Iyaba ubwoko bw'Imana bwarubahirije amategeko yayo, iryo sezerano riba ryarabasohorejwe. Ariko iyo abantu basuzuguye iby'Imana ibasaba, ibyo yabashyize imbere mu buryo busobanutse neza, Imana irabareka bagakurikira inzira zabo, maze bagasarura imbuto z'imirimo yabo. Umuntu wese utwara ibyo imana yikubitiye akabikoresha uko yishakiye, aba agaragaje ko ari igisonga gikiranirwa. Ntazabura ibyo yahuguje Imana gusa, ahubwo azazimiza n'ibyari ibye bwite Imana yamuhaye.¹⁰

⁷ Review and Herald, Dec. 10, 1901. [Urwibutso n'Integuza.]

⁸ Review and Herald, March 8, 1884. [Urwibutso n'Integuza.]

⁹ Review and Herald, May 16, 1893. [Urwibutso n'Integuza.]

¹⁰ Review and Herald, Feb. 4, 1902. [Urwibutso n'Integuza.]

NIMUREKE TUGERAGEZE IMANA

Nimuzane imigabane ya icyacumi ishyitse, mubishyire mu bubiko, inzu yanjye ibemo ibyokurya. Ngaho nimubingerangereshe, ni ko Uwiteka Nyiringabo, murebe ko ntazabagomorerera imigomero yo mu ijuru, nkabasukaho umugisha, mukabura aho muwukwiza.” Malaki 3:10. Mbese tuzumvira Imana maze tuzane icyacumi n’amaturu byacu byose kugira ngo haboneke ibyokurya byo kugaburira ubugingo busonzeye umutsima w’ubugingo? Imana irakurarikira kuyigerageza muri iki gihe dusoza umwaka; kandi nimureke umwaka mushya usange twarongeye kuzuzwa ubutunzi mu bubiko bw’Imana....

Imana itubwirako izatugomorerera imigomero yo mu ijuru, akadusukaho imigisha, maze tukabura aho tuyikwiza. Yararahiye iti: “Nzahana indyanyi nyibahora, ntizarimbura imyaka yo ku butaka bwanyu, kandi n’umuzabibu wanyu ntuzaragarika imbuto mu murima igihe cyawo kitaragera. Ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga.” Malaki 3:11. Muri ubwo buryo, iri jambo rye ni igihamba cy’uko tuzakomeza kugira icyacumi cyinshi ndetse n’amaturu byo gutanga. Uwiteka Nyiri ingabo aravuga ati: “Nimungarukire, nanjye nzabagarukira.” Malaki 3:7.

Bene Data, mbese muzemera kumvira izi nama tugirwa n’Imana? Mbese muzatanga byinshi munezerewe kandi mubikuye ku mutima? Aho umurimo uri gukorerwa mu bihugu by’amahanga baratabaza ngo hagire amikoro ava muri Amerika. Mbese bazaruhira ubusa babatabaza? Misiyoni z’imbere mu gihugu na zo zikeneye amafaranga; zagiye zihangwa ku bwo kwizera, ahantu hatandukanye umurimo ukorerwa. Mbese zizarekwa zihure n’ibibazo maze zisenyuke? Mbese ntidukwiriye gukanguka? Ndasaba Imana ngo ifashe abantu bayo kugira bakore ibyiza bashoboye gukora byose.

NTA GIHOMBO GIHARI

Mbega ubwishingizi bwuzuye ubuntu kandi bushyitse duhabwa nituramuka gusa dukoze iby’Imana idusaba! Gundira ibi bintu, mbese nk’aho wizeye ko Imana izakora rwose ibyo yasezeranye. Nimutyo tugerageze gukora dukurikije ibyo Ijambo ry’Imana ritubwira. Abantu bakorana ishyamba bashakira kugera ku butunzi, nyamara benshi muri bo bahura n’ibihombo;

iby'iteka ryose barabyirengagiza; amahame y'icyubahiro bakayica; nyamara bashobora guhomba ibyabo byose igihe bagenza batyo. Ariko iyo twumviye ibyo ijuru riturarikira gukora, ntidushobora guhura n'ibihombo nk'ibyo. Dukwiriye kwizera icyo Imana yavuze, kandi ku bwo kwizera tukagenda mu masezerano yayo twiyoroheje; ndetse tugaha Uwiteka ibye.¹

NYIRABAYAZANA W'AMAKUBA DUHURA NA YO

Abantu benshi bavuga ko ari Abakristo biteganyiriza byinshi, bagatanga umutungo mu byo batekereza ko bakeneye, ariko ntibite ku bikenewe mu murimo w'Imana. Batekereza ko babonera inyungu mu kwiba Imana binyuze mu kugundira byose, cyangwa kwikubira umugabane w'impano zayo bakawufata nk'aho izo mpano ari izabo bwite. Nyamara bahura n'ibihombo aho kubona inyungu. Ibyo bakora bituma ubuntu n'imigisha by'Imana bitabageraho. Abantu bagiye bahomba ibintu byinshi cyane bitewe n'umwuka bagira wo kwikunda no gukunda amafaranga. Iyaba barumviye amategeko y'Imana babikuye ku mutima kandi bagakora ibyo ibasaba, imigisha yayo iba yarigaragaje kuri bo binyuze mu kubongerera umwero w'ubutaka. Umusaruro w'imyaka uba warabaye mwinshi cyane. Abantu baba baramazwe ubukene bafite. Uko turushaho gutanga, ni ko tuzarushaho guhabwa.²

AMASEZERANO AGENDANA N'AMATEGEKO Y'IMANA

Inshingano uko iri kose ni inshingano, kandi igomba gusohozwa. Nyamara Imana ibabarana natwe mu ntege nke zacu nk'abantu baguye, kandi amategeko yayo iyaherekeresha amasezerano. Irarikira abantu bayo kuyigerageza, ikavuga ko izagororera abazayumvira, ikabaha imigisha myinshi.... Idutera umwete wo kuyigarurira ibyayo kandi ikavuga ko ubwinshi bw'imigisha izaduha, buzangana n'ubwinshi bw'impano tuzaba twayihaye. "Ubiba byinshi, azasarura byinshi." Ntabwo Imana ikiranirwa ngo ibe yakwibagirwa umurimo wakoze n'ibikorwa byawe by'urukundo.

Mbega ukuntu Imana igira neza kandi ikaba inyakuri mu byo itugirira! Yaduhereye muri Kristo imigisha itarondoreka. Binyuze muri we, yashyize ikimenyetso ku masezerano yagiranye na twe.³

1 Review and Herald, Dec. 18, 1888. [Urwibutso n'Integuza.]

2 Review and Herald, Dec. 8, 1896. [Urwibutso n'Integuza.]

3 Review and Herald, Dec. 3, 1901. [Urwibutso n'Integuza.]

KWIGARURIRA AMAFARANGA IMANA YIZIGAMIYE

Vuba aha Imana yampaye ibihamya byihariye ngomba gutanga ku byerekeye imiburo n'amasezerano yatanze ibinyujije ku muhanuzi wayo Malaki. Igihe nari maze kuvugana ubushizi bw'amanga ijambo ry'Imana, mbwira ab'Itorero ryo muri Sydney (muri Australia), ndiho nambarira mu cyumba cy'urwambariro, umuntu yambajije ikibazo ati: "Mushiki wacu White, utekereza ko data akwiriye gutanga icyacumi? Aherutse kugira igihombo gikomeye, maze avuga ko igihe cyose azaba amaze kwishyura imyenda afite, ari bwo azahita atanga icyacumi." Naramubajije nti: "Utekereza iki ku byo tugomba gukorera Imana, yaduhaye ubuzima n'umwuka duhumeka n'imigisha yose itunezeza? Mbese ushaka ko imyenda tubereyemo Imana ikomeza kwiyongera? Mbese wahitamo gukomeza kwiba Imana umugabane itigeze iduha ngo tuwukoreshe ikindi kintu icyo ari cyo cyose keretse guteza imbere umurimo wayo, no gushyigikira abagaragu bayo mu murimo bayikorera? Igisubizo cy'icyo kibazo cyawe kiboneka mu gitabo cy'umuhanuzi Malaki, ahavuga hati: "Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo?...Nyamara murabaza muti: "Twakwimye iki?" -bisa n'aho ubaza afite ubushake bwo kudasobanukirwa n'iyi ngingo. Igisubizo ni iki: "Mwanyimye imigabane ya icyacumi n'amaturu; muvumwe wa muvumo, kuko ishyanga ryose mwanyimye ibyanjye." Mbese hejuru y'amagambo nk'aya, nkwiriye kukubwira ko ugomba gutanga icyacumi mu gihe cyose uzaba ugifite imyenda wishyura? None se nkubwire ko ugomba kwishyura abantu ubereyemo imyenda nubwo waba uri kwiba Imana?"

Iyaba abantu bose bafataga Ibyanditswe Byera nk'uko biri, maze bagakingurira imitima yabo kwakira Ijambo ry'Uwiteka, ntibahangara kuvuga ngo: "Sinshobora kubona ikibazo cyerekeranye no gutanga icyacumi. Sinshobora kubona ko nkwiriye gutanga icyacumi mu bibazo ndi guhura na byo." "Mbese umuntu yakwima Imana ibyayo?" Ingaruka zo kubikora gutyo ziragaragara rwose, kandi sinakwemera kugerwaho n'ingaruka nk'izo. Abantu bazamaramaza kumvira Imana n'umutima wabo wose, abantu batazafata amafaranga Imana yizigamiye—kuko ari ayayo bwite—kugira ngo bayakoreshe mu kwishyura imyenda yabo; abantu bazagarurira Uwiteka umugabane avuga ko ari uwe, bene abo bazahabwa imigisha Imana yasezeraniye abayumvira bose.¹

¹ Special Testimony to Battle Creek Church, pp. 9,10. [August, 1896]. *Ubuhamya bw'Umwihariko*

IMPAMVU NYAYO ITUMA ABANTU BIMA IMANA IBYAYO

Nabonye abantu bamwe basaba imbabazi bavuga ko kudafasha umurimo w'Imana babitewe n'uko barimo imyenda. Iyo baza gusuzuma neza imitima yabo, bari gutahura ko inarijye ari yo mpamvu nyayo ituma batazanira Imana amaturo y'ubushake. Bamwe muri bo bazahora mu myenda. Bitewe no kurarikira ibintu kwabo, ukuboko kw'Imana gutuma ibyabo bigenda neza ntikuzaba ku byo bagerageza gukora kugira ngo kubihe umugisha. Bakunda iyi si cyane kuruta uko bakunda ukuri. Ntibakura ngo bagere ku kigero cyo kuba biteguye ubwami bw'Imana.²

KUDATANGA ICYACUMI BITEWE NO KUBURA ICYZERE

Icyacumi ni icyera, ni umugabane Imana yishigarije. Abantu bakwiriye kuwuzana mu bubiko bw'Uwiteka kugira ngo ushyigikire umurimo w'abakozi bakora umurimo wayo. Abantu bamaze igihe kinini biba Imana kubera ko harimo bamwe badasobanukiwe ko icyacumi ari umugabane Imana yizigamiye.

Abantu bamwe ntibanyuzwe; maze baravuga bati: « Sinzongera gutanga icyacumi, kuko ntizeye uburyo gikoreshwa mu murimo.» None se muzima Imana ibyayo kubera yuko mutekereza ko umurimo w'Imana udakorwa neza? Ibitabashimishije nimubivuge mu buryo bwiza kandi bweruye, mu mwuka ukwiriye, kandi mubibwire abo bireba. Nimubamenyeshe ibyo musaba ko byashyirwa mu murongo ukwiriye kandi bikanozwa; ariko mureke gusubiza umurimo w'Imana inyuma, no kugaragaza ko mutari abo kwiringirwa bitewe nuko abandi batari gukora neza.³

INSHINGANO YA MBERE NI UKUGARURIRA IMANA IBYAYO

Abantu bamwe bagiye biyumvamo ko kwita ku bana babo ari inshingano yera. Bagomba guha guha buri mwana wese umugabane runaka, nyamara bakumva badashoboye kwegeranya umutungo wo gufasha mu murimo w'Imana. Usanga batanga urwitwazo rw'uko bafite inshingano yo kwita ku bana babo. Ibyo bishobora kuba ari ukuri, nyamara inshingano ya mbere ni iyo bafite ku Mana.... Ntihakagire umuntu ugushyira ibibazo bye imbere maze ngo agutere kwiba Imana ibyayo. Ntukemere ko abana bawe bakwiba ituro ry'uko rutambiro rw'Imana maze ngo barikoreshe mu nyungu zabo bwite.⁴

bwahawe Itorero ry'i Battle Creek)

2 Testimonies for the Church, Vol.1, 225 [Ibiamya by'Itorero.]

3 Testimonies for the Church, Vol 9, p. 249. [Ibiamya by'Itorero.]

4 Testimonies for the Church, Vol 1, p.220. [Ibiamya by'Itorero.]

IGICE CYA 20

IGISUBIZO CY'UMUTIMANAMA WAKANGUTSE

Iterambere nyaryo mu by'umwuka, kubaha Imana no gukora imirimo y'ubugiraneza, byagiye bibaho ari igisubizo kivuye mu materaniro adasanze yo mu rusengero.... Ibibwirizwa byaratangwaga byerekeranye n'icyaha cyo kwiba Imana icyacumi n'amaturu.

Abantu benshi baratuye, bavuga ko bamaze imyaka myinshi badatanga icyacumi; kandi tuzi yuko Imana idashobora guha umugisha abantu bayiba kandi ko itorero rigomba kugerwaho n'ingaruka zikomotse ku byaha byakozwe n'abizera baryo. Hari umubare munini w'amazina yanditswe mu bitabo by'Itorero; kandi bose baramutse bitabiriye guhita baha Uwitaka icyacumi bakiranutse—kuko ari icye—ntabwo mu bubiko bw'Imana habura umutungo wo gukoresha....

Buri gihe uko icyaha cyo kwiba Imana cyabaga cyigishijweho, ni ko abantu barushagaho gusobanukirwa n'inshingano yabo ndetse n'amahirwe babifitemo. Umwe muri bene Data yavuze ko amaze imyaka ibiri adatanga icyacumi; kandi yumvaga nta byiringiro agifite; ariko ubwo yaturaga icyaha cye, yatangiye kugira ibyiringiro mu mutima we. Yarabajije ati: « Mbese nkore iki? »

Naramushubije nti: « Shyira inyandiko mu bubiko bw'Itorero usezerane ko uzishyura nk'uko bikwiriye. »

Yatekereje ko icyo mubwiye ari ikintu kidasanze; ariko yahise yicara, atangira kwandika urwandiko agira ati: « Nkurikije inyungu nabonye, nsezeranye ko nzatanga... » Nuko arararama, mbese nk'aho yibaza ati: ese ubu ni bwo buryo bwiza umuntu yakoresha yandikira Imana? Arakomeza, ati: Yego, ni byo, nkurikije inyungu nabonye. Mbese, buri muni sinagiye mbona imigisha y'Imana? » Mbese abamarayika b'Imana ntibandindaga? Mbese Imana ntiyampaga imigisha mu by'umwuka no mu by'umubiri? Nkurikije inyungu nabonye, nsezeranye ko nzishyura amadolari 571.50, akajya mu bubiko bw'Itorero. » Amaze gukora ibyo yari ashoboye gukora mu rwe ruhanda, yahindutse umuntu unezerewe. Nyuma y'igihe gito yaje kwishyura icyacumi yari yasezeranye maze atwara ya nyandiko ye y'amasezerano. Yatanze kandi n'impano ingana n'amadolari 125 ku muni wa Noheli.

Undi mwenedata yatanze amasezerano angana n'amadolari 1000, asezerana ko azayishyura mu byumweru bike; undi nawe yanditse asezerana ko azatanga amadolari 300.¹

IBIRARANE BYA ICYACUMI NI UMUTUNGO W'IMANA

Abantu benshi bamaze igihe kirekire bakerensa gukorana n'Umuremyi wabo. Bagiye bananirwa gushyira ku ruhande kimwe mu icumu buri cyumweru, bakareka kikagwira kugeza ubwo usanga cyaramaze kuba cyinshi cyane, none ubu baraseta ibirenge mu byerekeye gushyira ibintu mu buryo. Bagumana iki kirarane cya icyacumi, bakagikoresha uko bishakiye. Nyamara, ni umutungo w'Uwituka banze gushyira mu bubiko bwe.²

UBURANGARE NO KUTAGIRA ICYO BITAHO MU GUHARANIRA GUSUBIZWA ICYUBAHIRO CYABO

Abantu bahindutse indangare n'abatagira icyo bitaho bakagumana icyacumi cyabo ndetse n'amaturu, nibibuke yuko iyo bakoze batyo baba bafunga inzira, bakabuza ukuri kugera mu turere twa kure. Nahatiwe kubwira abantu b'Imana ko bugomba guharanira gusubizwa icyubahiro cyabo, bagarurira Imana icyacumi bakiranutse.³

KWISHYURA IBIRARANE UTANZE AMASEZERANO YANDITSWE

Ku wa Nyuma w'Isabato mu gitondo naganiriye n'abantu ibyerekeye gutanga icyacumi. Nasanze iyi nsanganyamatsiko itarigishijwe mu matorero nk'uko bikwiriye; nuko kubyirengagiza gufataniye no guta agaciro kw'ifaranga bituma habaho gusubira inyuma mu gutanga icyacumi mu mwaka ushize. Muri iyi Konferansi, bahagurukiye kwigisha no kuvugurura abizera mu byerekeye gutanga icyacumi muri buri teraniro ryose ryo gusenga....

Mwene Data umwe, umuntu wagaragaraga nk'umunyacyubahiro, akaba yari intumwa iturutse i Tasmania, yaje aho ndi arambwira ati: «Nejejwe nuko uyu muni numvise uvuga ibyerekeranye no gutanga kimwe mu icumu. Ntabwo nari nzi ko icyacumi ari ikintu cy'ingenzi gutyo. Sinzongera guhangara gukerensa gahunda yo gutanga icyacumi. » Ubu ari kugerageza kumenya umubare wa icyacumi atatanze mu gihe cy'imyaka makumyabiri ishize, kandi avuga ko azacyishyura cyose vuba bishoboka; kuko adashaka ko ubujura yakoreye Imana bukomeza kwandikwa mu bitabo byo mu ijuru, maze akazahura na bwo mu rubanza.

Umwe muri bashiki bacu wo mu Itorero rya Melbourne yazanye ibirarane bya icyacumi bifite agaciro k'amadolari 54 avuga ko atari azi neza ako yagombaga kuyatangaho icyacumi. Uko bagenda bakira umucyo, abenshi muri bo batangiyeye kwatura ibyerekeranye n'imyenda bafitiye Imana, kandi bagasezerana ko bagiye gukora uko bashoboye, bakayishyura.... Nabagiriye inama yo kwandikwa amasezerano, agashyirwa

1 Review and Herald, Feb. 19, 1889. [Urwi-butso n'Integuza.]

2 Review and Herald, Dec. 23, 1890. [Urwi-butso n'Integuza.]

3 MS 44, 1905. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki]

mu bubiko bw'Itorerero, bagaragaza umubare nyawo wa icyacumi bazishyura bakiranutse, igihe bazaba babonye amafaranga yo guhigura uwo muhigo. Abantu benshi bagiye bubika imitwe yabo, nkaba mfite icyizere ko mu mwaka utaha tutazongera guhura n'ikibazo cy'amikoro make mu bubiko bwacu nk'uko bimeze none.⁴

GUSUHERERWA BITEWE N'IGITEKEREZO CYO KUGARURA ICYACUMI CYAGUNDIRIWE

Abantu benshi, ndetse benshi cyane batakaje umwuka w'ubwitange no kwigomwa. Amafaranga yabo bayatabye mu butunzi bw'igihe gito. Hari abantu Imana yahaye umugisha, none ikaba iri kubagerageza kugira ngo irebe uko bazifata ku byerekeranye n'ibyo yabahaye kunguka. Bagundiye icyacumi n'amaturu kugeza ubwo imyenda babereyemo Uwituka Nyiringabo iba umurenge, bigatuma basuhererwa igihe igitekerezo cyo kugarurira Uwituka icyacumi kije muri bo. Nimugire bwangu, bene Data, muracyafite amahirwe yo kwikiranura n'Imana; mwitindiganya.⁵

GUHANGANA N'UMWAKA MUSHYA

Mbese ubusonga bwawe bwifashe bute? Mbese mu mwaka ushize waba waribye Imana icyacumi n'amaturu? Reba imitiba yawe yuzuye imyaka; rebe mu bigega byawe aho ubika ibintu byiza Uwituka yaguhaye, maze wibaze niba waragaruriye Uwaguhaye ibye. Niba waribye Uwituka, subiza ibyo wibye. Kora uko ushoboye kose wikiranure n'Imana ku by'igihe cyashize uvanamo ibirarane, hanyuma usabe Imana kukubabarira. Mbese ntuzasubiza Imana ibyayo mbere y'uko uyu mwaka urangira, ukarangirana n'imitwari yanditswe muri wo, bitwerekeza mu bihe by'iteka ryose?⁶

GUSUBIZA IBYO WIBYE UFITE UMUTIMA UMENETSE

Aho waba warirengagije kugarurira Uwituka ibye mu rwawe ruhande, wihane ufite umutima umenetse, kandi usubize ibyo wibye, nibitagenda bityo umuvumo uzakugumaho....Igihe uzaba urangije gukora ibyo ushoboye mu rwawe ruhande, ukaba utakigira icyo ugundira ngo ukime Umuremyi wawe, ushobora kumusaba akaguhaha ubutunzi bwo kugufasha kohereza ubutumwa ku bari mu isi.⁷

UBUDAHEMUKA BWA YAKOBO

Yakobo yahigiye Imana umuhigo (Itangiriro 28: 20-22) igihe yari ahembuwe n'ikime cy'ubuntu, no gusubizwamo intege n'uko ahuye n'Imana ikamuha ibyiringiro. Amaze kubona ubwiza bw'Imana bumunyuze imbere, yahuye n'ibishuko, nk'uko bikunze kuba ku bantu muri iki gihe; nyamara yabaye indahemuka ku muhigo we, kandi ntabwo yigeze aha umwanya ibitekerezo byo kwibaza niba bishoboka ko yareka gusohoza amasezerano

⁴ MS 4, 1893. [Amagambo yasonzoranyijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki]

⁵ General Conference Daily Bulletin, Feb.28,1893. [Ikinyamakuru gisohoka buri muni cy'Inteko Nkuru Rusange.]

⁶ Review and Herald, Dec. 23, 1902. [Urwibutso n'Integuza.]

⁷ Review and Herald, Jan. 20, 1883. [Urwibutso n'Integuza.]

yagiranye. Yashoboraga gutekereza ibintu byinshi cyane nk'uko bigenda ku bantu bo muri iki gihe, agatekereza ko ibyo yeretswe byari inzozo nk'izindi, agatekereza ko yaba yaratwawe n'amarangamutima menshi maze agahiga umuhigo ahubutse, bityo bikaba bitari ngombwa guhigura uwo muhigo; nyamara si ko yabigenje.

Hashize imyaka myinshi mbere yuko Yakobo atinyuka kugaruka mu gihugu cy'iwabo; nyamara igihe yari agarutse, yahiguriye Shebuja umuhigo we akiranuka. Yari yarahindutse umutunzi, kandi umugabane munini w'umutungo wavuye mu butunzi winjira winjira mu bubiko bw'Uwiteka.

Muri iki gihe, abantu benshi batsindirwa aho Yakobo yatsindiye. Abantu Imana yahaye umutungo mwinshi, usanga bahengamiye ku kugundira ibyo batunze, kuko basanze bagomba gutanga byinshi bakurikije uko umutungo wabo ungana. Yakobo yatanze icyacumi cy'ibyo yari afite byose, maze agaragaza atyo agaciro ka icyacumi, nuko aha Uwiteka inyungu z'ibyo yari yarakoresheje mu nyungu ze bwite mu gihe cyose yamaze mu gihugu cy'abapagani, igihe atari afite uburyo bwo guhigura umuhigo we. Ibyo yagombaga kugarurira Imana byari byinshi cyane, ariko ubwinshi bwabyo ntibwamuteye kujijinganya; kuko ibyo yari yahigiye Imana atabibonaga nk'ibye, ahubwo yabirebaga nk'iby'Uwiteka.

Imana idusaba kuyigarurira ibyayo ikurikije ibyo yaduhaye. Uko igishoro kirushaho kuba gitubutse, ni ko n'impano dusabwa kugarurira Imana zirushaho kuba nyinshi. Niba Umukristo afite amadolari ibihumbi cumi cyangwa ibihumbi makumyabiri (10 000 \$ cyangwa 20 000\$), Imana imusaba gutanga umugabane wa icyacumi cy'ayo madolari, kandi hakiyongeraho amaturo yo guhongerera ibyaha ndetse n'amaturo yo kuyishimira imigisha yamuhaye.⁸

AMASENGESHO NTASIMBURA ICYACUMI

Amashengesho ntabwo agamije guhindura Imana; ahubwo aduhuza n'Imana. Ntabwo amashengesho asimbura inshingano dusabwa gukora. Amashengesho dusenga buri gihe kandi tukayasenga dushyizeho umwete, Imana ntiyemera ngo asimbure icyacumi. Ntabwo amashengesho azishyura imyenda tubereyemo Imana.⁹

TWIKIRANURE N'IMANA HAKIRI KARE

Bidatinze igihe cyo kwemererwamo kigiye kurangira. Niba udakorera Imana ukiranuka muri iki gihe, uzifata ute imbere y'ibikwanditsweho bivuga ibyo gukiranirwa kwawe? Ntibigitinze, tugahamagarirwa kumurika ibyo twakoze, kandi uzabazwa iki kibazo ngo: "Ibyo wagombaga guha Uwiteka bingana iki? Niba waranze gukorana n'Imana ukiranuka, ndakwinginze ngo utekereze aho wagize intege nke, kandi niba bishoboka, ugarure ibyo wibye. Kandi niba ibi bidashoboka, icishe bugufi wihane, utakambire Imana mu izina rya Kristo, izakubabarira umwenda wawe munini. Tangira nonaha,

⁸ Testimonies, vol. 4, pp.466,467. [Ibihamya by'Itorero.]

⁹ Message to Young People, p. 248. [Ubutumwa ku Basore].

maze ukore nk'abakristo. Ntugire urwitwazo utanga rwatumye udasubiza Imana ibyayo. Nonaha, ubwo ijwi ryiza ry'imbabazi ricyumvikana, igihe hakiriho igihe cyo kubabarira umuntu amakosa yakoze, bikitwa none, nimwumva ijwi Rye, ntimwinangire imitima.¹⁰

¹⁰ Review and Herald, Supplement Dec. 1, 1896. [*Inyongera ku Rwibutso n'Integuza*].

UKO ICYACUMI GIKORESHA

Imana yatanze amabwirizwa yihariye agenga imikoreshereze ya icyacumi. Ntabwo yagennye ko umurimo wayo uzakomwa mu nkokora bitewe n'uko umutungo wo gukoresha wabuze. Mu rwego rwo gukumira akajagari n'amakosa, Imana yagaragaje inshingano yacu kubyerekeranye n'izi ngingo mu buryo busobanutse neza. Umugabane Imana yikubitiye ikawugira uwayo, ntugomba gukoreshwa mu bindi bintu bitari ibyo yasobanuye ko uzakoreshwamo. Ntihakagire abantu biyumvamo ko bafite uburenganzira bwo kugundira icyacumi cyabo, ngo bagikoreshe uko babyumva. Ntibagomba kugikoresha mu nyungu zabo nubwo haba havutse ikibazo kihutirwa gite, cyangwa batekereza ko icyo kintu gikwiriye, kabone n'ubwo baba batekereza ko icyo kintu ari umurimo w'Uwiteka.

Umugabura akwiriye kwifashisha ibyanditswe no gutanga urugero rw'imibereho ye bwite, ndetse akigisha abizera kujya bareba icyacumi nk'icyera cy'Imana. Ntakwiriye kumva ko afite uburenganzira bwo kukigumana cyangwa kugikoresha uko yishakiye, ngo kubera ko ari pasitoro. Icyacumi si icye. Nta burenganzira afite bwo kwigabiza ibyo atekereza ko afiteho ubutware. Ntakwiriye gukoresha ububasha afite ngo icyacumi n'amaturu byerejwe Imana bikoreshe mu gusohoza indi migambi, keretse ibyo byateganirijwe gukoreshwamo. Bikwiriye gushyirwa mu bubiko bw'Imana no kurindwa nk'ibyera kugira ngo bizakoreshe ku murimo wayo nk'uko yabibategetse.

Imana ishaka ko ibisonga byayo byose byajya bikurikiza gahunda yashyizweho n'ijuru. Ntibakwiriye gukuraho gahunda yashyizweho n'Imana ngo bayisimbuzze ibikorwa by'ubugiraneza, cyangwa gutanga impano runaka, cyangwa ituro runaka, igihe icyo ari cyo cyose cyangwa mu buryo ubwo ari bwo bwose, ngo ni uko bo nk'abantu batekereje ko bikwiriye. Ni imikorere idahwitse kubona abantu bagerageza gukosora gahunda yashyizweho n'Imana, maze bagahimba uburyo bwabo, bakagereranya ibitekerezo byabo byiza bigeze gushyira mu bikorwa mu gihe runaka, bityo bakabisimbuza iby'Imana yategetse. Imana ihamagarira abantu bose gushyigikira ibyo yashyizweho. Yamenyesheje abantu gahunda yayo iyo ari yo; kandi buri muntu wese ushaka gufatanya na Yo, akwiriye gukurikiza

gahunda yayo, aho guhangara kuyikosora.

Imana yahaye Mose amabwiriza kugira ngo ayashyikirize Abisirayeli, muri aya magambo: “Kandi uzategeke Abisirayeli bakuzanire amavuta aboneye ya elayo zasekuwe, ya cya gitereko, kugira ngo bitume iryo tabaza rihora ryaka.” Kuva 27:20. Iryo turo ryagombaga guhora riturwa kugira ngo inzu y’Imana ihore irimo ibikenewe mu buryo bukwiriye kugira ngo umurimo wayo ukorwe. Abantu b’Imana muri iki gihe bagomba kwibuka ko inzu yo gusengerwamo ari umutungo w’Uwiteka, kandi ko igomba gufatwa neza ku buryo bunonosoye. Nyamara amafaranga akoreshwa bene iyo mirimo yo kuyitaho, ntagomba kuvanwa kuri icyacumi.

Imana yampaye ubutumwa busobanutse kugira ngo mbugenze kuri bene Data. Natumwe kubabwira ko bakora amakosa igihe bakoresha icyacumi ku bintu bitandukanye, nubwo kuri bo babona ko bukwiriye, nyamara si byo Imana yageneye icyacumi. Abakoresha icyacumi batyo, baba batandukira bakava muri gahunda Imana yashyizeho. Imana izababaza ibi bintu byose mu gihe cy’urubanza.

IBINDI BINTU BIKWIRIYE GUSHYIGIKIRWA NYAMARA HADAKORESHEJWE ICYACUMI

Icyiciro cy’uburezi gishobora gufashwa na icyacumi. Ibindi byiciro byashyigikirwa na cyo ni ibwirizabutumwa ry’urugo ku rundi n’icyiciro cyo kubwiririsha ubutumwa ibitabo. Ariko ni ikosa rikomeye kugikoresha dutyo kuko cyareka kuba icyacumi bitewe n’uko cyareka gukoreshwa mu byo cyagenewe, ari cyo kunganira abagabura....¹

Icyacumi ni icy’Uwiteka, kandi abavangitiranya imikoresherezwe yacyo bazahanishwa kubura ubutunzi bwo mu ijuru, keretse gusa nibihana. Nimutyo umurimo w’Imana we gukomwa mu nkokora bitewe n’uko icyacumi kiyoberezwa mu nzira nyinshi zitandukanye n’iyo Uwiteka yavuze ko kizakoreshwamo. Hagomba guteganywa ahandi hazaturuka amafaranga yo gukora bene iyo mirimo. Ni koko igomba gushyigikirwa, ariko ntihagakoreshwe icyacumi. Ntabwo Imana yahindutse. Icyacumi kiracyagenewe gushyigikira umurimo w’ubugabura.

ICYACUMI KINUNGANIRA ABIGISHA BIBILIYA

Konferanse na Filidi zacu zishakisha mu mashuri abakozi bigishijwe neza kandi bakaba bafite uburere bwiza; bityo rero, baba bukwiriye guha ayo mashuri inkunga yatekerejweho neza kandi ivuye ku mutima. Nahawe umucyo unyereka ko abapasitoro bigisha mu mashuri Ijambo ry’Imana, basobanura Ibyanditswe Byera, bakigisha abanyeshuri ibintu by’Imana, bukwiriye kunganirwa n’amafaranga ya icyacumi. Aya mabwirizwa amaze igihe kirekire atanzwe; kandi vuba aha, yongeye gusubirwamo inshuro nyinshi.²

¹ Testimonies for the Church, vol. 9, pp.247-250. [Ibihamya by’Itorero.]

² Testimonies for the Church, vol. 6, p.215. [Ibihamya by’Itorero.]

ICYACUMI SI UMUTUNGO USUZUGURITSE

Icyacumi gishyirwa ku ruhande kugira ngo gikoreshwe umurimo udasanzwe. Abantu ntibakwiriye kugikerensa nk'aho ari umutungo usuzuguritse. Gikwiriye kwegurirwa mu murimo wo gushyigikira abafite inshingano yo kujyana ubutumwa ku batuye isi; kandi ntibikwiriye kugikoresha ibindi bintu bitandukanye n'iyi mpamvu.³

ICYACUMI NTICYAGENWE GUKORESHWA MU MIRIMO Y'ITORERO

Neretswe ko ari ikosa gukoresha icyacumi mu kwishyura ibindi bikorwa bitunguranye byakozwe n'Itorero. Iyo hari abakoze batyo, baba banyuranije n'uburyo nyabwo [bwo gukoresha icyacumi]. Icyari kurushaho kuba cyiza ni uko abantu bakwambara imyenda idahenze, bakagabanya ibyo bararikira gukora, bagakora ibyo kwigomwa kugira ngo babone uko bishyura ibyo bikorwa bindi. Nimugenza mutyo, muzagira umutimanama utabacira urubanza. Ariko rero muzaba mwiba Imana igihe cyose mushyira ibiganza byanyu mu bubiko, maze mugakuramo amafaranga yo gukoresha mu mirimo isanzwe y'Itorero.⁴

³ R&H. Supplement, Dec. 1, 1896. [Inyongera ku Rwibutso n'Integuza.]

⁴ Special Testimonies to Battle Creek Church, pp.6,7. [Ibihamya Byihariye bigenewe Itorero rya Battle Creek)]

UBUREZI BUTANGWA N'ABAPASITORO N'ABAYOBOZI B'ITORERO

Abantu bajya bakora umurimo nk'uw'abagabura, bafite inshingano ikomeye bahaweho umurage nyamara barayikerensa ku buryo butangaje. Bamwe bashimishwa no kubwiriza ariko ntibakorera amatorero umurimo buri wese ku giti cye. Kwigisha abantu ibyerekeye inshingano bafite ku Mana birakenewe cyane, by'umwihariko, ibyerekeye gutanga icyacumi bakiranutse. Abapasitoro bacu baramutse badahembewe umurimo bakora ku gihe, byababaza cyane; ariko se, bazirikana ko mu nzu y'Imana hagomba kuba ibyokurya bigomba gufasha abakozi b'Imana? Nibaramuka bananiwe gusohoza inshingano yabo uko yakabaye yo kwigisha abizera kugarurira Imana ibyayo bakiranutse, umutungo wo gukora umurimo w'Uwiteka uzaba muke mu bubiko bw'Imana.

Umuntu urinda umukumbi w'Imana akwiriye gusohoza inshingano ye akiranuka. Niba akora umurimo ariko akabona atawishimiye, azawurekera undi ngo awukore, kuko atari umukozi w'umwiringirwa. Uwo muntu akwiriye gusoma amagambo aboneka muri Malaki, aho Imana ishinja ubwoko bwayo ko buyiba icyacumi. Uwiteka Ushoborabyose aravuga ati: "Muvumwe wa mvumo." (Malaki 3:9). Igihe umugabura wigisha abantu akoresheje Ijambo ry'Imana n'amahame y'Itorero abonye abizera bafite imyitwarire yazabakururira uyu mvumo, mbese yakwirengagiza ate inshinganno ye yo kubigisha no kubaburira? Buri mwizera w'Itorero wese akwiriye kwigishwa gutanga icyacumi akiranuka.¹

KWIGISHA ABAHINDUTSE VUBA

Umukozi ntakwiriye gusiga umurimo cyangwa igice cy'umurimo kidakozwe kubera ko bidakwiriye gukora atekereza ko uzamusimbura ari we uzawukora. Iyo bigenze bityo, umusimbuye agakurikiraho, maze akigisha abantu gukora ibyo Imana ibashakaho, usanga bamwe basubira inyuma bavuga bati: "Umupasitoro watuzaniye ubutumwa bw'ukuri ntiyigeze atubwira ibi bintu" Nuko ugasanga bababajwe n'iryo jambo. Bamwe banga gahunda yo gutanga icyacumi; basubira inyuma bakareka kugendana n'abandi bizera bakunda ukuri. Iyo hari ikintu gishya

¹ Testimonies for the Church, vol. 9, pp. 250,251. [Ibihamya by'Itorero.]

bigishijwe kugenderamo, baravuga bati: “Uko si ko twabyigishijwe”, maze bagatangira kugenda baseta ibirenge. Mbega ukuntu byari kuba byiza iyo umuvugabutumwa wigishije ukuri bwa mbere aza kwigisha aba bizera bashya ibintu byose bya ngombwa, bona nubwo bake gusa bari kwinjira mu itorero kubw’umuhati we! Imana yashimishwa n’abantu batandutu bahindutse bakemera ukuri babikuye ku mutima, kuruta abantu mirongo itandatu bavuga ko bahindutse nyamara batarahindutse by’ukuri.

Ni umugabane w’inshingano za pasitoro gukoresha umuhati we akigisha abantu bakiriye ukuri kuzana icyacumi mu nzu y’Uwiteka, bakakizana nk’ikimenyetso cy’uko bazirikana ko ari yo bakesha byose. Abahindutse vuba bakwiriye guhabwa umucyo bakamenya ko bafite inshingano yo kugarurira Uwiteka ibye. Itegeko ryo gutanga icyacumi rirasobanutse neza ku buryo nta muntu wabona urwitwazo rwo kwirengagiza iryo hame. Uwirengagiza gutanga amabwirizwa yerekeye icyacumi, aba aretse gukora umugabane ukomeye w’umurimo we.

Abagabura bakwiriye kandi gushishikariza abizera akamaro ko kwikorera indi mitwaro ifite aho ihuriye n’umurimo w’Imana. Nta muntu udakwiriye gukora imirimo y’ubugiraneza. Abantu bakwiriye kwigishwa ko buri Cyiciro mu bigize umurimo w’Imana gikwiriye kugaragaza inkunga yabo kandi bakitabira gukora uruhare rwabo. Umurimo ukomeye w’ivugabutumwa uri imbere yacu, kandi iyi nsanganyamatsiko igomba kwigishwa abantu ubudahwema. Abantu bakwiriye kwigishwa bagasobanukirwa yuko abazabona ubugingo buhoraho atari abumva ijambo gusa, ahubwo ni abakora iby’iryo jambo. Kandi na none bagomba kwigishwa ko abahinduka abasangiye ubuntu bwa Kristo, badasabwa gutanga ku butunzi bwabo kugira ngo ukuri gukomeze kwigishwa gusa, ahubwo bagomba no kwitanga ubwabo batizigamye.²

INSHINGANO YA PASITORO

Itorero nirishyireho Abapasitoro cyangwa abakuru b’Itorero biyeguriye Umwami Yesu, kandi abo bantu barebe niba abayobozi batowe bazajya basohoza umurimo wo gukusanya icyacumi bakiranuka. Abapasitoro nibaramuka bagaragaje ko badakwiriye gukora inshingano zabo, niba badashoboye kugaragariza abizera akamaro ko kugarurira Imana ibyayo, niba badashobora kureba ngo bamenye ko abakuru b’amatorero bayobora atari abizerwa, ngo bamenye niba icyacumi gitangwa, bari mu nzira yo kurimbuka. Baba bakerensa umurimo ushobora kuzanira Itorero umugisha cyangwa se ukarizanira umuvumo. Baba bakwiriye kwegura ku nshingano zabo, maze abandi bantu bagasuzumwa kandi bakageragezwa.

Intumwa z’Uwiteka zikwiriye kureba niba abizera b’Itorero basohoza ibyo Imana idusaba bakiranutse. Imana ivuga ko mu nzu yayo hakwiriye kubamo ibyokurya; kandi niba amafaranga ari mu bubiko bw’Uwiteka batayubaha nk’uko bikwiriye, niba abantu ku giti cyabo bashobora kwiyumvamo uburenganzira bwo gukoresha icyacumi uko bishakiye,

² Gospel Workers, pp.369,370. [Ababwiriza b’Ubutumwa Bwiza]

Uwiteka ntashobora kubaha umugisha. Ntashobora gushyigikira abantu baterekereza ko bashobora gukoresha umutungo we uko bishakiye.³

INSHINGANO Y'ABAYOBOZI B'ITORERO

Ni inshingano y'Abakuru n'abayobozi b'Itorero kwigisha abantu akamaro ko gutanga icyacumi bakiranuka, kandi bagashyira ibintu mu buryo. Nk'abakozi bakorana n'Imana, abayobozi b'Itorero bakwiriye kuba basobanukiwe neza n'iki kibazo cyahishuwe mu buryo bwumvikana neza. Abagabura bo ubwabo bakwiriye gusohoza inyuguti ku yindi amategeko yo mu Ijambo ry'Imana badakebakeba. Abantu bagiriwe icyizere bagashyirwa mu myanya y'ubuyobozi bw'Itorero, ntibakwiriye kuba abatagira icyo bitaho; ahubwo bakwiriye kuba maso, bakamenya ko abizera basohoza iyi nshingano bakiranuka.... Nimutyo Abakuru b'Itorero n'abandi bayobozi b'Itorero bajye bakurikira ubuyobozi buboneka mu Ijambo Ryera ry'Imana, kandi bashishikarize abizera babo kwita ku kamaro ko gukiranukira Imana bahigura imihigo bahigiye Imana, batanga icyacumi ndetse n'amaturu.⁴

KWIGISHA ABAKENE GUTANGA

Kenshi na kenshi, usanga abantu bakira ukuri kw'Ijambo ry'Imana babarizwa mu bakene bo muri iyi isi; ariko ntibakwiriye kubigira urwitwazo ngo birengagize inshingano bafite ziboneka mu mucyo w'agatangaza bakiriye. Ntibakwiriye gukundira ubukene bwabo kubabuza kwibikira ubutunzi mu ijuru. Imigisha abatunzi babasha kugeraho, n'abakene nabo babashakuyigabanaho. Niba bashobora gukiranukira Imana muri bike bafite, ubutunzi bwabo bwo mu ijuru buzagwira hakurikijwe ubunyangamugayo bwabo. Igituma impano igira agaciro mu maso y'abatuye ijuru, si ubwinshi bw'ibitanzwe, ahubwo ni impamvu itera utanze gutanga iyo mpano.⁵

³ R&H. Supplement, Dec. 1, 1896. [Inyongera ku Rwibutso n'Integuza.]

⁴ Review and Herald, Dec. 17, 1889. [Urwibutso n'Integuza.]

⁵ Gospel Workers, p.222. [Ababwiriza b'Ubutumwa bwiza].

UMUGABANE WA 4

UMUNTU

ATANGE AKURIKIJE

UBUSHOBOZI BWE

AMAHAAME Y'UBUSONGA

Mbese buri wese muri twe ashakashaka mu Ijambo ry'Imana abyitondeye kandi asenga kugira ngo tudakora ibinyuraniye n'amategeko n'iby'Imana idusaba? Imana ntizatureba ngo itwishimire niba tugira icyo tugundira, cyaba gito cyangwa kinini, mu gihe icyo kintu cyagombaga kuyigarurirwa. Niba twifuza gukoresha amafaranga mu buryo bwo gushimisha irari ryacu, tubanze dutekereze ikintu cyiza twakagombye kuyakoresha. Dukwiriye kujya dushyira ku ruhande amafaranga make ndetse n'amenshi, tuyabikira Databuja, kugira ngo umurimo we ubashe gutangizwa ahantu hashya. Niba dukoresheje amafaranga mu buryo bwo kunezeza inariye yacu kandi ayo mafaranga yari akenewe, ntabwo Imana ishobora gushimishwa no kuduha umugisha.

Nk'ibisonga by'ubuntu bw'Imana, amafaranga dukoresha ni ay'Uwiteka. Bisobanuye byinshi cyane kuri twe, gukomezwa n'ubuntu bwayo bwinshi buri muni, guhabwa ubushobozi bwo gusobanukirwa ubushake bwayo, gusangwa dukiranuka muri bike ndetse no muri byinshi. Iyo tugize imibereho imeze itya, umurimo wa Kristo uzahinduka ukuri kuri twebwe. Imana ishaka ko tugaragariza abamarayika n'abantu batureba ko twanyuzwe n'ibyo yadukoreye. Kugira neza Imana yatugaragarije, dukwiriye kujya tukugaragariza mu gushima kwacu no gukora ibikorwa bigaragariza abantu impuhwe.

Mbese aho abizera b'Itorero basobanukirwa neza ko ibyo bahawe byose babihereye gukoreshwa no gutuma icyubahiro cy'Imana cyiyongera? Imana ikomeza kuzirikana ibyo buri muntu wese uri mu isi akora. Umunsi nugeza ubwo buri wese azamurika ibyo yakoze, igisonga gikiranuka ntikizirata ubutunzi bwacyo. Ntikizavuga kiti: "amafaranga yanjye"; ahubwo kizavuga kiti: "Amafanga wampaye yungutse andi mafaranga." Iki gisonga kizi neza yuko iyo Imana itagiha impano, nta nyungu cyari kubona. Cyiyumvamo ko iyo gishohoje ubusonga bwacyo gikiranuka, kiba gikoze inshingano yacyo. Igishoboro cyari icy'Uwiteka, kandi kubw'ububasha bwe, cyabashije gucuruza maze kibona inyungu. Izina ry'Uwiteka ni ryo ryonyine rikwiriye guhimbazwa. Uwo muntu aba azi ko iyo Imana itaza kumuha igishoro, yari guhomba ubugingo bw'iteka ryose.

Kwemerwa n'Uwiteka bisa n'aho bitungurana; ntibiba byari byitezwe cyane. Ariko Kristo abwira uwo muntu ati: " Nuko nuko mugaragu

mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa Shobuja." Matayo 25: 21.¹

UKO IMANA IGERAGEZA IBISONGA BYAYO

Mbega ukuntu kamere y' umuntu ihengamira mu gukunda ibintu by'isi! Ibitekerezo bye yabirunduriye mu gushaka kubaka amazu no kugura amasambu maze inshingano ye kuri bagenzi be arayirengagiza. Iby'agakiza ke bwite abibona nk'aho ari ikibazo gifite ingaruka ntoya, maze iby'Imana imusaba gukora bikibagirana. Abantu bafata ubutunzi bw'isi, bakabwizirikaho nk'aho bazabwihambiraho by'iteka ryose. Basa n'abatekereza ko bafite uburenganzira bwo gukoresha umutungo wabo nk'uko babyifuza, maze ntibite ku byo Uwiteka yabategetse, cyangwa ibyo bagenzi babo bakeneye.

Bibagirwa yuko ibyo bavuga ko ari ibyabo ari intizanyo Imana yabaragije. Ni ibisonga by'ubuntu bw'Imana. Imana yabahaye ubwo butunzi kugira ngo ibagerageze babashe kugira inyifato bagaragaza ku byerekeye umurimo wayo kandi ngo berekane ibyo bayitekerezaho mu mitima yabo. Gucuruza amafaranga y'Uwiteka kwabo ntikurebana n'iki gihe gusa, ahubwo ni iby'iteka ryose; kandi gukoresha neza italanto yabo cyangwa se kuyikoresha nabi kwabo ni byo bizagena umwanya bazahagararamo n'icyizere bazagirirwa mu isi dutegereje.²

IKIBAZO CYUMVIKANA

Igitekerezo cyerekeye ubusonga gikwiriye kugaragara mu buryo bufatika mu bwoko bw'Imana.... Imirimo ifatika y'ubugiraneza izatanga ubuzima mu by'umwuka ku bantu benshi bavuga ko bazi ukuri mu magambo, ariko barimo barizwa n'umwijima uri muri bo. Iyo mirimo izabahindura, bareke kuba abantu bikunda, babaswe no kuganira ku irari ry'amafaranga, maze bahinduke, abakozi b'abanyamwete kandi bakiranuka bakorana na Kristo mu murimo wo gukiza abanyabyaha.³

GUKORA MU CYIMBO CYA SHOBUJA

Igisonga cyisanisha na shebuja. Cyemera inshingano gihawe nk'igisonga kandi kiba gikwiriye gukora mu cyimbo cya shebuja, kigakora nk'uko shebuja yari kubikora iyo aza kuba ahibereye. Inyungu za shebuja zihinduka ize. Kuba igisonga ni umwanya w'icyubahiro kubera ko shebuja amwizera. Iyo akoreshejwe n'inarijye mu buryo runaka, maze ibyagombaga kuba inyungu za shebuja mu bintu amucururiza akabigira ibye, aba yanduje icyizere shebuja yamugiriye.⁴

Gukoresha ubutunzi mu buryo bwo kwikanyiza bigaragaza ko umuntu atari umwizerwa ku Mana kandi ko adakwiriye kuba igisonga kibitswa ubutunzi bukomeye bwo mu ijuru.⁵

1 Review and Herald, Sept. 12, 1899. [Urwibutso n'Integuza.]

2 Review and Herald, Feb. 14, 1888. [Urwibutso n'Integuza.]

3 Testimonies for the Church, vol. 3, p.387. [Ibiamya by'Itorero].

4 Testimonies for the Church, vol. 9, p.246. [Ibiamya by'Itorero.]

5 Testimonies for the Church, vol. 6, p.391. [Ibiamya by'Itorero]

ITALANTO ZACU

Umugani w'abantu bahawe italanto, niwumvikana uko bikwiriye, uzakumira kararikira ubutunzi, ari ko Imana yita "gusenga ibigirwamana"¹...

Imana yaguriye abantu italanto: hari abo yahaye ubwenge bwo guhanga ibintu bishya, abandi ibaha umutima ngo ube ahantu intebe y'ubwami bwayo iba, abandi ibaha urukundo ngo rujye rutembera ku bandi nk'imigisha, abandi abaha umutima uhana ngo ujye ubemeza icyaha. Buri muntu wese hari ikintu runaka yahawe na Shebuja, kandi buri wese akwiriye gukora uruhare rwe mu gutanga ibikenewe mu murimo w'Imana.

Imana yifuza ko abakozi bayo bayibonamo Rugaba w'ibintu byose batunze, kandi bakibuka ko ibyo batunze byose ndetse n'icyo bari cyo cyose ari Yo bikomokaho, Yo mujyanama ukomeye, ikaba n'umukozi w'umuhanga. Gukoraho gukiza kw'ikiganza cya muganga, ububasha bwayo bukoresha imyakura n'imikaya, ubwenge bwayo butangaje bugenga imiterere n'imikorere y'imyanya y'umubiri, byose ni ubwenge butumenyeshya ububasha bw'Imana bugomba gukoreshwa kugira ngo bwunganire ikiremhamuntu kiri mu mubabaro. Ubuhanga umubaji akoresha akubitisha inyundo ye, imbaraga umucuzi akoresha igihe akora impeta mu butare, byose bituruka ku Mana. Yahaye abantu impano zitandukanye, icyo ibashakaho ni uko bajya bayigisha inama. Bityo, ni bwo bashobora gukoresha impano zayo bafite ubushobozi butuma batagwa mu makosa, ari na byo bizagaragaza ko ari abakozi bakorana n'Imana.

Umutungo ni impano. Imana yoherereza ubwoko bwayo ubutumwa bukurikira: "Gurisha ibyo utunze, maze uhe abakene." Matayo 19:21. Ibyo dutunze byose ni iby'Uwiteka, ntakibazo tugombakubigiraho. Araduhamagara ngo dukanguke, kandi twikorere umugabane umwe w'imitwari y'umurimo we kugira ngo umurimo we ugere ku musaruro ushimishije. Buri mukristo akwiriye gukora uruhare rwe nk'igisonga gikiranuka. Uburyo Imana ikoresha burumvikana kandi ni ubw'ukuri. Dukwiriye gukoresha ibiceri dufite cyangwa inoti zacu, tuyigarurira amaturo kugira ngo ashyigikire umurimo wayo, tuzanira Kristo imitima yahabye. Amafaranga menshi ndetse n'amake akwiriye gushyirwa mu bubiko bw'Uwiteka....

¹ Testimonies for the Church, vol. 3, 387. [Ibihamya by'Itorero].

Kumenya kuvuga ni impano. Mu mpano zose zahawe umuryango w'abantu, nta n'imwe ikwiriye kwishimirwa kurenza impano yo kuvuga. Iyo mpano ikwiriye gukoreshwa mu kwamamaza ubwenge bw'Imana n'urukundo rwayo rutangaje. Bityo, abantu bakabwirwa ubutunzi bw'ubuntu bwayo n'ubwenge bwayo.

Kristo utuye mu mutima w'umuntu ahishurwa hakoreshejwe amagambo. Ariko Mwuka Muziranenge ntashobora gutura mu mutima w'umuntu urakazwa n'ubusa igihe abandi batemeye ibitekerezo bye n'imigambi ye. Mu kanwa k'umuntu umeze atyo haturuka amagambo akakaye atera agahinda kandi akirukana Mwuka Muziranenge, akubaka muri uwo muntu imico ya Satani aho kumwubakamo imico y'Imana. Uwiteka ashaka ko abantu bafite aho bahuriye n'umurimo we bahora bavugana ubugwaneza bwa Kristo. Niba bagushotoye, ntukwiriye kugaragaza kwihangana guke. Bagaragarize ubugwaneza Kristo yaduhayeho urugero mu mibereho ye....

Imbaraga ni impano, kandi zikwiriye gukoreshwa mu guhesha Imana icyubahiro. Imibiri yacu ni iy'Imana. Yishyuye igiciro cyinshi kugira ngo acungure umubiri n'ubugingo... Dushobora gukorera Imana neza igihe dufite amagara mazima kuruta kuyikorera twararemeye bitewe n'uburwayi; nuko rero, dukwiriye kujya dufatanyaga n'Imana mu gufata neza imibiri yacu. Gukunda Imana ni ingenzi kugira ngo tugire ubugingo n'ubuzima buzira umuze. Kwizera Imana ni ingenzi cyane kugira ngo umuntu agire amagara mazima. Kugira ngo tugire ubuzima bwiza, imitima igomba kuba yuzuye urukundo, ibyiringiro n'ibyishimo dufite mu Mwami wacu.

Imbaraga zihindura abandi na zo ni impano, kandi ni imbaraga z'icyiza iyo umuriro wera wacanwe n'Imana winjijwe mu murimo dukorera abandi. Imbaraga zihindura ikorera mu mibereho yejeje igera ku bo tubana ndetse ikagera na kure y'imiryango yacu. Kugirira neza abantu gushyizwe mu bikorwa, kwigomwa no kwitanga, ari na byo bigaragaza imibereho y'umuntu, bigira imbaraga zihindura abantu bakorana na we, ikabatera gukora ibyiza

HAKURIKIJE UBUSHOBOZI BW'UMUNTU WAKIRA

Muri gahunda y'Imana habonekamo impinduka igihe iha abantu italanto. Umuntu umwe yahawe italanto imwe, undi yahawe italanto eshanu, undi yahawe italanto icumi. Izi talanto ntizipfa gutangwa gutyo gusa, ahubwo zitangwa hakurikijwe ubushobozi bw'umuntu uzakira.

Umuntu azasabwa kugarura inyungu hakurikijwe italanto yahawe. Umuntu wagizwe igisonga agahabwa ubushobozi bwinshi, ni we utegerejweho kugarura byinshi. Uwahawe amadolari cumi azasabwa gutanga inyungu zagombaga gutangwa n'amadolari icumi iyo aza gukoreshwa uko bikwiriye. Uwahawe ibiceri cumi, na we azasabwa gutanga inyungu z'ibyonyi biceri icumi gusa....

Gukiranuka mu mikoreshereze y'ibyonyi Imana yaduhaye ni byo bituma

umuntu yemerwa mu maso y'Imana. Niba dushaka gushimwa nk'abagaragu beza kandi bakiranuka, tugomba gukorera Databuja umurimo mwiza kandi wejejwe. Azagororera umugaragu wese ukorana umurava, kandi akaba inyangamugayo. Abantu nibaramuka bamwiringiye, nibaramuka bazirikanye imbabazi ze no kugiraneza kwe, bakagenda imbere ye bicishije bugufi, azafatanyana na bo. Azagwiza impano yabahaye.

NIMUKORE KUGEZA IGIHE NZAZIRA

Imana yadusigiye inshingano yo gucunga ubutunzi bwayo mu gihe idahari. Buri gisonga gifite umurimo wihariye kigomba gukora mu guteza imbere ingoma y'Imana. Nta muntu n'umwe bitareba. Imana iradutegeka twese iti: "Nimukore kugeza igihe nzazira." Ikurikije ubwenge bwayo, yaduhaye amabwirizwa dukwiriye gukurikiza mu mikoreshereze y'impano yaduhaye. Impano yo kuvuga, impano yo kwibuka, impano yo guhindura imitekerereze y'abandi, umutungo, byose twabihereye kugira ngo bifatanirize hamwe guhesha Imana icyubahiro no guteza imbere ubwami bw'Imana. Izaha imigisha abakoresha neza impano yabahaye.

Tuvuga ko turi Abakristo bategereje kugaruka k'Umwami atungutse ku bicu byo mu ijuru. None se ni iki dukoresha igihe cyacu, ugusobanukirwa kwacu, ubutunzi bwacu; ibitari ibyacu bwite, ahubwo twaragujwe kugira ngo gukiranuka kwacu gushyirwe ku gipimo? Nimureke dukoreshe ubutunzi bwacu mu bikorwa byo guteza imbere umurimo w'Imana. Bityo ni bwo tuzumvira itegeko ryayo rigira riti: "Ntimukibikire ubutunzi mu isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ni ho n'umutima wawe uzaba." (*Matayo 6:19-21*).²

UMUNTU WESE YAHawe UMURIMO WE

Higeze kubaho igihe ubwo abantu bumvaga ko impano zihabwa gusa itsinda ry'abantu runaka batoneshejwe, maze abandi bakirengagizwa, ba bandi nyine batahamagariwe gufatanyana n'abandi umurimo bityo ntibasangire n'ingororano. Nyamara si ko bimeze mu mugani. Igihe Umukoresha yahamagaraga abakozi be, yahaye buri muntu wese umurimo we. Abagize umuryango w'Imana bose bafite inshingano yo gukoresha neza ibyo Imana yabahaye....

Baba bari ku rwego rwo hejuru cyangwa ruciriritse, bese bahawe impano bagomba kugenzurira Shebuja. Ubushobozi bwo mu by'Umwuka, ubw'intekerezo n'ubushobozi bw'imbaraga z'umubiri, imbaraga zihindura intekerezo z'abandi, umwanya umuntu afite mu muryango mugari w'abantu, ubutunzi bwacu, urukundo rwacu, impuhwe tugirira abandi, ibyo byose ni impano z'igiciro twahawe tugomba gukoresha mu murimo wa Databuja kugira ngo ubugingo Kristo yapfiriye bubone agakiza.³

² Review and Herald, April 9, 1901. [*Urwibutso n'Integuza.*]

³ Review and Herald, Oct. 26, 1911. [*Urwibutso n'Integuza.*]

IMPAMVU ZATUMYE IMPANO ZITANGWA

Abantu b'Imana bakwiriye gusobanukirwa neza ko Imana itabahaye impano ngo bazikoreshereze kwikungahaza mu by'isi, ahubwo baziherewe kugira ngo zishyire mu bubiko bwo mu ijuru urufatiro rwiza rubasha guhangana n'igihe kiri imbere, ndetse ngo bizabahashe ubugingo buhoraho.⁴



⁴ Review and Herald, Jan. 8.1895. [Urwibutso n'Integuza.]

INSHINGANO Z'UMUNTU UFITE ITALANTO IMWE

Abantu bamwe bahawe italanto imwe usanga babigira urwitwazo ngo kubera ko badafite italanto nyinshi bakoresha, nk'uko bimeze ku bahawe italanto nyinshi. Iyo talanto imwe bayihisha mu butaka nka cya gisonga gikiranirwa. Bagira ubwoba bwo kugarurira Imana ku byo yabahaye. Bajya mu mishinga y'isi ibazanira inyungu, nyamara n'iyi bagize icyo bakora mu murimo w'Imana, bashoramo ubutunzi buke. Babikora bategereje ko abafite italanto nyinshi ari bo bazikorera imitwazo yo mu murimo, bakiyumvamo ko kugera ku ntego kwawo n'iterambere ryawo bitabareba....

Abantu benshi bavuga ko bakunda ukuri, bari gukora umurimo nk'uyu. Ariko bari gushuka ubugingo bwabo; kuko Satani yabahumye amaso. Uko bibye Imana ibyayo, baba biyibye inshuro nyinshi. Baba bivukije ubutunzi bwo mu ijuru bitewe no kurarikira ubutunzi kwabo, ndetse n'umutima wabo mubi wo kutizera.

Bitewe n'uko bafite italanto imwe gusa, batinya kwiringira Imana ngo bayiragize iyo talanto, maze bakagenda bakayihisha mu gitaka. Biyumvamo ko babohotse ku nshingano bahawe. Bashimishwa no kubona ukuri kujya mbere, ariko bakirengagiza ko bahamagarirwa kwigomwa no gufasha abandi umurimo binyuze mu muhati wa buri muntu wese ndetse n'ubutunzi bwa buri wese, kabone n'ubwo baba badafite ibintu byinshi....

ABANTU BOSE BAHawe ITALANTO

Abantu bose, abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, bose bahawe italanto na Shebujja; bamwe yabahe nyinshi, abandi abaha nkeya, akurikije ubushobozi bwabo. Imigisha y'Imana izagwira ku bakozi bakorana umwete, urukundo n'ubushishozi. Ibyo bakora bizabyara umusaruro, kandi bizatuma abantu baragwa ubwami bw'Imana kandi na bo ubwabo bazahabwa ubutunzi budahangarwa n'urupfu. Bose ni abakozi bakorera guhindura imibereho y'abantu, kandi bahawe ubutunzi bwo mu ijuru. Ubwinshi bw'italanto umuntu ahabwa buterwa n'ubushobozi buri wese afite.

Imana iha buri umuntu wese umurimo we, kandi ikaba itegereje ko ayigarurira inyungu zingana n'uko uwo murimo ungana, hakurikijwe ibyo yaragijwe. Ntabwo umuntu yahaye italanto imwe imusaba inyungu

zingana n'iz'uwahawe italanto cumi. Ntisaba umuntu ukennye ngo atange ibifasha abakene bingana n'ibyo isaba umukire. Ntabwo isaba umuntu ufite intege nke kandi ubabazwa gukora umurimo umusaba imbaraga zingana n'iz'umuntu w'inziramuze. Italanto imwe ikoreshejwe uko bikwiriye, Imana izayemera ikurikije ibyo uwo muntu afite, ntabwo izakurikiza ibyo adafite.

Imana itwita abagaragu, bishatse kuvuga ko yaduhamagariye kuyikorera umurimo runaka, no gusohoza inshingano runaka. Yatuguriye igishoro ngo tugicuruze. icyo gishoro ntabwo ari icyacu, kandi tubabaza Imana iyo tugiye tukagihisha cyangwa tukagikoresha ibyo twishakiye kandi ari umutungo w'Uwiteka. Tuzabazwa niba twakoresheje neza cyangwa twarakoresheje nabi umutungo Imana yadutije. Niba igishoro Imana yaduhaye tutagikoresha cyangwa twaragitabye mu butaka, bona nubwo cyaba ari italanto imwe, Databuja azatubaza uko twagikoresheje. Ibyo adusaba kumuhana n'inyungu si ibyacu, ahubwo ni ibye.

Buri mpano yose igaruriwe Uwiteka, izasuzumanwa ubwitonzi. Ibikorwa no kwizera by'abagaragu b'Imana ntibizafatwa nk'ikintu cy'agaciro gake. Umuntu wese azasuzumwa ku giti cye, kandi asabwe gusobanura uko yakoresheje italanto yahawe, niba yarazikoresheje zikabyara inyungu cyangwa se niba yarazikoresheje nabi. Ingorano umuntu azahabwa izaba ingana n'ibyo yungutse kuri izo talanto. Ibihano bizatangwa bizaba bihwanye n'italanto zakoreshejwe nabi.¹

IMPANO TWAHAWE NGO TUZIKORESHE

Abantu ntibakwiriye kurizwa n'uko badafite impano nyinshi. Umuntu nakoresha impano Imana yamuhaye mu buryo buhesha Imana icyubahiro, izo talanto zizunguka izindi. Nta gihe dufite cyo kwivovotera urwego rw'ubuzima turimo no gushaka urwitwazo rwo kudateza imbere ubushobozi bwo gukora dufite tuvuga yuko tubiterwa n'uko tudafite ubushobozi n'umwanya nk'ibyahawe undi muntu runaka. [Ntidukwiriye kuvuga] ngo: "Ndamutse ngize impano n'ubushobozi nk'ibya runaka, nashyira igishoro kinini mu murimo wa Databuja. icyo Databuja asaba abantu nk'aba, ni ugukoresha neza iyo talanto imwe bahawe; ibyo birahagije...."

Mfite ibyiringiro ko abayobozi bazakoresha umwete mwinshi muri buri torero kugira ngo bakangure abantu bari aho ntacyo bakora. Ndasaba Imana ngo ifashe abo bantu kugira ngo basobanukirwe yuko n'impano imwe bahawe bazabazwa umusaruro wayivuyemo; kandi niba birengagiza gushaka izindi talanto zungutse kuri iyo talanto imwe bafite, n'iyi bafite bazayibura kandi babure n'ubugingo bwabo. Dufite ibyiringiro byo kuzabona impinduka mu matorero yacu. Nyir'urugo aritegura kugaruka maze agahamagara ibisonga bye ngo basobanure uko bakoresheje italanto yabahaye. Imana igirire impuhwe abantu b'inkorabusa! Abantu bazakiranwa ibyishimo byinshi bakumva aya magambo ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka," (Matayo 25: 21), bazaba barakoze neza mu

¹ Review and Herald, Feb. 23, 1886. [Urwibutso n'Integuza.]

byerekeye guteza imbere ubushobozi bafite ndetse n'umutungo bagamije guhesha Imana icyubahiro.²

IMPANO ZITUNGUTSE

Hari abantu bamwe bafite ubushake bwo gutanga bakurikije ibyo bafite, kandi bakaba bumva ko nta kindi Imana izabishyuzwa, bitewe n'uko badafite ubutunzi bwinshi. Nta cyo bunguka bazigamira gukemura ibibazo by'imiryango yabo. Nyamara hari abandi bo muri uru rwego bashobora kwibaza iki kibazo bati: " Mbese ntanga nkurikije ibyo nagombaga kuba mfite?" Imana yateganyije ko imbaraga zabo z'umubiri n'iz'ubwenge zikwiriye gukoreshwa, zikabyazwa umusaruro. Bamwe muri bo ntibigeze bakora uko bashoboye kose ngo babyaze umusaruro ubushobozi Imana yabahaye. Umurimo ni inshingano yahawe umuntu. Umurimo wahujwe n'umuvumo kuko waje guhinduka ikintu cya ngombwa nyuma y'icyaha. Gukora umurimo mu buryo bukwiriye bihinduka ikintu cya ngombwa kugira ngo umuntu agire amagara mazima muby'umubiri, mu by'ubwenge ndetse no mu mico mbonera. Intumwa Pawulo, ahumekekemo na Mwuka w'Imana yaravuze ati: " Ku by'umwete ntimube ibyangwe." *Abaroma 12:11.*

Nta muntu ku isi, yaba umukire cyangwa se umukene, ushobora guhesha Imana icyubahiro ari umunebwe. Igishoro abakene benshi bafite ni igihe n'imbaraga z'umubiri bahawe; kandi ibihe byinshi icyo gishoro abantu benshi bagipfusha ubusa binyuze mu gukunda ubuzima butabagoye no kwihunza umurimo ntibagire icyo bitaho, bigatuma babura icyo bazanira Umwami wabo mu buryo bwa icyacumi n'amaturu. Niba abantu b'Abakristo babuze ubwenge bwo gukora uko bashoboye kose, no gukoresha imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge bahawe, bari bakwiriye kwiyoroshya kandi bakicisha bugufi mu mitima, bakakira inama n'ibitekerezo bya benedata, kugira ngo babashe gushyira mu gaciro neza bitume bava mu bunebwe barimo . Muri iki gihe, abakene benshi bashimishwa no kutagira icyo bakorera gufasha bagenzi babo, kandi ntibagire n'icyo bakora ngo bateze imbere umurimo w'Imana, bashobora gukora byinshi baramutse babishatse. Imana izababaza icyo bakoresha igishoboro cy'imbaraga z'umubiri, kimwe n'uko umutungo azabazwa uko yakoresheje igishoro cy'amafaranga yahawe.³

GUSOBANURA UKO TWAKORESHEJE IMBARAGA Z'UMUBIRI

Neretswe ko abantu batagira umutungo ariko bakaba bafite imbaraga z'umubiri, Imana izababaza uko bakoresha imbaraga zabo. Bakwiriye gukorana umwete mu murimo kandi bakarangwa n'ishyamba mu bya Mwuka; ntibakwiriye gutererana abafite ubutunzi ngo babe ari bo bitangira umurimo bonyine. Neretswe ko na bo bakwiriye kwitanga, kandi ni inshingano yabo kugenza batyo, kimwe n'uko ari inshingano kuri ba bandi bafite ubutunzi. Nyamara ibihe byinshi, abadafite ubutunzi ntibasobanukirwa ko baora kugira ibyo bigomwa mu buryo bwinshi: bashobora kugabanya bimwe mu byo bagenera imibiri yabo , bakagabanya guhaza ipfa ry'ibyokurya n'ibyo

² Review and Herald, March 14, 1878. [*Urwibutso n'Integuza.*]

³ Testimonies for the Church, vol.3, p.400. [*Ibihamya by'Itorero.*]

kunywa, bityo bakabona ibyo bazigamira guteza imbere umurimo w'Imana, maze bakaba bibikiye ubutunzi bwabo mu bubiko bwo mu ijuru. ⁴

Abafite imbaraga z'umubiri bagomba gukoresha izo mbaraga mu murimo w'Imana. Bakwiriye gukoresha amaboko yabo, maze bakabona ubutunzi bwo gukoresha mu murimo w'Imana. Abagira amahirwe bakabona akazi, bakwiriye kugakora bakiranuka, kandi bagakoresha ayo mahirwe neza kugira ngo babone uko bafasha abatarashoboye kubona akazi. ⁵

UBUNEBWE NTIBUKWIRIYE GUSHYIGIKIRWA

Ijambo ry'Imana ritwigisha ko niba umuntu adakora, adakwiriye no kurya. Imana ntisaba umuntu ukorana umwete gutera inkunga abanebwe. Gupfusha ubusa igihe no kudakorana umwete ni byo bituma abantu bakena bagatindahara. Niba aya makosa atagaragariye abayirohamo ngo banayakosore, ibindi bintu byose bishobora gukorerwa aba bantu byose biba bibaye nko gushyira ubutunzi mu gitebo gipfumutse. Ariko hariho ubukene butashobora kwirindwa; kandi tugomba kugaragariza impuhwe n'imbabazi abanyamahirwe make. ⁶

4 Testimonies for the Church, vol.1, p.115. [Ibihamya by'Itorero.]

5 Review and Herald, Aug. 21, 1894. [Urwibutso n'Integuza.]

6 Review and Herald, Jan.3, 1899. [Urwibutso n'Integuza].

KWIBA IMANA UKANGA GUKORA UMURIMO UKWIRIYE

Hari abantu bari mu ruhande rw'abaruhuka Isabato ariko bakagundira ubutunzi bwo mu isi. Bwabahindukiye imana, ni ikigirwamana cyabo; kandi bakunda amafaranga yabo, ibikingi byabo, amatungo yabo, bagakunda ibicuruzwa byabo kuruta uko bakunda Umukiza wabo, Uwemeye guhinduka umukene ku bwabo kugira ngo muri ubwo bukene bwe, babone uko bahinduka abatunzi. Bashyira hejuru ubutunzi bwabo, maze bagatekereza ko burusha agaciro ubugingo bw'abantu. Mbese abantu bameze batyo bazabwirwa ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka"? Ntibishoboka. Ahubwo bazacirwaho iteka rikomeye, maze amagambo ashishana yumvikane mu matwi yabo ngo: "Nimumve imbere." Bene abo bantu ntacyo bamariye Kristo. Babaye abagaragu b'abanebwe, bagundiye ubutunzi Imana yabahaye, mu gihe bagenzi babo bariho barimbukira mu mwijima w'icyaha n'ikinyoma.

Umutima wanjye urashenguka iyo ntekereje iki kintu. Mbese abantu bafite ubutunzi bazakomeza gusinzira kugeza ubwo igihe kizaba kibarenzeho bagakererwa bitangaje? Kugeza ubwo Imana izabirukanana n'ubutunzi bwabo, ikababwira iti: "Ubutunzi bwanyu buraboze, n'imyenda yanyu iriwe n'inyenzi, izahabu zanyu n'ifeza zanyu ziriwe n'ingese. Ingese yazo ni yo izaba umugabo wo kubahamya." Yakobo 5:2-3. Mbega ibintu biteye ubwoba bizagaragazwa ku muni w'Uwiteka! Ubutunzi bwahunitswe ahantu n'imishahara itagaragajwe bizitakana bene byo, bahoraga biyita Abakristo, bakihumuriza bavuga ko bakomeza amategeko y'Imana, mu gihe bakundaga inyungu zabo kuruta uko bakundaga igiciro cy'amaraso Kristo, bakaburutisha ubugingo bw'abantu.

Ubu ni igihe umuntu wese agomba guhaguruka, agakora.... None se abantu benshi bazasubiza iki ku muni w'Uwiteka, igihe azababaza ati: "Mwankoreye iki, ko nabahaye ubutunzi bwanjye, icyubahiro cyanjye, nkabaha amategeko yanjye, ndetse ngatanga ubugingo bwanjye kugira ngo mbacungure? Abatagira icyo bakora ntibazabona icyo bavuga kuri urya muni. Bazabona icyaha bakoze cyo gukerensa kwabo. Bibye Imana ubwo bangaga kuyikorera mu mibereho yabo yose. Nta muntu n'umwe bigeze bayobora ku gukora ibyiza. Ntibigeze bagira ubugingo bw'umuntu n'umwe

bazanira Yesu. Bumvaga banyuzwe no kutagira icyo bakorera Shebuja; bityo nta ngororano yindi bazahabwa usibye kurimbuka by'iteka ryose. Bazarimbura n'inkozi z'ibibi, nubwo bahoraga bavuga ko ari abayoboke ba Kristo.¹

ICYAHA GIKOMEYE CY'ABIYITA ABAKRISTO

Buri muntu wese, icyo yaba akora cyose, yaba acuruza cyangwa akora undi murimo, yari akwiriye kugira nyambere umurimo w'Imana. Ntiyari akwiriye kwimenyereza gukoresha impano yahawe kugira ngo ateze imbere umurimo w'Imana gusa, ahubwo yari anakwiriye kubaka ubushobozi bwe kugira ngo abashe kubona uko akora uwo murimo nyine. Abantu benshi bamara amezi menshi cyangwa imyaka myinshi bashaka ubumenyi mu by'ubucuruza cyangwa se uwundi mwuga, kugira ngo babe abakozi bagera ku ntego biyemeje muri iyi si; nyamara umuntu nk'uwo ntabasha kugira umuhati wihariye agira wo kubaka impano zizamubashisha kugera ku ntego ze nk'umukozi wo mu ruzabibu rw'Uwiteka. Uwo muntu aba yarangije imbaraga ze kandi aba yarakoresheje nabi impano ze. Yerekanye ko atubaha Shebuja wo mu ijuru. Iki ni icyaha gikomeye ku bantu biyita ubwoko bw'Imana. Abo bantu baba bikorera kandi bagakorera isi. Bashobora kwitwa abantu bakora ibintu neza kandi bacunga neza amafaranga; ariko bakaba bakerensa guteza imbere imikoreshereze y'impano Imana yabahaye ngo bazikoreshe mu murimo wayo. Imikorere y'ab'isi irarushaho gukomera no gushyirwamo ingufu, mu gihe ubuzima bw'iby'umwuka burushaho kugira intege nke bitewe n'uko abantu batagira icyo bakora.²

ICYAHA CYO GUKERENSA

Iyaba abo bantu bafite impano ziriho ziribwa n'ingese bitewe no kudakoreshwa bashakaga Mwuka w'Imana ngo abafashe, bagahaguruka bakajya ku murimo, twabona hakorwa ibintu byinshi. Ukurarika kwihuse gusaba abantu gutanga ubufasha kwatuma imitima yabo ikanguka maze bagasubiza bati: "Tuzakora uko dushoboye kose mu ntege nke zacu n'ubujiji bwacu, duhanze amaso ku Mwigisha Mukuru kugira ngo aduhe ubwenge." Mbese birashoboka ko hagati muri izi nzugi zose zikinguwe n'aba bantu batabaza bashaka ubufasha, abagabo n'abagore bakwicara bipfumbase amaboko, cyangwa amaboko yabo bakayakoresha ibikorwa byo kwikunda bigamije inyungu z'iby'isi?

Yesu yabwiye abigishwa be ati: "Muri umucyo w'isi". Nyamara se mbega ukuntu abazi ko bafite ububasha n'imbaraga zihindura ari bake! Mbega ukuntu ari bake bazi ko ibyo bashobora gukora byabera abandi ubufasha ndetse bikababera umugisha! Bapfunyika italanto yabo mu gitambaro ndetse bakayitaba mu butaka, maze ugasanga bihumuriza bavuga ko bafite kwicisha bugifi ntangarugero. Ariko ibitabo byo mu ijuru bihamya ko aba banabwewe ari abantu b'inkorabusa, abagaragu babi bacumura ku Mana mu buryo buteye agahinda, binyuze mu gukerensa umurimo yabahaye ngo

¹ Review and Herald, March 14, 1878. [Urwibutso n'Integuza.]

² Review and Herald, Jan. 1, 1884. [Urwibutso n'Integuza.]

bawukore. Ntibazabona icyo bireguza ukuba badashyitse kwabo igihe ibitabo byo mu ijuru bizabumburwa, bikerekena ugukerensa gukabije bagize.

Uko impano twahawe yaba imeze kose, dusabwa kuyikoresha mu murimo w'Imana, aho kuyikoresha dukorera ikigirwamana cy'amafaranga....

Abantu bari gutaba italanto zabo mu butaka, barivutsa amahirwe yo kubona ikamba ritatsweho inyenyeri. Umubare w'abagabo n'abagore bazaba baratabye impano zabo, cyangwa se umubare w'abazimiriyeye mu mwijima bitewe n'uko impano Imana yatanze zahambwe mu mirimo ibyara inyungu aho kugira ngo zikoreshwe mu murimo w' uwazitanze, ntuzigera umenyekana kugeza ubwo ibitabo by'urubanza ruheruka bizaba bibumbuwe....

Abantu... bashobora gushishikazwa n'amaronko bakura mu birombe by'amabuye y'agaciro nk'ifeza n'izahabu. Bashobora kumara igihe cy'ubuzima bwabo bwose bashaka ubutunzi bwo mu isi; ariko amaherezo barapfa bakabusiga bwose uko bwakabaye. Ntibashobora kujuana n'ifaranga rimwe ngo bazaryikenze aho hantu ho gucecekerwa. Mbese ubwo abo bantu ni abanyabwenge? Mbese abo bantu si abasazi? Kumva bareka igihe cyo kwemererwamo kikabatambukaho batagize imyiteguro y'igihe kizaza? Abanyabwenge bo bazabika ubutunzi bwabo mu ijuru, aho butabasha kwangirika. Ni rwo rufatiro rwiza ruzababashisha guhagarara bashikamye mu gihe kizaza, kugira ngo bahabwe ubugingo buhoraho. Niba dukwiriye kwibikira ubutunzi buzaramba, nimutyo dutangire none kubwohereza mu bubiko bwo mu ijuru kandi aho ubutunzi bwacu buri ni ho n'imitima yacu izaba.³

³ Review and Herald, Oct.7,1884. [Urwibutso n'Integuza.]

KWIREGURA KU MUNSI W'URUBANZA

Nta muntu Imana ihatira kuyikunda no gukurikiza amategeko yayo. Mu nama y'agakiza, Imana yerekanye urukundo rutarondoreka ikunda umuntu. Yatanze ubutunzi bw'ubwenge bwayo kandi itanga impano ihebuje izindi yo mu ijuru kugira ngo tubashe kuyikunda kandi ngo tubashe guhuza n'ubushake bwayo. Niba twanga urukundo rumeze rutyo, kandi ntitwemere ko idutegeka, tuba turi kwitegurira urupfu, kandi ku iherezo tuzarimbuka by'iteka ryose.

Imana yifuza ko tuyikorera umurimo biturutse ku bushake bw'imitima yacu. Yaduhaye ubushobozi bwo gutekereza, iduha impano zo kugira ibyo dushobora gukora, iduha ubutunzi n'ubushobozi bwo guhindura intekerezo z'abandi kugira ngo tubikoreshe dukorera ikiremwamuntu ibyiza; bityo tubashe kwereka abari mu isi Mwuka w'Imana. Imigisha n'amahirwe byashyizwe aho dushobora kubishyikira, kandi nitubyirengagiza, tuzaba twibye abandi, tuzaba turiganyije imitima yacu ndetse tube dusuzuguje Umuremyi wacu. Ntabwo twifuza ko ku munsu w'urubanza twazabazwa iby'ayo mahirwe n'imigisha twakerensheje. Inyungu zacu z'iteka ryose zo mu gihe kizaza zizashingira ku buryo dusohoza neza inshingano zo guteza imbere impano Imana yaduhaye ngo tuzikoreshe kubw'agakiza k'ubugingo bw'abantu....

Icyubahiro n'umwanya w'ubuyobozi umuntu yaba afite, nubwo bikunze gushyirwa imbere, ntibikwiriye kuba urwitwazo rwo kwigabiza ubutunzi bw'Imana ngo tubugire ubwacu. Ubuntu Imana yatugiriye mu buryo budasanze bwari bukwiriye kutubera impamvu idutera kuyikorera n'umutima wacu wose ndetse tukayikorera tubikunze. Ikibabaje ni uko abantu benshi bahawe umugisha muri ubwo buryo, bibagirwa uwayibahaye, maze bagahinduka abatagira icyo bitaho, abanyagasuzuguro n'abasesagura umutungo. Basuzugura Imana yo mu ijuru kandi bagakoresha ubushobozi bwabo bwo guhindura intekerezo z'abandi, maze bakazanira bagenzi babo umuvumo ndetse bakabarimbuza. Ntibigera bashaka korohereza abakene umubabaro. Ntabwo bashyigikira umurimo w'Imana. Ntibagira ishyaka ryokurenganura urengana, ntibaburanira abapfakazi n'imfubyi, cyangwa ngo barangwe n'imico mbonera myiza imbere y'aboroheje n'abakomeye,

ngo bagaragaze umwuka w'ubugiraneza n'ubupfura. Ahubwo barangwa no gukandamiza abo bakoresha; bariganya abo bakoresha bakabima ibihembo byabo, bakariganya intungane, bakiba abapfakazi kandi bakirundanyirizaho ubutunzi buhumanyijwe n'amaraso y'abantu. Ibyo bintu byose bazabibazwa mu rukiko bahagaze imbere y'Imana. Abo bantu ntibakora ibihuje n'ubushake bwa Data wo mu ijuru, kandi bazumva itegeko rikakaye, rivuga riti: "Nimumve imbere, mwa nkozi z'ibibi mwe."¹

GUHISHURWA GUTANGAJE

Mbega uguhishurwa kuzaba ku muni w'urubanza! Abantu benshi bari basanzwe biyita Abakristo, bazasangwa batarigeze kuba abagaragu b'Imana, ahubwo basange barikorera ubwabo. Inarijye yari izingiro ry'ibyo bakoraga; kwizirikana ubwabo ni byo byaranze imibereho yabo yose. Kubwo kugira imibereho yo kwishakira inyungu uko bashoboye kose, batumye ubushobozi n'imbaraga Imana yabahaye bicumbagira kandi birasigingira. Ntibigeze bakorana n'Imana bakiranutse. Imibereho yabo yaranze n'inzira imwe yo kwiba Imana. Abo bantu bahora bitotombera Imana na bagenzi babo kubera ko badahabwa agaciro kandi ngo bitabweho nk'uko batekereza ko bakwiriye kugenzerezwa. Nyamara ubuhemu bwabo buzahishurwa ku muni Uwiteka azacira abantu bose imanza. Izitura buri wese ibyo yakoze, kandi igaragaze « itandukaniro hagati y'abakiranutsi n'abanyabyaha, hagati y'abakorera Imana n'abatayikorera. »

Kuri uwo muni, abantu batekereza ko Imana izemera amaturo adashyitse n'umurimo udakoranywe ubushake, bazakorwa n'isoni. Imana ntizemera umurimo w'umuntu wese, yaba uworoheje cyangwa ukomeye, yaba ari umukire cyangwa se umukene, niba atarawukoze abikuye ku mutima, cyangwa ngo awukore akiranutse kandi kandi agamije guhesha Imana icyubahiro. Ariko abakomeje kuba abo mu muryango w'Imana hano ku isi, bagahirimbana guhesha izina ryayo icyubahiro, bazaba bararonse imibereho ibahindura abami n'abatambyi b'Imana; kandi bazemerwa nk'abagaragu bakiranuka. Abo ni bo bazabwirwa aya magambo ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa Shobuja." (Matayo 25: 21.).²

KUVUGA SI BYO BIKENEWE, IGIKENEWE NI IBIKORWA

Iyo amazina y'abantu ageze imbere y'Imana ngo asuzumwe, ikibazo ngo: « Mbese bavugaga iki? » ntikijya kibazwa; ahubwo hibazwa iki ngo: « Mbese bakoze iki? » Mbese babaye abakora iby'iryo jambo? Mbese bagize imibereho yihugiraho? cyangwa baranzwe n'imirimo y'ubugiraneza, ibikorwa by'ubugwaneza, urukundo, guharanira inyungu z'abandi aho kwigira nyambere, no kwiyanga kugira ngo bahesha abandi umugisha?

Ibyanditswe mu bitabo nibyerekana ko imibereho yabo yaranze n'izo ndangagaciro, bikagaragaza ko imico yabo yaranze n'ubugiraneza,

¹ Review and Herald, April 14, 1888. [Urwibutso n'Integuza.]

² Review and Herald, Jan. 5, 1897. [Urwibutso n'Integuza.]

kwigomwa no kugirira abandi neza, bazahabwa umugisha na Kristo kandi abahamye agira ati: "Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabateguriwe uhereye ku kuremwa ku isi." (*Matayo 25: 34*).

Kristo yatewe agahinda kandi ababazwa n'urukundo rwacu rwaranzwe n'ubwikanyize no kwigira ba ntibindeba imbere y'imibabaro n'ubukene by'abandi.³

IBYO IGISONGA GIKIRANUKA CYASEZERANIWE

Kunyanyagiza imbuto ku mazi yose bisobanura ibintu byinshi. Bisobanura guhora dutanga impano n'amaturu. Imana izaha igisonga gikiranuka mu byo yagihaye ibyangombwa bicyorohereza mu murimo ku buryo kizabona ibigihagije muri byose, kandi kigashobozwa gukora umurimo wose mwiza. Kuri ibi, Ijambo ry'Imana riravuga riti: "Nk'uko byanditswe ngo: "yaranyanyagije, aha abakene, gukiranuka kwe guhoraho iteka ryose. Iha umubibyi imbuto n'imitsima yo kumugaburira, ni yo izabaha, ibongerere imbuto zanyu zo kubiba, kandi igwize imbuto zo gukiranuka kwanyu." *2 Abakorinto 9:9-10*. Imbuto zabibwe n'ukuboko kurangwa n'ubuntu, zitabwaho n'Uwiteka. Imana iha umubibyi imbuto zo kubiba, ni na Yo iha umukozi wayo ububasha bwo gufatanya na Nyir'ugutanga imbuto.⁴

³ Review and Herald, July 13, 1886. [*Urwibutso n'Integuza.*]

⁴ Testimonies for the Church, vol. 9, 132. [*Ibihamya by'Itorero.*]



INTIMPANG

UBUKHAWWE

UMUGABANE WA 5

IBISONGA

BIBIKIJWE UBUTUNZI



UBUTUNZI NI IMPANO UMUNTU YAHAWWE

Abayoboke ba Kristo ntibakwiriye kugaya ubutunzi; bakwiriye kureba ubutunzi nk'impano itangwa n'Imana. Baramutse babukoresheje nk'abanyabwenge, bwabazanira inyungu z'iteka, nyamara tugomba kuzirikana ko Imana itaduhereye ubutunzi kugira ngo tubukoreshe uko twishakiye, guharanira gukora ibituje mu bwenge, kubutanga cyangwa kubugundira uko twishakiye. Ntidukwiriye gukoresha ubutunzi mu buryo bwo kwikunda, ngo dupfe kubukoresha mu bikorwa byo kwishimisha gusa. Gukora gutyo ntibyaba ari ugukorerwa Imana na bagenzi bacu ibikwiriye, kandi amaherezo icyo byazana ni urujijo n'umuvurungano....

Ab'isi batonesha umukire maze bakamureba nk'ufite agaciro karushijeho gukomera, bakamurutisha umukene w'inyangamugayo; ariko abakire bubaka imico yabo bakurikije uburyo bakoresha impano bahawe. Berekana niba byaba amahoro baramutse bahawe ubutunzi bw'iteka ryose. Abakire n'abakene bose barimo baremeza umurage wabo w'iteka kandi barerekana niba ari abantu bakwiriye kuragwa umurage w'abera mu mucyo. Abakoresha ubutunzi bwabo mu bwikanyize kuri iyi si, baba bagaragaza ibiranga imico igaragaza ibyo bakora baramutse bahawe amahirwe arushijeho kuba menshi, kandi bakagira ubutunzi butangirika bwo mu bwami bw'Imana. Amahame y'ubwikanyize akurikizwa muri iyi si, si yo mahame akoreshwa mu ijuru. Mu ijuru, abantu bose bararashya....

Mbese ni kuki ubukire bwitwa ikigirwamana cy'amafaranga kidakiranuka? Ni uko Satani akoresha ubutunzi bwo mu isi kugira ngo agushe abantu mu mitego, abashuke, ayobye imitima, maze abarimbure. Imana yatanze amabwiriza abereka uko bagomba gukoresha ubutunzi bwayo, boroheraza abantu b'abanyamubabaro mu bukene bwabo, bakabukoresha bateza imbere umurimo wayo, bakubaka ubwami bwayo ku isi, bakabukoresha bohereza ababwirizabutumwa mu bihangu by'amahanga kandi bugafasha mu kumenyesha Kristo abari mu bice byose by'isi. Iyo ubutunzi Imana yaduhaye budakoreshe muri ubwo buryo, mu by'ukuri, mubona Imana itazajyana bene abo bantu mu rubanza? Abantu bararekwa ngo barimbukire mu byaha byabo, mu gihe abizera b'Itorero

biyita ko ari Abakristo bakoresha impano z'Imana zera z'ubutunzi mu gushimisha irari ry'ibyokurya n'ibyokunywa no mu gushimisha inarijye yabo.

UBURYO UMUTUNGO USESAGURWA

Mbega ukuntu umutungo w'Imana utagira ingano ukomoka ku gishoro yahaye abantu ngo urapfushwa ubusa, ugurwa itabi, inzoga zisanzwe n'izikomeye! Imana yabuzaniye kwiroha mu biyobyabwenge kuko byangiza imiterere y'umubiri w'umuntu. Kubera gukoresha ibiyobyabwenge, ubuzima burahazaharira maze ubugingo bwabo bukegurirwa kuba ingoro ya Satani. Gutegekwa n'ipfa ry'ibyo kurya n'ibyo kunywa bituma ubwonko bugira intege nke ku buryo umuntu aba atagishobora gutekereza neza kandi vuba, ndetse ntabe yashobora gutegura gahunda y'ibikorwa bizamugirira akamaro; kandi ntibagere kuri byinshi byabatera gukungahaza ubwenge bubayobora ku mpinduka zikenewe mu by'iyobokamana. Bene abo bantu ntibaba bagishoboye kureba ibyera n'iby'iteka ryose ngo babitandukanye n'ibintu bisanzwe kandi bidahoraho.

Satani yahimbye inzira nyinshi abantu bakoresha mu kwaya umutungo Imana yabahaye. Muri byo twavuga nko gukina amakarita, urusimbi, urusimbi rw'amakarita, gutumbora amakipe azatsinda, ibiryabalezi, gusiganwa ku mafarashi, ikinamico n'ibindi, kandi yashishikariye abantu kwitabira iyo mikino, bakabikorana ishyaka nk'aho nibatsinda bazagororerwa ubugingo buhoraho. Abantu batanga amafaranga menshi muri iyo mikino yo kwishimisha ibuzanijwe; kandi umusaruro bakuramo ni uko imbaraga Imana yabahaye, imbaraga zaguzwe amaraso y'Umwana wayo zikendera kandi zikangirika. Imbaraga z'umubiri, iz'imico-mbonera n'iz'ubwenge umuntu yahawe n'Imana kandi zikaba ari iza Kristo, zikoreshwa mu murimo wa Satani kandi abantu bakabikorana ishyaka, ndetse bikavana abantu mu gukiranuka no kwera.

Abantu bahimba buri kintu cyose kibasha guhindura ubwenge bukareka iby'icyubahiro kandi biboneye; ndetse abantu benda kugera ku rugero rwo kwangirika rumeze nk'urw'abari batuye isi yabanjirije umwuzure....

NK'UKO MU MINSI YA NOWA BYARI BIRI

Iyo twitegereje ishusho yo mu minsi yabanjirije umwuzure, tugahindukira tukitegereza ingeso n'imigirire y'abantu bo muri iki gihe, dusanga isi yacu igeze mu gihe cyo gusukwaho ibyago byo mu minsi y'imperuka. Abantu bahindanyije Isi bitewe n'imigenzereze yabo y'ibyaha. Satani ariho arakina umukino ugamije kurimbura ubugingo bw'abantu. Abashyira mu bikorwa amagambo ya Kristo, bazabona ko bagomba kuba maso no gusenga ubudasiba kugira ngo batagwa mu moshya.

Bisa n'aho abantu benshi badasobanukirwa ko amafaranga bapfusha ubusa mu mikino itagira icyo ibamarira uretse guhumanya imitima yabo no gushyiraho urufatiro rwo kwangiza imicombonera yabo, ntibamenya ko ayo mafaranga ari ay'Uwiteka. Abantu bakoresha amafaranga ku

bikorwa bigamije gushimisha inarijye, baba banezeza kandi bahesha ikuzo umwanzi wo gukiranuka. Baramutse berekeje imitima ku Mana, bakoresha amafaranga yabo mu bikorwa byo guhesha umugisha bagenzi babo no kubazahura, bakagabanya ubukene n'imibabaro yabo. Ku isi yacu hari inzara, hari abambaye ubusa, hari indwara hakaba n'impfu; nyamara se mbega ukuntu hari abantu bake gusa bagabanya ingeso yabo mbi yo kwaya umutungo! Satani arakora ibishoboka byose agahimba imigambi ituma abantu bahora bahugiranye rwose, kugira ngo batazigera babona igihe cyo kwibaza iki kibazo ngo: "Mbese ubugingo bwanyije buhagaze bute?"

UBURYO KRISTO ASHISHIKAJWE N'UMURYANGO W'ABANTU

Nyir'ubutunzi bwose dufite mu isi yaje kuri iyi si yacu afite akamero k'umuntu. Jambo yahinduwe umuntu, abana natwe. Ntabwo dushobora gusobanukirwa n'ukuntu ashishikajwe n'umuryango w'abantu. Azi agaciro k'ubugingo bwa buri muntu. Mbega ukuntu yashenguwe n'agahinda igihe yabonaga umurage yiguriye uriho wishimira ibihangano bya Satani!

Ikintu kimwe rukumbi gituma Satani yishimira gukina umukino wo kurimbura ubugingo bw'abantu, ni ukunyurwa no kubona ko ateye ishavu mu mutima wa Kristo. Nubwo Kristo yari umutunzi, yahindutse umukene kubwacu, kugira ngo mu bukene bwe adutungishe. Nyamara nubwo abantu babona iki kintu gikomeye gitya, benshi muri iyi si bemera ko ubutunzi bwo mu isi bukingiriza ibishimisha byo mu ijuru. Urukundo rwabo barushyira ku bintu byo mu isi, maze bagatera Imana umugongo. Mbega ukuntu ari icyaha giteye agahinda, kubona abantu batisubiramo ngo basobanukirwe ko ari ubusazi kwemerera urukundo bakunda ibintu by'isi rukirukana urukundo bakunda Imana mu mitima yabo! Iyo gukunda Imana byirukanywe mu mutima w'umuntu, urukundo rw'iby'isi ruza vuba vuba rugahita ruziba icyo cyaho. Uwiteka wenyine ni we ifite ububasha bwo kweza urusengeru rw'umutima, akawuvanamo guhumana ko mu buryo bw'intekerezo.

Yesu yatanze ubugingo bwe kugira ngo abatuye isi babone ubugingo, ni cyo gituma iha umuntu agaciro katarondoreka. Yifuza ko umuntu abona ko ari uw'agaciro kandi agaha agaciro imibereho ye myiza yo mu gihe kizaza. Iyo ijisho rikomeje kuba rizima, umubiri wose uba wuzuye umucyo. icyerekezo mu by'umwuka nikiba gisobanutse, iby'ukuri bitarebeshwa amaso bizahabwa agaciro kabikwiriye, kandi kwitegereza isi izahoraho iteka ryose bizatuma iyi si ya none idushimisha.

Umukristo azuzuzwa umunezero hakurikijwe uburyo akiranuka nk'igisonga Imana yaragije ibyayo. Kristo ashishikajwe no gukiza buri muhungu na buri mukobwa wese wa Adamu. Arangurura ijwi ry'umuburo, kugira ngo acagagure ingoyi zaboheye ubugingo nk'umunyago mu bubata bw'icyaha. Aringinga abantu ngo bahindukire bareke ibyo biziritseho bitaramba. Ahora abereka isi irushaho kuba nziza, avuga ati: "Ntimukibikire ubutunzi bwanyu ku isi."

IBISHUKO BIKOMEYE

Kristo abona akaga katwugarije; azi ibishuko bikomeye by'umwanzi ndetse n'imbaraga ze; kubera ko na we ubwe yahuye n'ibishuko bya Satani. Yatanze ubugingo bwe kugira ngo abahungu n'abakobwa ba Adamu babone igihe cyo kwemererwamo. Mu gihe bareba ingaruka zo kutumvira Imana kwa Adamu n'igicumuro cye, bakabona umucyo mwinshi wabarasiye, bararikirwa kumusanga kugira ngo babone uburuhukiro mu mitima yabo. Ariko uko umucyo bahawe urushaho kuba mwinshi n'ibimenyetso mpuruza by'akaga kabugarije bikarushaho kugaragara, ni ko no gucirwaho iteka kw'abatera umugongo umucyo bahawe bakihitiramo kugendera mu mwijima kurushaho kuba gukomeye. Amagambo ya Kristo arakomeye cyane mu gisobanuro cyayo ku buryo kuyakerensa bitakoroha.

Abantu basa n'abatwawe n'igitekerezo cy'ubusazi cyo gushaka ubutunzi bwo mu isi. Baremera bagahemuka mu buryo bushoboka bwose kugira ngo babashe kwirundanirizaho ubutunzi. Abantu bakorana ishyamba ryinshi imirimo yabo ibazanira inyungu, bigasa n'aho guhirwa muri yo byaba ari igihamba cy'uko bazabona ijuru. Bizirikaho igishoro Imana yabahaye mu by'ubutunzi bwo mu isi; bigatuma habura amikoro yo guteza imbere umurimo w'Imana ku isi ukorwa binyuze mu korohereza abatuye isi imihangayiko yo mu buryo bw'intekerezo no mu buryo bw'umubiri. Abantu benshi biyita ko ari Abakristo bananirwa kwitondera itegeko rya Kristo igihe avuga ati: "Mwibikire ubutunzi bwanyu mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe, kuko aho ubutunzi bwawe buri ni ho n'umutima wawe uzaba." (*Matayo 6:19-21*).

Ntabwo Imana izahatira abantu gukora bakiranutse, kwakira imbabazi bagiriwe no kugendana n'Imana bicishije bugufi; ahubwo ibashyira imbere icyiza n'ikibi, maze ikabereka neza ingaruka ndakuka zizakurikira amahitamo yabo. Kristo araturarika ati: "Nimunkurikire." Ariko nta tegeko riduhatira gushinga ikirenge aho ashinguye icye. Nitugera ikirenge mu cye, bizaba ari ingaruka y'amahitamo yacu twakoze nta gahato. Iyo turebye imibereho n'imico ya Kristo, muri twe havukamo icyifuzo cyo kugira imico nk'iyeye; maze tugakurikira kugira ngo tumenye Uwitwaga, kandi tumenye ko imirambagirire ye yiteguwe nk'igitondo. Ubwo ni bwo dutangira gusobanukirwa ko "inzira y'umukiranutsi imeze nk'umuseke utambitse, ugakomeza gukura, ukageza ku manywa y'ihangu." (*Imigani 4:18*).¹

KUGIRA UBUTUNZI SI ICYAHA

Bibiliya ntikiraho iteka umutunzi imuhoye ko ari umutunzi; ntivuga ko kugira ubutunzi ari icyaha, nta n'ubwo ivuga ko amafaranga ari umuzi w'ibibi byose. Ibihabanye n'ibyo, Ibyanditswe Byera bivuga ko Imana ari yo iha umuntu imbaraga zo kugera ku butunzi. Kandi rero ubwo bushobozi ni impano y'ingenzi igihe cyose yeguriwe Imana kugira ngo iteze imbere umurimo wayo. Ntabwo Bibiliya iciraho iteka intiti cyangwa abaminuje

¹ Review and Herald, March 31, 1897. [*Urwibutso n'Integuza.*]

mu myuga, kuko ibyo bituruka mu bwenge butangwa n'Imana. Ntabwo dushobora gutunganya umutima no kuweza dukoresheje kwambika umubiri ibigunira, cyangwa kugomwa imiryango yacu ibyayihesha ibyishimo, kunezerwa cyangwa kugubwa neza.

Ibyanditswe Byera bitwigisha ko ubukire ari umutungo uteje akaga iyo umuntu abugize nyambere maze bugahangana n'ubutunzi butazashira. Ubutunzi buhinduka umutego igihe iby'isi kandi bikaba iby'igihe gito bitwaye ingamira ibitekerezo by'umuntu, urukundo rwe n'ubwitange bwe, ibyo Imana idusaba ngo tuyibikoreshereze. Abantu bafata ubwiza bw'iteka ryose, ubuturo bushobora guhinduka iwabo h'iteka ryose mu gihe cya vuba, bakabugurana uduke two mu isi dushashagirana kandi turyoheye ijisho, abo baba bahitamo nabi. Nta ho bitaniye n'ibya Esawu wahisemo kugurana ibishyimo uburenganzira bwagenewe umwana w'imfura; ni nk'umuhanuzi Balamu watakaje ubutoni yari afite ku Mana akabugurana ingororano z'umwami w'i Midiyani; ndetse bimeze nk'ibya Yuda wahisemo ibice by'ifeza mirongo itatu akagambanira Umwama w'icyubahiro.

Gukunda amafaranga ni byo Ijambo ry'Imana ryamagana rikabyita umuzi w'ibibi byose. Amafaranga ubwayo ni impano Imana iha abantu kugira ngo bayakoreshe mu murimo wayo bakiranuka. Imana yahaye umugisha Aburahamu, ndetse imugira umutunzi w'amashyo, ifeza ndetse n'izahabu. Kandi nk'ikimenyetso cyo gutona ku Mana, Bibiliya ivuga ko Imana yahaye ubutunzi bwinshi n'icyubahiro Dawidi, Salomo, Yehoshafati na Hezekiya.

Kimwe n'izindi mpano, kugira ubutunzi bijyana no kwiyongera kw'inshingano, ndetse n'ibishuko byihariye bikiyongera. Mbese ni bangahe bakomeje kuba indahemuka ku Mana, nyamara bakagushwa n'ibishashagirana bikurura amaso bituruka ku kugubwa neza? Iyo umuntu amaze kubona ubutunzi, kamere itegeka abantu y'ubwikanyize irihishura. Muri iki gihe isi yuzuye umuvumo bitewe n'umururumba ukabije n'ibibi biterwa no gushaka kunezeza inarijye biranga abasenga ikigirwamana cy'amafaranga.²

IMPANO Y'AMAFARANGA IKENEWE

Abantu bari mu nzego zo hejuru mu muryango mugari w'abantu, bari bakwiriye gushakanwa umutima w'urukundo kandi bagafatwa nk'abavandimwe. Abantu bari muri uru rwego barirengagijwe cyane. Imana ishaka ko abo yahaye impano nyinshi babwirwa ukuri mu buryo butandukanye n'ubwo bakumvisemo mu bihe byashize. Abantu bakora imirimo y'ubucuruzi, abari mu myanya y'icyubahiro, abantu bafite impano yo kuvumbura ibintu, abantu bafatwa nk'abahanga ndetse n'abantu b'intiti, bakwiriye kuba mu bantu b'imbere mu babwirwa ubutumwa bwiza.

Ku isi hari abantu Imana yahaye ubushobozi bwo gushyira ibintu kuri gahunda nzinza, kandi abo bantu barakenewe kugira ngo bagire icyo

² Review and Herald, May 16, 1882. [Urwiwutso n'Integuza.]

bakora cyateza umurimo imbere muri iyi minsi ya nyuma. Ntabwo abantu bose ari ababwiriza; ariko hakenewe abantu bakora umurimo wo kuyobora ibigo, ahakorerwa imirimo y'inganda, abantu bashobora gukora muri za Misiyoni zacu nk'abayobozi n'abarezi. Imana ikeneye abantu bashobora kureba kure, kandi bakamenya ibikenewe gukorwa; abantu bashobora gukora nk'abacungamari bizerwa, abantu bazahagarara ku mahame, bagashikama nk'urutare muri iki gihe kibi no mu bihe biruhije bishobora kuzabaho mu minsi iri imbere.³

³ Review and Herald, May 8, 1900. [Urwibutso n'Integuza.]

UBURYO BWO KUBONA UBUTUNZI

Hariho abantu, ndetse no mu Badiventisiti b'Umunsi wa Karindwi, batungwa urutoki n'Ijambo ry'Imana bitewe n'uburyo bageze ku butunzi n'uko babukoresha, bagakora nk'aho ari ubwabo, nk'aho ari bo baburemye, bakabukoresha batagamije guhesha Imana icyubahiro, ntibigera basenga bashyizeho umwete kugira ngo bunguke ubwenge bwo kubushaka no kubukoresha neza. Bariho barafata inzoka, kandi izabajomba urubori maze bicwe n'ubumara bwayo.

Dore icyo Imana ivuga ku bwoko bwayo: "Ubutunzi n'ubucuruzi bwabo buzerezwa Uwitaka, ntibizabikwa kandi ntibizashyirwa ukwabyo, kuko ubutunzi bwaho buzahabwa abahora imbere y'Uwitaka, kugira ngo barye bahage, babone imyambaro ikomeye." *Yesaya 23:18*. Nyamara abantu benshi bavuga ko bizera ukuri, ntibashaka ko Imana iza mu bitekerezo byabo, mbese nk'uko byari bimeze ku bantu bo mu minsi yabanjirije umwuzure cyangwa ab'i Sodomu. Igitekerezo kimwe cyiza giturutse ku Mana, kandi gikanguwe mu ntekerezo z'umuntu na Mwuka Muziranenge, cyakwangiza gahunda zabo zose. Inarijye, inarijye, inarijye ni yo mana yabo, kandi ni na yo alufa na omega wabo.

Abakristo bagira amahoro gusa igihe babona amafaranga bakurikije amabwiriza Imana yatanze kandi bakayakoresha mu nzira Imana ishobora guha umugisha. Imana itwemerera gukoresha ubutunzi bwayo mu gihe tugamije guhesha izina ryayo icyubahiro no gushaka umugisha, kugira ngo duheshe abandi umugisha. Abantu biyemeje gukurikiza amabwiriza y'isi, maze bakanga gukurikiza amabwirizwa Imana yashyizeho, bagafata ibyo bashyikiriye byose, byaba umushahara bahembwe cyangwa ibicuruzwa, ni abakene, mu by'ukuri ni abakene bitewe n'uko igitsure cy'Imana kibariho. Banyura mu nzira bihitiyemo ubwabo, maze bagasuzuguzwa Imana, ukuri, kugiraneza kwayo, imbabazi zayo n'imico yayo.

Muri iki gihe cyo kwemererwamo, twese turimo kugeragezwa no gusuzumwa. Satani akoresha ibishuko bishimisha abantu cyane kandi agakoresha n'inyoroshyo; kandi bamwe bazatekereza ko bageze ku ntego zabo mu buryo butangaje bakoresheje ubuhanga bwabo. Nyamara igihe batekerezaga ko bari kwirundanyiriza ubutunzi budafite ikibazo, bakaba

bari gutera imbere mu kwikunda kwabo gukomeye, bize isomo ribereka ko Uwituka ashobora gusandaza vuba cyane kurenza uko bashobora kurundanya.¹...

UBUNYANGAMUGAYO MU MIRIMO IZANA INYUNGU

Uko dukorana na bagenzi bacu mu buriganya mu bintu byoroheje cyangwa se tukanyereza imisoro mu bintu byinshi, ni ko tuzagenda igihe tuzaba dukorana n'Imana. Abantu bakomeza gutsimbarara ku ngeso yo gukoresha uburiganya bizageza ubwo bibahindukira amahame yabo, kugeza ubwo bazariganya n'imitima yabo ubwabo, maze babure ijuru ndetse babure n'ubugingo buhoraho. Bazemera guhomba icyubahiro n'Iyobokamana ryabo, babirutishe inyungu z'iby'isi z'ubusabusa. Mu bantu dusengana, harimo abantu bameze batyo, kandi bazaba bagomba kumenya icyo kubyarwa ubwa kabiri ari cyo, bitabaye ibyo, ntibashobora kuzabona ubwami bw'Imana. Ubunyangamugayo bugomba kugaragara muri buri gikorwa cyose cyo mu mibereho yacu. Abamarayika bo mu ijuru basuzuma umurimo wose ushyizwe mu biganza by'umuntu; kandi iyo habayeho gutandukira ukava mu mahame y'ukuri, ijambo ngo "ntashyitse" ryandikwa mu bitabo.

Yesu aravuga ati: Ntimukibikire ubutunzi mu isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba. Ahubwo mwibikire ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitaburya, n'abajura ntibacukure ngo babwibe." Ubutunzi ni bya bintu byuzura mu bwenge, kandi bigatwara ibitekerezo, maze Imana n'ukuri ntibibe bikibonamo umwanya.

Gukunda amafaranga, ari byo bituma umuntu ashaka kugwiza ubutunzi bwo mu isi vuba, byari nk'itegeko ngenderwaho mu gihe cy'Abayuda. Gushaka ubutunzi bwo mu isi n'icyubahiro ni byo byazaga ku mwanya w'imbere, noneho hakabona gukurikiraho ibyo gushaka ibyo hejuru n'iby'iteka ryose. Iby'isi bijya mu mutima, maze bigafata umwanya w'Imana n'Iyobokamana muri wo. Umururumba no gukunda ubutunzi byagize imbaraga zikurura ubugingo mu buryo butangaje, ku buryo byahindanyije umutima w'ubupfura kandi byangiza ubumuntu bw'abantu, kugeza ubwo barohama mu irimbukiro. Umukiza wacu yatanze umuburo udahinduka werekana ko tutagomba kwirundanyirizaho ubutunzi bwo mu isi.

Ubwoko bwose bw'ubucuruzi, imirimo y'uburyo bwose, byose bigenzurwa n'ijisho ry'Imana: kandi buri Mukristo wese yahawe ubushobozi bwo kugira icyo akora mu murimo wa Shebuja. Baba barahawe akazi mu murimo uzana inyungu runaka, cyangwa mu nzu nini babikamo ibicuruzwa, cyangwa mu murimo w'ibaruramari, Imana izababaza niba barakoresheje italanto zabo neza kandi bakiranutse. Bazaba bagomba gusobanurira Imana uko bakoze umurimo wabo kimwe n'uko abagabura bigisha Ijambo ryayo n'amahame y'Itorero bazabazwa uko bakoze umurimo wabo. Niba abantu babonye ubutunzi mu buryo butemewe n'Ijambo ry'Imana, baba babugezeho ari uko bishe amahame agenga ubunyangamugayo. Kugira

¹ Testimonies to Ministers, pp. 335,336. [Ibihamyamba ku Bagabura.]

inyota idasanzwe yo gushaka indamu bishobora kuzatuma n'abiyita abayoboke ba Kristo bigana imigenzereze y'ab'isi. Bazasunikwa n'imbaraga izatuma batesha agaciro idini yabo bitewe no gutandukira mu bucuruzi, kurenganya abapfakazi n'imfubyi no kwirukana umunyamahanga bakamwima uburenganzira bwe.²

UBWENGE NO KWERA MU GIKORWA CYOSE

Kwera mu maso y'Uwiteka kwari ikintu gikomeye cyarangaga imibereho y'Umucunguzi wacu igihe yari hano ku isi, kandi ashaka ko kwaranga imibereho y'abayoboke be. Abakozi be bakwiriye gukora barangwa no kutikunda n'ubunyangamugayo kandi bakabera ingirakamaro abandi bakozi bagenzi babo ndetse bakunganirana. Ubwenge no kwera bigomba kuranga buri murimo wabo wose, na buri gikorwa cyabo cyose mu mirimo ibyara inyungu bakora. Umukristo ni umucyo w'isi. Mu murimo we nta mfuruka icuze umwijima irimo, ahashobora gukorerwa ibikorwa by'uburiganya. Kurenganya abantu ni igikorwa kibi cyo mu rwego rwo hejuru mu kubabaza Imana.³

IGISHUKO KINESHEJWE

Imana yerekana ku buryo bwihariye ko abantu bose bavuga ko bayikorera bazajya barangwa no kuba indashyikirwa mu byo gukurikiza amahame y'ukuri. Ku muyoboke nyakuri wa Kristo, buri gikorwa cyose akora mu murimo umuzanira inyungu, azagifata nk'umugabane w'iyobokamana rye kimwe n'uko afata isengesho nk'umugabane w'iyobokamana rye....

Satani ari guha buri mutima wose ubwami bwo muri iyi si, akamusaba na we kumusohoreza imigambi ye. Iki ni kimwe mu bishuko bikomeye yazaniye Kristo igihe yari mu butayu bw'ibigeragezo. Nuko akabwira benshi mu bayoboke ba Kristo ati: "Nimukurikiza uburyo bwanjye bwo gukoramo imirimo izana inyungu, nzabagororera ubutunzi." Buri mukristo wese mu gihe runaka azahura n'ikigeragezo kizatuma aho afite intege nke mu mico ye hagaragara. Iyo igishuko kineshejwe, umuntu aba abonye gutsinda guhebuje. Umuntu agomba guhitamo niba azakorera Kristo cyangwa azakorera umushukanyi kandi akajya amuramya.⁴

KWANDIKWA MU GITABO CYO MU IJURU

Imigenzo y'isi si yo Umukristo agomba gufatiraho icyitegererezo. Ntabwo agomba kwigana imikorere yayo ikarishye, kugwiza imitungo kw'ab'isi bivuye mu buriganya ndetse no kwaka inyungu z'ikirenga bibaranga. Igikorwa cyose cyo kurenganya gikorewe umuntu mugenzi wawe ni ukwica itegeko ry'izahabu. Ikibi cyose gikorewe abana b'Imana kiba gikorewe Kristo ubwe binyuze ku ntore ze. Kugerageza guca urwaho ubujiji, intege nke, cyangwa ibyago by'undi, byandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko ari uburiganya dukoze. Umuntu wubaha Imana by'ukuri, yagombye

² Review and Herald, Sept. 18, 1888. [Urwibutso n'Integuza.]

³ Review and Herald, June 24, 1902. [Urwibutso n'Integuza]

⁴ Signs, Feb. 24, 1909. [Ibimenyetso by'ibihe]

gukora amanywa n'ijoro, kandi akarya umugati w'ubukene, aho guha intebe umwuka wo kurarikira indamu ukandamiza abpfakazi n'impfubyi cyangwa yambura umunyamahanga uburenganzira bwe.

Gutandukira gato umuntu akareka kugendera mu mico itunganye bisenya imbibe [umuntu adakwiriye kurenga] kandi bigategurira umutima kurenganya bikomeye kurushaho. Igihe bigeze aho umuntu yigwiriza inyungu biciye mu guhombya abandi, umutima uzagwa ikinya ntube ucyumva imbaraga y'Umwuka w'Imana. Inyungu umuntu abonye binyuze muri iyo nzira, ni gihombo giteye ubwoba.⁵

KWIRENGAGIZA IHAME

Ibihe byinshi tubona abantu bari mu nshingano mu myanya yo hejuru nk'abayoboke ba Kristo, nyamara hari igihe baba barataye kwizera kwabo. Iyo bahuye n'igishuko, bahitamo kwirengagiza ihame n'amahirwe aturuka mu iyobokamana, maze bakikurikirira ubutunzi bararikiye bwo mu isi. Nuko urugumbu Satani yashyize ku mutego we bakarufata. Kristo yaratsinze, bityo bihinduka ibishoboka ko umuntu na we atsinda; nyamara umuntu yishyira muni y'ubuyobozi bw'imana y'iyi si, maze agatera intambwe ava muni y'ibendera rya Yesu Kristo, ajya mu byimbo by'umwanzi. Imbaraga ze zose azirundurira mu gushaka indamu, kandi akaramya izindi mana imbere y'Uwiteka.

Umuntu w'isi ntanyurwa n'ibyo atunze, bona n'ubwo yaba afite ibisaze. Ahora ararikiye gutunga ibintu byinshi, kandi agahoza ibitekerezo n'imbaraga ze muri iki cyerekezo.⁶

GUKORANA INARIJYE NO KWIZIRIKANA UBWAWE

Ndinginga bene Data mu kwizera kandi mbahendahendera kwiyubakamo umutima w'ubugiraneza. Umuhamagaru wawe uwo ari wo wose cyangwa umwanya waba urimo wose, nuramuka utonesheje inarijye no kurarikira ubutunzi, Uwiteka ntazakwishimira. Ntukwiriye kwitwaza umurimo w'Imana ngo ubone uko wikurikiranira inyungu zo kwikunda kwawe, bona n'ubwo bwaba ari ubucuruzi bufite aho buhuriye n'umurimo wayo. Nta kintu Imana izemera ko gishyirwa mu bubiko bwayo mu gihe ari indamu yabonetse binyuze mu bikorwa by'inarijye. Buri gikorwa gifitanye isano n'umurimo wayo kigomba kuzururwa n'ijuru. Kugura ikintu hutihuti, kukubirana umuntu ukamufatanya n'ibibazo ahuye na byo, buri mugambi wose wo kagura isambu ye cyangwa umutungo we, ukamuha ikiguzi kidahwanye n'agaciro k'ibintu bye, ntabwo ibyo bizemerwa n'Imana, kabone n'ubwo amafaranga avuyemo yatangwaho ituro ryo gukora umurimo w'Imana. Ikiguzi cy'amaraso y'Umwana w'ikinege w'Imana cyatangiye umuntu wese, ni cyo gituma ari ngombwa gukorana n'uwo muntu ukiranutse, mugasaranganya mugasumbanya impare, kugira ngo ushyire mu bikorwa amahame aboneka mu mategeko y'Imana....

⁵ *Abahanuzi n'Abami*, p.420. (2016)

⁶ *Review and Herald*, March 1, 1887. [*Urwibutso n'Integuza*.]

Niba mwene Data yakoraga umurimo w'Imana atizigamye, hanyuma akagira intege nke z'umubiri, ku buryo atagishoboye gukora umurimo we, ntakwiriye gusezererwa maze ngo abe agomba gukoresha imbaraga nyinshi cyane kandi nta zo agifite. Nimumuhe igihembo gihagije kugira abone ikimufasha; kuko mukwiriye kwibuka ko ari umwe mu bagize umuryango w'Imana kandi ko mwese muri abavandimwe.⁷

⁷ Review and Herald, Dec. 18, 1894. [Urwibutso n'Integuza.]

AKAGA KAZANWA N'UBUKIRE

Mu bihe byose byabayeho, ubukire n'icyubahiro byagiye bikurikirwa n'igihombo gikomeye mu byo kwicisha bugufi n'igihombo mu bya Mwuka. Igihe umuntu aguwe neza, igihe inshuti ze zimuvuga neza, ni bwo aba ari mu kaga kadasanzwe. Umuntu nyine ni umuntu. Kugubwa neza mu bya Mwuka gukomeza kubaho igihe cyose umuntu yishingikiriza ku Mana kugira ngo ibe ari Yo imuha ubwenge no gutungana kw'imico ye. Kandi abantu biyumvamo ko bakeneye kwishingikiriza ku Mana, ibihe byinshi usanga ari ba bandi bafite ubutunzi bw'isi bukeya cyangwa batishingikirije ku cyubahiro cy'umuntu.

GUSHIMAGIZWA N'ABANTU

Hari akaga gaturuka ku guhabwa impano z'agatangaza cyangwa kubwirwa amagambo yo gushimagizwa. Abantu batonye ku Mana bakwiriye guhora bari maso, kuko bitagenze bityo ubwibone bushobora gukura bukabiganzura. Umuntu ufite abayoboze badasanzwe, umuntu ubwirwa n'intumwa z'Uwiteka amagambo yo kumushimagiza, aba akeneye amasengesho adasanzwe y'abantu b'Imana bari maso kandi bakiranuka kugira ngo abone ikimukingira akaga ko gushyigikira muri we ibitekerezo byo kumva afite isumbwe n'ubwibone mu bya Mwuka.

Uwo muntu ntakwiriye kwerekana ko ari ingirakamaro cyane cyangwa ngo agerageze gukora nk'umunyagitugu cyangwa umutegetsi. Ahubwo akwiriye kuba maso, agasenga, kandi agakomeza guhanga amaso ku guhesha Imana icyubahiro. Uko intekerezo ze zirushaho kugundira ibitaboneshwa amaso, kandi agatumbira umunezero aterwa n'ibyiringiro byamushyizwe imbere, n'amahirwe atangaje yo kuzahabwa ubugingo buhoraho, gushimagizwa n'abantu ntibizuzuzura mu bwenge bwe ibitekerezo by'ubwibone. Kandi n'igihe umwanzi akoresheje umuhati udasanzwe kugira ngo amwangize akoresheje kumushyeshya n'icyubahiro cy'isi, bene Se baba bakwiriye kumuburira iby'ako kaga bakabikora bakiranutse; kuko nibamureka, azagwa mu makosa, kandi agaragaze intege nke za kimuntu....

MU GIKOMBE CYO GUCISHWA BUGUFI

Igikombe kirimo ubusa si cyo kigora ugitwaye; ahubwo igikombe cyuzuye kugeza ku rugara ni cyo gisaba ugitwaye kwigengesera. Imibabaro no kurwanywa bishobora gutuma umuntu yumva ataguwe neza, ndetse bishobora kumutera kwiheba cyane; ariko na none kugubwa neza ni ko guteza akaga imibereho y'ibya Mwuka. Kugubwa neza kuzabyutsa kamere isanzwe ihengamira mu bwibone, keretse gusa umuntu nahora yishingikirije ku bushake bw'Imana, agahora yezwa n'ukuri kandi akagira kwizera gukorera mu rukundo kukeza ubugingo.

Dukwiriye guhora dusengera abantu ariko cyane cyane abari mu myanya ikomeye. Bakeneye amasengesho y'abizera bose, kubera ko Imana yabahaye ubukire kandi ikabaha n'ubushobozi bwo guhindura imyumvire y'abandi.

Mu gikombe cyo gucishwa bugufi, aho abantu bishingikiriza ku Mana ngo ibe ari yo ibigisha kandi iyobore intambwe zabo, aho ni ho baba bari mu mahoro. Ariko nimutyo buri muntu ufitanye n'Imana umushyikirano muzima aje asabira abantu bafite inshingano, asengere abari mu myanya yo hejuru, kuko bene abo bantu bakwiriye kuba bafite ubwenge buhagije kubera imyanya barimo. Imirebere y'abantu nk'abo izacanganyukirwa kandi bagwe, keretse gusa nibiyumvamo ko bakeneye kwisunga ukuboko gukomeye kurusha ukuboko k'umubiri, Imana bakaba ari Yo bishingikirizaho.¹

GUHINDUKA K'UBUSHOBOZI BW'UMWIMERERE

Inyota yo gushaka ubutunzi ni ikintu kiri muri kamere yacu, cyashyizwemo na Data wa twese wo mu ujuru ku bw'impamvu nziza. Uramutse ubajije umunyemari ukoresha imbaraga ze zose kugira ngo agere ku ntego imwe yo kubona ubutunzi, kandi agashikama ku mugambi wo kurushaho gukora kugira ngo ubutunzi bwiyoungere, n'uburyo atunganya gahunda ze z'imikorere, ntashobora kukubwira impamvu ashaka ubutunzi, akaba yirundanyirizaho ubukire. Ntashobora kukubwira umugambi afite cyangwa intego ye, cyangwa ngo akubwire ibyishimo yiteze kubona muri ubwo butunzi aharanira. Akomeza kurundanya ubutunzi kuko ubushobozi bwe n'ubwenge bwe yabishyize muri icyo cyerekezo.

Mu muntu w'isi hahora harimo ipfa ryo kugera ku kintu adafite. Mu mbaraga z'akamenyero ke, ibitekerezo bye, imigambi ye, byose bihengamira mu cyerekezo cyo guteganyiriza ahazaza he, kandi uko agenda akura, ni ko arushaho kugaragaza ishyamba ryo kugera ku byo ashobora kuronka byose. Biri muri kamere ko umuntu urarikira ubutunzi, arushaho kubwifuzza uko agenda yegereza igihe cye cyo gusiga ibyo mu isi.

Izo mbaraga zose aba yakoresheje, uko kwihangana aba yagize, ubwo bwitange, uwo mwete yakoresheje yiruka ku bushobozi bw'isi, ni ingaruka

¹ Review and Herald, Dec. 14, 1905. [Urwibutso n'Integuza.]

zo kwerekeza imbaraga zacu aho zitagombye kujya, tugaharanira kugera ku ntego itariyo. Ubushobozi bwose bugomba kuba bwarongerewe bukagera ku rugero ruhanitse binyuze mu myitozo, kugira ngo bugere ku rugero rw'ubwiza bwo mu ijuru budapfa kandi buhoraho iteka ryose. Imigenzo n'imigirire by'umuntu w'isi, gushikama n'imbaraga bye, gutanga igihe cyo agira ngo yongere ubutunzi bwe, byari bikwiriye kubera isomo abavuga ko ari abana b'Imana, bashaka icyubahiro, ubwiza no kudapfa. Abana b'isi ni abanyabwenge mu gihe cyabo kurusha abana b'umucyo, kandi aha ni ho ubwenge bugaragarira. Intego yabo ni ukunguka iby'isi, kandi imbaraga zabo zose baba bazerekeje kuri iyi ntego. Mbega ukuntu byaba agahozo ishyaka nk'iri riramutse riranga umuntu uhirimbanira ubutunzi bwo mu ijuru! ²

INZITIZI ITERWA N'UBUTUNZI

Abantu bake gusa ni bo basobanukirwa n'imbaraga z'urukundo bakunda amafaranga; abandi bazimenya ari uko ikigeragezo kibagezeho. Ubwo ni bwo benshi bavuga ko ari abayoboze ba Kristo berekana ko batiteguye gutaha ijuru. Ibikorwa byabo byerekana ko bakunda ubutunzi kuburutisha Imana na bagenzi babo. Ni nka wa musore w'umutunzi; babaza inzira banyuramo ngo babone ubugingo; nyamara iyo bamaze kwerekwa iyo nzira kandi bakabona ko kuyinyuramo bibasaba guhomba ubutunzi bwo mu isi, bafata icyemezo cy'uko kujya mu ijuru bihenze cyane. Uko ubutunzi umuntu yibikiye hano ku isi burushaho kuba bwinshi ni ko birushaho gukomerera nyirabwo gusobanukirwa ko ubwo butunzi atari ubwe, ahubwo Imana yabumutije kugira ngo abukoreshe mu bikorwa bihesha Imana icyubahiro. .

Yesu yongereye abigishwa be amahirwe yo kwiga isomo ry'agahebuzo muri aya magambo: "Nuko Yesu abwira abigishwa be ati: "Erega biraruhije ko abatunzi binjira mu bwami bw'Imana!" "Icyoroshye ni uko ingamiya yakwinjira mu zuru ry'urushinge, kuruta ko umutunzi yakwinjira mu bwami bw'Imana." *Mariko 10: 23, 25.*

ABATUNZI B'ABAKENE N'ABAKENE B'ABATUNZI

Aha ni ho imbaraga z'ubutunzi zigaragarira. Ubushobozi urukundo dukunda amafaranga rugira ku bwenge bw'umuntu, bushohora kuremaza ibitekerezo bye. Ubutunzi burakundwa cyane kandi butuma benshi mu babufite bakora nk'aho batagifite ibitekerezo bizima. Uko barushaho kugwiza iby'isi ni ko barushaho kubyifuza. Uko ubutunzi bwabo bwiyongera ni ko barushaho gutinya gukena. Bahora biteguye guhunika ibizabatunga mu minsi izaza. Bizirika ku butunzi kandi bakarushaho kwikunda, batinya ko Imana itazabaha ibibatunga. Mu by'ukuri, iri tsinda ry'abantu ni abakene mu maso y'Imana. Uko ubutunzi bwabo bwagendaga burushaho kwiyongera, ni ko bagendaga barushaho kubwiringira, maze batakaza kwizera Imana n'amasezerano yayo.

² Review and Herald, March 1, 1887. [Urwibutso n'Integuza.]

Umukene ukiranuka kandi akiringira Imana, ahinduka umukire mu maso y'Imana ku bwo gukoresha neza bike atunze agahesha abandi umugisha. Yiyumvamo yuko hari icyo agomba gukorera mugenzi we, kandi akaba adashobora kubyirengagiza ngo abe yumviye itegeko ry'Imana rivuga ngo: "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." Abona ko agakiza ka bagenzi be ari ikintu cy'ingenzi cyane kuruta ifeza n'izahabu ziri ku isi yose.

Kristo yereka abatunzi batariyegurira Imana inzira bakwiriye kunyuramo kugira ngo babashe kugira ubutunzi nyakuri. Aravuga ati: "Genda ugurisha ibyo utunze, maze uhe abakene." Ubwo ni bwo uzaba wibikiye ubutunzi mu ijuru. Umuti nyawo Kristo arangira abantu ni uko bakwerekeza umutima ku murage uzahoraho iteka ryose. Iyo batanze ubutunzi bwabo bugakora umurimo w'Imana ugamije gukiza ubugingo bw'abantu ndetse bagafasha abakene, bahinduka abatunzi mu mirimo myiza, kandi baba bari kwibikira ubutunzi mu bubiko, ari bwo buzababera urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo bazabone uko basingira ubugingo buhoraho." 1 Timoteyo 6:19. Ubu ni bwo buryo bwizewe bwo gushora imari.

Nyamara abantu benshi berekana binyuze mu mirimo yabo ko badatinyuka kugirira icyizere banki yo mu ijuru. Bahitamo kubitsa ubutunzi bwabo mu isi, aho kubwohereza ngo bubabanzirize mu ijuru. Aba bantu bafite umurimo ukomeye bagomba gukora kugira ngo batsinde irari ry'ubutunzi no gukunda iby'isi. Abatunzi b'abakene bavuga ko bakorera Imana ni bo bo kugirirwa impuhwe. Mu gihe bavuga ko bazi Imana, ibyo bakora birabihakana. Mbega ukuntu umwijima abo bantu barimo ari mwinshi! Bavuga ko bizera ukuri, nyamara imirimo yabo ihabanye n'ibyo bavuga. Gukunda ubutunzi bihindura abantu abanyabugugu, abantu b'intavumera kandi bagakandamiza abandi.³

IKIBAZO CYO GUKURIKIRA YESU

Yesu ni we wenyine weretse umusore w'umutunzi inzira agomba kunyuramo, kandi ni we wari umuri imbere. Inzira y'inshingano irimo amahwa, biratworohera kuyinyuramo iyo dukandagiza ibirenge aho Kristo ashinguye ibye kuko agenda ayahonyora. Kristo aba yaremeye uyu mwigishamategeko w'umunyacyubahiro wari ufite impano iyo aza kwemera gukora ibyo yamusabaga, ndetse yari yiteguye kumwakira nk'uko yakiriye abarobyi b'abakene, abo yari ahamagaye ngo bamukurikire.

Ubushobozi uwo musore yari afite bwo gushaka ubutunzi nta cyo bwari bumutwaye, igihe cyose yari kuba akunda mugenzi we nk'uko yikunda kandi akaba nta muntu yahutaje igihe yashakaga ubwo butunzi. Iyo ubwo bubasha buza kuba bwarakoreshejwe mu murimo w'Imana, nyirabwo akabukoresha ashaka gukiza ubugingo bw'abantu ngo butajya mu irimbukiro, bwari kuba ari ikintu cyemewe na Databuja wo mu ijuru, kandi uwo musore na we yari kuba ari umukozi ukora neza agasohozza inshingano ye, umukozi ukorana na Kristo. Ariko yanze amahirwe atangaje yo gufatanya na Kristo mu

³ Review and Herald, Jan. 15, 1880. [Urwibutso n'Integuza.]

murimo wo gukiza ubugingo bw'abantu; yarahindukiye atera umugongo ubutunzi bw'agahebuzo yasezeranijwe mu bwami bw'Imana, maze yizirika ku butunzi bw'isi bw'akanya gato....

Uwo mutegetsu wari ukiri umusore ahagarariye urwego rw'abantu benshi bajyaga kuba abakristo b'agahano iyo hataza kubaho umusaraba bagomba kwikorera, ntihabeho umutwaro ubasaba gucishwa bugufi, ntihabe hariho ihame ribasaba kureka inyungu zo mu isi, kandi ntihabeho ihame ribasaba kwigomwa ubutunzi cyangwa ibibashimisha. Kristo yabahaye igishoro kigizwe n'impano n'umutungo, kandi arabasaba kumugarurira inyungu kuri icyo gishoro yabahaye. Ibyo dutunze byose si ibyacu bwite, ahubwo tugomba kubikoresha mu murimo w'uwatugabiye ibyo dutunze byose.⁴

UKWIZERA KW'INGUME MU BATUNZI

Kwizera kudahindagurika ni ingume mu bantu b'abatunzi. Ukwizera k'umwimerere gushyigikiwe n'imirimo ntigukunze kuboneka. Ariko abantu bose bafite uko kwizera ntibazigera babura ubushobozi bwo guhindura intekerezo z'abandi. Bazahora bigana Kristo mu bikorwa by'ubugiraneza butizigamye kandi bashishikarire gukora umurimo wo gukiza imitima nk'uko Kristo yagenzaga. Abayoboze ba Kristo bakwiriye guha agaciro ubugingo bw'abantu nk'uko yabuhaga agaciro. Kandi uko byagenda kose, bakwiriye kurangwa n'impuhwe mu murimo bakorera Umucunguzi wabo ndetse bagakorera gukiza abo yaguze amaraso Ye. Mbese amafaranga, amazu n'amasambu ni iki ubigereraniye n'ubugingo bw'umuntu nibura umwe?⁵

UBUTUNZI NTIBUSHOBORA GUCUNGURA UMUNYABYAHA

Ubutunzi bwose, nubwo bwaba ari ubw'umuherwe uruta abandi bose, ntibwashobora gutwikira icyaha gito hanyuma y'ibindi byose mu maso y'Imana. Kandi nta butunzi cyangwa ubwenge bushobora kwemerwa ho incungu y'umunyabyaha. Kwihana, kwicisha bugufi by'ukuri, umutima umenetse, n'umwuka wo kubabazwa n'icyaha, ni byo byonyine byemerwa imbere y'Imana.

Mu matorero yacu hari abantu benshi bakwiriye kuzanira Imana amaturo atubutse, aho kunyurwa no kuzanira duke uwabakoreye ibikomeye. Basenderezwaho imigisha itarondoreka, ariko mbega ukuntu ibyo bamugarurira ari bike cyane! Nimutyo abagenzi nyakuri ndetse bakaba abashyitsi muri iyi si, bohereze ubutunzi bwabo bubabanzirize mu gihugu cyo mu ijuru, nibohereze mu bubiko bw'Uwiteka izo mpano zikenewe cyane.⁶

AKAGA GAKOMEYE KURENZA AKANDI KOSE

Neretswe ko ubutunzi butabuze mu Badventisti bakomeza Isabato. Muri iki gihe akaga gakomeye bafite ni uko birundanyirizaho ubutunzi. Bamwe

⁴ Review and Herald, March 21, 1878. [Urwibutso n'Integuza].

⁵ Review and Herald, February 23, 1886. [Urwibutso n'Integuza].

⁶ Review and Herald, Dec. 18, 1888. [Urwibutso n'Integuza].

muri bo barakomeza kongera ibyo bakora n'ibituma bahuga; basabwa gukora byinshi. Ingaruka y'ibi ni uko bagera aho benda kwibagirwa Imana n'ibikenewe mu murimo wayo; mbega bapfuye mu by'umwuka. Basabwa gutambira Imana igitambo, kandi bakayizanira amaturo. Amaturo ntiyiyongera, ahubwo aragabanuka ndetse bikagera ubwo ashira.... Ubwinshi mu butunzi bw'abantu bacu buri kubera igikomere gusa ababwizirikaho.⁷

⁷ Testimonies for the Church, vol. 1, p.492. [Ibihamya by'Itorero].

UBUHENDANYI BWA SATANI

Uko abantu b'Imana barushaho kwegera amakuba n'ibyago byo mu minsi ya nyuma, Satani akorana inama n'abamarayika be kugira ngo bacure imigambi yo kurimbura ukwizera kwabo. Arareba agasanga ko amatorero akunzwe na benshi yamaze gusinzirira mu mbaraga z'ubushukanyi bwe. Akoresheje inyigisho z'uburyarya zishimisha abantu n'ibitangaza by'ibinyoma, ashobora gukomeza kubafata bugwate. Ku bw'ibyo rero ategeka abamarayika be gutega imitego abantu, ariko cyane cyane abategereje kugaruka kwa Kristo kandi bihatira gukomeza amategeko y'Imana yose.

Umushukanyi ukomeye aravuga ati: "Tugomba guhoza ijisho ku bantu bashishikariza abandi kuruhuka Isabato ya Yehova; kuko bazayobora abantu benshi bakamenya ibyo amategeko y'Imana abasaba gukora; kandi uwo mucyo uhishura Isabato, ni na wo uhishura umurimo Kristo akorera mu buturo bwo mu ijuru, kandi ukagaragaza ko umurimo uheruka ugamije agakiza k'umuntu ugikomeje. Nimukomeze mugumishe intekerezo z'abantu mu mwijima kugeza aho uwo umurimo uzarangirira, kandi nta kabuza tuzigarurira ab'isi ndetse n'Itorerero....

Akomeza agira ati: " Nimugende muhindure abafite amasambu n'amafaranga abasinzi basindishijwe no kwita ku by'ubu bugingo. Nimubereke isi n'umucyo w'ubwiza bwayo buhebuje ubundi, kugira ngo bibikire ubutunzi bwabo hano ku isi, kandi urukundo rwabo barukunde ibintu byo mu isi. Tugomba gukora uko dushoboye kugira ngo tubuze abakora umurimo w'Imana kubona ubutunzi bakoresha baturwanya. Nimugumishe amafaranga mu ruhande rwacu. Uko barushaho kugwiza ubutunzi, ni ko bazarushaho gusenya ubwami bwacu binyuze mu kudutwara abayoboke. Nimubatere kwita cyane ku mafaranga aho kubaka ubwami bwa Kristo no kwamamaza ukuri twanga; kandi ntidukwiriye gutinya ubushobozi bwabo bwo guhindura imyumvire y'abandi, kuko tuzi neza yuko umuntu wese wikanyiza kandi akararikira ibintu tuzamufata mpiri, kandi amaherezo akazatandukanywa n'ubwoko bw'Imana."¹

¹ Testimonies to Ministers, pp. 472-474. [Ibihamya ku Bagabura.]

IKIBI KIRENZE GUHOMBA IBY'ISI

Satani ni umutware urenze abandi bose. Ingaruka zitugeraho iyo twemeye ibishuko bye ni mbi cyane kurenza guhomba ibintu by'isi. Yego, ni mbi cyane kurenza urupfu. Abantu bashaka guhirwa binyuze mu kumvira ubushake n'imigambi bya Satani bazasanga baremeye amasezerano azabateza akaga. Buri kintu cyose uguze na Satani, ukibona ku giciro gihanitse. Inyungu yizeza abantu usanga ari ibinyoma. Ibyiringiro atanga, abiha abantu ari uko bemeye kureka ibintu byiza, byera kandi bitunganye. Nimutyo iteka tujye dutsindisha Satani « Handitswe ngo » cyangwa ngo « Hahirwa uwubaha Uwiteka wese, akagendera mu nzira ze. Kuko azatungwa n'imirimu y'amaboko ye, uzajya wishima, uzahirwa." *Zaburi 128: 1-2.*

Inzira yaharuriwe kunyurwamo n'abacunguwe n'Uwiteka isumba kure imigambi n'imigirire by'ab'isi. Abayinyuramo bagomba kwerekanisha imirimu yabo kwera kw'amahame abayobora.²

IMIBEREHO YO KUBA IGIKURI MU BY'IDINI

Abakire bagwa mu gishuko cyo gukoresha ubutunzi bwabo mu gushimisha inarijye, mu gushimisha ipfa ryabo mu byo barya n'ibyo banywa, mu kwirimbisha cyangwa kurimbisha amazu yabo. Abiyita Abakristo ntibazuyaza gukoresha amafaranga yabo uko bishakiye, ndetse no kuyaya mu bintu nk'ibi. Nyamara iyo basabwe kugira icyo bashyira mu bubiko bw'Uwiteka kugira ngo gikore umurimo we ndetse umurimo we ukomeze gutera imbere mu isi, usanga abenshi bifata. Mu maso hagarazaga umunezero mu gushishikarira imigambi yo kunezeza inarijye, ntihongera kugaragaza umucyo uturuka ku byishimo igihe umurimo w'Imana ubarariye kugira icyo batanga cyo kuwushyigikira. Ahari, mu kwiyumvisha ko babuze ukundi babigira, batanga udufaranga tw'intica ntikize, duke cyane ugereranije n'amafaranga atagira ingano batanga mu byo kwishimisha. Ariko ntibagaragaza urukundo nyarwo bakunda Kristo, ntibashishikarira agakiza k'ubugingo bw'igiciro. Mbega ukuntu imibereho ya gikristo y'abo bantu yabaye igikuri kandi ikaba irwaye bikomeye! Keretse abo bantu nibahindura imigirire yabo, naho ubundi umucyo wabo uzahinduka umwijima.³

² Signs, Feb. 24, 1909. [*Ibimenyetso by'Ibihe*].

³ Review and Herald, May 16, 1882. [*Urwibutso n'Integuza*].

UBUTUNZI

BWAKORESHEJWE NABI

Ubutunzi buhunitswe ntibuba ubudafite umumaro gusa; ahubwo buhinduka n'umuvumo. Muri ubu buzima, gukura urukundo rwacu ku butunzi bwo mu ijuru ni umutego ku bugingo. Ku munsu ukomeye w'Imana, impano zitakoreshejwe n'amahirwe umuntu yagize akayakerensa, byose bizahinduka umuhamba wo gushinja uwabibonye akabipfusha ubusa.

Hariho abantu benshi bashinja Imana mu mitima yabo, bavuga ko ari Umukoresha w'intavumera kubera ko ibasaba ku byo batunze kandi ikanabasaba kuyikorera. Nyamara Imana ntidusaba kuyigarurira ibidasanzwe n'ubundi ari ibyayo. Umwami Dawidi yabwiye Imana ati: « Kuko byose ari wose biturukaho kandi ibyaweho akaba ari byo tuguhaye. » 1 Ngoma 29:14). Ibintu byose ni iby'Imana, bidatewe n'uko yabiremye gusa, ahubwo kubera ko yanabicunguye. Imigisha yose yo muri ubu bugingo ndetse n'iyi mu bugingo buzaza, tubihabwa biriho ikimenyetso cy'umusaraba w'i Kaluvari.¹

BAHINDUWE N'URUKUNDO

Ukuri kwimitswe mu mutima na Mwuka w'Imana kuganza urukundo dukunda ubutunzi. Gukunda Yesu no gukunda amafaranga ntibishobora kubana mu mutima umwe. icyo gihe urukundo umuntu akunda Imana ruruta kure urukundo akunda amafaranga, ku buryo nyiri ayo mafaranga aca iminyururu yari imuhambiriye ku butunzi, maze urukundo yabukundaga akarukunda Imana. Binyuze mu rukundo, uwo muntu yerekezwa ku murimo wo gukenura abandi no gushyigikira umurimo w'Imana. Ashimishwa cyane no guhora yiteguye gutanga ubutunzi bw'Imana afite. Ibyo afite byose abifata nk'aho atari ibye bwite, kandi agasohozwa inshingano ye neza nk'igisonga cy'Imana gikiranuka. Ubwo ni bwo ashobora gukomeza ametegeko y'Imana abiri akomeye, ari yo aya ngo: "Ukundishe Uwitaka Imana yawe umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'imbaraga zawe zose, n'ubwenge bwawe bwose." N'irindi ngo: "Ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." *Luka 10:27.*

¹ Review and Herald, Dec. 23, 1902. [Urwibutso n'Integuza.]

Ni muri ubwo buryo bishobokera umutunzi kwinjira mu bwami bw'Imana. Kandi: "Umuntu wese wasize urugo cyangwa bene se cyangwa bashiki be, cyangwa se, cyangwa nyina, cyangwa abana, cyangwa amasambu ku bw'izina ryanjye, azahabwa ibiruta inshuro ijana, kandi azaragwa n'ubugingo buhoraho." (Matayo 19:29).²

Iyo ibisonga by'Imana bisohoza inshingano yabyo, nta kaga kaba kariho ko ubutunzi bwabo bwakwiyongera vuba cyane maze bukabahindukira umutego; kubera ko bazabukoresha mu bwenge kandi bagatanga nk'uko Kristo yatangaga.³

HA UBUTUNZI AGACIRO ARIKO WOYE KUBWIRUNDANYIRIZAHO

Umuntu ushaka ubutunzi buzahoraho iteka ryose, akwiriye guhirimbanira kugira ubutunzi bwo mu ijuru, agakorana ubwitange kandi afite kwihangana, kandi agakoresha imbaraga zinganya agaciro n'icyo aharanira gushyikira. Umuntu w'isi akorera iby'isi, ibintu by'igihe gito. Aba abika ubutunzi bwe mu isi, agakora ibyo Yesu yamubujije gukora.

Umukristo nyakuri aha agaciro umuburo Yesu yatanze, kandi akora ibyo Ijambo rye rimubwira, bityo akabika ubutunzi bwe mu ijuru nk'uko Umucunguzi w'abari mu isi yamubwiye. Ahanga amaso ibizahoraho iteka ryose, akabona ko binganya agaciro n'imibereho yo kwihangana n'umuhati udacogora. Ntabwo imbaraga ze azerekeza mu bidakwiriye. Urukundo rwe aruhoza ku biri hejuru, aho Yesu yicaye iburyo bw'Imana. Kuko yahinduwe n'ubuntu, ubugingo bwe buhishanywe na Kristo mu Mana.

Uwo muntu ntiyigera atakaza ubushobozi bwo guteranyiriza hamwe mu buryo ubwo ari bwo bwose; ahubwo akoresha imbaraga ze ashaka kugera ku iterambere mu bya Mwuka; icyo gihe impano yahawe zizahabwa agaciro nk'impano z'Imana zigomba gukoreshereza kuyihesha icyubahiro. Uwo muntu azaha agaciro ubutunzi, nyamara ntabwo azabwirundanyaho; azabuha agaciro igihe cyose bushobora gukoreshwa kugira ngo ukuri kwamamazwe, n'igihe abukoreshereza guhesha umugisha abantu nk'uko Kristo yakoraga akiri hano ku isi. Kubera iyi ntego, azakoresha imbaraga ze zose atagamije kwishimisha no kwihesha icyubahiro, ahubwo azazikoreshereza kongera ubushobozi muri buri mpano yahawe kugira ngo akorere Imana umurimo urushije iyindi kuba uw'icyubahiro. Uwo ni we uvugwaho aya magambo ngo: "Kuby'umwete ntimube ibyangwe, muhirimbane mu mitima, mukorera Umwami wacu." Abaroma 12:11.

Ntabwo Imana iciraho iteka ukugira amakenga no kureba kure mu byerekeye imikoreshereze y'ibintu byo muri ubu buzima; ahubwo kubishishikarira cyane no guhagarikwa umutima n'ibintu byo mu isi, ni byo bidahuje n'ubushake bw'Imana.⁴

² Review and Herald, Sept. 16, 1884. [Urwibutso n'Integuza.]

³ Review and Herald, May 16, 1882. [Urwibutso n'Integuza.]

⁴ Review and Herald, March 1, 1887. [Urwibutso n'Integuza.]

KUGIRIRA

IMPUHWE ABAKENE

Iyo witegereje iby'Ijuru rikora kugira ngo umuntu wazimiye akizwe, ni mu buhe buryo abantu basangiye ubutunzi bw'ubuntu bwa Kristo bashobora kwirengagiza bagenzi babo ndetse ntibabagirire impuhwe? Ni buryo ki bashobora kwirundurira mu bwibone bushingiye ku myanya barimo cyangwa ubwoko bwabo, maze bagasuzugura abatishoboye n' abakene?

Nyamara koko ni iby'ukuri ko ubwibone ku by'urwego umuntu arimo ndetse no kurenganya abakene bigwiriye mu isi muri iki gihe, biboneka no mu bantu biyita abayoboke ba Kristo. Ku bantu benshi, impuhwe zagombaga kugirirwa bene muntu ku rugero rwuzuye, zisa n'izakonje zigahinduka ubutita. Abantu bikubira impano bari barahawe ngo zibere abandi umugisha. Abakire bahonyora abakene, maze amafaranga bungutse muri ubwo buryo bakayakoresha mu bikorwa by'ubwirasi no kwiyerekana ngo abantu babarebe, ndetse bakanabikora no mu nzu y'Imana. Bitera abakene kwiyumvamo ko kujya mu murimo w'Imana ari ikintu gihenze cyane. Ni imitekerereze ya benshi ko abantu bashobora kwitabira amateraniro ya rusange yo kuramya Imana ari uko ayo materaniro yateguwe n'abakire. Iyaba Uwitaka atarahishuriye urukundo rwe abakene n'aboroheje bafite imitima imenetse, iyi si yajyaga kubera abakene ahantu hateye agahinda....

Umucunguzi w'abari mu isi yari Umwana w'ababyeyi bakennye, kandi igihe yari akiri uruhinja bakamuzana mu rusengeru kumumurikira Imana, nyina umubyara yashoboye kuzana ituro ryategetswe abakene ari ryo ryari rigizwe n'inungura ebyiri cyangwa inuma ebyiri. Ni we wabaye impano ikomeye ijuru ryahaye abari muri iyi si yacu; impano itarondoreka, nyamara yashoboraga kumenyekanira gusa ku ituro ritoya cyane kurusha ayandi. Umukiza wacu mu gihe cyose yamaze ku isi, yagize imibereho y'abakene n'abantu boroheje. Imibereho ye yaranzwe no kwigomwa ndetse no kwitangira abandi.

Amahirwe n'imigisha twishimira byose bikomoka kuri We; turi ibisonga by'ubuntu bwe n'impano ze z'igihe gito. Dushobora gutura Yesu impano ntoya n'imirimo icishije bugufi kuruta iyindi nk'impano tumweguriye, maze na We akabishyikiriza Data wa twese amaze kubyongeramo

umubabwe uhumura neza w'imirimo ye myiza yakoze. Iyo dutanze ibyo dushoboye byose, tukabikorana umutima utaryarya, tukabitanga biturutse mu rukundo dukunda Imana no mu cyifuzo dufite cyo gukorera Yesu, iyo mpano yose iremerwa uko yakabaye. Buri muntu wese ashobora kwibikira ubutunzi mu ijuru. Abantu bose bashobora kuba « abatunzi mu byerekeye imirimo myiza, bahora biteguye gutanga no gukwiririkanya bafite umutima ukunze; bakibikira ubutunzi buzaba urufatiro rwiza mu gihe kizaza, kugira ngo babone uko basingira ubugingo bw'iteka." (1 *Tmoteyo* 6:19.).

BAHUZWA N'IMIRUNGA YO KUGIRIRA ABANDI IMPUHWE

Ni umugambi w'Imana ko abakire n'abakene bahuzwa n'imirunga yo kugirira abandi impuhwe ndetse no kubunganira. Ifitiye umugambi buri wese ku giti cye. Yageneye umurimo abazayikorera bose. Iradusaba gushishikarira gufasha buri wese ubabaye cyangwa kumara ubukene uwo tuzabasha kumenya wese.

Umwami wacu Yesu Kristo yari umutunzi, nyamara yahindutse umukene ku bwacu, kugira ngo mu bukene bwe abone uko adutungisha. Ategeka abantu bose babikijwe imigisha y'igihe gito gukurikiza urugero yatanze. Yesu aravuga ati: «Abakene murahorana iteka, kandi igihe cyose mushakiye mushobora kubagirira neza. » Ubukene n'ubuhanya biri mu isi bihora biturarikira ubudatuza kugirira abantu impuhwe no kubagaragariza imbabazi, kandi gufasha abashavuye n'abababazwa ni umurimo umushimisha kurusha iyindi yose. Aravuga ati: « Mbese si uko waha umushonji umutsima wawe n'umukene umeneshejwe ukamujiyana iwawe? cyangwa igihe ubonye uwambaye ubusa ukamwambika kandi ntiwirengagize mwene wanyu? Tugomba gufasha abarwayi, tukagaburira abashonji, tukambika abambaye ubusa, kandi tukigisha injiji.

Hariho abantu benshi bivovotera Imana kubera ko mu isi huzuye ubukene n'umubabaro. Nyamara Uwituka ni We Mana igira neza, kandi yifuza yuko abo yaremye bose bamarwa ubukene binyuze mu bayihagarariye, ari na bo bantu yabikije ubutunzi bwe. Yateganiye byinshi byo kumara ubukene bw'abantu bose, kandi iyo abantu badakoresha nabi impano ze, ndetse ngo mu kwikunda kwabo bazigundire banga gusaranganya na bagenzi babo, nta muntu numwe uba ahura n'ubukene.¹

NTA MOKO ABA IMBERE Y'IMANA

Nta na rimwe dukwiriye gusuhererwa no kubura impuhwe cyane cyane igihe dushaka kunganira abakene. Ikinyabupfura, impuhwe ndetse no kubabarana n'abandi bikwiriye kugaragarizwa abantu bose. Gutonesha abakire ntabwo bishimisha Imana. Yesu aba asuzuguwe iyo abana be bakennye basuzuguwe. Ntabwo ari abatunzi mu by'iyi si, nyamara ni ab'igicro kinini mu mutima we wuzuye urukundo. Imana ntabwo yemera ko abantu batandukanywa hashingiwe ku nzego barimo. Kuri Yo, nta moko abaho. Mu maso yayo, abantu ni abantu, baba babi cyangwa beza. Ku munsu

¹ Review and Herald, June 20, 1893. [*Urwibutso n'Integuza*].

wo guhabwa ingororano, umwanya w'ubuyobozi, urwego rw'ubuzima, cyangwa ubutunzi, nta kantu na gato bizahindura ku rubanza rw'umuntu uwo ari we wese. Imana ireba byose ni Yo izacira abantu imanza ikurikije kwera kwabo, kubaha kwabo ndetse n'urukundo bakunda Kristo....

Kristo yavuze ko abakene bakwiriye kubwirizwa ubutumwa bwiza. Nta na rimwe ukuri kw'Imana kujya kwambikwa igikundiro gikomeye nk'igihe gushyiriwe umukene ukwifuza. icyo gihe ni bwo umucyo w'ubutumwa bwiza umurika mu bwiza burabagirina, ukamurikira ku karuri k'umuturage w'umuhinzi no ku nzu ya gikene yo mu cyaro y'umuntu w'umuhinzi. Abamarayika b'Imana baba bari aho hantu, kandi kuba aho hantu kwabo gutuma agatsima gato n'igikombe cy'amazi bigaragara nk'ibirori bikomeye. Abantu birengagijwe kandi bagasuzugurwa n'ab'isi, barazamurwa bagahinduka abahungu n'abakobwa b'Imana Ikomeye. Iyo bazamuwe bagashyirwa mu rwego rusumba urwo isi ishobora gushyiramo umuntu, bicazwa hamwe na Yesu Kristo ahantu ho mu ijuru. Bashobora kutagira ubutunzi bwo mu isi, nyamara baba babonye imaragarita y'igiciro cyinshi.²

INSHINGANO DUFITE KU BAPFAKAZI N'IMFUBYI

Si byiza gupfa gutanga ugaha abantu ku buryo bungana utarebye ugusabye ubufasha uwo ari we; kubera yuko mu kugenza gutyo twaba dushyigikira inkorabusa, abantu batirinda n'abakunda gupfusha ubusa. Ariko nihagira umuntu uza iwawe akakubwira yuko ashonje, ntuzamusezerere ntacyo umuhaye. Gira ikintu cyo kurya umuha mu byo ufite. Ntabwo wamenya uko amerewe. Kandi birashoboka ko ubukene bwe yaba yarabutewe n'amahirwe make yagize.

Nyamara muri abo bose bafite ubukene dukwiriye kwitaho, abapfakazi n'imfubyi tubafiteho inshingano zo kubagaragariza impuhwe no kubitaho kurusha abandi bose. "Idini itunganye kandi itanduye mu maso y'Imana ari Yo Data, ni iyi: gusura imfubyi n'abapfakazi mu mibabaro yabo, no kwirinda kwanduzwa n'iby'isi."

Umubyeyi w'umugabo wapfuye afite kwizera, akaba yari yishingikirije ku isezerano rihoraho ry'Imana, yasize abo yakundaga afite ibyiringiro bishyitse by'uko Uwituka azabitaho. Kandi se ni mu buhe buryo Uwituka abagera ibyo bakeneye? Ntabwo akora igitangaza cyo kohereza Manu ivuye mu ijuru; ntabwo yohereza ibikona ngo bibazanire ibyo kurya; ahubwo akora igitangaza mu mitima y'abantu, yirukana kwikunda mu bugingo bw'umuntu, maze igahishura iriba ryo kugiraneza. Igerageza urukundo rw'abavuga ko ari abayoboze bayo binyuze mu kubashinga abababaye n'ababuze ababo, abakene n'imfubyi ngo babagaragarize impuhwe. Mu buryo budasanze, aba ni bo bato Yesu yarebaga akababazwa n'uko basuzuguwe. Abirengagiza abantu nk'aba, baba birengagije Kristo binyuze muri abo bantu be bababazwa.

Buri gikorwa cyose cy'ubugwaneza gikozwe mu izina rya Yesu, cyemerwa na We nk'aho ari we ubwe gikorewe kuko asanisha ibyo akunda

² Review and Herald, July 21, 1910. [Urwibutso n'Integuza.]

n'ibyo inyokomuntu iri mu mubabaro ikeneye, kandi yahaye Itorero rye umurimo ukomeye yo kumukorera binyuze mu gufasha no guhesha umugisha abakene n'abababazwa. Imigisha y'Uwiteka izaguma ku bantu bose bazafasha abantu nk'abo bafite umutima w'ubushake.

Hazakomeza kubaho imfubyi zikeneye kwitabwaho kugeza igihe urupfu ruzaba rumizwe no kunesha; zizakomeza kubabazwa mu buryo burenze bumwe niba impuhwe n'ubugwaneza bwuzuye urukundo by'abagize Itorero bidakoreshejwe kugira ngo zifashwe. Uwiteka aradutegeka ati: "Nimuzane abakene bameneshejwe mu mazu yanyu. Ubukristo bugomba kubonera amacumbi ababyeyi b'abagabo n'ababyeyi b'abagore badafite aho bikinga. Impuhwe zigaragarijwe abapfakazi n'imfubyi binyuze mu masengesho n'imirimo, bizibukwa imbere y'Imana kugira ngo nyirabyo ahabwe ingororano.

KUGIRIRA ABANDI IMPUHWE NI IGIHAMYA CY'UKO TUBANA N'IMANA

Imana iduha imigisha yayo kugira ngo natwe tuyihe abandi. Kandi igihe cyose twiyeguriye gukoreshwa n'Imana nk'imiyoboro urukundo rwayo runyuzwamo, izakomeza yuzuze iyo miyobora yayo. Iyo usabye Imana ifunguro rya buri muni, irabanza ikitegereza mu mutima ikareba niba uzasangira iryo funguro n'abandi bakennye kukurusha. Igihe usenze ugira uti: « Mana ngirira impuhwe kuko ndi umunyabyaha », iritegereza ikareba niba uzagaragariza impuhwe abo ubana na bo. Iki ni cyo gihamya ko tubana n'Imana. Ni igihamya cy'uko turi abanyambabazi nk'uko Data uri mu ijuru ari umunyembabazi. Niba turi abe, tuzakora ibyo adutegeka dufite umutima unezerewe, bona nubwo twaba tutari mu bihe bitworohye, nubwo amarangamutima yacu yaba atanejwe no kugenza gutyo....

Gukora imirimo nk'ya Kristo no gufasha abababazwa n'abafite agahinda ni byo bidushoboza gukuzza imico ya gikristo. Ni inyungu zacu kuba Imana yaraduhamagariye gukora imirimo yo kwigomwa ku bwa Kristo, kwikorera umusaraba, gukora no kwitanga ngo tubashe gukiza abazimiye. Ubwo ni bwo buryo Kristo akoresha atunganya [umuntu] no gukura amahage ku giti ashaka kuzakoresha kugira ngo imico y'igiciro yabonekaga mu mibereho Ye ibashe kugaragara mu mibereho y'uwizera. Inkamba zose zigomba kuvanwa mu bugingo binyuze mu murimo wo kwejeshwa ukuri....

Binyuze mu buntu bwa Kristo, imbaraga dukoresha duhesha abandi imigisha ntabwo zihinduka uburyo bwo gukurira mu buntu kwacu gusa, ahubwo zizongera imbaraga ku mibereho yacu y'ahazaza, ari wo munezero w'Iteka. Abazaba barabaye abakozi bakorana na Kristo bazabwirwa aya magambo ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi; injira mu munezero wa Shobuja." Matayo 25: 21.³

NTIBAKWIRIYE GUSHYIGIKIRWA IGIHE NTACYO BAKORA

Umuco wo gufasha abagabo n'abagore batagira icyo bakora, babaha impano rwihihwa cyangwa amafaranga avuye mu mutungo w'Itorero,

³ Review and Herald, June 27, 1893. [Urwibutso n'Integuza.]

bibashyigikira mu kamenyero kabo kabi. Iyo migenzereze ikwiriye gutekerezwaho maze ikirindwa. Umugabo wese, umugore wese ndetse n'umwana bakwiriye kwigishwa gukora imirimo ifatika kandi y'ingirakamaro. Bose bakwiriye kwigishwa umurimo w'ubucuruzi ku rwego runaka. Uwo murimo ushobora kuba uwo kuboha amahema; ushobora kuba undi murimo runaka ubyara inyungu, nyamara bese bakwiriye kwigishwa gukoresha imbaraga zabo bagamije kugera ku ntego runaka. Kandi rero, Imana yiteguye kongerera ubushobozi abantu bese bazimenyereza gukora imirimo bahanga ibintu byabo. Ntitugomba kuba "ibyangwe ku by'umwete, ahubwo dukwiriye kuba abanyamwete mu mitima, tugakorera Umwami." *Abaroma 12:11*. Imana izaha umugisha abantu bese bazakomeza kurinda ubushobozi bwabo bwo guhindura abandi muri iki cyerekezo.⁴

GUKOresha UMUTUNGO W'IVUGABUTUMWA ICYO UTAGENEWE

Ibihe byinshi, umutungo wagombaga kwegurirwa gukora umurimo w'ivugabutumwa ukoreshwa ibindi bintu utagenewe, mu gitekerezo cyo kwihenda ko bari gukora ibikorwa byo kugira neza. Dushobora kwihenda igihe duha abakene impano zitari bubabere umugisha, ahubwo zituma biyumvisha ko badakeneye gukoresha imbaraga zabo no kuzigama umutungo wabo, kuko bibwira yuko abandi batazemera ko bababazwa n'ubukene. Ntidukwirye guha urwaho ubunembwe cyangwa ngo dushyigikire umuco wo gushimisha kamere binyuze mu gukoresha amafaranga mu byo turarikiye. Nubwo abakene bakwiriye gufashwa koko batagomba kwirengagizwa, igihe cyose bishoboka, bese bakwiriye kwigishwa kwifasha.

Agakiza k'imitima ni wo mutwari dufite mu murimo wacu. Iyi ni yo mpamvu yatumye Kristo atanga igitambo gikomeye; kandi ni yo mpamvu mu buryo bw'umwihariko idusaba gutanga.⁵

KWIGOMWA NO KWITANGA

Mugihe cy'ubukene no guhangayika, abana b'Imana barayitabaza. Abantu benshi bari gupfa bitewe no kubura ibintu nkenerwa byo muri ubu buzima. Gutaka kwabo kwinjijye mu matwi y'Umwami wa Saboti. Azahamagarira abantu birengagije abakene be kwisobanura mu rubanza rukomeye. Mbese abo batunzi bikunda bazasubiza iki igihe Uwituka azababaza iti: "Amafaranga nabahaye ngo muyankoreshereze mwayakoresheje iki?" Abo bazajya mu ihaniro ry'iteka. Umwami Imana azababwirira ati: "Nimuve aho ndi mwa bivume mwe, ... Kuko nari nshonje ntimwamfungurira, nari mfite inyota ntimwampa icyo kunywa, nari umushyitsi ntimwanshumbikira, nari nambaye ubusa ntimwanyambika, nari ndwaye no mu nzu y'imbohe ntimwansura." *Matayo 25:41-43*.

Imiborogo iterwa n'agahinda kuzuye isi irumvikana ahatuzengurutse hose. icyaha kiriho kiradutwikiriza umwijima. Nimureke twitegure

⁴ Review and Herald, March 13, 1900. [*Urwibutso n'Integuza*].
⁵ "Historical Sketches of the Foreign Missions of the Seventh-Day Adventists." p. 293.

gufatanya n'Umwami Imana. Ibinezera n'ububasha byo mu isi bizashira. Nta muntu n'umwe ushobora kujyana ubutunzi bwa hano ku isi mu isi izahoraho iteka ryose. Nyamara ubugingo bwaranzwe no gukora ibyo Imana ishaka buzahoraho iteka ryose. Umusaruro uzava mu bizaba byaratangiwe guteza umurimo w'Imana imbere uzagaragara mu bwami bw'Imana.⁶

⁶ Review and Herald, June 31, 1901. [Urwibutso n'Integuza.]

UMUGABANE WA 6
GUTANGA
UKWIRAGIZA MU
GIHE CY'UBUKENE

GUTANGA GUSHIMWA

Intumwa Pawulo mu ivugabutumwa rye mu matorero, ntiyigeze acogora mu mihati ye yo gutera kwifuza gukora ibintu bikomeye mu murimo w'Imana mu mitima y'abahindutse. Incuro nyinshi yabashishikarizaga gutangana umutima ukunze. Igihe yabwiraga abakuru b'Itorero bo mu Efeso ibyerekeye imirimo yari yarakoreye muri bo, yaravuze ati, *"Nababereye ikitegererezo muri byose, yuko ariko namwe mukwiriye gukora imirimo, ngo mubone uko mufasha abadakomeye, no kwibuka amagambo Umwami Yesu yavuze ati "Gutanga guhesha umugisha kuruta guhabwa." (Ibyak 20:35). Yandikiye Abanyakorinto ati "Ubiba nke, azasarura bike; naho ubiba nyinshi, azasarura byinshi. Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe." 2 Kor 9:6, 7.*

Hafi y'abizera bose b'i Makedoniya bari abakene mu butunzi bw'iyi si, nyamara imitima yabo yari yuzuye gukunda Imana n'ukuri kwayo kandi mu gushyigikira ubutumwa bwiza batangaga bishimye. Igihe amaturo ya rusange yakusanyirizwaga mu matorero y'abanyamahanga kugira ngo bafashe abizera b'Abayahudi, gutangana ubugwaneza kw'abizera b'i Makedoniya kwatanzweho urugero ku yandi matorero. Igihe yandikiraga abizera b'i Korinto, Pawulo yakanguriye intekerezo zabo "ubuntu bw'Imana amatorero y'i Makedoniya yahawe. Bakigeragezwa cyane n'amakuba menshi, umunezero wabo uhebuje n'ubukene bwabo bwinshi byasesekariyemo ubutumuzi, ku bw'iby'ubuntu batanze. Babutanze ku bwende bwabo, ... ndetse no kurenza ibyo bashoboye, batwingingira cyane kugira ngo twakire ubuntu bwabo batanze, babone uko bafatanya umurimo wo gukenura abera." 2 Kor 8:1-4.

Ubwo bushake bwo kwitanga abizera b'i Makedoniya bagaragaje bwaje ari ingaruka yo kwitanga kwabo n'umutima wose. Bayobowe na Mwuka w'Imana "babanza kwitanga ubwabo biha Umwami" (2 Kor 8:5), maze hanyuma bagira ubushake bwo gufata ku butunzi bwabo batangana umutima ukunze bashyigikira ubutumwa bwiza. Ntabwo byari ngombwa kubahatira gutanga ahubwo banezejwe no kugira ayo mahirwe yo kwigomwa ndetse n'ibyari kubabeshaho kugira ngo bashobore gufasha abandi. Igihe

Pawulo yageragezaga kubabuza bamwingingiraga kwemera ituro ryabo. Mu kwiyoroshya kwabo no kuba indahemuka n'urukundo bari bafitiye bene se, bishimiye kwigomwa maze buzuzwa gutangana ubuntu.

Igihe Pawulo yoherezaga Tito i Korinto kugira ngo aje gukomeza abizera baho, yamushishikarije kwigisha iryo Torero kugira ubuntu bagatanga, kandi mu rwandiko rwe yandikiye abizera yongeyeho kubibasaba ubwe. Yarabinginze ati: *"Nuko rero, nk'uko musaga muri byose, ari ukwizera, no kuvuga neza, no kumenya, no kugira umwete, no kudukunda, mube ariko murushaho kugirira umwete uwo murimo wo kugira ubuntu nawo."* *"Nuko rero mubirangize, kugira ngo, nk'uko mwakunze kubyemera, abe ariko mubisohozza mukurikije ibyo mufite; kuko iyo umuntu yemeye gutanga akurikije ibyo afite, ibyo birahagije; nta we ukwiriye gutanga ibyo adafite."* *"Kandi rero Imana ishobora kubasazaho ubuntu bwose, kugira ngo murushaho gukora ibyiza byose, mufite ibibahagije muri byose;... muzatungishwa muri byose, ngo mugire ubuntu bwose, butume Imana ihimbazwa."* 2Kor 8:7, 11, 12; 9:8-11.

Kugira ubuntu butikanyiza byashyize Itorero rya mbere mu byishyimo; kuko abizera bari bazi ko imihati yabo yafashaga mu gutuma ubutumwa bwiza bugera ku bakiri mu mwijima. Gutangana ubuntu kwabo kwahamije ko bataherewe ubuntu bw'Imana ubusa. Ni iki cyashoboraga gutuma bagira ubwo buntu bwo gutanga uretse kwezwa na Mwuka? Mu maso y'abizera ndetse n'abatizera cyari igitangaza cy'ubuntu.¹

ABATANGA BABONA INGORORANO

"Nuko [Eliya] arahaguruka ajya i Sarefati. Ageze ku irembo ry'umudugudu, ahasanga umugore w'umupfakazi utoragura udukwi. Eliya aramuhamagara aramubwira ati: "Ndakwinginze, nzanira utuzi two kunywa mu gacuma." Nuko ajya kuyazana. Akigenda aramuhamagara ati: "Ndakwinginze unzanire n'agatsima mu ntoki." 1Abami 17:10, 11.

Inzara yarushagaho guca ibintu muri uru rugo rwari rukennye cyane, kandi utwokurya tw'ubusabusa twarimo twasaga n'udushize. Kuba Eliya yaraje ku munsu uriya mupfakazi yari afite ubwoba ko agomba kurekera aho kwita ku buzima maze akipfira, byagerageje bikomeye uko yizeraga ububasha bw'Imana nzima bwo kumuha ibyo akennye. Nyamara no muri ayo mage akomeye yarimo yahamije ukwizera kwe, yemera icyifuzo cy'uwo muntu yari atazi wamusabaga kumuha ku twokurya duke cyane yari asigaranye.

Ku busabe bwa Eliya washakaga ibyokurya n'ibyo kunywa, uwo mupfakazi yaravuze ati: "Nkurahiye Uwituka Imana yawe ihoraho, nta gatsima mfite keretse urushyirwa rw'agafu nsigaje mu giseke, n'uturanguzwa tw'amavuta mu mperezo. Ubu dore ndatoragura udukwi tubiri, kugira ngo nsubire mu nzu nkivugire n'umwana wanjye, ngo tukarye twipfire." Eliya aramubwira ati: "Witinya genda ubigenze uko uvuze, ariko banza umvugireho akanjye ukanzanire hano, maze ubone kwivugira n'umwana

¹ Ibyakozwe n'intumwa, pp.211-213.

wawe, kuko Uwiteka Imana ya Isirayeli ivuze itya ngo: 'Icyo giseke ntabwo kizaburamo ifu, n'amavuta ntabwo azabura muri iyo mperezo, kugeza ku muni Uwiteka azavubira isi imvura.' 1Abami 17:12-14.

[Kuri uwo mupfakazi] nta kigeragezo cyo kwizera gikomeye kuruta iki yasabwe. Kuva mbere hose kugeza ubwo, uwo mupfakazi yari yaragiye agirira neza abantu bose atazi kandi akabagirira n'ubuntu abafungurira. Ariko noneho ubu bwo ntiyitaye ku mibabaro yajyaga kumugeraho we n'umwana we, maze kubwo kwiringira ko Imana ya Isirayeli izamumara ubukene bwose, yatsinze iki kigeragezo gikomeye cyo kwakira umushyitsi akora "nk'uko Eliya yamubwiye."

Urugwiro umuhanuzi w'Imana yeretswe n'uyu mugore wo muri Foweniki rwari rutangaje, kandi ukwizera no kugira ubuntu kwe byaragorerewe bitangaje. "Kandi uwo mugore na Eliya n'abo mu rugo rwe bamara iminsi babirya. Icyo giseke ntiyaburamo ifu, n'amavuta ntiyabura muri iyo mperezo, nk'uko Uwiteka yavugiye mu kanwa ka Eliya.

"Hanyuma y'ibyo, umwana w'uwo mugore nyir'urugo ararwara, indwara ye iramukomerera kugeza aho yamumariyemo umwuka. Nyina abwira Eliya ati: "Mpfa iki nawe, wa muntu w'Imana we? Wazanywe no kwibukiriza icyaha cyanyje, unyiciye umwana! "Eliya aramubwira ati "Mpa umwana wawe." Nuko amumukura mu gituzo agenda amuteruye, amwurirana mu cyumba cyo hejuru yari acumbitsemo, amurambika ku buriri bwe. Aherako atakambira Uwiteka ati: "Ayii, Uwiteka Mana yanjye! Uyu mupfakazi wancumbikiye na we umuteje ibyago, umwicira umwana?" Maze yubarara ku mwana gatatu, atakambira Uwiteka ati: "Ayii, Uwiteka Mana yanjye! Ndakwinginze, ubugingo bw'uyu mwana bumusubiremo." Uwiteka yumvira Eliya, ubugingo bw'uwo mwana bumusubiramamo arahembuka. "Eliya yenda uwo mwana amukura mu cyumba cyo hejuru, aramumanukana amushyira nyina. Eliya aramubwira ati: "Nguyu umwana wawe, ni muzima." Uwo mugore abwira Eliya ati: "Noneho menye ko uri umuntu w'Imana koko, kandi ko ijamba ry'Uwiteka uvuga ko ari iry'ukuri."

Umupfakazi w'i Sarefati yasangiye na Eliya utwokurya duke yari asigaranye, maze ku bw'ibyo ubugingo bwe n'ubw'umwana we burarindwa. Bityo rero mu gihe cyo kugeragezwa n'ubukene, abantu bose bagirira impuhwe kandi bagafasha abandi bari mu mage kubarusha, Imana yasezeranye kubaha umugisha mwinshi. Imana ntiyigeze ihinduka. Ntabwo ububasha bwayo ari buke ugereranyije n'uko bwari buri mu gihe cya Eliya.²

AMASENGE ABIRI Y'UMUPFAKAZI

Yesu yari mu rugo ruzengurutse urusengeru ahari ububiko, maze yitegereza abazanaga amaturu yabo mu bubiko. Abatunzi benshi bazanaga amaturu atubutse, kandi bakabikora bashaka kwiyerekana. Yesu yabitegereje afite agahinda, ariko ntiyagira icyo avuga ku maturu yabo. Ako kanya, yuzuye ibinezaneza ubwo yabonaga umupfakazi w'umukene yigira imbere,

² Abahanuzi n'Abami, pp. 82,83. (2016)

ariko asa n'utinya ko bamubona. Mu gihe abo batunzi b'abirasi banyuragaho, bajyanye amaturu yabo atubutse, uwo mupfakazi yabaviriye mu nzira asa n'utinye gukomeza kwigira imbere. Nyamara yifuzaga kugira icyo akora, nubwo cyari gito, kuko yanezewaga no gutura Imana. Yarebye ituro yari afite mu ntoki. Ryari rito ugereranije n'amaturu y'abari bamuzengurutse, ariko ni ryo yari afite ryonyine. Abonye umwanya we ugeze, yarihuse maze atura udukeri tubiri, agira vuba arahindukira ngo agende. Ariko ubwo yahindukiraga, yahuje amaso na Yesu maze abona ko yamwitegereje.

Umukiza ahamagara abigishwa be, maze abereka uwo mupfakazi n'ubukene yari afite. Maze uwo mupfakazi yumva Yesu avuze amagambo yo kumushima ati, "Ndababwira ukuri, yuko uriya mupfakazi atuye byinshi kuruta iby'abandi bese." Amarira y'ibyishimo yatembeye mu maso ye ubwo yamenyaga ko igikorwa cyemewe kandi kigashimwa. Abenshi bashoboraga kumubwira ko akwiriye kwibikira utwo duceri akadukoresha; kuko mu maboko y'abatambyi b'abatunzi amaturu ye ntacyo yari kubamarira ugereranije n'ubutunzi bwinshi bwinjiraga mu bubiko bwo mu rusengeru. Ariko Yesu we yasobanukiye n'umugambi yari afite. Uwo mupfakazi yizeraga adashidikanya ko imirimo yo mu rusengeru yashyizweho n'Imana, kandi yifuzaga cyane gukora ibishoboka kugira ngo umurimo w'Imana utere imbere. Yakoze ibyo ashoboye, kandi igikorwa cyemewe urwibutso rw'ibihe byose, n'umunezero we w'ibihe bidashira. Umutima we waherekeje ituro rye; kandi agaciro karyo ntikabariwe mu mafaranga, ahubwo kakomotse ku rukundo akunda Imana n'ubwuzu yagiriraga umurimo wayo, ari byo byamuteye gutanga ituro rye.

Yesu avuga iby'uwo mupfakazi, yagize ati, "Atuye byinshi kuruta iby'abandi bese." Abatunzi bo batuye ibyabasagutse, kandi abenshi babikorera kugira ngo abantu bababone maze babubahe. Ibyo batangaga ntibyashoboraga kugabanya na gato ubutunzi bwabo ndetse n'imibereho yabo yo kwinezeza; ntacyo rero bari bigomwe ugereranije na wa mupfakazi watanze udukeri tubiri yari afite.

IMPAMVU IRUTA UBWINSHI BW'AMATURO

Imigambi yacu ni yo iha ibikorwa byacu icyerekezo, ikabisiga ikimwaro cyangwa se ikabiha agaciro gashimwa n'Imana. Burya ibikorwa byose amaso y'abantu ndetse n'indimi zabo zisingiza si ko byose Imana ibona ko bifite akamaro. Imirimo mitoya ikoranywe umunezero, amaturu mato adatanganywe ubwirasi, ndetse bigaragara mu maso y'abantu nk'iby'igicro gito, burya ni iby'agaciro kenshi mu maso y'Imana. Umutima urangwa no kwizera n'urukundo ni iby'agaciro kenshi ku Mana kuruta amaturu atubutse. Uwo mupfakazi yatanze ibimubeshejeho byose kugira ngo akore icyo gikorwa gito yakoze. Yigomwe ibyo kurya bimumutunze kugira ngo atange utwo duceri tubiri maze duteze imbere umurimo yakundaga cyane. Yabikoze afite kwizera, yiringiye ko Se wo mu ijuru atazemera ko abura ibyo akeneye. Yari afite umutima utikanyiza no kwizera nk'uk'umwana muto; kandi ibyo ni byo byanejeje Umukiza.

Abenshi mu bakene bifuza kugaragariza Imana gushima kwabo, kubera ineza n'ukuri kwayo. Bakenera cyane gufatanya na bagenzi babo b'abatunzi mu guteza imbere umurimo w'Imana. Abo bakene ntibakwiye gusubizwa inyuma. Nibemererwe gushyira uduceri twabo mu bubiko bw'ijuru. Iyo utwo duceri dutanganywe umutima ukunda Imana, duhinduka ituro rihawe umugisha, ry'agaciro kenshi, kandi Imana iramwenyura ikariha umugisha.³

ITURO RISHIMWA RYA MARIYA

Umurimo ukozwe n'umutima ni wo utuma ituro rigira agaciro. Igihe Umwami w'ijuru yahindukaga uruhinja, maze agahabwa Mariya nk'impano, ntabwo Mariya yari afite byinshi yatura Imana kubw'iyoy mpano ihebuje. Yajyanye inungura ebyiri ho ituro, nk'ituro ryategetswe ngo rijye ritangwa n'abakene; nyamara iryo turo ryabaye igitambo gishimwa n'Imana. Ntiyashoboraga gutanga amaturo adakunze kubonwa na benshi nk'ayatanzwe n'abanyabwenge bari baturutse i Burasirazuba bakaza i Betelehemu baje kuyatura Umwana w'Imana. Nyamara nyina wa Yesu ntiyirengagijwe bitewe n'uko ituro rye ryari ritoya. icyo Imana yitayeho ni ubushake bwari buri mu mutima we, kandi umutima we ni wo watumye ituro rye rishimisha Imana. Nuko rero, Imana izakira ituro ryacu, nubwo ryaba ari rito cyane, nituramuka ari cyo kintu dusigaranye, kandi rikaba riturutse ku rukundo tuyikunda.⁴

³ Uwifuzwa Ibihe Byose, pp.415,416.

⁴ Review and Herald, Dec. 9, 1890. [Urwibutso n'Integuza.]

IKINTU GIHEBUJE MU MASO Y'IMANA

Mu bantu biyita ko ari abana b'Imana, harimo abagabo n'abagore bakunda isi kandi bagakunda n'ibiri mu isi; kandi ubugingo bw'abo bantu bugenda bwangizwa n'imbaraga y'iby'isi. Iby'Imana bigenda bikamuka muri kamere yabo. Nk'ibikoresho byo gukiranirwa, bari gusohoza imigambi y'umwanzi.

Ikinyuranyo cy'abantu nk'abo, ni uko hari umuntu w'umukene ushikamye mu bunyangamugayo, kandi ukorana umwete, uhora witeguye gufasha abantu bakeneye ubufasha, kandi akaba afite ubushake bwo kwemera kubabara kuruta kugaragaza umwuka wo kwizirikana no guhora ararikiye ibintu nk'uko bikunze kugaragara ku bakire bamwe na bamwe. Uyu muntu aha agaciro umutimanama ukiranutse n'amahame y'ukuri, akabirutisha agaciro k'izahabu. Ahora yiteguye gukora ibyiza uko ashoboye kose. Iyo habonetse umurimo w'ubugiraneza cyangwa ukeneye ko hakoresha amaboko, aba uwa mbere mu kwitabira, kandi akenshi akora ibirenze ubushobozi afite, akigomwa bimwe mu byiza yari akeneye kugira ngo abashe kugera ku ntego ye yo gukora umurimo wo kugira neza.

Umuntu nk'uyu ashobora kwirata bike mu butunzi bwo mu isi; abantu bashobora kumutekereza nk'udashyira mu gaciro neza cyangwa akaba adafite ubwenge bwuzuye; imbaraga zikorera muri we zihindura intekerezo z'abandi zishobora kutekerezwa nk'izifite agaciro gasanzwe; nyamara mu maso y'Imana ni uw'agaciro kenshi. Ashobora gutekerezwa nk'utareba kure, nyamara agaragaza ubwenge burenze kure ubwa wa wundi ukorera ku mibare kandi agahora ararikiye ibintu; mbese nk'uko ubwenge bw'Imana busumba ubw'abantu. None se ibyo ntibiterwa n'uko aba ari kwibikira ubutunzi mu ijuru, aho butabora, ntibwangirike cyangwa ngo bwigere bugajuka?¹

NK'UMUBABWE UHUMURA NEZA

Dukurikije ibyo tubona, dusanga umwuka w'ubugiraneza ukunda kugaragara cyane mu bantu bafite amikoro make kurenza uko ugaragara mu bakire. Abantu benshi bifuzaga cyane ubutunzi, bashobora kuzarimburwa na bwo. Bene abo bantu iyo bahawe impano z'ubutunzi, akenshi barabuhunika

¹ Review and Herald, Dec. 19, 1899. [Urwibutso n'Integuza.]

cyangwa se bagapfusha ubusa amafaranga y'Uwiteka kugeza ubwo Shebuja ababwira buri muntu ku giti cye ati: "Ntuzongera kuba igisonga ukundi." Bakoresha iby'undi mu buriganya nk'aho ari ibyabo bwite. Ntabwo Imana izabegurira ubutunzi buzahoraho iteka....

Impano itanzwe n'umukene, akayitanga nk'imbuto yo kwigomwa ashaka ko umucyo w'ukuri kw'igicro ugera ku bandi, iba ari umubabwe uhumura neza imbere y'Imana. Buri gikorwa cyose cyo kwitangira abandi, kizongera imbaraga umwuka wo kugirira abandi neza mu mutima w'utanze, kugira ngo birusheho kumwegereza Umucunguzi w'abari mu isi, wa wundi wari umutunzi, agahinduka umukene kubwacu kugira ngo mu bukene bwe adutungishe.

Ituro rito ritanganywe umutima unezerewe nk'imbuto yo kwigomwa, ni ryo rigira agaciro kanini imbere y'Imana kuruta ibihumbi byinshi by'amaturu atanzwe n'abantu bumva nta cyo bigabanuye ku mutungo wabo. Umukene washyize amasenge abiri mu isanduku y'ububiko bw'Imana, yagaragaje urukundo, ukwizera n'umutima wo gutanga.... Umugisha Imana yahaye iryo turo ryatanganywe umutima utaryarya, warihinduye isoko y'umusaruro mwinshi.

Isenge ry'umupfakazi ryahindutse nk'akagezi gahora gatembamo amazi ibihe byose, kagakomeza kwaguka no kwiyongera mu burebure bw'ikijyakuzimu uko karushaho gutemba, kandi kakagira uruhare mu kugaba amashami ibihumbi yo gukwirakwiza ukuri no kunganira abakeneye ubufasha. Imbaraga ihindura y'iryo turo rito yakoze kandi yongera gukora ku mitima y'abantu ibihumbi byinshi mu bihe byose no mu bihugu byose. Biturutse kuri iryo turo, amaturo menshi yinjiye mu bubiko bw'Imana avuye mu bakene batanganye umutima ukunze kandi witanze. Byongeye kandi, urugero yatanze rwatumye hakorwa ibikorwa ibihumbi byinshi, bikoze n'abantu barangwaga no gukunda ubuzima bworoshye, kwikunda no gushidikanya; kandi impano batanze zongereye ubunini bw'agaciro ka rya turo rye rito.²

ABATANGA BARAGORORERWA NUBWO IMPANO ZABO ZAKORESHWA NABI

Imiryango ifite ubukene ariko ikaba yaragezweho n'imbaraga yeza y'ukuri, kandi kubw'ibyho bakaba bayiha agaciro ndetse bakumva bayishimira Imana, batekereza ko bashobora kandi bakwiriye kwigomwa n'ibintu nkenerwa mu buzima kugira ngo bazane amaturo mu bubiko bw'Uwiteka. Bamwe muri bo bigomwe ubwoko bw'imyenda runaka nyamara bari bayikeneye mu by'ukuri kugira ngo babe baguwe neza. Abandi bagurishije inka yabo kandi ari yo bari bafite yonyine, maze amafaranga babonye bayashyira mu bubiko bw'Imana. Bafite imitima itaryarya, kandi mu maso habo habungaga amarira atewe no kunyurwa kubera ko babonye amahirwe yo kugira icyo bakora mu murimo w'Imana, bubaraye imbere y'Uwiteka bafite ituro ryabo, maze bamusaba kuriha umugisha igihe bari

² Signs, Nov 15, 1910. [Ibimenyetso by'Ibihe.]

baryohereje, basenga basaba Imana ko ryaba uburyo butuma abakiri mu mwijima bamenya ukuri.

Umutungo weguriwe Imana muri ubwo buryo, ntabwo buri gihe ari ko wagiye ukoreshwa mu buryo buhura neza n'icyo ababaga bigomwe bakawutanga babaga bawutangiyeye. Abantu bafite irari ry'ibintu, bakikunda kandi ntibagire umutima wo kwigomwa cyangwa kwitanga, bagiye bakoresha mu buryo budakiranuka umutungo waje muri ubwo buryo mu bubiko bw'Uwiteka; ndetse bagiye biba Imana ibyabaga byashyizwe mu bubiko bwayo binyuze mu gutwara umutungo batigeze bakorera. Imicungire y'umutungo yabo itejwe kandi ntigire icyo yitaho, yatumye umutungo wagenewe gukora umurimo w'Imana usesagurwa ndetse ukoreshwa nabi kandi wari werejwe Uwiteka kubw'amasengesho n'amarira by'abawutanze....

Nubwo umutungo werejwe Imana utyo ukoreshwa nabi ku buryo intego uwawutanze yari agamije itagerwaho, ari yo guhesha Imana icyubahiro no guhesha abandi agakiza, abitanga badafite imbereka ku mutima, bakaba bagamije guhesha Imana icyubahiro, ntibazabura ingororan zabo.³

UKO IMINZANI YO MU IJURU IGENA AGACIRO K'ITURO

Ku minzani yo mu buturo bwera, amaturo umukene atanze bitewe n'urukundo akunda Kristo, ntahabwa agaciro hashingiwe ku bwinshi bwayo, ahubwo ahabwa agaciro hashingiwe ku rukundo rwamuteye kwitanga atyo. Amasezerano ya Yesu azasohozwa rwose umukene ufite bike byo gutanga nyamara agatanga adahatwa, ku rugero rumwe n'urw'umukire utanze byinshi akomoye mu butunzi bwe bwinshi. Umukene yigomwa muri duke afite, kandi akumva ko ubutunzi bwe bukozwemo. Mu by'ukuri aba yigomwe bimwe mu byo yari akeneye kugira ngo amererwe neza ku rwego rwe; mu gihe umutungo atanga akuye muri byinshi afite, kandi akumva ntacyo ahombye, akaba ntacyo yigomwe mu by'ukuri mu byo yari akeneye. Kubw'ibyo rero, hari ukwera kuboneka mu ituro ry'umukene nyamara ntikuboneke mu ituro ry'umukire; kubera ko umukire aba yatanze ku bimusagutse. Mu kugiraneza kw'ijuru, Imana yateganiye gahunda yo gutanga mu buryo bw'uruhererekane kugira ngo abantu bamererwe neza. Uko kugira neza kw'ijuru ntikujya guhagarara. Abagaragu b'Imana nibakurikiza uku kugira neza kwayo yatangije, bose bazaba abakozi b'abanyamwete.⁴


³ Testimonies for the Church, vol. 2, pp. 518,519. [Ibihamya by'Itorero]

⁴ Testimonies for the Church, vol. 3, pp.398,399. [Ibihamya by'Itorero].

UMUGABANE WA 7

UBUTUNZI

BW'ABANYAMAHANGA



AMAHIRWE TUGOMBA KWAKIRA KANDI TUKAYAGEZA KU BANDI

Igihe cyose tukiri ku isi, kandi Mwuka w'Imana akaba akomeje guhendahenda abari mu isi, dukwiriye kwakira amahirwe kandi natwe tukayageza ku bandi. Togomba kugeza umucyo ku bari mu isi nk'uko werekanywe mu Byanditswe Byera, kandi dukwiriye kwakira ubutunzi Imana yemeje abari mu isi gutanga ngo bukoreshwe mu murimo wayo. Uwituka aracyakora ku mitima y'abami n'iy'abatware kugira ngo bashyigikire ubwoko bwe; kandi abo ni ba bandi usanga bashishikajwe n'ikibazo cyo kwishyira ukizana mu byerekeye iyobokamana. Ntidukwiriye rero kuzitira ayo mahirwe cyangwa kwibuza kwakira ubwo bufasha Imana yemeje abantu gutanga kugira ngo umurimo wayo ukomeze utere imbere.

Mu Ijambo ry'Imana dusangamo ingero zerekeranye n'iki kibazo. Umwami w'Abaperesi witwaga Kuro yashyizeho itegeko mu bwami bwe bwose, ateguka ko baryandika; iryo tegeko ni iri: "Uwituka Imana nyir'ijuru yangabiye ibihugu by'abami bose byo mu isi, kandi yanyihanangirije kuyubakira inzu i Yerusalemu mu Buyuda. None umuntu wayo wese uri muri mwe, Imana ye ibane na we, azamuke ajye i Yerusalemu mu Buyuda yubake inzu y'Uwituka Imana ya Isirayeli. *Ezira 1: 2-3*. Itegeko rya kabiri ryatanzwe n'Umwami Dariyo ngo Abayuda bose bajye kubaka inzu y'Uwituka. Iryo tegeko ryanditswe mu gice cya 6 cy'Igitabo cya Ezira.

Uwituka Imana yashyize ubutunzi bwe mu biganza by'abatari abizera, ariko bakwiriye gukoreshwa imirimo igamije kurokora abatuye isi basaye mu byaha. Abantu batanga izo mpano, bashobora gukingura inzugi, maze ukuri kukanyuramo. Bashobora kuba badafitiye impuhwe umurimo w'ivugabutumwa, bashobora kuba batizera Kristo kandi badakurikiza n'amagambo Ye; nyamara impano zabo ntabwo zigomba kwangwa kubera iyo mpamvu....

Ibihe byinshi neretswe yuko twari kubona impano ziruta cyane izo tubona ubu iyaba twegeraga abantu mu bwenge, tukabamenyesha iby'umurimo wacu, maze tukabaha amahirwe yo gukora bya bintu dufite amahirwe yo kubasaba gukora kugira ngo umurimo w'Imana utere imbere.¹

¹ Testimonies to Ministers, pp. 202-203. [Ibihamya ku Bagabura]

URUGERO RWA NEHEMIYA

Ntabwo Nehemiya yari yishingikirije ku cyuka. Ibyo yaburaga yabisabye abashoboraga kubitanga. N'ubu Uwituka aracyafite ubushake bwo kugenderera imitima y'abafite ubutunzi bwe [yabaragije] ngo babutangire gushyigikira umurimo wo [kwamamaza] ukuri. Abakorera Uwituka bagomba kwakira ubufasha atera abantu gutanga. Izo mpano zishobora gukingura inzira umucyo w'ukuri wanyuramo kugira ngo ugere mu bihugu byinshi bibudikiwe n'umwijima. Abatanga izo mpano bashobora kuba batizera Kristo, ndetse batarigeze bamenya n'ijambo rye; ariko ibyo ntibatuma impano zabo zitakirwa.²

Muri iki gihe, umurimo w'Imana ukwiriye kujya mbere mu buryo bwihuse, kandi abantu bayo nibitaba kurarika kwayo, izashyira ubushake mu mitima y'abafite ubutunzi, maze batange ku butunzi bwabo, bityo bihinduke ibishoboka ko umurimo wayo urangira ku isi. "Kwizera ni ukumenya rwose ibyiringirwa udashidikanya ko bizaba, kandi ni ko kuduhamiriza ibyo tutareba ko ari iby'ukuri." Abaheburayo 11:1. Kwizera Ijambo ry'Imana ni byo bizahesha ubwoko bwayo ubutunzi buzatuma bakora umurimo wayo mu mijyi minini itegereje kugezwamo ubutumwa bw'ukuri.³

KWAKIRA IMPANO ZITURUTSE HANZE

Mwibaza niba byemewe kwakira impano zitanzwe n'Abanyamahanga cyangwa se abapagani. icyo kibazo ntabwo gitangaje; ariko nshobora kubabaza nti: "Iyi si dutuyeho ni iya nde? Mu by'ukuri se, amazu n'amasambu tubona ni ibya nde? Mbese si iby'Imana? Ifite ibintu bitagira ingano ku isi yashyize mu maboko y'abantu, kugira ngo bigobo abashonji babone ibyokurya, abambaye ubusa babone icyo bambara kandi abatagira aho baba babone amazu. Uwituka ashobora gukora ku mitima y'ab'isi, yemwe ndetse agakora no ku y'abasenga ibigirwamana, maze bagatanga ku butunzi bafite kugira ngo bishyigikire umurimo wayo; turamutse tubasanze mu bwenge, tukabaha amahirwe yo gukora ibyo bafite amahirwe yo gukora. Ibyo bashobora gutanga, dufite amahirwe yo kubyakira.

Dukwiriye kumenyana n'abantu bo mu nzego zo hejuru; kandi kubwo gukoresha ubwenge nk'ubw'inzoka no kuba nk'inuma tutagira amahugu, dushobora kubagiriraho umugisha, kuko Imana ishobora gukora ku mitima yabo maze bagakora ibintu byinshi byo gushyigikira ubwoko bwayo. Abantu bakwiriye baramutse basanze abantu bafite umutungo n'ubushobozi bwo guhindura intekerezo z'abandi maze bakabereka ibikenewe mu murimo w'Imana, kandi bakabikora mu buryo bukwiriye, abo bantu bashobora gukora byinshi byateza umurimo w'Imana imbere mu isi. Twitandukanije n'amahirwe n'uburyo twajyaga kuboneramo umugisha, kubera yuko twabayeho nk'abafite aho duhuriye n'isi. Nyamara ntidukeneye kugira ihame na rimwe ry'ukuri twirengagiza, igihe dushakisha uburyo twakoresha amahirwe yose ngo umurimo w'Imana utere imbere.⁴

² *Abahanuzi n'Abami*, p.407, 408.

³ *Testimonies for the Church*, vol.9, pp.272,273. [*Ibihamya by'Itorero*]

⁴ *Testimonies to Ministers*, pp. 197,198. [*Ibihamya ku Bagabura*]

IMANA ITEGURA INZIRA

Iyaba ibikenewe mu murimo w'Imana byashyirwaga imbere y'abantu bafite ubutunzi n'ubushobozi mu buryo bwiza, abo bantu bashobora kugira icyo bakora cyatuma ukuri ko muri iki gihe kujya mbere. Ubwoko bw'Imana bwatakaje amahirwe bwajyaga kuboneramo uburyo bwo gukora umurimo iyo buza kuba butaragize imibereho yitandukanije n'abatuye isi.

Kubwo kugira neza kw'Imana, buri muni tugira aho duhurira n'abantu batarahinduka. Imana iriho iradutegurira inzira imbere yacu ikoresheje ukuboko kwayo kw'iburyo, kugira ngo umurimo wayo wihute bwangu. Nk'abakozi bakorana na Yo, dufite umurimo wera tugomba gukora. Tugomba gukora umurimo ukomeye wo gukiza ubugingo bw'abantu bari mu myanya ikomeye; tugomba kubagezaho ubutumire bw'imbabazi bubararikira kuza mu birori by'ubukwe bw'Umwana w'Imana.

Nubwo bisa naho ubutunzi bwose buri mu maboko y'abanyabyaha, isi yose n'ubukire n'ubutunzi buyirimo, byose ni iby'Imana. "Isi n'ibiyuzuye ni iby'Uwiteka, isi n'abayibamo," (Zaburi 24:1). Mbega ukuntu Abakristo bari bakwiriye kurushaho gusobanukirwa ko ari amahirwe bafite ndetse n'inshingano yabo gukoresha uburyo bahawe bagakoresha amahirwe atanzwe n'ijuru, maze bagateza imbere ubwami bw'Imana ku isi!¹

GUHATWA NA MWUKA NGO UTANGE

Ababwirizabutumwa bakoresha ubuvuzi bakora mu rwego rw'ivugabutumwa, barimo gukora umurimo ukomeye nk'uwo bagenzi babo b'abagabura bakora. Umuhati ukoreshwa n'aba bakozi ntukwiriye kugarukira ku bantu bo mu rwego rwa gikene gusa. Abantu bari mu nzego zo hejuru barirengagijwe bikabije. Mu bantu bafite imibereho yo mu rwego rwo hejuru hazaboneka benshi bazumvira ukuri babitewe n'uko kudahindagurika kandi kukaba kuriho ikimenyetso cy'imiterere itagira amakemwa y'ubutumwa bwiza. Si abantu bake bafite ubushobozi bemeye ukuri muri ubwo buryo, kandi bazinjirana imbaraga mu murimo w'Uwiteka.

¹ Stewardship Series, No.1, pp.14,15. [Uruhererekane rw'Ibyigisho by'Ubusonga.] (Irarika ryagejewe ku bagabura n'abayobozi b'Itorero ku byerekeye gusaba impano zo gushyigikira umurimo w'ivugabutumwa mu bigugu by'amahanga.).

Uwiteka arahamagara abantu bari mu myanya y'inshingano, abantu Imana yahaye impano zihebuje, ashaka ko bakoresha impano z'ubwenge n'iz'ubutunzi mu murimo we. Abakozi bacu bakwiriye kwereka abo bantu mu buryo busobanutse gahunda y'uko umurimo uteye, bakababwira icyo tubakeneyeho kugira ngo tubashe gufasha abakene n'abadafitite uko bigira, kandi bakabereka n'igikenewe ngo uyu murimo ube wubatse ku rufatiro rukomeye. Bamwe muri abo bantu bazahatirwa na Mwuka Wera gushora umutungo w'Uwiteka mu buryo buzatuma umurimo we utera imbere. Bazasohozwa umugambi w'Imana binyuze mu gutera inkunga igikorwa cyo kubaka ibigo byo kwigishirizamo abantu no kubafasha mu mijyi minini.²

KWITABAZA ABATUNZI

Hari abantu bari mu isi bagomba kuburirwa, kandi twagiye tuba abanyanteye nke ku byerekeye kwitabaza abatunzi, baba abo mu itorero cyangwa ab'isi, kugira ngo badufashe umurimo. Twakagombye kurarika abavuga ko ari Abakristo bagahagarara mu ruhande rwacu. Dukwiriye kurarikira imitima yabo gutanga maze bakadufasha kubaka ubwami bw'Imana ku isi yacu. Dukwiriye kwitabaza abantu bakomeye n'abantu bafite umutima mwiza, maze bakadufasha muri uyu murimo w'ubwitange wa gikristo. Bakwiriye kurarikirwa kunganira imbaraga dukoresha mu gushaka no gukiza umuntu wazimiye.³

IMANA IZAFUNGURA INZIRA

Ibihe birarushaho gukomera, kandi kubona amafaranga na byo ntibyoroshye; ariko Imana izadufungurira inzira mu bantu bo hanze batari abo mu bantu bacu. Jyewe sinshobora kubona ukuntu umuntu ashobora kwanga kwakira impano ziturutse mu bo tudasangiye kwizera. Ibyo bashobora kubikora gusa igihe biyemeje gufata ingamba zo kutagondwa ijosi kandi bagatuma havuka ibibazo batemerewe guteza. Iyi si ni iy'Imana, kandi niba Imana ishobora gukora ku mitima y'abantu ku buryo igihugu cyabaye mu maboko y'umwanzi kigarurwa mu maboko yacu, kugira ngo ubutumwa bubwirizwe no mu tundi turere twa kure; none se abantu bazafunga inzira bashingiye ku bitekerezo byabo bigufi? Uwo mutima wo gukora neza ni uwo kwishimirwa. Ntabwo Mwuka Muziranenge ayobora abantu mu nzira imeze ityo.⁴

UBURYO BWO GUHINDURA ABANTU

Ni mpamvu ki tutasaba ubufasha mu Banyamahanga? Nabwiwe ko mu isi hari abagore n'abagabo benshi bafite umutima w'impuhwe kandi bazagira ubwuzu bwo gutanga igihe cyose bazagezwaho ubutumwa bubasaba kugoboka abantu bugarijwe n'ubukene...

² Testimonies, vol. 7, p.112 [Ibihamya by'Itorero].

³ The Origin and Development of the Thanksgiving Plan, p.5; Feb. 28, 1900. *Imvano no Gukura kwa Gahunda y'Ituro ryo Gushimira*.

⁴ Testimonies to Ministers, p.210. [Ibihamya ku Bagabura].

Hari abantu benshi baziyeze gukora ku butunzi bwabo, bagatanga ubufasha bwo kubaka amashuri n'ibitaro. Iki kibazo nakibwiwe muri uyu mucyo. Umurimo wacu ukwiriye kwegerezwa abantu aho bari. Amafaranga ni ay'Uwiteka, kandi nituramuka dusanze abatunzi mu buryo bukwiriye, Imana izakabakaba imitima yabo, maze ibashishikarize gutanga ku butunzi bwabo. Amafaranga y'Imana ari mu maboko y'abo bantu, kandi abenshi muri bo bazita ku kibazo kibasaba gufasha abandi.

Ganira n'abantu kuri iki kintu, kandi ukore uko ushoboye kose usonzoranye impano zo gushyigikira umurimo. Ntidukwiriye kumva ko gusaba inkunga abantu b'isi ari ikosa, kuko icyo kintu gikwiriye gukorwa. Iyi gahunda nayeretswe nk'uburyo bwiza bwo kwegera abatunzi bo mu isi. Binyuze muri ubu buryo, abantu benshi bazabyakira, kandi bazashobora kumva no kwizera ukuri kwagenewe abo muri iki gihe.⁵

⁵ Stewardship Series, No. 1, pp.15,16. [Uruhererekane rw'ibyigisho by'ubusonga.]



UMURIMO WO GUSARURA

Mu gihe dushyira mu bikorwa gahunda runaka ishobora gukorwa kugira ngo abantu bamenyeshwe ukuri kwagenewe abo muri iki gihe, tukabihuza no kugira neza kw'Imana kujyanirana no guteza imbere umurimo wayo, mutyo tujye tubanza kwiyegurira Imana rwose, nyiri rya zina twifuza kwerezeza. Nimutyo kandi dusabire abo twifuza gusanga, maze tubinyujije mu kwizera kuzima, tugende tubazana imbere y'Imana umwe umwe.

Imana izi ibitekerezo n'imigambi ya buri muntu; kandi mbega ukuntu ifite ububasha bwo kuduhindura ukundi! Mbega ukuntu Mwuka wayo ashobora gukora nk'umurimo maze agacisha bugufi umutima umeze nk'ibuye! Mbega ukuntu ishobora kuzuza umutima urukundo n'ubugwaneza! Mbega ukuntu Imana ishobora kuduha ubuntu bwa Mwuka Muziranenge wayo, maze ikadutunganiriza kujya hirya no hino tugakiza ubugingo bw'abantu! Imbaraga y'ubuntu bunisha ikwiriye kumvikana mu itorero ryacu muri iki gihe; kandi ishobora kumvikana rwose turamutse dukurikije inama Kristo agira abayoboke be. Uko tuzagenda tumenya guha agaciro inyigisho za Kristo Umukiza wacu, tuzarushaho kubona agakiza k'Imana.

Abantu bose biteguye gukora umurimo udasanze w'Ivugabutumwa, bakaba bafite urupapuro rwateguriwe gukoreshwa muri gahunda y'umusaruro, ndababwira nti: Mujye murangwa n'umwete mu murimo wanyu, kandi mujye muyoborwa na Mwuka Muziranenge. Buri muni mujye mukura mu mibereho yanyu ya gikristo. Nimutyo abantu bafite ubushobozi bwihariye babukoreshe kugira ngo bagire umurimo bakorera abatizera bo mu nzego zikomeye n'abo mu nzego zoroheje. Nimushakane umwete, ubugingo bw'abantu burimo kuzimira. Nyamuneka mujye muzirikana ukuntu Kristo ahangayikishijwe no kugarura mu mukumbi we abantu barorongotanye!

Murinde ubugingo bw'abantu nk'abazabubazwa ku muni w'urubanza. Mu murimo mukorera mu itorero ryanyu no mu baturanyi, nimureke umucyo wanyu umurike, ufite imirasire itamanzuye, ku buryo nta muntu uzabasha guhagarara ku muni w'urubanza avuga ati: "Ni kuki utigeze umbwira uku kuri? Ni kuki utigeze wita ku bugingo bwanjye?"

Ku bw'ibyo rero, nimureke dukorane umurava dukwirakwiza inyandiko zateguwe neza kugira ngo zihabwe abo tudasangiye kwizera. Nimutyo dukoreshe amahirwe yose tubonye kugira ngo tubashe kwireherezaho abo tudasangiye kwizera. Nimutyo dushyire inyandiko mu biganza by'umuntu wese uzemera kuzakira. Nimutyo twiyegurire mu murimo wo kwamamaza ubutumwa buvuga buti: "Nimutunganyirize Uwituka inzira mu butayu, mugororere Imana yacu inzira nyabagendwa mu kidaturwa." Yesaya 40:3. Ibikoresho mvajuru n'ibikoreshobantu bigomba guhuriza hamwe kugira ngo birangize uyu murimo ukomeye. Uyu ni wo muni wo kurangiza inshingano yacu. "Umwuka n'umugeni barahamagara bati: "Ngwino!" Kandi uwumva na we nahamagare ati: "Ngwino!" Kandi ufite inyota aze ajyane amazi y'ubugingo ku buntu." *Ibyahishuwe 21:17*¹

UMUSARURO UZAVA MURI IZI MBARAGA Z'UBURYO BUBIRI ZIHURIJWE HAMWE

Mu kugira neza kw'Imana, abantu bikoreye umutwari wo gukora umurimo wayo, bamaze igihe bagera gushyira imibereho mishya mu buryo bw'imikorere busanzwe; kandi bakagerageza na none guhanga gahunda nshya n'uburyo bushya bw'imikorere bwo gukangura abizera kugira ngo bahurize hamwe imbaraga bashobore kugera ku bari mu isi. Imwe mu ngamba nshya zo kugera ku batizera ni gahunda y'Umusaruro ikoreshwa mu ibwirizabutumwa. Mu myaka mike ishize, ahantu henshi, iyi gahunda yageze ku musaruro, yongera imigisha kuri myinshi yari isanzwe ihari, kandi umutungo wari asanzwe mu bubiko bugenewe ibwirizabutumwa uriyongera. Igihe abo tudasangiye kwizera bari bamaze kumenyeshwa uko ubutumwa bwa marayika wa gatatu bugenda butera imbere mu bihugu by'abapagani, imitima yabo yo kugira impuhwe yarakangutse, maze bamwe muri bo bashakira kwiha biruseho uko kuri gufite imbaraga ikomeye ityo ibasha guhindura imitima n'imibereho y'abantu. Abagabo n'abagore bagejejweho ubwo butumwa kandi izina ry'Imana rihabwa ikuzo.

Mu myaka ishize, narimo mvuga mu buryo bwo gushyigikira gahunda yo gusobanurira inshuti zacu n'abaturanyi ibyerekeye umurimo wacu w'ivugabutumwa n'intambwe ugezeho, maze nifashisha urugero rwa Nehemiya. None ndifuza kugira inama beneduta na bashiki bacu kongera kwigira ku mibereho y'uyu muntu waranzwe no gusenga no kwizera ndetse no gushyira mu gaciro; umuntu watinyutse gusaba inshuti ye, umwimi Aritazerusi, akamusaba ubufasha bwo guteza imbere umurimo w'Imana. Nimutyo twese dusobanukirwe ko igihe tumenyeshye abandi ibikenewe mu murimo w'Imana, abizera bashobora kujyana uwo mucyo bakawugeza ku bandi, nk'uko Nehemiya wo mu gihe cya kera yabigenje, akegera Imana, akabaho imibereho yo kugirana umushyikirano wa bugufi na Soko y'umucyo wose. Niba dushakira ko abandi bava mu binyoma bakagenda mu kuri, ubugingo bwacu bukwiriye gushyira imizi mu kumenya ukuri. Dukwiriye gushakashaka mu Byanditswe dushyizeho umwete, kugira ngo nitumara

¹ MS2, 1914. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko za Ellen White zanditswe n'intoki.]

kumenyerana n'abatizera, tubashe kwereza Kristo wasizwe, Kristo wabambwe, Umukiza wazutse, uwahamijwe n'abahanuzi, agatangwaho ubuhamya n'abizera, wa wundi ufite izina tuboneramo imbabazi z'ibyaha byacu.²

² MS 2, 1914. [Amagambo Yasonzoraniye mu nyandiko za Ellen White zanditswe n'intoki].

UMUGABANE WA 8

**IMPAMVU NYAKURI
ZITERA GUTANGA
GUKWIRIYE**

IMPAMVU Y'UKURI MU MURIMO WOSE

Mu gihe Kristo yari ku isi, Abafarisayo bakomeje kugerageza gukora kugira ngo bemerwe n'Ijuru, kugira ngo babone icyubahiro cy'isi n'ubutunzi, ibyo babonaga nk'aho ari ingororano zo gukiranuka. Muri icyo gihe kandi, bakoraga urutonde rw'ibikorwa byabo by'ubugiraneza bakabishyira imbere y'abantu kugira ngo bakurure ibitekerezo byabo, no kugira ngo babavuge neza ko ari abakiranutsi.

Yesu yacyashye uko kwiyerekana kwabo, ababwira ko Imana itemera imirimo nk'iyo; ababwira kandi ko gushyeshyengwa no gushimagizwa n'abantu, ari na byo baharaniraga cyane, ari byo bari gutahira nk'ibihembo byabo rukumbi.

Yaravuze ati: "Ahubwo wehoho nugira ubuntu, ukuboko kwawe kw'ibumoso kwe kumenya icyo ukw'iburyo gukora, ahubwo ugire ubuntu bwawe wiherereye. Nuko so ureba ibyihereye azakugororera." Matayo 6:3.

Yesu avuga ayo magambo, ntiyashatse kuvuga ko imirimo y'ubugiraneza ikwiriye guhora iteka ari ibanga. Intumwa Pawulo, igihe yandikaga ashorewe na Mwuka Muziranenge, ntabwo yahishe ubuntu no kwigomwa by'Abakristo b'i Makedoniya, ahubwo yavuze iby'ubuntu Kristo yashimangiye mu mitima yabo, bigatuma n'abandi bakorerwamo n'umwuka wari ubarimo. Na none yandikiye Itorero ry'Abakorinto ati: "... kandi ko guhirimbana kwanyu kwateye abenshi umwete." 2 Abakorinto 9:2b.

Amagambo ya Kristo arasobanura neza icyo yari ashatse kuvuga. Yashakaga kuvuga ko imirimo y'ubugiraneza idakwiriye gukorerwa gushaka ishimwe n'icyubahiro by'abantu. Kubaha Imana nyakuri nta na rimwe gukorera ikintu kwiyerekana. Abantu bifuzaga gushimagizwa no kubwirwa amagambo abashyeshya, nuko bagashaka guhazwa na yo nk'ibyokurya biryoshye, abo ni Abakristo ku izina gusa.

Binyuze mu mirimo yabo myiza, abayoboke ba Kristo ntibakwiriye kwishakira icyubahiro, ahubwo bakwiriye kugishakira nyiri ubuntu n'ubushobozi byakoreye muri bo. Imbaraga za Mwuka Muziranenge ni zo zibashisha umuntu wese gukora imirimo myiza, kandi Mwuka ntatangirwa guhesha icyubahiro umwakiriye, ahubwo atangirwa guhesha icyubahiro

Uwamutanze. Iyo umucyo wa Kristo uri kumurikira mu bugingo, akanwa kuzura gusingiza no gushima Imana. Amasengesho yanyu, gusohoza inshingano kwanyu, imirimo myiza mukora, ukwigomwa kwanyu, si byo bizaba insanganyamatsiko y'ibitekerezo cyangwa y'ibiganiro byanyu. Kristo ni we uzererezwa, inarijye ntizagaragara, kandi Kristo azagaragara ko ari We byose muri byose.

Dukwiriye gutanga tutaryarya, aho gutangira kugira ngo abantu babone imirimo myiza; ahubwo dukwiriye gutanga tubitewe n'impuhwe n'urukundo dufitiye imbabare. Kugira umugambi utarimo uburyarya n'ineza ivuye ku mutima, ni zo mpamvu ijuru riha agaciro. Umutima wuzuye urukundo ruzira uburyarya, ukaba urangwa n'ubwitange butizigamye, Imana iwuha agaciro cyane ikawurutisha izahabu nziza ya Ofiri.... Ntidukwiriye gukora dutekereza iby'ingororano, ahubwo dukwiriye gutekereza ku murimo.¹

IMPAMVU YO GUTANGA IRANDIKWA

Neretswe yuko marayika wandika imirimo, yandikana ubwitonzi buri turo duhaye Imana, hanyuma iyo nyandiko igashyirwa mu bubiko, ndetse akandika n'umusaruro wavuye ku ituro ryatanze muri ubwo buryo. Ijisho ry'Imana rihora rizirikana buri kuta ryose ryeguriwe gukora umurimo wayo, kandi rikareba n'ubushake bw'ubaritanzwe cyangwa se niba yaritanze agononwa. Impamvu yateye umuntu gutanga na yo irandikwa. Abantu bigomwa kandi bakaba bariyeguriye Imana, ndetse bakagarurira Imana ibyayo nk'uko ibibasaba, bazagororerwa hakurikijwe imirimo yabo.²

IMPAMVU SHINGIRO ZIKOMEYE KURENZA IMPUHWE

Umwijima wo mu byerekeye imico-mbonera uri mu isi yangiritse urarika abagabo n'abagore b'Abakristo ngo buri wese akoreshe imbaraga ze, kandi ngo batange ku butunzi bwabo ndetse no ku bundi bushobozi bafite, kugira ngo babashe gushushanywa mu ishusho y'uware ufite ubutunzi butagira akagero agahinduka umukene ku bwacu. Mwuka w'Imana ntashobora kugumana n'abantu yoherereje ubutumwa bw'ukuri kwayo, ariko bakaba badashobora kwiyumvamo ko bafite inshingano yo kuba abakozi bakorana na Kristo batabanje kubihwiturirwa. Intumwa Pawulo ashishikariza abantu gutanga babivanye ku mpamvu ikomeye kurenza impuhwe za kimuntu, kubera ko amarangamutima ahindagurika. Ashimangira ihame avuga ko dukwiriye gukorana kutikunda kandi tugakora tugamije ikintu kimwe rukumbi ari cyo "guhisha Imana icyubahiro."³

URUKUNDO NI IHAME SHINGIRO RY'IBIKORWA

Urukundo rugomba kuba ihame shingiro ry'ibikorwa byacu. Urukundo ni ryo hame shingiro ry'ubutegetsi bw'Imana mu ijuru no ku isi, kandi rugomba kuba urufatiro rw'imico y'umukristo. Urukundo rwonyine

1 Thoughts from the Mount of Blessing, pp. 120,121. [Abahirwa niba Nde?]

2 Testimonies for the Church, vol. 2, pp. 518,519. [Ibihamya by'Itorero].

3 Testimonies for the Church, vol. 3, p. 391. [Ibihamya by'Itorero].

rushobora kumukomeza kandi agahagarara ashikamye. Urukundo rwonyine rushobora kumushoboza gutsinda ibishuko n'ibigeragezo.

Kandi urukundo ruzagaragarizwa mu mirimo y'ubwitange. Inama y'agakiza yari ishingiyeye ku kwitanga: ni igitambo kinini cyane mu burebure bw'umurambararo, mu burebure bw'ikijyepfo no mu burebure bw'igihagararo ku buryo butarondoreka. Kristo yatanze byose ku bwacu, kandi abakira Kristo bazahora biteguye gutanga byose kubw'Umucunguzi wabo. Igitekerezo cyo kumuhesha ikuzo n'icyubahiro kiziganzura ikindi kintu icyo ari cyo cyose.

Niba dukunda Yesu, tuzajya dukunda kubaho mu buryo bumuhesha icyubahiro no kumutura amaturo y'ishimwe kandi tumukorere. Kumukorera bizatworohera. Tuzifuza kubabazwa ku bwe, gukora ndetse no kwitanga kubwe. Tuzafatanya na we guhangayikishwa n'agakiza k'abantu. Tuziyumvamo impuhwe zigamije gukiza imitima y'abantu nk'izo ziyumvagamwo.

Iyi ni yo dini ya Kristo. Ikindi kintu cyose kitageze kuri uru rwego kiba ari ukwishuka. Kwigisha ukuri mu magambo gusa cyangwa kuvuga ko uri umwigishwa we, ntabwo bishobora kuzakiza umuntu n'umwe. Ntabwo tubasha kuba aba Kristo, keretse twemeye kuba abe n'impagarike yacu yose. Kugira imibereho yo kuba abakristo by'igice ni byo bituma abenshi bagira intege nke mu migambi yabo, kandi bagahora bahindagurika mu byo bifuza. Gushaka gukorera inarijye kandi ugakorera na Kristo icyarimwe bituma umuntu ahinduka nka za mbuto zabibwe ku kara kandi ntazashobora kwihanganira ikigeregezo azasakirana na cyo.⁴

⁴ *Christ's Object Lessons, pp. 49,50. [Imigani ya Kristo.]*



GUTANGA AMATURO Y'UBUSHAKE

Ibyo dukora byose, dukwiriye kubikora tubikuye ku mutima w'ubushake. Dukwiriye kujya tuzana amaturo tunezerewe kandi dushima Imana, igihe tuyatura tukavuga tuti: «Kuko byose ari wose biturukaho kandi ibyawe akaba ari byo tuguhaye. » 1 Ngoma 29:14. Ibyo twatanga byiza kurusha ibindi, ni ubusabusa ubigereranyije n'impano Imana yahaye abari mu isi. Kristo ahora ari impano buri muni. Imana yamuhaye abari mu isi, kandi yakirana umunezero impano zishyikirizwa abantu bamukorera kugira ngo ziteze imbere umurimo wayo mu isi. Muri ubwo buryo, tuba twereka Imana ko twemera kandi tuzirikana yuko ibintu byose ari ibyayo mu buryo bwuzuye kandi budasubirwaho.¹

Ituro riturutse ku mutima wuje urukundo, Imana iraryishimira, ikariha agaciro gakomeye mu murimo wayo. Niba twareguriye Yesu imitima yacu, tuzamuzanira n'amaturo yacu. Izahabu n'ifeza byacu, ubutunzi bwacu bw'iby'iyi si duhozaho umutima, ibitekerezo byacu n'agaciro duha iby'umwuka, bizegurirwa nta nkomyi Uwo wadukunze, akatwitangira.²

SHIMA IMANA KANDI UTANGE AMATURO YO KWICUZA IBYAHA

Mujye muza imbere y'Uwiteka mufite imitima yuzuye ishimwe ry'ubuntu yabagiriye mu bihe byashize n'ubwo ibagirira muri iki gihe, kandi mugaragaze ko mwanyuzwe n'ibyo yabakoreye byose muyizanira amaturo y'ishimwe, amaturo y'ubushake, n'amaturo yo kwicuza ibyaha.³

GUTANGA ITURO UTISHIMYE NI UKUNEGURA IMANA

Imana yaremye abantu ngo bayibere abafatanyabikorwa n'abakorana na Yo mu murimo ukomeye wo guteza imbere ubwami bw'Imana ku isi nyamara bashobora gukora nk'uko umugaragu ukiranirwa yakoze, maze mu kugenza batyo, bakivutsa amahirwe ahebuje ayandi yose yigeze guhabwa abantu. Hashize imyaka ibihumbi Imana ikorera mu bikoresho bantu, ariko iramutse ibishatse, ishobora kwigiza ku ruhande abantu bikanyiza, abakunda amafaranga n'abararikira ubutunzi. Ntabwo

¹ MS 124, 1898. [Amagambo yasonzoranyijwe mu nyandiko za Ellen White zanditswe n'intoki].

² Uwifuzwa Ibihe Byose, p. 34.

³ Review and Herald, June 4, 1881. [Urwibutso n'Integuza].

yishingikiriye ku butunzi bwacu, ndetse nta nubwo yakomwa mu nkokora n'abantu. Ishobora gukora umurimo wayo ikawurangiza nubwo nta ruhare twaba twawugizemo. Ariko se ni nde muri twe wakwishimira ko Imana ibigenza ityo?

Byarushaho kuba byiza uretse kugira icyo utanga rwose aho gutanga ituro ryawe winuba; kubera ko iyo dutanze ku butunzi bwacu tudafite umutima w'ubushake, tuba tuneguye Imana. Nimutyo tuzirikane ko Uwo tuba dutura ari We dukeshya imigisha yose. Ni wa wundi ufite ubushobozi bwo kureba ibitekerezo biri mu mutima, na buri mugambi wose uhishwe mu bwenge bwacu.⁴

UTANGA ANEZEREWE IMANA IRAMWEMERA

Ariko ndavugaga nti: « Ubiba bike azasarura bike, naho ubiba byinshi azasarura byinshi. Umuntu wese atange nk'uko abigambiriye mu mutima we, atinuba kandi adahatwa, kuko Imana ikunda utanga anezerewe. » 2 Abakorinto 9: 6-7. Niba dukurikiza izi nama, dushobora kurarika Ijuru rikaza gusuzuma imikoreshereze y'umutungo wacu w'igihe gito. Dushobora kwiyumvamo gusa ko turi gutanga amaturo tuyakuye mu mpano Uwituka yaturagije.

Amaturo yacu yose dukwiriye kuyatura tunezerewe kubera ko tuba tuyakuye mu mafaranga Imana yashimye gushyira mu biganza byacu ngo tuyakoreshe mu mugambi wo kurangiza umurimo wayo ku isi yose, kugira ngo ibendera ry'ukuri rizingurwe ku mihanda migari no ku nzira ntoya zo ku isi. Iyaba abantu bose bavugaga ko bizera ukuri bagaruriraga Imana ibyayo binyuze mu gutanga icyacumi, impano ndetse n'amaturo, mu nzu y'Uwituka habonekamo ibyokurya. Ntabwo umurimo wo kugirira neza abantu wakomeza gushingira ku mpano umuntu atazi igihe zizazira, ndetse zigahindagurika bitewe n'ibyo abantu biyumvamo. Ibyo Imana idusaba gukora byajya byakiranwa ubwuzu, kandi umurimo wayo wakwemerwa nk'ukwiriye kwiharira umugabane runaka w'amafaranga Imana yashyize mu biganza byacu....

Mbese igisonga gikiranuka kizarushaho kugira ishyamba ringana iki ryo kongera umugabane w'impano gishyira mu bubiko bw'inzu y'Uwituka, aho kugira ngo kigabanyeho n'akantu gato? Mbese ni nde akorera? Mbese ni nde aba ategurira ituro? Ni wa wundi akesha ibyiza byose bimunezeza. Bityo rero, nimureke he kugira n'umwe wo muri twe ubeshejweho n'ubuntu bwa Kristo ukora ikintu cyatuma abamarayika bakorwa n'isoni ku bwacu, ndetse na Yesu agakorwa n'isoni zo kutwita bene se.

Mbese tuzakomeza gushyigikira umuco wo kutanyurwa, kukigaragariza mu gutanga ubusabusa mu murimo w'Imana? Oya rwose! Nimutyo twihe Imana nk'ibitambo bizima, kandi ibyacu byose tubihe Yesu. Ni ibye; natwe turi umutungo we yaguze igiciro. Abantu bose bakiriye ubuntu bwe, bakaba bitegereza umusaraba w' i Kaluvari, ntibazirirwa babaza urugero

⁴ Review and Herald, May 15, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

rw'ibyo bagomba gutanga, ahubwo bazajya bumva ko n'ituro riruta ayandi yose na ryo ari rito cyane, kuko byose nta na kimwe cyanganya agaciro n'impano ikomeye y'Umwana w'ikinege w'Imana ihoraho. Binyuze mu nzira yo kwigomwa, umukene hanyuma y'abandi bose azabona uburyo bwo kuronka ikintu yabasha kugarurira Imana.⁵

⁵ Review and Herald, July 14, 1896. [Urwibutso n'Integuza].

UBURYO BWO KURARIKA BUHURIWEHO NA BENSHI

Muri iki gihe cyacu tubona amatorero ashyigikira ibirori, inda nini no gupfusha ubusa amafaranga binyuze mu bikorwa byo guhurira hamwe bagasangira ku mugoroba, gutegura amarushanwa, imbyino n'ibindi birori bitegurwa hagamijwe gukusanya amafaranga yo gushyira mu isanduku y'Itorero. Ubu ni uburyo bw'imikorere bwahimbwe n'imitima ya kamere ishaka kugera ku mutungo hatabayeho kwitanga.

Urugero nk'urwo rugira icyo rukora ku mitekerereze y'urubyiruko. Babona ko za tombora, amarushanwa n'imikino ari ibintu byemewe n'Itorero, kandi bagatekereza ko ubu buryo bwo kubonamo amafaranga ari bwiza cyane. Urubyiruko rugoswe n'ibishuko. Binjira mu mazu y'imikino no mu byumba bakiniramo urusimbi bajyanywe no kureba imikino. Babonye amafaranga umuntu atomboye. Ibi bisa n'ibibatwara umutima. Bibagaragarira nk'aho ari inzira yoroshye yo kubonamo amafaranga utagombye gukora umurimo ukuruhije kandi usaba kwihangana no gukoresha neza umutungo wawe. Urubyiruko rutekereza ko ibyo bintu nta cyo bitwaye, kubera ko imikino nk'iyo ikoreshwa n'Itorero kugira ngo ribone amafaranga yo kurifasha. None se niba bimeze bityo, ni iyihe mpamvu yababuza gukoresha uburyo nk'ubu kugira ngo bifashe na bo?

Uwo musore aba afite amafaranga make ashobora gutinyuka gushora muri iyo mikino, atekereza ko yamwungukira inyungu runaka. Yakunguka cyangwa yahomba, aba ari mu nzira imumanura mu irimbukiro. Nyamara, urugero Itorero ryamuhaye ni rwo rwamuyoboye mu nzira y'ikinyoma.

AMATURO AREMAYE KANDI ARWAYE

Nimureke twitandukanye n'uko kwangirika kw'amatorero, ibyo birori n'amarushanwa bifite imbaraga y'urucantege ku rubyiruko ndetse n'abakuze. Ntabwo dufite uburenganzira bwo gufubikisha ibintu nk'ibyo umwitero wo gukiranuka bitewe n'uko ari uburyo bukoreshwa ngo intego z'Itorero zigerweho. Ariko bene ayo maturo araremaye kandi ararwaye, ndetse ariho umuvumo w'Imana. Ayo maturo aba ari ikiguzi cy'ubugingo bw'abantu. Ubuyobozi bushobora gushyigikira ibyo birori, imbyino, za tombora, amarushanwa n'indi minsi mikuru yo kwishimisha kugira ngo

haboneke amafaranga yo gusohoza intego z'itorero; ariko rero, ntudukwiriye kugira na kimwe muri ibyo bintu twitabira; kuko nituramuka tubigiyemo, Imana ntizatwishimira. Ntabwo tugamije gukangurira abantu kwiroha mu irari ry'ibyo kurya no kunywa cyangwa gukoresha uburyo bwo gushimisha kamere bagamije gukangurira abavuga ko ari abayoboke ba Kristo gutanga ku butunzi Imana yababikije. Nibadatangana umutima w'ubushake bitewe n'uko bakunda Kristo, iryo turo ntirizigera ryemerwa n'Imana.

IMICO MBONERA YANGIRITSE

Urupfu ruriyoberanya, rukambara umwambaro w'ijuru, maze rugaca igico mu nzira urubyiruko runyuramo. icyaha cyambikwa umwambaro wo kwera kw'idini. Ubu buryo butandukanye bwo gushimisha abantu buboneka mu matorero yo muri iki gihe cyacu bwangije ibihumbi byinshi by'abantu bashoboraga gukomeza gukiranuka kandi bakaba abayoboke ba Kristo iyo ubwo buryo butaza gukoreshwa. Ibyonona imico mbonera byateguwe binyuze mu birori n'imikino y'amatorero agezweho, kandi ibindi bihumbi byinshi by'abantu bizarimburwa na byo; nyamara abantu ntibazamenya akaga kabiri inyuma cyangwa ngo bamenye imbaraga kirimuzi ibyihishemo. Abasore n'inkumi benshi bamaze kuzimiza ubugingo bwabo bitewe n'imbaraga ziri muri ibyo bintu zonona intekerezo zabo.¹

GUTANGA KUGIRA NGO USHIMISHE KAMERE

Mu materaniro y'abiyita Abakristo, Satani atwikiriza umwambaro w'idini imyidagaduro iyobya no kwishimisha kuzuye urusaku kandi kwanduye kugira ngo bigaragare nk'ibintu byera, kandi ibitekerezo bya benshi bijya mu mutuzo kubera ko ibyo bituma amafaranga yo kwishyura ibikorwa by'itorero aboneka. Abantu banga gutanga kubw'urukundo bakunda Imana; nyamara bagatanga kubera ko bakunze imyidagaduro no kwirundurira mu kurya no kunywa no gushimisha kamere yabo, bazajyana n'amafaranga yabo.

Mbese ni uko nta mbaraga ziri mu nyigisho za Kristo zerekeye ubugiraneza no mu rugero yatanze, ndetse no mu buntu Imana igirira umutima ngo bitere abantu gushima Imana bakoresheje ubutunzi bwabo, ku buryo inzira nk'iriya yakoresheya kugira ngo haboneke ibyo gushyigikira Itorero? Igikomere cyo mu buryo bugaragara, no mu buryo bw'ibitekerezo ndetse no mu mico mbonera giterwa n'ibi bintu byo kwishimisha, ntabwo ari gito. Kandi umunsi wo guhabwa ingororano ni wo uzerekana ubugingo bw'abantu bwazimiye bitewe n'ibyo bintu byo kwinezeza n'ubugoryi.

Ni ikintu kibi cyane gutekereza ko ibintu byera kandi by'iteka bidafite imbaraga zo gukingura imitima y'abantu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo kugira ngo babashe gutangana umutima ukunze ituro ryo gushyigikira umurimo w'ubutumwa bwiza, nk'uko ibirori n'ibiganiro byo gushimisha abantu bibasha kubireherezaho. Ni ikintu kibabaje cyane kubona ibi bintu

¹ Review and Herald, Oct. 21, 1878. [Urwibutso n'Integuza].

byo gushukashuka abantu bikomeza kugwiza imbaraga, mu gihe ibintu byejejwe kandi bizahoraho iteka bigira intege nke, ntibibashe guhindura imitima ngo yitabire gukora imirimo y'ubugiraneza.

MOSE NTIYIGEZE ASHYIRAHO IMIKINO YA TOMBORA

Gahunda Mose yakoresheye mu butayu kugira ngo haboneke umutungo wo gukoresha umurimo yageze ku ntego mu buryo buhanitse. Abantu ntibigeze bahatirwa gutanga. Mose ntiyateguye ibirori bikomeye. Ntiyatumiye abantu ngo bidagadure, babyine cyangwa ngo bakore imikino yo kwinezeza. Yewe, nta n'ubwo yashyizeho gahunda yo gukoresha za tombora cyangwa indi mikino yo muri uru rwego rugayitse, ngo abashe kubona amikoro yo kubaka ubuturo bw'Uwiteka mu butayu. Imana yategetse Mose kurarikira abana b'Isirayeli kuzana amaturo. Mose yagombaga kwakira ituro rya buri muntu wese utanganye umutima w'ubushake. Ayo maturo batanganye umutima w'ubushake yabaye menshi kugeza ubwo Mose ababwiye ngo arahagije. Bagombaga kurekeraho kuzana impano zabo kuko bari bamaze gutanga byinshi, ndetse birenze ibyo bashoboraga gukoresha.

Ibishuko bya Satani byageze ku ntego yabyo ku bavuga ko ari abayoboke ba Kristo ku bijyanye no gukunda ibinezeza n'irari ry'ibyo kurya no kunywa. Satani azambara nka marayika w'umucyo, maze ajye asubira mu mirongo yo mu Byanditswe byera kugira ngo ayishyigikize ibishuko ashyira imbere y'abantu, maze birohe mu irari ry'ibyokurya n'ibyo kunywa, hamwe n'ibinezeza by'isi bihuje n'umutima wa kamere. Abantu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo bagira intege nke mu by'imico mbonera, maze bagakururwa n'ibihendo Satani ashyira imbere yabo, bityo akabatsinda.

Mbese Imana ibona ite ayo matorero abeshwaho n'umutungo washatswe muri ubwo buryo? Kristo ntiyemera bene ayo maturo kuko baba bayatanze batabikuye ku mutima w'urukundo n'ubwitange, ahubwo biba bivuye mu gusenga ikigirwamana cya kamere. Nyamara ibyo abantu badakora kubw'urukundo bakunda Kristo, bazabikora babitewe no gukunda ibinezeza, guhaza irari ry'ibyokurya no kunywa, ndetse no gukunda ibinezeza by'isi bishimisha umutima wa kamere.²

KONGERA GUKORA ICYAHA CYA NADABU NA ABIHU

Abavuga ko ari abakristo banga gukurikiza gahunda y'Imana yo gushaka umutungo wo gukora umurimo wayo; kandi se ni ubuhe buryo bakoresha ngo babone amafaranga baba badafite? Imana iba ireba ubugome bwihishe mu buryo bahitamo gukoresha. Ahantu ho gusengera Imana handuzwa n'uburyo bwose bwo gukoresha amafaranga baramya ibigirwamana, ku buryo amafaranga make ashobora gutangwa n'abantu bakunda ibinezeza bya kamere, maze agakoreshwa mu kwishyura imyenda itorerero rifite cyangwa gushyigikira imirimo y'itorero. Abenshi muri bo ntibashobora gutanga nibura ifaranga rimwe babyihitiyemo kugira ngo risohoze umurimo runaka w'itorero.

² Review and Herald, Oct. 13, 1874. [Urwibutso n'Integuza].

Mbese ni hehe Imana yatanze gahunda yo gushyigikira umurimo wayo, maze ugasanga havugwamo iby'imurikagurisha, ibitaramo, amarushanwa n'indi mikino isa n'iyoye? None se umurimo w'Imana ukwiriye gushingira ku bintu nk'ibyo Yo ubwayo yabuzaniye mu Ijambo ryayo?—ibintu bivana ibitekerezo by'abantu ku Mana, bakareka kwirinda, kubaha Imana no kwera?

None se ni izihe ngaruka iyo mikorere igira mu bitekerezo by'abatari abizera? Urugero rwo kwera kw'Ijambo ry'Imana ruramanurwa rugashyirwa hasi mu mukungugu. Bituma Imana isuzugurwa ndetse n'izina ry'ubukristo rigasuzugurwa. Amahame yangiritse kurusha ayandi yose ahabwa imbaraga n'ubu buryo bwo gushaka amafaranga butemewe n'Ibyanditswe. Kandi iki ni cyo Satani yifuzaga ko gikorwa. Abantu barimo gusubira mu cyaha cyakozwe na Nadabu na Abihu. Barakoresha umuriro usanzwe mu murimo w'Imana aho gukoresha umuriro wera. Ntabwo Imana yemera amaturo nk'ayo.

Ubwo buryo bwose bukoreshwa mu kuzana amafaranga mu bubiko bw'Imana ni ikizira kuri Yo. Ishyamba ripfuye ni ryo rituma bahimba bene ubwo buryo. Mbega ubuhumyi no gutwarwa kutarimo ubwenge biboneka muri benshi bavuga ko ari Abakristo! Abizera b'Itorero barakora nk'abaturage bo mu isi yo mu minsi ya Nowa, aho kwibwira kose imitima yabo itekereza kwari kubi iteka ryose. Abantu bose bubaha Imana bazajya banga urunuka imigirire nk'iyoye igaragaza nabi idini ya Yesu Kristo.³

GUTANGA KUDASHINZE IMIZI MU IHAME

Umugabura ashobora kuba inshuti magara y'umuntu w'umukire, kandi ashobora kuba yagira impano amuha; maze ibyo bigashimisha uwo mugabura ku buryo na we ategura uburyo bwo gushimira uwatanze impano. Izina ry'wo mutunzi wagize ibyo atanga rishobora gushyirwa hejuru rigasohoka mu nyandiko; nyamara uwo muntu mu mpagarike ye yose ashobora kuba atari akwiriye guhabwa iryo shimwe.

Gutanga kwe ntikwavuye ku ihame ryimbitse kandi rizima ryo gukora icyiza akoresheje umutungo we, cyangwa guteza imbere umurimo w'Imana kuko awukunda, ahubwo byaturutse ku mpamvu zo kwikunda, ari cyo cyifuzo cyo kugira ngo atekerezwe ko ari umunyabuntu. Ashobora kuba yaratanze abihatiwe, kandi gutanga kwe kukaba kudashinze imizi mu ihame. Ashobora kuba yarabitewe no guteza amatwi, maze kugatuma agahago ke k'amafaranga gafunguka, nyamara ubuntu bwe bukaba butari bufite impamvu shingiro yimbitse. Atanga mu buryo bumeze nko kwikanga kw'imitsi; n'agahago ke k'amafaranga kakifunga mu buryo nk'ubwo. Ntakwiriye kubishimirwa, kubera ko mu buryo bwose ari umunyabugugu; kandi nadahinduka rwose, we n'agahago ke k'amafaranga n'ibyo atunze byose, azumva aya magambo yo kwamaganwa agira ati: "Ngaho yemwe mwa batunzi mwe, nimurizwe muborozwe n'ibyago mugiyeye kuzabona. Ubutunzi bwanyu buraboze, n'imyenda yanyu iriwe n'inyenzi. Izahabu zanyu n'ifeza zanyu ziriwe n'ingese..." Yakobo 5:1-2.

³ Review and Herald, Dec. 6, 1874. [Urwibutso n'Integuza].

Abo bazakanguka ku iherezo bave mu kwishuka guteye ubwoba. Abashimagizaga gutanga kwabo guhubukiyeho mu kanya gato, bafashaga Satani kubashuka, no kubatera gutekereza ko ari abanyabuntu cyane, ndetse bitanga cyane, mu gihe bo ubwabo bazi neza ko amahame shingiro ya mbere yo gutanga no kwigomwa batayazi. ⁴...

⁴ Testimonies for the Church, vol. 1, pp.475,476. [Ibihamya by'Itorero]

UMUGABANE WA 9

**GUKURIKIRANA
UBUTUNZI Bw'Isi**

AKAGA GATERWA N'IRARI RY'UBUTUNZI

Abantu benshi bo mu bwoko bw'Imana ntibagitekereza neza bitewe n'umwuka w'ab'isi kandi barimo guhakana kwizera kwabo binyuze mu mirimo bakora. Barimo konsa umwuka wo gukunda amafaranga, amazu n'amasambu kugeza ubwo urwo rukundo rumira burundu imbaraga z'ubwenge n'impagarike yose, maze rugakumira urukundo yagombaga gukunda Umuremyi n'ubugingo bw'abantu Kristo yapfiriye. Imana y'iyi si yabahumye amaso, inyungu z'iteka ryose ziza ku mwanya wa kabiri; kandi ubwonko bwabo, amagufwa n'imisokoro yose bikoreshwa ubutitsa kugira ngo bongere ubutunzi bwabo bw'iby'isi. Kandi uku kwirundanyaho imiruhu n'imitwari bikorwa binyuranye mu buryo butaziguye n'itegeko rya Kristo rivuga riti: «Ntimukibikire ubutunzi mu isi, aho inyenzi n'ingese ziburya, kandi abajura bacukura bakabwiba,» (Matayo 6:19).

Bibagirwa yuko yongeye kuvuga ati: «Mwibikire ubutunzi mu ijuru,» kugira ngo nibabikora batyo, bazabe bakora ibizabazanira inyungu zabo z'iteka. Ubutunzi bubitswe mu ijuru buba bufite umutekano wuzuye; nta mujura ushobora kubwegera, kandi nta n'inyenzi ishobora kubwangiza. Ariko ubutunzi bwabo buri ku isi, kandi urukundo rwabo ruri ku butunzi bwabo.

KUNESHA KWA KRISTO

Mu butayu, Kristo yahuye n'ibigeragezo bikomeye cyane byashoboraga kugera ku muntu. Aho ngaho, ubwo yari wenyine, yahuye n'umwanzi gica w'umushukanyi kandi aramutsinda. Ikigeragezo cya mbere cyari cyerekeye ku ipfa ry'ibyokurya; ikigeragezo cya kabiri cyari kijyanye no kwiyiringira, naho ku cya gatatu cyari kijyanye no gukunda iby'isi. Intebe z'ubwami n'ubwami bwo mu isi, ndetse n'icyubahiro cyabwo, byose byahawe Kristo. Satani yazanye icyubahiro cyo mu isi, azana ubutunzi n'ibinezeza byo muri ubu buzima, maze abyerekana bifite umucyo ufite ubushobozi bwo kwireherezaho umuntu no kumushuka. Maze abwira Kristo ati: "Ibi byose ndabiguha nupfukama ukandamya." Ariko Yesu yamukubise inshuro, atahukana insinzi.

Ntabwo umuntu azigera ahura n'ibishuko bikomeye nk'ibyo Kristo yahanganye na byo; nyamara Satani afite uburyo burushaho kumufasha kwegera abantu kandi agatsinda. Arababwira ati: "Aya mafaranga yose, izi nyungu zose, iyi sambu yose, ubu bubasha bwose, iki cyubahiro n'ubu butunzi, byose nzabiguha—nuramuka ukoze iki? icyo umuntu asabwa gukora inshuro nyinshi kivugwa mu magambo amwe n'ayo yakoresheje abwira Kristo": "Nupfukama ukandanya". Ashimishwa no gusaba abantu kureka ubudahemuka bwabo kandi bagacecekesha umutimanama. Iyo umuntu yemeye kwiyegurira inyungu z'iby'isi, abona icyubahiro cyose yashakaga. Urugi ruhora rumukinguriwe kugira ngo yinjire uko yishakiye, yinjirane urutonde rubi rwo kutihangana, kwikunda, ubwirasi, gukunda amafaranga n'ubupfura buke. Umuntu arariganywa kandi akayobywa kugeza ubwo ageze mu irimbukiro.

Urugero Kristo yaduhaye ruri imbere yacu. Yatsinze Satani, atwereka ko natwe dushobora kumutsinda. Kristo yatsinze Satani akoresheje Ibyanditswe. Yashoboraga gukoresha ububasha bwe mvajuru kandi akajya akoresha amagambo ye bwite; ariko yaravuze ati: "Byanditswe ngo: Umuntu ntatungwa n'umutsima gusa, ahubwo atungwa n'amagambo yose ava mu kanwa k'Imana." Matayo 4:4. Iyaba Umukristo yigaga Ibyanditswe Byera kandi akabikurikiza, yakongerwa imbaraga zo guhangana n'umwanzi w'umushukanyi; nyamara abantu bakerensa Ijambo ry'Imana, maze akaga no gutsindwa bigakurikiraho.

UMUSORE W'UMUTUNZI AKABA N'UMWIGISHAMATEGEKO

Umusore yasanze Kristo, maze aramubaza ati: "Mwigisha Mwiza, nkora nte kugira ngo mbone kuragwa ubugingo buhoraho?" (Mariko 10:17). Yasu yamusabye kwitondera amategeko. Umusore aramusubiza ati: "Mwigisha, ayo yose narayitondeye, mpereye mu buto bwanjye." None nshigaje iki? Yesu yitegereza uwo musore aramukunda, maze amwereka adaciye iruhande aho yari afite intege nke mu gukomeza amategeko y'Imana. Ntiyigeze akunda mugenzi we nk'uko yikunda. Urukundo yakundaga ubutunzi rurimo kwikanyiza, kandi iyo nenge yari kumuvutsa ubwami bw'ijuru aramutse atayihanyye. [Yesu yaramubwiye ati]: "Genda ibyo ufite byose ubigire impiya maze uzifashishe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uhereko uze unkurikire." Mariko 10: 21.

Kristo yashakaga ko uwo musore asobanukirwa neza ko nta kindi amusaba uretse gukurikiza urugero we ubwe nk'Umwami w'ijuru yatanze. Yasize ubutunzi n'icyubahiro, ahinduka umukene kugira ngo ku bw'ubukene bwe, umuntu ahinduke umutunzi; kandi kubera ubu butunzi, adusaba kuzibukira ubutunzi bw'isi, icyubahiro n'ibinezeza byayo. Azi ko igihe urukundo rw'abantu ruri ku by'isi, batandukanywa n'Imana; ni cyo cyatumye abwira uwo musore ati: Genda ibyo ufite byose ubigire impiya maze uzifashishe abakene, ni bwo uzagira ubutunzi mu ijuru, uhereko uze unkurikire." Mbese yakiriye ate ayo magambo ya Kristo? Mbese yanejejwe n'uko yashoboraga kuronka ubutunzi bwo mu ijuru? Oya rwose!: "Yagiye

afite agahinda kuko yari afite ubutunzi bwinshi." Kuri we ubutunzi bwari icyubahiro n'ubushobozi; kandi ubwinshi bw'ubutunzi yari afite bwatumye gukora icyo Kristo amusabye bisa n'ibidashoboka.

Uyu musore wakundaga iby'isi yifuje kujya mu ijuru; nyamara yashakaga kugumana ubutunzi bwe, maze areka ubugingo buhoraho kubera urukundo yakundaga amafaranga n'ubushobozi. Mbega ingurane ikojeje isoni! Nyamara abantu benshi bavuga ko bitondera amategeko y'Imana yose bari gukora ikintu nk'iki.

Aha ni ho akaga gaterwa n'ubutunzi kari ku muntu ukunda amafaranga; uko arushaho kugwiza ubutunzi ni ko kuba umunyabuntu birushaho kumukomerera; kugabanya ubutunzi bwe ni nko kumutwara ubuzima bwe; kandi atera umugongo urukundo yakundaga ingororano y'iteka kugira ngo agumane ubutunzi bwe bwa hano ku isi kandi abugwize. Iyo aza kuba yarakomeje amategeko y'Imana, ubutunzi bwe ntibwari kuba bwinshi cyane. Ni buryo ki yari gukunda Imana n'umutima we wose, n'ubwenge bwe bwose, n'imbaraga ze zose kandi agakunda mugenzi we nk'uko yikunda, mu gihe ahirimbanira kwimakaza inarijye mu bugingo bwe? Iyo aza kuba yarahaye abakene akabakemurira ibibazo, yari kurushaho kugira umunezero kandi akagira ubutunzi bwinshi mu ijuru, ndetse ubwo mu isi yahozagaho umutima bukaba bukeya....

IMANA IZATUBAZA IBYO TWAKOZE

Pawulo yaravuze ati: "Abagiriki n'abapagani mbafitiye umwenda; ndetse n'abanyabwenge kimwe n'abaswa." Imana yahishuriye Pawulo ukuri kwayo, kandi mu kubigenza ityo, yari imuhinduye ufiteye umwenda abari bakiri mu mwijima ngo abamurikire. Nyamara benshi ntibabona ko hari ibyo bagomba kumurikira Imana. Bari gukoresha impano z'Uwiteka; bafite ubushobozi bw'ibitekerezo, ubwo bashobora gukoresha bikabahindura abakozi bakorana na Kristo n'abamarayika be. Ubugingo bwa benshi bushobora gukizwa baramutse bakoresheje imbaraga bafite, bakamurika nk'inyenyeri mu ikamba ry'ibyishimo byabo. Nyamara ibi ntibabyitayeho. Satani akoresheje ibireshya abantu byo mu isi, yagerageje kubabohesha iminyururu kandi amugaza imbaraga zabo z'ibitekerezo, kandi yageze ku ntego ye ku rugero rurenze urwo yari yiteze.

EJO HAZAZA HATEYE AMAKENGA

Ni buryo ki agaciro k'amazu n'amasambu kagereranywa n'agaciro k'ubugingo bw'abantu Kristo yapfiriye? Bene Data na bashiki banjye nkunda, muramutse mwemeye kuba ibikoresho by'Imana, ubwo bugingo bw'abo bantu bushobora gukizanywa n'ubwanyu, mukajyana mu bwami bw'ubwiza; ariko ntimushobora kuzajyanayo umugabane w'ubutunzi bwanyu bwo ku isi nubwo waba ari muto cyane. Nimugwize ibyo mushoboye byose, mubicunge mutabivanaho ijisho uko mushoboye kose; nyamara itegeko rishyiraho iherezo rishobora gutangwa n'Uwiteka, maze mu masaha make umurimo udashobora kuzimya n'ubuhanga bw'umuntu

uwo ari we wese ugakongora ibyo mwarundanije mu gihe cy'ubuzima bwawe bwose, hagasigara ikirundo cy'umusaka. Impano zanyu n'imbaraga zanyu mushobora kuzegurira mu bikorwa byo kurundanya ubutunzi hano ku isi; ariko se buzabamarira iki igihe ubugingo bwanyu buzaba bugeze ku iherezo cyangwa igihe Kristo azaba atungutse ku bicu? Uko washyizwe hejuru bitewe n'icyubahiro n'ubutunzi byo ku isi maze ukirengagiza imibereho y'iby'umwuka, ni ko uzamanuka hasi ugatakaza agaciro mu mico mbonera imbere y'urukiko rw'umucamanza ukomeye wo mu ijuru. "Kandi umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe?" *Mariko 8:36.*

Umujinya w'Imana uzasukwa ku bantu bakoreye ikigirwamana cy'amafaranga aho gukorera Umuremyi wabo. Ariko abantu baberaho guhesha Imana n'ijuru icyubahiro, bakereka abandi inzira bacamo ngo babone ubugingo, bazabona ko inzira y'umukiranutsi ari nk'umuseke utambitse, ukomeza kurasa ukageza ku manywa y'itangaza. Kandi bazumva hasubirwamo aya magambo yo kubakira ngo "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka,... injira mu munezero wa Shobuja." *Matayo 25: 21.* Ibyishimo bya Kristo byari ibyo kubona ubugingo bw'abantu bukirizwa mu bwami bw'icyubahiro; kandi kubw'ibyo byishimo, "yihanganiye umusaraba, ntiyita ku isoni zawo." Ariko bidatinze, "azabona ibiturutse mu bise by'ubugingo, bimushimishe, bimuhaze." *Yesaya 53: 11.* Mbega ukuntu abafatanije na We umurimo bazishima igihe bazaba bemerewe gusangira na We umunezero!¹

IMBARAGA ZA SATANI ZIGARURIRA IBITEKEREZO

Umugambi wa Satani ni ukwambika isi ubwiza butuma yireherezaho abantu. Afite imbaraga zibasha kwigarurira ibitekerezo, ku buryo n'abantu bavuga ko ari abayoboke ba Kristo ashobora kwigarurira urukundo rwabo. Hari benshi mu biyita Abakristo bazitambaho igitambo kugira ngo baronke ubutunzi, kandi uko bazarushaho guhirwa no kubona icyo bifuzaga, ni ko bazarushaho kutita ku kuri guhebuje ndetse ntibite no kukugeza ku bari mu isi. Urukundo bakundaga Imana ruzacwekera, maze basigare bakora nk'abantu bataye umutwe. Uko bazajya barushaho gukungahara mu by'isi, ni na ko bazarushaho gutanga bike mu umurimo w'Imana.

Imirimo ikorwa n'abantu bashajijwe n'urukundo bakunda ubutunzi, yerekana neza ko gukorera abami babiri bidashoboka—gukorera Imana n'amafaranga. Bereka ab'isi ko amafaranga ari imana yabo. Baha icyubahiro imbaraga z'amafaranga, kandi ibyo bashaka n'imigambi yabo yose bikaba ari ugukorera isi. Urukundo bakunda amafaranga ruhinduka imbaraga zibayobora, maze bakica amategeko y'Imana kugira ngo babashe kuyashyikira. Bashobora kuvuga ko ari abayoboke b'idini ya Kristo, ariko ntibakunde amahame rigenderaho, cyangwa ngo bumvire ibyo ribabuza gukora. Imbaraga zabo nyinshi bazegurira gukorera iby'isi kandi bagapfukamira mamoni.

¹ Review and Herald, June 23, 1885. [*Urwibutso n'Integuza*].

Biteye ubwoba kubona abantu benshi bashukwa na Satani. Akangurira ibitekerezo kureba inyungu zitangaje bazagira mu by'isi, maze abantu bagatwarwa, ndetse bagatekerezo ko ibyo bategereje kuzageraho bizabazanira umunezero wuzuye. Bareshywa n'uko bumva bazabona icyubahiro, ubukungu n'imyanya myiza. Satani abwira umutima ati: "Ibi byose nzabiguha, ubu bushobozi bwose, n'ubu butunzi, kandi ushobora kubikoresha ukagirira neza bagenzi bawe"; nyamara iyo bamaze kugera ku cyo bahirimbaniraga, bisanga ari nta sano bagifitanye n'Umucunguzi wabo warangwaga n'imibereho yo kwigomwa; ntabwo basangiye na We kamere y'ubumana. Bagundira ubutunzi bw'isi, maze bagasuzugura amahame yo kwigomwa, kwitangira abandi no kwicisha bugufi nk'uko tubisabwa n'ukuri kw'Ijambo ry'Imana. Ntibifuza gutandukana n'ubutunzi bw'isi bakunda cyane kuko ari bwo imitima yabo irangamiye. Bahinduranyije ba shebuja, maze bemera gukorera mamoni, aho gukomeza gukorera Kristo. Satani yamaze kwegukana kuramya kw'abemeye gushukwa na we binyuze mu rukundo bakunda iby'isi.

Bikunze kugaragara ko guhinduka ukareka kubaha Imana ukayoboka iby'isi, biza gahoro gahoro mu buryo utarabukwa bitewe n'ibishuko by'umwanzi; ku buryo umuntu washutswe atabasha gutahura ko yaretse kugendana na Kristo, maze agasigara ari umugaragu wa Kristo ku izina gusa.²

KUREKA UKWITANGA KWARANZE ABATANGIYE UMURIMO

Higeze kubaho igihe ubwo abantu bake gusa ari bo bategeraga amatwi ukuri bakakwakira; kandi nta butunzi bwinshi mu by'iyi si bari bafite. Hanyuma byaje kuba ngombwa ko bamwe muri bo bagurisha amazu yabo n'amasambu yabo, bemera kugura ibihendutse, maze amafaranga bakuyemo bayaguriza Imana ku bushake bwabo, kugira ngo ukuri kwigishwe, kugira ngo mu yandi magambo, bateze imbere umurimo w'Imana. Aba bantu bitanze batyo, hari ibyo bigomwe; nyamara nibihangana bakageza imperuka, bazahabwa ingororano zikomeye.

Imana yagiye igenderera imitima y'abantu benshi. Ukuri bake batanzeho byinshi cyane, kwaratsinze, maze abantu benshi barakwakira. Ku bwo kugiraneza kw'Imana, abantu bafite ubutunzi bakiriye ukuri, ku buryo uko umurimo ugenda ukura, ni na ko haboneka amikoro yo gukora ibikenewe. Muri iki gihe, Imana ntihamagarira abantu kugurisha amazu bagikeneye guturamo; ariko abafite ubutunzi bwinshi nibatumva ijwi ryayo, ngo bemere kwitandukanya n'iby'isi, maze ngo bitangire umurimo w'Imana, Imana izabahitaho, maze ihamagare abafite umutima w'ubushake wo kugira icyo bakorera Yesu; nubwo byaba bibasaba kugurisha amazu yabo kugira ngo bakemure ibibazo biri mu murimo w'Imana. Abantu bazatura Imana amaturo y'ubushake. Abatura Imana amaturo, bakwiriye kumva ko ari amahirwe bafite yo gukora umurimo nk'uwo.³

² Review and Herald, Sept. 23, 1890. [Urwibutso n'Integuza].

³ Review and Herald, Sept. 16, 1884. [Urwibutso n'Integuza].

Ubwoko bw'Imana buriho burageragerezwa imbere y'abatuye ijuru; ariko ubuke bw'impano zabo n'amaturu yabo, n'intege nke ziri mu buryo bakoramo umurimo w'Imana, bigaragaza ko ari ibisonga bibi. Iyaba bike basohoza uyu muni ari byo bari bashoboye gusa, nta rubanza ruba rubariho; nyamara ukurikije ubutunzi bafite, bakagombye gutanga ibirenze ibyo batanga. Barabizi ubwabo, ndetse n'ab'isi barabizi ko, ku rwego rukomeye, batagifite umwuka wo kwigomwa no kwikorera umusaraba.⁴

BURI MUNTU WESE ARAGERAGEZWA

Ari Matayo wari umukire, ari na Andereya ndetse na Petero bari abakene, bose bageragereshejwe igipimo kimwe kandi bose bitanze mu buryo bumwe. Igihe ibintu byarimo bigenda neza, igihe inshundura zari zuzuyemo amafi ndetse n'imbaraga zo mu busaza aribwo zikomeye cyane, nicyo gihe Yesu yasabye abo bigisha bari ku nyanja gusiga byose kubw'umurimo wo kwigisha ubutumwa bwiza. Uko ni ko buri muntu wese ageragezwa kugira ngo bigaragare niba icyo yifuza cyane ari ibyiza bimara igihe gitoya cyangwa kugirana umushyikirano na Kristo.

Buri gihe amahame aba afite ibyo asaba ngo byubahirizwe. Nta muntu n'umwe ubasha kugira icyo ageraho mu murimo w'Imana keretse abaye yarawirundumuriyemo n'umutima wose kandi akaba abona ko ibintu byose ari ubusa ubigereranyije n'ubwenge buhebuje bwo kumenya Kristo. Nta muntu n'umwe witanga yizigamye mu buryo ubwo aribwo bwose ushobora kuba umwigishwa wa Kristo, ahubwo arushaho kugenda adohoka gukorana na we. Iyo abantu bishimiye agakiza gakomeye, kwitanga kwagaragariraga mu mibereho ya Kristo kuboneka no mu mibereho yabo. Banezewa no kumukurikira aho abayoboye hose.⁵

⁴ Testimonies for the Church, vol. 7, pp. 445, 446. [Ibihamya by'itorero].

⁵ Uwifuzwa Ibihe Byose, pp. 178.179

KUGERAGEZA GUKORERA IMANA NA MAMONI

Hari akaga ko kubura byose bitewe no gukurikira inyungu z'iby'isi; bitewe n'uko mu kugira ishyaka ryinshi ryo kugera ku butunzi bw'isi, inyungu zirushijeho kuba iz'igicro ziribagirana. Imihangayiko no kujijishwa bijyana no kurundanya ubutunzi mu isi, nta gihe na gito bisigira umuntu, haba yemwe n'icyifuzo cyo guha agaciro ubutunzi buzahoraho iteka.... « Aho ubutunzi bwawe buri ni ho n'umutima wawe uzaba. » Ibitekerezo byawe, imigambi yawe, impamvu zigutera gukora, byose bizaba bifite ishusho y'isi, kandi umutima wawe uzanduzwa no kwifuzza n'inarijye. « Mbese umuntu byamumarira iki gutunga ibintu byose byo mu isi, niyakwa ubugingo bwe? » *Mariko 8:36*

Umutima w'umuntu ushobora kuba ubuturo bwa Mwuka Muziranenge. Amahoro ya Kristo, arenze cyane ayo umuntu yabasha kumenya, ashobora gutura mu bugingo bwawe; kandi imbaraga ihindura y'ubuntu ishobora gukorera mu mibereho yawe, maze ikagutegurira kuzibera mu bikari [byo mu ijuru] byuzuyemo ubwiza. Ariko rero, niba ubwonko, imyakura n'imisokoro byose bikoreshwa mu gukorera inarijye, ntabwo uba wagize Imana n'ijuru nyambere mu mibereho yawe. Ntibishoboka ko waba uri kwinjiza ubuntu bwa Kristo mu mico yawe, igihe imbaraga zawe zose uzirundurira mu by'isi. Ushobora kugira amahirwe ugahunika ubutunzi bwinshi mu isi kugira ngo ushimishe inarijye; ariko rero « aho ubutunzi bwawe buri ni ho n'umutima wawe uzaba. » Guha agaciro iby'iteka ryose uzabishyira ku mwanya wa kabiri. Ushobora kugira uruhare mu materaniro yo gusenga y'ibigaragara; nyamara imirimo yawe izaba ari ikizira mu maso y'Imana yo mu ijuru. Ntushobora gukorera Imana ngo unakorere mamoni. Umutima wawe ushobora kuwegurira Imana n'ubushake bwawe ukabushyira mu ruhande rwayo, cyangwa imbaraga zawe ukazegurira gukorera isi. Ntabwo Imana izemera umurimo ukoranywe kwitanga igice.¹

UBUTUNZI BURAMBA CYANGWA IGICUCU GIHITA

Kristo arahamagarira abizera b'Itorero rye gushishikarira ibyiringiro bizima kandi by'ukuri biboneka mu butumwa bwiza. Abatungira urutoki hejuru, akabahamiriza mu buryo bwumvikana neza ko ubutunzi

¹ Review and Herald, Sept. 1, 1910. [Urwibutso n'Integuza.]

buramba buri mu ijuru, butari ku isi. Aravuga ati: «Ahubwo mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ni bwo ibyo byose muzabyongererwa. » *Matayo 6:32.*

Ku bantu benshi, ibintu by'iyi si bibahuma amaso ntibashobore kubona agaciro k'ubwiza bw'iteka ryose butegereje abera b'Isumbanyose. Ntibashobora gutandukanya ubutunzi bw'ukuri, buriho kandi buramba, ngo babutandukanye n'ubutunzi bw'ibinyoma n'ibyiganano, ubutunzi bumeze nk'igicucu gihita. Kristo arabingira ngo bavane imbere yabo ibintu byose byijimisha amaso yabo ngo batabona ibihoraho iteka ryose. Arakomeza kubashishikariza kuvanaho ikintu cyose gituma bitiranya ibintu, bagafata baringa mu cyimbo cy'ukuri, ndetse n'ukuri bakagufata mu cyimbo cya baringa. Imana iringinga ubwoko bwayo ngo butange imbaraga z'umubiri, iz'ubwenge n'iz'umutima zikoreshwe mu murimo yabahamagariye gukora. Irabahamagara ngo babe bashoboye kwivugira ubwabo yuko inyungu n'amahirwe byo muri ubu buzima bidakwiriye kugereranywa n'ubutunzi bwateguriwe abashakana umwete n'ubwitonzi guhabwa ubugingo buhoraho.²

BAHUGIJWE NO GUSHAKA UBUKIRE

Umwanzi arakora ubudacogora muri iki gihe nk'uko yakoraga mbere y'umwuzure. Yifashishije imirimo n'ubuvumbuzi butandukanye, arakorana umwete kugira ngo intekerezo z'abantu zikomeze guhugira mu by'isi. Arakoresha ubuhanga bwe bwose kugira ngo atere abantu gukora badatekereje, maze ibitekerezo byabo bizimirire mu mirimo y'ubucuruzi, bityo ashyire mu kaga ibyiringiro bari bafite byo kubona ubugingo buhoraho. Ahimba uburyo bwo kurimbura ubugingo bw'abantu. Abantu bayobowe na we bashyira mu bikorwa imigambi ye. Batwarwa ubwenge no gukurikirana ubutunzi bw'isi n'ubushobozi bwo mu isi ku buryo batita kuri aya magambo ngo: « Uku ni ko Uwiteka avuga. »

Satani arishima cyane iyo abonye ko ageze ku ntogo yo kubuza ubwenge bw'abantu kwita ku bintu by'ingenzi cyane birebana n'ubugingo buhoraho. Ahirimbanira kuvana igitekerezo cy'Imana mu bwenge bw'abantu, maze agashyira iby'isi n'ubucuruzi mu mwanya iby'Imana byarimo. Yifuza ko isi ikomeza kubudikwa n'umwijima. Afite umugambi yize neza wo gutera abantu kwibagirwa Imana ndetse bakibagirwa ijuru, no gushyira ubugingo bw'abantu muni y'ububasha bwe. Kandi kugeza ubu, aracyazana imirimo n'ubuvumbuzi bibasha guhuza intekerezo z'abantu ku buryo batabasha kubona igihe cyo gutekereza ku bintu byo mu ijuru.

Ubwoko bw'Imana bukwiriye gukanguka muri iki gihe maze bagakora umurimo wabo bari barirengagije. Mu iteganyabikorwa ry'uyu murimo, tugomba gushyiramo imbaraga zacu zose z'ubwenge. Ntidukwiriye kugira imbaraga twizigamira igihe tubwira abantu ukuri nk'uko kuri Yesu, mu buryo bworoheye uwumva, nyamara tugakoresha imbaraga ku buryo butuma uwumva agukunda. Dukwiriye kugambirira gukora umurimo mu

² Review and Herald, June 23, 1904. [Urwiwutso n'Integuza].

buryo buzatwara amafaranga make ashoboka; kubera ko umurimo ugomba kwaguka ukajya no mu turere twa kure.³

ISOMO TWAKWIGIRA KURI YUDA

Yuda yari afite indangagaciro z'ingirakamaro, nyamara hari imwe mu mico yari afite yagombaga gutandukanywa na yo kugira ngo ashobore gukizwa. Yagombaga kubyarwa ubwa kabiri, atabyawe n'imbutu ibora, ahubwo abyawe n'imbutu itabora. Kamere ye yari yarakomoye ku babyeyi, n'umuco wo guhengamira ku kibi we ubwe yari yaronkeje byari ukururikira ubutunzi. Kandi binyuze mu kwimenyereza, byaje kumuhindukira ingeso yamukurikiranye no mu mirimo ye yose. Akamenyero ke ko gucunga umutungo kaje guhindukamo umwuka w'ubugugu ku mafaranga, maze amaherezo bimuhindukira umutego ukomeye. Kuri we, inyungu ni cyo cyari igipimo cy'imibereho nyakuri y'iby'idini, maze gukiranuka k'ukuri agushyira mu mwanya wa kabiri. Amahame ameze nk'aya Kristo yo gukiranuka no kutabera nta mwanya byagiraga mu mibereho....

Kubera Kristo yari azi ko Yuda agenda yangizwa no kurarikira amafaranga, yamuhaye amahirwe yo gutega amatwi ibyigisho byinshi bihebuje. Yumvise Kristo atanga amahame abantu bose bazinjira mu bwami bwe bagomba kuba bafite. Yahawe amahirwe yose ashoboka kugira ngo yakire Kristo nk'Umukiza we bwite, nyamara yanze iyo mpano. Ntiyigeze yegurira Kristo inzira ze n'ubushake bwe. Ntiyigeze akora ikintu cyose kidahuye n'ibyo we yabogamiragamo; kubera iyo mpamvu, ntabwo yigeze akosora umwuka wo gukunda amafaranga wari uri muri we. Nubwo mu bigaragara inyuma yakomeje kuba umwigishwa wa Kristo, kandi nubwo yakomeje kuba imbere ya Kristo, ntiyatinyaga kwiha ubutunzi bwo mu bubiko bw'Umwami we.

Yuda yashoboraga kugira inyungu akura muri aya masomo yose iyo aza kuba yari afite icyifuzo cyo gukiranukira Imana mu mutima we; ariko inyota y'ibintu yaramutsinze, kandi urukundo yakundaga amafaranga ni rwo rwahindutse imbaraga imutegeka. Binyuze mu kwirundurira [mu gukunda amafaranga], yemeye ko iyi ngeso mbi ikurira mu mico ye, maze ishingira imizi miremire ku buryo yaganjije imbuto nziza z'ukuri zabibwe mu mutima we.⁴

GUKUNDA IBY'ISI BYABAHUMYE AMASO

Umurimo w'Imana ukwiriye kuba nyambere muri gahunda y'ibikorwa duteganya gukora n'ibyo dukunda. Birakwiriye ko kujyana ubutumwa budakebakeba bwerekeye kudategekwa n'inarijye mu gihe umurimo w'Imana ukeneye amikoro. Abantu bamwe barakonje kandi basubira inyuma ku buryo batagishobora kumenya ko urukundo rwabo barushyize ku butunzi bw'isi kandi bugiye kurimburwa by'iteka mu gihe kidatinze. Urukundo bakunda iby'isi rwarababoshye, rurabazenguruka nk'ababoheshejwe

³ Review and Herald, Dec. 13, 1910. [Urwi-butso n'Integuza]

⁴ Review and Herald, Oct. 5, 1897. [Urwi-butso n'Integuza].

umwenda uremereye, kandi ntibazigera bamenya uburyo kwigomwa ku bwa Kristo ari iby'igicro cyinshi, keretse gusa nibaramuka bahinduye imigenzereze yabo. Ibigirwamana byacu byose, urukundo dukunda iby'isi, byose bigomba kwirukanwa bikava mu mitima yacu.

Hari abapasitoro n'inshuti zacu zikiranuka bareba bakabona akaga kazengurutse abo bantu barangwa n'ubwikanyize, maze bakabereka ikosa riri mu nzira yabo, ariko aho kugira ngo bakire umuburo bahawe mu mwuka bawuhawemo, bene kuburirwa bahagurukana ababagiraga inama maze bakabarwanya.

Icyampa ngo bakanguke bareke urutebwe bafite mu by'umwuka, maze bimenyereze gukorana n'Imana! Iby'si bibahuma amaso ntibabashe kureba Wa wundi utaboneshwa amaso. Ntibashobora gutahura ibintu bihebuje ibindi byose kandi bifite inyungu zihoraho iteka ryose; ahubwo bareba ukuri kw'Imana mu rwijiji ku buryo bakubona nk'ugufite agaciro gake mu maso yabo. Akantu gato cyane ko mu nyungu zabo z'igihe gito gahabwa agaciro kanini, mu gihe inyungu z'ibizahoraho iteka ryose zirengagizwa ntizitabweho.⁵

UBUNTU NYABUNTU BWARASHIZE

Abantu bari mu rwego rw'abakene baciriritse ni bo bakora byinshi kugira ngo bashyigikire umurimo w'Imana kurenza abandi. Ni abanyabuntu muri bike bafite. Bongereye imbaraga mu bushake bwabo bwo gutanga binyuze mu gutanga ubudatuza. Iyo ibyo bakoresheje byenda gusatira ibyo binjiza, inyota y'ubutunzi bw'isi nta mwanya ihabwa cyangwa amahirwe yo gutora intege.

Ariko benshi iyo batangiyeye kwirundiranirizaho iby'isi, ni bwo batangira kubara igihe bizabatwara kugira ngo bashobore gutunga umubare runaka w'amafaranga. Mu guhagarika umutima ku bijyanye no kwirundanyiriza ubutunzi, bananirwa guhinduka abatunzi mu by'Imana. Gutanga kwabo ntabwo kujyana n'ubutunzi baba barundanyije. Uko inyota yabo y'ubutunzi irushaho kwiyongera, ni ko urukundo babukunda rurushaho kububahambiraho. Ukwiyongera k'umutungo wabo kubatera kurushaho gushaka bwinshi, kugeza ubwo bamwe batekereza ko guha Imana icyacumi ari ugutanga umusoro ukabije kandi utanyuze mu kuri. Ibyahumetswe biravuga bita: « Ubutunzi bwawe nibugwira, ntukabuhozeho umutima wawe. » Abantu benshi baravuze bati: « Ndamutse mbonye ubutunzi nk'ubwa runaka, impano nshyira mu bubiko bw'Imana nazikuba kenshi. Nta kindi kintu nakoresha ubutunzi bwanjye, uretse guteza imbere umurimo w'Imana » Imana yagerageje bamwe muri bo maze ibaha ubutunzi; ariko ubwo butunzi bwazanye n'ikigeragezo kirushijeho gukomera, kandi gutanga kwabo kwaragabanutse kurenza igihe bari bakennye. Icyifuzo cyo gusingira ubutunzi burushijeho kuba bwinshi cyabatwaye ubwenge n'umutima, maze bakora icyaha cyo gusenga ikigirwamana.⁶

⁵ Review and Herald, Oct. 31, 1893. [Urwibutso n'Integuza]

⁶ Testimonies for the Church, vol. 3, p.403. [Ibihamya by'Itorero].

Igihe bamwe muri bo bari abakene, bagiraga ubuntu muri bike batunze; ariko aho bamariye kugira ubutunzi, barushijeho gutindahara. Impamvu ituma bagira kwizera guke, ni uko badakomeza gutera intambwe bajya imbere nk'uko baba bajya mbere mu butunzi, kandi ngo bashyigikire umurimo w'Imana igihe basabwe kwitanga.⁷

⁷ Testimonies for the Church, vol. 4, p.77. [Ibihamya by'Itorero]

ABAVUGA KO BAFITE KWIZERA ARIKO BAKABA NTACYO BAMAZE

Ibyanditswe Byera bivuga ko hari itsinda rigari ry'abavuga ariko ntibakore. Hari benshi bavuga ko bizera Imana ariko imirimo bakora igahakana Imana. Kuramya amafaranga kwabo, amazu ndetse n'amasambu byerekana ko basenga ibigirwamana kandi ko ari abahakanyi. Kwikunda kose ni ukurarikira ubutunzi, kandi kubw'ibyo bikaba ari ugusenga ibigirwamana. Abantu benshi bandikishije amazina yabo mu gitabo cy'Itorero nk'abizera Imana na Bibiliya, bari kuramya ubutunzi Imana yabahereye kugira ngo babe abunganira abandi. Bashobora kutikubita imbere y'ubutunzi ngo baburamyeye mu buryo bugaragara, ariko ibyo ntibivuze ko atari bwo mana yabo. Basenga mamoni. Ibintu byo ku isi babiha icyubahiro bakagombye guha Umuremyi wabo. Ureba byose kandi akaba azi byose, yandika mu gitabo ko ibyo bavuga ko bizera ari ikinyoma.

Imana ihezwa mu rusengeru rw'umutima w'umukristo ukunda iby'isi kugira ngo gahunda z'iby'isi zibone umwanya uhagije. Amafaranga ni yo mana yabo. Ayo mafaranga ni aya Yehova, ariko uwo yayaragije ntakunda ko asohoka ngo akoreshwe imirimo yo kugira neza. Iyaba yayakoreshaga nk'uko Imana yabiteganije, umubavu w'imirimo ye myiza wajya uzamuka ukagera mu ijuru, maze mu bihumbi byinshi by'imitima yahindukiriye Imana hakumvikana indirimbo zo guhimbaza no gushima Imana.

Amafaranga yacu akwiriye gukoreshwa mu kogeza ingoma y'Imana, gukangura abapfiriye mu bicumuro n'ibyaha byabo no kubwira abanyabyaha iby'umuti ukiza uboneka mu rukundo rw'Umukiza. Nyamara inshuro nyinshi, akoreshwa mu bikorwa byo guhimbaza inarijye. Aho kugira ngo amafaranga akoreshwe muri gahunda yo kumenyesha abantu Imana na Kristo, bityo bigatuma nyiri ugutanga byose ahimbazwa kandi agashimwa, ubutunzi bwo mu isi bwatwikiriye icyubahiro cy'Imana kandi bwijimisha amaso ijuru ntiriyaba rikigaragara. Kubwo gukoresha nabi amafaranga, isi yuzuwe no gukora ibibi. Umuryango winjira mu bwenge bw'umuntu wamazze gukingwa kugira ngo Umucunguzi atabona aho yinjirira.

Imana iravuga iti: "Ifeza n'izahabu ni byanjye." Yandika ibyo muri buri muhungu wese n'umukobwa wese wa Adamu kugira ngo irebe uko bakoresha umutungo wayo. Abagabo b'isi n'abagore b'isi bashobora kuvuga

bati: "Ariko jyewe si ndi Umukristo. Simvuga ko nkorera Imana." Mbese ibyo bibakuraho urubanza rwo gufata ubutunzi bwayo n'amafaranga yayo bakabitaba mu mirimo y'iyi si kugira ngo bibonere inyungu zo kunezeza kamere yabo?

Reka mbabwire mwebwe abatazi Imana, mwebwe mushobora gusoma aya magambo; kuko mu kugiraneza kwayo, aya magambo ashobora kubageraho. Ubutunzi Imana yabahaye mubukoresha iki? Imbaraga z'umubiri n'iz'ubwenge Imana yabahaye muzikoresha iki? Mbese mwebwe ubwanyu mushobora gukoresha uruganda rw'umubiri w'umuntu urugingo rwose rugakomeza gukora imirimo yarwo? Imana iramutse ivuze ijamba rimwe ko ugomba gupfa, ako kanya wahita upfa. Buri muni, buri saha na buri munota, Imana ikoresha ububasha bwayo butarondoreka kugira ngo ukomeze kubaho. Ni yo yohereza umwuka utuma ubuzima buguma mu mubiri wawe. Mbese Imana iramutse ikerensa umuntu nk'uko umuntu akerensa Imana, inyoko muntu byayigendekera bite?

Umubwirizabutumwa ukomeye akaba n'umuvuzi yitaye ku murimo w'intoki ze. Yereka abantu akaga kari mu gukingiranira Umukiza hanze y'urugi rw'umutima, ababwira ati: "Nimuhindukire, mugaruke muve mu nzira zanyu mbi. Kuki mwarinda gupfa..." Ezekiyeli 33: 11.¹

KWITWA UMUTUNZI MU BY'IJURU

Umuni uraje, ubwo "abantu bazajugunya ibishushanyo byabo bisengwa by'ifeza n'iby'izahabu, byacuriwe gusengwa, babijugunyire imbeba n'ubucurama, bajye kwihisha mu buvumo bwo mu bitare no mu bihanamanga, bahunge igitinyiro cy'Uwiteka n'ubwiza bwe bw'icyubahiro," Yesaya 2: 20-21. Kuri uwo muni w'umujinya w'Imana, ubutunzi bwo mu isi nta cyo buzaba bukimaze; ariko kwizera no kumvira Imana ni byo bizatuma umuntu atsinda.

Tuzashyira mu bikorwa kwizera kose dufite. Tugomba kwimenyereza kuvuga iby'ukwizera kwacu no kwitegura imibereho yo mu gihe kizaza. Mbega ukuntu abantu bakoresha umwete mwinshi kugira ngo babashe kugira uburenganzira bwo kwitwa ba nyiri ubutaka mu buryo bwemewe n'amategeko. Bagomba kugira ibikorwa bakora bisuzumwa kandi bikemerwa n'amategeko. Nyiri ubutaka ntashobora gutuza kugeza igihe amenyeye adashidikanya ko mu izina ahabwa n'itegeko ku butaka bwe nta kosa ririmo. icyampa ngo abantu bakorane umwete nk'uko kugira ngo babone uburenganzira bwo kwitwa abatunzi b'iby'ijuru, uburenganzira bubasha kwemerwa imbere y'amategeko! Intumwa ihugurira abayoboke ba Kristo ngo bite ku guhamagarwa no gutoranywa kwabo. Nta kwibeshya cyangwa ikosa bigomba kuboneka mu bintu by'iteka uharanira guhabwa. Umukiza aravuga ati: "Hahirwa abakomeza amategeko ye, kugira ngo bemerewe kwegera cya giti cy'ubugingo, kandi banyure mu marembo, binjire muri rwa rurembo" (Ibyahishuwe 22:14).²

¹ Review and Herald, May 23, 1907. [Urwibutso n'Integuza].

² Review and Herald, April 30, 1889. [Urwibutso n'Integuza].

UBUTUNZI BW'ITEKA BURAPFOBYWA

Uwiteka arebana impuhwe abantu bemera kuremererwa n'imitwariyo kwita ku bibazo by'ingo zabo no guhagarikwa umutima n'imirimo yabo ibyara inyungu. Barushywa no kugabura, bakibagirwa kimwe cy'ingenzi. Umukiza aravuga ati: "Mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo, ibindi byose muzabyongererwa" Mu yandi magambo aravuga ati: "Kura amaso ku by'iyi si, maze uyahange ku by'iteka ryose." Korana umwete utizigamye kugira ngo usingire iby'Imana iha agaciro, bya bindi Kristo yatangiye ubugingo bwe kugira ngo uzabihabwe. Igitambo cye cyagukinguriye cyane inzugi z'amarembo kugira ngo winjire muri gahunda z'ijuru. Ibikire ubutunzi bwawe iruhande rw'intebe ya cyami y'Imana, binyuze mu gukoresha neza igishoro yabahaye mu murimo wo kuyobora imitima ku kumenya ukuri. Ibi bizagushoboza kubona ubutunzi buhoraho iteka.

Iyo dutekereje impano ikomeye ijuru ryatanze kugira ngo isi yacumuye icungurwe, tukongera tugatekereza ku maturo dushobora gutanga, kugereranya ibyo bintu byombi bidutera kwishisha. Ibyashoboraga gusabwa kugira ngo isi n'ijuru bicungurwe, ntibyagereranywa n'iriya mpano. Urukundo rutarondoreka rwagaragaye igihe Umwe uhwanyeye na Data wa twese yazaga akishyura ikiguzi cy'ubugingo bw'abantu, maze akabazanira ubugingo buhoraho. Mbese abantu bavugaga ko bizera izina rya Kristo, ntibazabona ko Umucunguzi w'abari mu isi abireherezaho? Mbese bazakomeza kuba ba ntibindeba ku byerekeye gutunga ukuri no gukiranuka, maze batere umugongo ubutunzi bwo mu ijuru bikurikirire iby'isi?

"Uko gucirwaho iteka ni uku: ni uko umucyo waje mu isi, abantu bagakunda umwijima bakawurutisha umucyo, babitewe n'uko ibyo bakora ari bibi, kuko umuntu wese ukora ibibi yanga umucyo, kandi ntaza mu mucyo ngo ibyo akora bitamenyekana, ariko ukora iby'ukuri ni we uza mu mucyo, ngo ibyo akora bigaragare ko byakorewe mu Mana." *Yohana 3:19-21.*

Aya magambo yo mu butumwa bwiza ni imwe mu mirongo ihebuje iboneka mu Isezerano Rishya. Iyo umuntu ayakiriye, azana mu bugingo bw'uyakiriye imirimo myiza ifite agaciro karuta kure aka diyama na zahabu. Ubu butumwa bufite imbaraga izana umunezero n'ihumure mu mibereho yo muri iyi si, kandi ikazanira uwizera ubugingo buhoraho. icyamba ngo imyumvire yacu imurikirwe n'umucyo uvuye mu buntu bw'Imana, kugira ngo tubashe gushyikira ubusobanuro bw'aya magambo mu buryo bwuzuye! Data wa twese aratubwira ati: "Nzabaha ubutunzi burusha agaciro ubutunzi bwo mu isi; bwa bundi buzatuma muba abatunzi kandi mugahabwa umugisha by'iteka ryose.

MBEGA GUHINDAGURIKA! MBEGA KUBURA AGACIRO!

Kristo aravuga ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire." Luka 9:23. Abambaye umwambaro w'ubukwe, ari wo kanzu yo gukiranuka kwa Kristo, ntibazigera bibaza niba ari ngombwa kwereza umusaraba no kugera ikirenge mu cy'Umukiza

wabo. Bazajya bumvira amategeko ye babikunze kandi babyishimiye. Ubugingo bw'abantu buriho burarimbuka butaramenya Kristo. Mbega guhindagurika kw'abantu bamaranira imyanya y'icyubahiro n'ubutunzi! Mbega ukuntu impamvu Satani abereka zo guhibikana zidafite ireme! Mbega ukuntu kwikunda no kurarikira ibintu nta cyo bigeza ku muntu ubigereranyije n'inyigisho Kristo yatanze mu Ijambo rye! Mbega ukuntu ingororano itangwa n'isi nta gaciro ifite, uyigereranyije n'itangwa na Data wa twese wo mu ijuru!³

IMANA IZATANGA IBIKENEWE

Mu gihe abantu bakwiriye kureba niba iby'Imana yatanze mu kugiraneza kwayo bidapfushwa ubusa, umwuka w'umururumba no kurarikira ibintu uzaba ugomba gutsindwa. Iyo miterire yazatuma umuntu atagera ku ntego kandi akariganya abandi; kandi icyo na cyo Imana icyanga urunuka. Abakristo ntibakwiriye guha akito ikintu cyatuma bahagarikwa umutima no kwita ku byo bakeneye muri ubu buzima. Abantu nibaramuka bakunze Imana, bakayumvira, kandi bagakora uruhare rwabo, izajya ibaha ibyo bakennye byose. Nubwo imibereho yawe waba uyikesha gukora no gututubikana mu maso, ntukwiriye kureka kwiringira Imana, kubera ko mu mugambi wayo ukomeye wo kugirira abantu neza, yatagenije ko izajya iguha iby'ukeneye buri muni. Iyi nyigisho Kristo yaduhaye ni iyo gucyaha ibitekerezo biduhagarika umutima, urujijo no gushidikanya, n'umutima udafite kwizera. Nta muntu ushobora kongera ku burebure bwe akantu na gato, kabone n'ubwo yaba abishegeye cyane. Guhagarikwa umutima n'iby'ejo hamwe n'ibyo uzaba ukeneye, si ugushyira mu gaciro. Kora ibyo usabwa gukora, kandi wiringire Imana; kuko izi ibintu ukeneye byose.⁴

³ Review and Herald, Sept. 19, 1899. [Urwibutso n'Integuza].

⁴ Review and Herald, Sept. 18, 1888. [Urwibutso n'Integuza].



UMUGABANE WA 10

**INTANDARO
YO KUJARAJARA
MURI BYINSHI**



GUHARANIRA KUGERA KU BUKIRE

Abantu b'Imana bagize umugisha wo guhabwa umucyo ukomeye ku byerekeye ukuri kwagenewe ab'iki gihe, ntibakwiriye kwibagirwa ko bagomba guhora bategereza kandi bari maso biteguye kugaruka k'Umwami wabo mu bicu byo mu ijuru. Ntibakwiriye kwibagirwa ko bagomba kwiyambura imirimo y'umwijima, bakambara intwari z'umucyo. Ntihakagire uwiremera ikigirwamana cy'izahabu, ifeza, amasambu kandi ngo yemerere umutima gukorera iyi si, ndetse n'inyungu zayo. Abantu bafite icyifuzo gikomeye cyo kurarikira kugura amasambu, kandi ibyo wabisanga mu mijyi no mu byaro. Inzira za kera zo kugera ku butunzi zatangaga amahoro kandi zikaba nziza, ntabwo zigikunzwe na benshi. Igitekerezo cyo kurundanya ubutunzi binyuze mu kwegeranya inyungu ziciriritse zivuye mu gukora no gushora bike, ni igitekerezo gisuzugurwa na benshi bavuga ko kitakijyanye na kino gihe cy'amajyambere.

Icyifuzo cyo kwishora mu bintu byinshi, ugura ubutaka mu cyaro no mu mijyi, cyangwa ikindi kintu cyose utekereza ko kizaguha inyungu zihuse kandi nyinshi, cyageze ku rwego rwo hejuru; kandi umutima, ibitekerezo, amaboko, byose byerekejwe ku kuronka mu buryo bushoboka bwose ubutunzi bwo mu isi mu gihe gito gishoboka. Bamwe mu rubyiruko rwacu bishora mu marushanwa kubera iyi nyota yo kugera ku bukire, nyamara bibihutisha bibajyana ku kurimbuka. Iki cyifuzo cyo kubona inyungu gifungurira urugi rw'umutima ibishuko by'umwanzi. Kandi bene ibyo bishuko biza bifite ubwiza burabagirana ku buryo bamwe badashobora kubitsinda.

INYOTA YO KUGERA KU NYUNGU NYINSHI

Inyota yo kugera ku nyungu, ubwira bwo gukira vuba, ubu buryo bw'isi bwose butwaye intekerezo z'abantu, bwose bunyuranije cyane no kwizera n'inyigisho zacu. Mbese Uwituka Usumbabyose aramutse ashatse kuduha Mwuka we Wera, no guhembura umurimo we, ni abantu bangahe baba basanzeye manu iva mu ijuru, bakaba bafite inyota y'amazi y'ubugingo?...

Iyo nitegereje, nsanga bamwe muri bene Data bari mu kaga ko kuvuga nka wa mutunzi w'umupfapfa bati: "Mutima wanjye, ufite ibintu byinshi

bibikiwe imyaka myinshi y'ubugingo bwawe, ngaho ruhuka, urye, unywe, unezerwe." Luka 12:19. Abantu benshi bari kwibagirwa ko ari abagaragu b'Imana, maze bakavuga bati: "... . N'ejo na ho bizaba bityo, bitagira akagero." Yesaya 56:12. Imana yitegereza ibyo ukora mu bucuruzi bwawe. Wirinde cyane. Ubu ni igihe cyo kugira umwete ibitekerezo bikerekezwa ku gikorwa cyo kwibikira ubutunzi mu ijuru, aho inyenzi n'ingese zitabasha kubwangiza, cyangwa ngo abajura bacukure babwibe.¹

GUTWARWA N'IMISHINGA YADUKA

Iyo hari igicuruzwa gishya cyadutse mu gihugu kikamamazwa, abantu bavuga ko bizera ukuri, bashaka uburyo babona amafaranga bagashora muri uwo mushinga mushya. Imana izi umutima wa buri muntu wese. Izi impamvu yose yo kwikunda kandi ijya yemera ko ingorane zigera ku bavuga ko ari abantu bayo mu rwego rwo kubagerageza no kububakamo imico yifuzwa mu bya Mwuka. Mu bihe runaka, Imana ishyigikira ko abantu bakomeza inzira barimo kugeza ubwo bahura no gutsindwa rwose. Ukuboko kwayo kurabahagurukira kugira ngo gukoze isoni ibyo biringiye kandi kunyanyagize ibyo batunze.

Abantu bumva bashishikajwe n'umurimo w'Imana kandi bakaba bafite ubushake bwo kugira icyo bakora cyo kuwuteza imbere, bazasanga gushora imari batyo bizanye inyungu kandi bigire umutekano. Bamwe bazakubirwa inshuro icumi mu gihe cya none, kandi mu gihe kizaza bahabwe n'ubugingo buhoraho. Ariko si ko bose bazakubirwa inshuro cumi mu gihe cya none, kubera ko badashobora kubyihanganira. Baramutse babikijwe byinshi, byabahindura abapfayongo mu busonga bwabo. Imana ihitamo kubigumana kubwo kubagirira neza; ariko ubutunzi bwabo babitsa mu ijuru buzaba burinzwe neza. Mbega ukuntu ari iby'agahozo gushora imari mu buryo nk'ubu!

GUSINDISHWA N' INYUNGU WITEZE KUBONA

Icyifuzo gifitwe na bamwe muri benedata cyo kunguka ubutunzi bwangu, gituma bihutira gutangira imishinga mishya, maze bakayishoramo imari, ariko inshuro nyinshi amafaranga bari biteze kugeraho ntibayabona. Nuko bagahombya ibyo bajyaga kuba batanze mu murimo w'Imana. Hari ugutwarwa intekerezo kuba muri iyo mishinga y'inzaduka. Nubwo bimeze bityo, imikorere nk'iyi ikaba yaragiye yisubiramo inshuro nyinshi mu bihe byashize, ndetse bakaba bafite n'ingero z'abandi bantu bagiye bashora amafaranga yabo bagahomba bikomeye, benshi ntibarakabikuramo isomo. Satani akomeza kubongoshyosha, maze akabatera gusindishwa n'inyungu biteze kubona.

Iyo ibyiringiro byabo biyoyotse, bahura no gucika intege bikomeye bitewe no gushora imari badatekereje neza. Iyo umuntu amaze guhomba umutungo, avuga ko ari umwaku yagize—akaba ari wo wamuteye igihombo. Nyamara agomba kwibuka ko umutungo acunga ari uw'undi [muntu], we ni igisonga; kandi Imana ntinezweza no gucunga nabi uwo mutungo

¹ Special Testimonies B, No 17, pp. 4,5. [Ibihamya bidasanze]

wajyaga gukoreshwa mu murimo wo kwamamaza ukuri kw'iki gihe. Ku muni wo guhabwa ingororano, igisonga gikiranirwa kizasobanura uko cyitwaye mu busonga bwacyo.²

BIKURURA AMASO KURENZA UMURIMO USABA KWIHANGANA

Umwanzi w'imitima ahangayikishijwe no kubangamira irangira ry'umurimo udasanzwe uri gukorwa muri iki gihe, akabikora binyuze mu kwinjiza mu murimo imikorere y'ibinyoma. Azabizana yabifubitse umwambaro wo kugira ubuntu; kandi aba bantu bazaba bari gukoresha ubu buryo nibasa n'abageze ku ntego mu gihe runaka, abandi na bo bazabakurikira. Kandi ukuri kurimo kugerageza abantu bacu muri iki gihe, kandi byumvikana neza ko kwajyaga kuburizamo iyi mikorere, kurimo gutakaza imbaraga.

Bamwe muri bo bazinjira mu buryo bushyeshyenga abantu bw'amashyirahamwe atanga inyungu z'amafaranga, abandi na bo bahite basingira ubwo buryo bwo kwiruka ku mafaranga. Ibyo ni byo bashaka, kandi bazinjira mu nzira zo gushakisha nazo zibatware intekerezo, bavutswe umwiteguro w'imitima ukenewe, kugira ngo bazabashe kuba biteguye kuhangana n'ibigeragezo byo muri iyi minsi iheruka.

Umwanzi w'imitima afite imigambi yateguranye ubwitonzi, kandi azakora uko ashoboye kugira ngo atahukane insinzi. Ibintu bisa nk'ibi [kugura amasambu, gucukura amabuye y'agaciro,...]: gahunda itanga icyizere cyo kuronka no kugira amahirwe nk'iyi yageragejwe kenshi mu bantu bacu. Nyamara ubwo igihe cyo kubona inyungu nyinshi babaga bategereje cyabaga kigeze, basangaga ari igihombo gusa bahuye na cyo. Ibyo byuzuza urujijo mu bwenge bw'abantu. Babaga binjiye muri gahunda yo gushakashaka amafaranga, kandi bakundaga ubwo buryo bakaburutisha gukora imirimo ivunanye no kunyura mu nzira iboneye nk'uko twajyaga tugenze ibihe byinshi, ndetse no gukora twihanganye kandi tukiringira Imana....

KUYOBYA UBWENGE BUKAVA KU KURI

Buri buryo bwose bw'imikorere nk'iyi, buzanwa no gukangura mu bantu icyifuzo cyo gukora vuba binyuze mu gukubita hirya no hino, bukura ibitekerezo by'abantu mu kuri gukomeye kwigeze guhabwa abantu bapfa. Mu gihe runaka hashobora kugaragara ibimenyetso byatera abantu umwete, ariko ku iherezo ikigaragara ni ugutsindwa n'igihombo. Uwituka ntabwo ajya ashyingikira uburyo nk'ubu. Uyu murimo uramutse wemewe, abantu benshi bakwirukira mu mashyirahamwe yo gushakisha ubutunzi, maze ugasanga baretse gukora umurimo wo kubwiriza abantu ukuri kwagenewe ab'iki gihe.³

UMUTEGO WA SATANI

Ibihe byinshi, iyo Imana yafunguraga inzira kugira ngo benedata batange umutungo wabo mu rwego rwo guteza imbere umurimo wayo, abakozi ba

² Testimonies for the Church, vol.1, pp.225, 226. [Ibihamya by'Itorero].

³ Special Testimonies, Series B, No 17, p. 15-17. [Ibihamya bidasanzwe.]

Satani bazanaga imishinga, bakizeza benedata ko uwo mushinga uzabyara inyungu, maze si ugushora, bagakuba inshuro ebyiri. Ubwo umutego ukaba urabacakiye. Nuko bakawushoramo amafaranga, ntibabe bagitanga n'ifaranga na rimwe ku murimo w'Imana, ndetse na bo hakaba n'ubwo batagira ikibagarukira.

Benedata, mujye mwibuka umurimo w'Imana, kandi igihe mugifite ijamba ku mutungo wanyu, mujye mwiubakira urufatiro rukomeye ruzashobora guhangana n'ibihe biri imbere, kugira ngo musingire ubugingo buhoraho. Yesu yahindutse umukene kubwanyu, kugira ngo binyuze mu bukene bwe muhindurwe abakire mu by'ubutunzi bwo mu ijuru. None se muzatanga iki ku bwa Yesu watanze byose ku bwanyu?⁴

⁴ Testimonies for the Church, vol. 5, pp. 154, 155. [Ibihamya by'Itorero].

IGISHUKO CYO

KUJARAJARA MU BUTUNZI

Satani yarimbuye ubugingo bw'abantu benshi binyuze mu kubatera kwishyira mu nzira y'ibishuko. Asanga abantu nk'uko yasanze Kristo, akabashukisha gukunda iby'isi. Abagira inama yo gushora imari muri uyu mushinga cyangwa se uriya, maze bamara kumugirira icyizere, bagakora ibyo ababwiye.

Iyo hashize igihe gito bahura n'igishuko kibasaba kureka ubunyangamugayo bwabo kugira ngo babone uko bagera ku nyungu nyinshi zishoboka badahenzwe. Iyo mikorere ishobora kuba ihuje n'amategeko agenga ubucuruzi mu gihugu barimo, ariko ikaba inyuranyije n'amategeko y'Imana. Impamvu z'imikorere yabo zitera amakenga benedata, bagakekwaho ko bigwizaho inyungu nyinshi kurenza izo bagombaga kunguka; bityo imbaraga ihindura abandi yakagombye kurindwa nk'iyera kubw'inyungu zo guteza imbere umurimo w'Imana ikangirika. Ubucuruzi bushobora kubyara inyungu buri mu maboko y'umujura ugurisha ubunyangamugayo bwe kugira ngo abone indonke yo mu isi, bushobora kuba budakwiriye rwose gukorwa n'umuyobohe wa Kristo.

Uko kujarajara ku butunzi kose kugamije kunguka byinshi kujyana n'ibigeragezo hamwe n'ingorane zitagaragara, kandi guteza ingorane ziteye ubwoba abakoresha ubwo buryo. Ibihe bigoye bibageraho kenshi, maze bigatuma impamvu zateye aba benedata gukora batyo zitekerezwaho; ariko nubwo ibintu bimwe bigaragara rwose ko ari bibi, ibi ntibikwiriye gutekerezwa ko iteka biba ari ikigeragezo cyo gusuzuma imico. Nyamara usanga akenshi biba intandaro yo guhindura icyerekezo mu mibereho y'umuntu no ku cyo yashoboraga kuzaba cyo. Imico yabo ihindurwa n'imbaraga z'ibibabayeho, ibyo umuntu ku giti cye aba yarishoyemo.

IGERAGEZA RITEYE AKAGA

Neretswe ko ari akaga gakomeye kwinjira mu bucuruzi bugamije kunguka byinshi birenze ibikwiriye. Ababujyamo baba bemeye gukinira mu rubuga rw'umwanzi, aho bashobora guhura n'ibishuko bikomeye, gukorwa n'isoni, ibigeragezo, ndetse n'ibihombo. Nuko hagakurikiraho kudatuzza gukabije, icyifuzo gikomeye cyo kugera ku butunzi mu buryo bwihuse cyane

kurenza uko ibihe urimo bibasha kubikwemerera. Ababazengurutse na bo bageraho bagahinduka mu cyerekezo cyo kunguka amafaranga menshi. Nyamara inshuro nyinshi ibyo bari biteze kubona ntibyigera bigerwaho, maze bagacika intege, ndetse bagasubira inyuma aho kujya imbere. Ibi mvuga byabaye kuri bamwe bo mu Itorero rya..... Bari gusubira inyuma bakareka Imana.

Iyo Imana iza guhira bamwe muri benedata dukunda bakungukira muri ubwo bucuruzi buteganya kunguka byinshi, byari kubatera kuzarimbuka by'iteka. Imana ikunda abantu bayo, kandi ikunda n'ababaye abanyamahirwe make. Nibashobora kwiga amasomo ishaka kubigisha, ku iherezo gutsindwa kwabo kuzabahindukira gutsinda guhebuje. Urukundo bakunda iby'isi rwatwikiriye urukundo bakunda Kristo. Iyo imyanda ikuwe mu muryango winjira mu mutima w'umuntu, hanyuma urugi rw'umutima rugakinguka nk'igisubizo cyo kurarika kwa Kristo, azinjira maze yigarurire urusengero rw'umutima.¹

UBUGUYIGUYI N'IMPONGANO ZIYOBYA

Muri iki gihe cyo kwemererwamo, twese turimo gushyirwa ku gipimo no kugeragezwa. Satani arimo gukoresha ubuguyiguyi no guha abantu impongano zuzuye ubushukanyi, kandi bamwe batekereza ko bakoresheje ubuhanga bwabo, babashije kugera ku nyungu mu gihe gito. Nyamara uko barushaho kwiringira ko barimo gutera imbere, kandi bakaba bari gushobora kugera ku rwego rushimisha kamere yabo, ni ko biga n'isomo ry'uko Imana ishobora kunyanyagiza byihuse kurusha uko babasha guteranyiriza hamwe.²

ICYIZERE KIRAYOBYA

Abantu benshi bagujije amafaranga mu bigo byacu kugira ngo bayakoreshereze Shebuja umurimo mwiza. Ariko muri ibyo bikorwa, Satani yinjizamo gahunda zizatuma mu bitekerezo bya benedata hazamo icyifuzo gikomeye cyo kugerageza amahirwe yabo nk'uko bigenda muri za tombora. Bagenda bashukashukwa umwe ku wundi babwirwa ko bazabona inyungu nyinshi nibaramuka bashoye amafaranga yabo mu masambu; nuko bagafata ubutunzi bwabo bakabukura mu bigo byacu maze bakabutaba mu butaka, aho umurimo w'Umwami Imana utagira inyungu n'imwe ukuramo.

Ubwo rero, iyo hari ugize icyo yunguka, arishima cyane bitewe n'uko yungutse amafaranga ibihumbi runaka, ku buryo afata icyemezo cyo gukomeza gushaka inyungu uko ashoboye kose. Akomeza gushora imari mu kugura ibikingi no mu bucukuzi bw'amabuye y'agaciro. Uburyo bwa Satani bukaba bugeze ku ntego; aho kugwiza amafaranga yinjira mu bubiko bw'Uwiteka, ahubwo hasohoka umutungo mu bigo byacu kugira ngo bene wo bawushyire mu mishinga y'ubucukuzi bw'amabuye y'agaciro no mu bucuruzi bw'amasambu. Umwuka w'umururumba ukomeza gushyigikirwa,

1 Testimonies for the Church, vol. 4, pp.616-618. [Ibihamya by'Itorero].

2 Special Testimonies, Series B, No 17, p. 6. [Ibihamya bidasanze].

maze ugatera umuntu usanzwe ari nyakwigendera kutishimira kurekura ifaranga na rimwe aba ararikirwa gutanga ngo umurimo w'Imana uje mbere mu isi.³

KUJARAJARA MU NYUNGU KW'ABAGABURA

Turimo gusatira iherezo ry'ibihe. Ntidushaka kwigisha ukuri ku ruhimbi gusa, ahubwo dushaka no kubaho imibereho ihura n'uko kuri no hanze y'urusengeru. Suzuma witonze urufatiro rw'ibyiringiro by'agakiza kawe. Nubwo uhagaze mu mwanya w'Integuza y'ukuri kw'Ijambo ry'Imana, ukaba n'umurinzi ku nkike z'i Siyoni, ntushobora gufata umurimo wo gushakira inyungu mu bucuruzi bw'amabuye y'agaciro cyangwa mu bikingi, ngo uwubangikanye no gukora neza umurimo wera washyizwe mu biganza byawe. Aho ubugingo bw'abantu buri mu kaga, aho umurimo ukorwa urebana n'iby'iteka ryose, gusaranganya igihe ku buryo izo nyungu z'uburyo bwombi ziboneka nta byangiritse, ntibyashoboka.

Mu buryo bw'umwihariko, ibi ni byo byakubayeho. Igihe wari uhugiye mu murimo w'ubucuruzi, ntabwo wabonaga igihe cyo kwiyubakamo kubaha Imana ko mu mutima. Wari ufite inyota ikomeye yo kugera ku butunzi. Waganiraga na benshi ibyerekeranye n'ibyiza byo gushora amafaranga mu masambu kugira ngo ubone inyungu mu.....Ibihe byinshi wabaga uhugijwe no kwerekana ishusho y'inyungu ziva mu mishinga nk'iyoy; nyamara ibyo wabikoraga igihe wari umugabura werejwe gukora umurimo wa Kristo. Wari wararahiriye gutanga impagarike yawe yose: ubugingo bwawe, umubiri wawe n'umwuka wawe ngo bikore umurimo wo gukiza imitima. Muri icyo gihe kandi wahabwaga amafaranga avuye mu bubiko bw'Itorero, yo kugufasha no kunganira umuryango wawe. Ibiganiro watangaga byabaga bigamije gukangura abizera bacu no kubashishikariza gukura amafaranga yabo mu bigo byacu no mu bikorwa byo guteza imbere ubwami bw'Umucunguzi wacu ku isi. Ikiganiro cyabaga kigamije gushishikariza abizera gushora imitungo yabo aho wabizezaga ko nibayashyiramo azikuba inshuro ebyiri mu gihe gito, kandi ugakomeza kubashyeshyenga ubereka ko ibyiza biri imbere bizatuma bashyigikira umurimo w'Imana mu buryo bugaragara nibakora nk'uko ubabwiye....

KWIRINDA GUTESHWA UMUTWE N'IBY'ISI

Mu buryo bw'umwihariko, umugabura akwiriye kwirinda guteshwa umutwe n'iby'isi, maze akihatira kugumana na Soko y'imbaraga zose, kugira ngo ashobore kwerekan mu buryo bukwiriye icyo kuba Umukristo bisobanura. Akwiriye kwitandukanya n'ikintu cyose gishobora guteshura intekerezo ze zikava ku Mana no ku murimo ukomeye ugomba gukorerwa abo muri iki gihe. Nk'umugaragu umukorera, Kristo yiteze ko amera nka we mu bwenge, mu bitekerezo, mu magambo no mu bikorwa. Yiteze ko buri muntu wese ubumburira abandi Ibyanditswe Byera, akora umurimo awitondeye kandi akawukora nk'umunyabwenge, ntabe umuswa mu gukoresha imbaraga ze mu buryo bwazangiza cyangwa akagwa agacuho,

³ Special Testimonies, Series B, No 17, p. 8. [Ibihamya bidasanzwe].

ahubwo akazikoresha mu buryo butuma aba afite ibimuhagije bimubashisha gukorera Umwami umurimo unozze.⁴

GUSHAKIRA INYUNGU ZIHUSE MU MASAMBU YEGEREYE IBIGO BYACU

Nihanangirijwe guhamiriza benedata, mbabwira yuko bagomba kwirinda imishinga igamije inyungu mbi mu bintu bifitanye isano no kugura no kugurisha amasambu yegereye ubukebe bw'amashuri yacu. Buri gikorwa cyo kugura cyangwa kugurisha kigomba kurangwa n'ubunyamugayo bwo mu rwego rukomeye. Ubwikanyize ntibukwiriye gushyigikirwa. Amahame ishuri ryacu rigomba gushyigikira kandi akaba agomba kwigishwa abanyeshuri nk'umugabane w'uburere bahabwa, agomba gusigasirwa kandi akagaragarira mu mibereho y'abafite aho bahuriye n'inyungu z'iryo shuri. Ntibakwiriye kuvuguruzanya n'amahame y'Uburezi bwa Gikristo, ari na yo ishuri rishingiyeho, hagamijwe inyungu z'umuntu ku giti cye.

Buri munsu tugenda twandikisha imirimo yacu ifite ingaruka muri iki gihe ndetse no mu bihe by'iteka ryose. Nimutyo buri gikorwa cyose cyo kugurisha no kugura kibe giciye mu kuri kandi kitarimo uburiganya. Nimureke he kubonekamo ikintu cyo gushaka inyungu z'umurengera, kubera ko ibyo bituma benedata bacika intege kandi bikababaza Imana. Abizera b'Itorero ryacu bitanze ubutunzi bwinshi kugira ngo uwo mutungo ubikirwe gufasha ishuri ryacu. None rero, ntimugakundire abishakira inyungu zitanyuze mu kuri kubangamira benedata bashobora gukenera gutura hafi y'Ikigo. Abantu bamwe bafite umwuka wo kunguka byinshi mu buryo budahwitse, bakwiriye gucibwa intege ntibaze.....kubera ko batabera ishuri umigisha, ahubwo baribera inkomyi.

Nimutyo twibuke ko ibyacu bisuzumwa imbere y'Imana, kandi tumenye ko igikorwa cyose kirimo akarengane kagamije gushimisha inarijye cyandikwa imbere y'amazina yacu mu bitabo byo mu ijuru. Ndinginga benedata ngo bitandukanye n'umwuka wo kugira inyota ikabije y'amafaranga mu bucuruzi. Ndasaba ngo hatazagira umuntu utura hafi y'ishuri afite umugambi wo gukungahaza inarijye. Nimutyo twese duhirimbanire kuba indashyikirwa mu bya Mwuka, kugira ngo umwuka wo kurarikira ubutunzi usimburwe n'umwuka wo kutikanyiza. Iyi mpinduka igomba kuboneka muri twe niba twifuza kwemerwa n'Imana.⁵

AMARESHYAMUGENI ABONEKA MURI ZA TOMBORA

Ubwo rero hari n'ubucuruzi bwa tombora bufitanye isano n'icyo kintu. Umusore umwe yagiyeyo, atombora isaha ikozwe muri zahabu. Nyuma byaje kugenda bite? Birashoboka ko isaha yari ikozwe mu izahabu nziza, kandi ikaba itaraje mu buryo bwa magendu; nyamara hirya ya magendu hihishe umutego. Niba yarakinnye bwa mbere agatsinda, azongera ashake

⁴ Testimonies for the Church, vol. 5, pp. 530,531. [Ibihamya by'Itorero].

⁵ Letter, no. 72, 1909. [Urwandiko].

kugerageza amahirwe ku yindi nshuro. Iyaba uwo muhungu yari uwanjye, nashimishwa no kumubona aryanye mu isanduku yapfuye, aho kumubona yambaye iyo saha ikozwe muri zahabu! Hari n'abandi bahungu rero. Uwo musore abereka isaha ye, maze nabo bakumva hari utuntu tubaryaryata ngo bajye kugerageze amahirwe yabo mu buryo bumwe n'ubwo yabikoze; kandi koko bazajyayo na bo bigeragereze amahirwe. Hanyuma undi na we agende, n'undi na we akurikireho, bityo bityo; kugeza ubwo bikwiriye hose, biva kuri umwe bikajya ku wundi; kandi umwanzi azi neza uburyo bwo gukina uyu mukino.⁶

⁶ MS 1, 1890. [Amagambo yasonzoranyijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki, 1, 1890].

ISHORAMARI RIKOZWE MU BUJJI

Mu byumweru bike bishize nari mu iteraniro rikuru ahitwa i San Jose (1905), nuko bamwe muri benedata bangezaho umushinga bibwiraga ko ari mwiza cyane wo gushora imari mu gucuruza amabuye y'agaciro no gucuruza ibikoresho bikora inzira y'igare ry'umwotsi, bavuga ko byazana inyungu nyinshi. Basaga n'abafite icyizere cy'uko bizagenda neza, kandi banambwira ibyiza bazakoresha izo nyungu bari biteze kubona.

Hari abandi twari kumwe aho ngaho, basaga n'abafite amatsiko yo kumva ukuntu nakiriye icyo gitekerezo. Nababwiye ko iryo shoramari nta cyizere ritanga. Ntibashoboraga kumenya niba imishinga nk'iyi izunguka. Nababwiye ibyerekeye ingororano izahoraho isezeranirwa abantu bazaba baribikiye ubutunzi bwabo mu ijuru; ariko ku byerekeranye n'ubwo bucuruzi budatanga icyizere, nabinginze mu izina rya Kristo ngo bahagararire aho bari bageze muri uwo mushinga.

Igihe cya nijoro nahawe amabwiriza ko ngomba kubwira ubwoko bw'Imana yuko bidahura n'ubushake bwayo ko abantu bategereje kugaruka vuba k'Umucunguzi wacu, bashora imari mu kubika amabuye y'agaciro. Gukora ibyo bintu kwaba ari ugutaba mu butaka impano z'Uwiteka. Ndabasomera ikopi y'urwandiko nandikiye umwe muri benedata nigeze kuvugaho mbere:

San Jose, California, ku wa 2 Nyakanga, 1905

Mwene Data nkunda,

"Wangejejeho igitekerezo cy'umushinga wo gushora imari mu kubika amabuye y'agaciro. Ufite icyizere cy'uko uwo mushinga ushobora kuzunguka, kandi ukaba wizera ko nuramuka wungutse, uzashobora gufasha umurimo w'Imana mu buryo bushimishije.

"Uwiteka yampaye amabwiriza avuga ko mu materaniro nzahasanga abantu bashishikariza benedata gushora ubutunzi bwabo mu bucuruzi bw'amabuye y'agaciro. Nategetswe kubabwira ko ubwo bucuruzi ari umugambi w'umwanzi ushaka ko ubutunzi bukoreshwa nabi cyangwa bugapfurikwa kandi bwari bukenewe cyane muri gahunda yo guteza imbere

umurimo w'Imana. Uwo ni umutego wa Satani muri iyi minsi ya nyuma, wo gutera abana b'Imana guhombya igishoro bahawe n'Uwiteka, kandi cyakagombye gukoreshwa neza mu murimo wo gukiza imitima. Kubera ko amafaranga menshi yashowe muri ubwo bwoko bw'imishinga idatanga icyizere, umurimo w'Imana waracumbagiye kuko impano zagombaga kuzana imitima kuri Kristo zabuze.

“Mu iyerekwa ryo mu ijoro ryakeye, navugaga n'ijwi riranga mburira abantu ibyerekeye inyota yo gushaka kunguka byinshi mu kanya gato. Navuze nti: 'Ndabararitse ngo muze mufate imigabane muri ubu bucukuzi bukomeye bw'amabuye y'agaciro, ubucuruzi butigeze buhomba na rimwe.'”

“Ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'izahabu zahishwe mu murima, umuntu azigwaho, arazitwikira aragenda, umunezero umutera kugurisha ibyo yari atunze byose ngo abone kugura uwo murima,” Matayo 13:44.

“Nituramuka dushoye imari mu bubiko bw'amabuye y'agaciro bw'Imana, tuzaba twizeye kubona inyungu. Imana iravuga iti: Mugire umwete wo kunyumvira, mubone kurya ibyiza, ubugingo bwanyu bukishimira umubyibuho.” Yesaya 55.2

“Kandi ubwami bwo mu ijuru bugereranywa n'umutunzi ushaka imaragarita nziza, abonye imaragarita imwe y'igiciro cyinshi, aragenda agurisha ibyo yari atunze byose ngo abone kuyigura.” Matayo 13:45.

“ Mwendata, mbese uzemera gushora imari yawe kugira ngo ubone imaragarita y'igiciro cyinshi yo mu ijuru?... Ubu ni bwo bubiko bwizewe bw'amabuye y'agaciro, aho ushobora gushora imari ntuzigere ukorwa n'isoni. Ariko rero, nshuti yanjye nkunda, nta faranga na rimwe twavana mu mafaranga y'Uwiteka ngo turishore mu mushinga w'ubucuruzi bw'amabuye y'agaciro yo muri iyi si.”

Mbabajwe cyane n'uko haba hari bamwe bo mu bantu bacu baba barakoze ikosa ryo gutaba igishoro cy'Imana mu kubika amabuye y'agaciro kugira ngo babiboneremo inyungu. Bakubwira ko uzabona inyungu; ibyo umuntu yiteze kuzabona bishobora kumwongoshyoshya, nyamara benshi bazababara bakorwe n'ikimwaro.

Ndibuka mwenedata umwe wari warigeze kugaragaza ubushake mu murimo w'Imana. Mu myaka mike ishize, igihe nari muri Australia (Ostraliya), uwo mwenedata yaranyandikiye ambwira ko yaguze ikirombe cy'amabuye y'agaciro, atekereza ko azabonamo inyungu nyinshi. Nuko ambwira ko azampa umugabane umwe w'inyungu azavanamo. Yanyuzagamo akanyandikira ambwira ati: “Ubu icyizere ni cyose. Bidatinze tuzabona inyungu.” Nyamara inyungu ntizigeze zihinduka ikintu gifatika; kandi nyuma yo kurundamo ibihumbi byinshi by'amadolari, umushinga we waje guhomba bidasubirwaho....


Uru ni rumwe mu ngero nyinshi zisa na rwo mu zo nashoboye kumenya. Abenshi muri bo bambwiye agahinda bafite, bavuga ko batigeze bongera


kugira uwo bashishikariza gushora amafaranga ye mu mabuye y'agaciro. Niba muri mwe hari uwaba yarahawe amafaranga na mwenedata cyangwa mushiki we kugira ngo ayashore mu mushinga nk'uwo, ni inshingano ye kuyasubiza nyirayo, niba yemera kuyasubirana.

Ndababurira ngo mwitondere uko mukoresha umutungo w'Uwiteka Imana yanyu. Nimuyabika mu bubiko bw'Imana, mushobora kwiringira mudashidikanya ko muzabona inyungu zivuye mu bubiko butigera bushiramo ubutunzi bwo mu bwami bwayo.

Ubwoko bw'Imana bwagiye bunyurwa mu buryo bworoshye cyane n'ukuri kw'amajyejuru. Dukwiriye gushakashaka dushyizeho umwete kugeza ubwo tumenya ukuri kwimbitse, kuzahoraho, ukuri kuromboreza kugacengera, ari ko kuri kw'Ijambo ry'Imana. Nitumara kubona uko kuri, tuzagenda dufite umunezero tugurisha ibyo dufite byose kugira ngo tugure uwo murima.¹


¹ Special Testimonies, Series B. No17, pp. 8-13. [Ibihamya bidasanze].



The image features a hand holding a white envelope, positioned in the lower-left quadrant. The background is a composite of a blurred outdoor scene with trees and a bright sky, overlaid with a large, colorful geometric shape consisting of overlapping bands of blue, purple, orange, and red. The text is centered over the blue and purple bands.

UMUGABANE WA 11

**GUTWAZWA
IGITUGU N'IMYENDA**



KUBESHWAHO N'IBYO WINJIZA

Abantu benshi, ndetse benshi cyane, ntibigeze bimenyereza kugabanya umubare w'amafaranga bakoresha ngo bashobore kubeshwaho n'ayo binjiza gusa. Ntibiga kwisanisha n'ibihe barimo, maze bakaguza ndetse bakongera bakaguza kugeza ubwo baremererwa n'imyenda, nuko bakageraho bacika intege ndetse bagatakaza ibyiringiro.

Ntabwo abenshi muri bo bibuka umurimo w'Imana, maze bagakoresha amafaranga yabo bishimisha mu bihe by'ibiruhuko no mu bugoryi, maze igihe bararikiwe gutanga ituro ryo guteza imbere umurimo w'Imana hagati mu gihugu no mu bihugu by'amahanga, ugasanga nta kintu basigaranye cyo gutanga cyangwa se ugasanga barakabije kuvana amafaranga ku makonti yabo. Bityo bakaba bibye Imana icyacumi n'amaturu, kandi bitewe n'uko bategetswe no kwikunda kwabo, bakaba bakinguriye imitima yabo ibishuko bikomeye, maze bakagwa mu mitego ya Satani.

Dukwiriye kuba maso ntitwemere gukoresha amafaranga yacu ku bintu bitari ngombwa, no ku bintu bigamije kwiyerekana. Ntidukwiriye kwemera gutegekwa n'irari ry'ibituryohera ku buryo bidutera gukurikiza urugero rw'ab'isi, no kwiba ibyakagombye kujya mu bubiko bw'Imana.¹

GUKUNDA UMURIMO NO KUZIGAMA MU MURYANGO

Mwene Data na mushiki wanjye, neretswe ko mugifite ibintu byinshi mugomba kwiga. Mu bihe bishize, mwabayeho mudakurikiza ubushobozi mufite. Ntimwigeze mwigira kuzigama. Iyo mukorera amafaranga menshi, ntimumenya ukuntu mwayakoresha ngo abamaze igihe kirerekire gishoboka. Mwebwe icyo mukora, mushaka kumenya gusa ibibaryohera cyangwa ibyo mukunda kurya no kunywa aho kugira amakenga. Ibihe bimwe na bimwe mutanga amafaranga yanyu ku bwoko bw'ibyokurya byiza bene So badashobora kwigondera. Amafaranga ava mu mifuka yanyu mu buryo bworoshye....

Kudakoresha imbaraga zanyu uko mushoboye kose ni ikosa ku rwego rumwe n'urw'umutunzi ugundira ubutunzi bwe kuko abwifuza kandi akumva ari ko abishaka. Ntabwo mukora ibyo mukwiriye gukora byose

¹ Review and Herald, Dec. 19, 1893. [Urwibutso n'Integuza].

ngo mufashe umuryango wanyu. Mushobora kugira umurimo mukora igihe cyose uteguye neza; nyamara ntimushaka kwimenyereza kuguma ku murimo, kandi ngo mwiyumvemo ko mufite inshingano yo gukoresha igihe cyanyu n'imbaraga zanyu uko mushoboye kose kugira ngo mugere ku nyungu zihebuje izindi kandi mukabikorana kubaha Imana.

Mu bihe byashize mwari mufite ubucuruzi mwashoboraga kuvanamo inyungu nyinshi icyarimwe. Ariko, iyo mwamaraga kubona amafaranga ntimwayakoreshaga neza, ngo muzirikane ko hari igihe bitazaborohera kubona inyungu zingana zityo, ariko mwakoreshaga menshi ku bintu mwibwiraga ko mukeneye. Iyo wowe n'umugore wawe muza gusobanukirwa ko Imana yabahaye inshingano yo kwigomwa ibibaryohera n'ibyo mwifuza, no guteganyiriza ejo hazaza, aho kugira ngo mubeho neza uyu muni, ubu muba mufite ubushobozi kandi n'umuryango wanyu uba ufite ibyo kuwufasha kumererwa neza. Mufite icyigisho mugomba kwiga kandi ntimukwiriye kugira ubwoba bwo kwiga icyo cyigisho. Ni ukwinyuza inzira irushijeho kuba iya kure....

Yesu yakoze igitangaza maze agaburira abantu ibihumbi bitanu, nyuma yaho yigisha iki cyigisho cy'ingenzi cyane cyo gukoresha neza umutungo: "Nimuteranye ubuvungukira busigaye hatagira ikintu gipfa ubusa." Yohana 6:12. Mufite inshingano z'ingenzi. "Ntimukagira undi mwenda wose mugira," (Abaroma 13:8). Iyaba wari waramugaye, iyaba wari udashoboye gukora, icyo gihe ni bwo bene so baba bafite inshingano yo kugufasha. Nk'uko biri, icyo wari ukeneye kuri bene So igihe wari umaze kwimuka, cyari intangiriro. Iyo uza kugira ibitekerezo bifite intego, wowe n'umugore wawe mukiyemeza kubaho mukurikije amikoro mwari mufite, ntimwajyaga gukorwa n'isoni. Muzaba mugomba gukorera igihembo gito cyangwa se igihembo kinini. Gukunda umurimo no kuzigama biba byarashyize umuryango wanyu ahantu uba ufite imibereho irushijeho kuba myiza.²

KUZIGAMA NK'IHAME

Abantu bafite ibiganza bihora biramburiwe gutanga inkunga yo gushyigikira umurimo w'Imana no gufasha imbabare n'abugarijwe n'ubukene, si ba bandi birirwa bibunza, si abanyamwete muke kandi si na ba bandi bazarira mu micungire y'akazi bakora. Bahora bitaye ku kureba ko hari ibigabanuka ku byo binjiza. Ni abantu bafite ihame ryo kuzigama muri bo; biyumvamo inshingano yo kuzigama kugira ngo babone icyo batanga.³

ICYIGISHO CYA MBERE: KWIGOMWA

Nabonye imiryango myinshi ikennye irwana no kwishyura imyenda, kandi nyamara abana babo ntibigishwa kugira icyo bigomwa kugira ngo bafashe ababyeyi babo. Mu muryango umwe nasuye, harimo abana babakobwa babwiye ababyeyi babo ko bifuzaga inanga ihenze. Ababyeyi

² Testimonies for the Church, vol. 2, pp. 431-436. [Ibihamya by'Itorero].

³ Testimonies for the Church, vol. 1, p. 573. [Ibihamya by'Itorero].

bakiriye icyifuzo cyabo banezerewe, ariko bari bahanganye n'umwenda bari barimo kwishyura. Abo bakobwa bari babizi, kandi iyo baza kuba barigishijwe uburyo bwo kwigomwa, ntibaba barateye ababyeyi agahinda ko kubabazwa n'uko batababoneye ibyo bifuzwa; nyamara nubwo bari babwiwe ko bidashoboka gusubiza neza icyifuzo cyabo, ikibazo nticyarangiriye aho. Bakomeje kugenda basubiramo icyifuzo cyabo hatwo na hatwo, bityo bagahoza ku nkeke ababyeyi babo bari bagifite undi mutwari ubaremereye.

Ubwo nari nongeye gusura uwo muriyango, nahabonye cya cyuma cy'umuziki bari bararikiye, mpita menya ko amadolari amagana yiyongereye ku mwenda wari usanzwe uhari. Ntabwo nashoboye kumenya neza uwo nkwiye kuvuba, niba ari ababyeyi bumviye abana cyangwa abana bari bafite kwikunda. Abo bese bariho urubanza imbere y'Imana. Ibi byabaye kuri uyu muriyango byerekana ibiba mu yindi miryango myinshi. Abo basore, nubwo biyita abakristo, ntibigeze bikorera umusaraba wa Kristo; kubera ko icyigisho cya mbere twigira kuri Kristo ari ukwigomwa. Umukiza wacu yaravuze ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange yikorere umusaraba we, iminsi yose ankurikire." Luka 9:23. Nta bundi buryo dushobora guhindukamo abigishwa ba Kristo, keretse twujuje ibi bigombero bisabwa.⁴

⁴ Signs of Time, March 31, 1887. [Ibimenyetso by'Ibihe].

GUTUKISHA UMURIMO W'IMANA

Idini uvuga ko ubereye umuyoboze ikwigisha ko ari inshingano yawe gukora mu minsi itandatu y'imirimo, kimwe n'uko ari inshingano yawe kuja mu rusengero ku munsu w'Isabato. Ntukorana umwete mu kazi kawe. Wemerera amasaha, iminsi ndetse n'ibyumweru guhita nta kintu ukoze ngo ukirangize. Ikibwirizwa cy'ingenzi ushobora kubwiriza abari mu isi gikwiriye kugaragaza ivugurura rimaramaje mu mibereho yawe, no gutunga umuryango wawe. Intumwa y'Imana Pawulo iravuga iti: "Ariko niba umuntu adatunga abe, cyane cyane abo mu rugo rwe, aba yihakanye ibyizerwa, kandi aba abaye mubi hanyuma y'abatizera," (1 Timoteyo 5:8).

Utukisha umurimo w'Imana igihe uhisemo gutura ahantu utazabona icyo ukora mu gihe runaka, noneho bikaba ngombwa ko ufata imyenda kugira ngo ubone uko utunga umuryango wawe. Iyo myenda wafashe uzi neza, ibihe byose si ko bigushobokera kuyishyira; nuko ukimukira ahandi hantu. Ibyo ni ukuriganya mugenzi wawe. Ab'isi biteze kubona ubunyangamugayo budakebakeba mu bantu bavuga ko ari abakristo bagendera ku mahame ya Bibiliya. Iyo umuntu umwe yigize ntibindeba ku byerekeye kwishyura imyenda arimo abandi, abantu bacu bose baba bari mu kaga ko kugaragara nk'abantu batari abo kwiringirwa.

"Ibyo mushaka ko abantu babagirira byose, mube ari ko namwe mubagirira,..." (Matayo 7:12). Ubwo butumwa burengurira ku bantu bakoresha amaboko yabo, kimwe n'abafite impano bashobora gutanga. Imana yaguhaye imbaraga n'ubwenge, nyamara ntiwabikoresheje. Imbaraga ufite zirahagije ku buryo ushobora kubonera umuryango wawe ibiwutunga byinshi. Jya wibatura mu gitondo, ndetse nibiba ngomwa wizindure igihe inyenyeri zikimurika. Tegura gahunda zo gukora igikorwa runaka, hanyuma ugikore. Jya usohoza amasezerano watanze, keretse gusa igihe uburwayi bwagushyize hasi. icyarushaho kuba cyiza ni uko wakwigomwa ibyokurya wagombaga kurya, maze ukiryamira, aho kugira ngo ukore icyaha cyo kuvutsa abandi ibyo ubagomba.¹

¹ Testimonies for the Church, vo. 5, pp. 179,180. [Ibihamya by'Itorero].

ICYO ITEGEKO RYA MUNANI RIDUSABA

Itegeko rya munani riciraho iteka kwiba abantu no gucuruza abaretwa, ndetse rikanabuzanya intambara zo kwigarurira uturere tw'ibindi bihugu. Riciraho iteka ubusambo n'ubujura. Risaba kuba inyangamugayo mu tuntu duto uko tungana kose mu mibereho yacu. Rivuga ko uburyo bwose bwo kugerageza kwishakira inyungu binyuze mu bujiji, intege nke, cyangwa ibyago by'abandi byandikwa mu bitabo byo mu ijuru ko ari ubujura.²

UMWE MU MITEGO SATANI ATEGA UBUGINGO BW'ABANTU

Abantu bose bakwiriye kwimenyereza kuzigama. Nta mukozi ukwiriye gucunga imirimo ye mu buryo bwamutera gufata umwenda.... Igihe umuntu ahisemo gufata, aba yishyize muri umwe mu mitego Satani atega ubugingo bw'abantu.³...

UMWENDA UCA INTEGE UKWIZERA KANDI UGATERA GUCOGORA.

Mwene Data nkunda:

Mbabajwe cyane no kubona uko umerewe bitewe n'imyenda ikubujije amahwemo. Nzi abantu benshi bafite ibibazo nk'ibyawe, kandi babujijwe amahoro n'uko ubukungu bwabo bwifashe...

Ntabwo Imana inejewe no guhagarika umutima kwawe. Irashaka kuguha Mwuka Muziranenge ngo aguhumurize kugira ngo ugire umudendezo, kandi ngo ugume mu mucyo wayo no mu rukundo rwayo. Igufitiye ibyigisho ishaka kukwigisha, kandi ukwiriye kubyihutamo igihe ubyiga. Ntukwiriye kwemera gukorwa n'isoni ku byerekeranye n'amafaranga, kubera ko kuba mu myenda bica intege kwizera kwawe kandi bikagutera gucogora, ndetse no kubitekereza ubwabyo bikaguhindura ukenda kumera nk'igikoko. Ukwiriye kugabanya ibyo uhaha, kandi ugaharanira kwinjiza iki kintu kibura mu mibereho yawe. Ushobora kandi ukwiriye gukoresha imbaraga zawe zo gutegeka uburyo bwo gukoresha amafaranga arenze ayo winjiza.⁴

IMIGIRIRE ICA INTEGE

Akamenyero ko kuguza amafaranga kugira ngo ubashe gukemura ikibazo kihutirwa, kandi utabanje gutekereza aho ubwishyu buzaturuka; nubwo ibyo bikunze kuba ku bantu benshi, ni imigirire ica intege. Imana ishaka ko abizera ukuri kwayo bahinduka, bakareka bene iyo migirire yo kwishuka. Icyarushaho kuba cyiza ni uko bakwemera kubabazwa n'ubwo bukene aho guhemuka. Nta muntu ushobora kwihunza inshingano cyangwa guhemuka mu gihe akoresha umutungo w'Uwiteka maze ngo ye kugibwaho n'urubanza. Abantu bose bagenza batyo baba bihakanye Kristo binyuze mu bikorwa byabo nubwo baba bavuga ko bakomeza

2 Abakurambere n'Abahanuzi, p. 250. (2016).

3 Colporteur Evangelist, p.67. [Umubwiririshabutumwa Ibitabo.]

4 Letter 48, 1888. [Urwandiko].

kandi bakigisha amategeko y'Imana. Ntibabungabunga amahame ari mu mategeko y'Imana. Niba abantu babona ukuri badahinduka ngo bagire imico ihura n'imbaraga yeza y'ukuri, bazaba ari impumuro y'urupfu izana urupfu," (2 Abakorinto 2:16). Bazerekana nabi ukuri, bagutukishe, kandi batume Kristo We Kuri asuzugurwa.⁵

⁵ MS 168, 1898. [Amagambo yasonzoraniye mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki].

KURARIKIRWA GUSENGA CYANGWA GUHINDURA ICYO WAKORAGA

Muvandimwe na Mushiki wanjye nkunda:

Ndumva mbafitiye impuhwe nyinshi kandi ndagusabira kugira ngo ubashe kubona ibintu uko biri. Ukwiriye kubona neza ko umuntu adakwiriye gucunga ibintu bye mu buryo bwamushyira mu myenda....

Igihe umuntu abonye ko atari guhirwa mu mirimo ye, ni kuki atihereza ngo asenge, cyangwa ngo ahindure umurimo yakoraga? Imbere yacu hari ibihe by'umugaru, kandi Imana izemera abantu bose bashobora gufatanya na We. Nimwimenyereze imibereho yokwiyanga no kwitanga. Buri ntambwe yose muteye, mujye muyitera mwitonze kandi musenga. Mugende mwiyoheje imbere y'Uwiteka. Dukwiriye kurinda uburyo tubanamo n'Imana ntibuhungabane, kandi tukagorora inzira z'ibirenge byacu, kuko nibitagenda bityo, ibirema bizayoba bive mu nzira.

INAMA IGIRWA UMUBWIRIZABUTUMWA UKORESHYA IBITABO

Mu rwandiko wanditse, winubiraga umutwari w'umwenda ukuremereye. Ariko nta rwitwazo ufite rwo kuba urimo imyenda. ... Umudendezo wawe mu kuguza amafaranga udatekerezaga niba uzashobora kuyishyura, ni ugutuma abandi baharenganira, no kubiba na duke bari bafite, kandi ugatukisha umurimo w'Imana. Iyo uza gusobanukirwa neza ibyo warimo ukora, wari guhita ubihagarika. Wari kubona ukuntu ari icyaha kibi kwiba abantu, abizera n'abatizera, ukabashyira mu nzira y'impatanwa kugira ngo wikemurire ibibazo byawe bwite.

Iki kibazo cyawe, mwene Data ----- si ikintu cyoroshye. Imigendere yawe yasize mu nzira y'abandi babwirizabutumwa imbaraga yangiza, kandi bizakurushya gusibanganya icyo cyasha. Uzaba usibiye amayira abandi bantu bantu bakora umurimo nk'uwawe, kandi bakawukora bataryarya, nyamara ibyo wakoze byazatuma bagaragara nk'abatari abo kwiringirwa. Abashaka mu by'ukuri kuba bakora uwo umurimo kandi bakabona n'amahirwe akomoka mu nshingano nk'uyo, ntibatinyuka kuwukora bitewe n'imigendere idahwitse ya bamwe mu babwirizabutumwa bakoresha ibitabo. None se, bakurikije ibyo byabaye byateje igihombo cy'amadolorari menshi mu bubiko bw'Itorero, ni buryo

ki abashinzwe gucunga umutungo batagira impungenge zo kugirira icyizere bene abo bantu basohora umutungo mu bubiko bagateza igihombo mu mutungo wari ukenewe ngo ushyigikire umurimo w'Imana muri iki gihe?¹

UMUDENDEZO UZANWA NO KWIGOMWA

Ukwiriye kumasha ntiwongere gufata umwenda. Emera kwigomwa ibintu igihumbi aho kugira ngo ujyemo imyenda. Kujya mu myenda byabereye umuvumo ubugingo bwawe. Irinde umwenda nk'uwirinda ubushita.

Ngaho sezeranira Imana ko kubwo gufashwa na Yo uzishyura imyenda yose ugasigara nta muntu n'umwe ufiteye umwenda nuramuka wemeye gutungwa n'igikoma n'umugati. Biroroshye cyane ko ukura ibiceri makumyabiri na bitanu mu mufuka ukabitanga ku bintu by'ikirenga bitari bikenewe mu gihe utegura ameza yawe.... Ita ku gucunga neza amafaranga ufite, bityo azicunga ubwayo. Udufaranga duke ukuye hano, n'utundi ukuye hariya ni yo akoreshwa mu bintu nk'ibyo; kandi iyo yongeranyijwe ni yo ageraho agahindukamo amafaranga menshi. Nibura, gerageza kwigomwa igihe ugoswe n'imyenda impande zose... Ntucike intege kandi ntucogore cyangwa ngo usubire inyuma. Igomwe ibikuryohera, igomwe ibyo kurya n'ibyo kunywa, izigamire amafaranga maze wishyure imyenda ufite. Ikiranure na yo vuba bishoboka. Igihe uzaba wongeye guhagarara ufite umudendezo, nta muntu n'umwe ubereyemo umwenda, uzaba ugeze ku nsinzi ikomeye.²

UMWENDA TUKWIRIYE KUBERA INKOMYI KUGIRA UBUNTU

Hari abantu bamwe batigeze bahaguruka ngo bafatanye n'abandi muri gahunda yo gukora imirimo y'ubugiraneza, babikora bitwaje ko bafite imyenda myinshi bataramara kwishyura. Batakamba bavuga ko bazabanza kwikiranura n'abo babereyemo imyenda bose. Ariko kuba bafite imyenda, ntibikwiriye kuba urwitwazo. Nabonye ko bakwiriye guha Kayisari ibya Kayisari, n'Imana bakayigarurira ibyayo. Bamwe bahamanyana n'umutima uhana ko batagomba kugira umuntu babamo umwenda, maze bagatekereza ko Imana itagomba kugira icyo ibasaba gukora kugeza ubwo bazaba barangije kwishyura imyenda. Aho baribeshya rwose. Bananirwa kugarurira Imana ibyayo. Buri muntu wese agomba kuzanira Imana ituro rikwiriye. Abo bantu barimo imyenda, bakwiriye kuyishyura bakoze mu butunzi bafite, ariko asigaye bagakuraho umugabane wo gukora umurimo w'Imana.³

1 Letter 36, 1897. [Urwandiko].

2 Letter 4, 1877. [Urwandiko].

3 Testimonies for the Church, vol. 1, 220. [Ibihamya by'itorero].

GUKURA IMYENDA KU NYUBAKO Z'ITORERO

Nishimana namwe kubw'icyerekezo cyiza mufite cyo gukura imyenda ku nyubako z'Itorero. Mbese amafaranga yari kuzigamwa yari kuba angana ate iyo buri mwaka bakora uko bashoboye kose bakagenza batyo? Ntabwo ari ngombwa ko inyubako z'amateraniro yacu zihora mu myenda uko umwaka utashye. Buri mwizera wese w'Itorero nakora inshingano ye, akagira imibereho yo kwigomwa no kwitanga kubw'Umwami Yesu wamuguze igiciro cyinshi, kugira ngo Itorero rye ribe ridafite umwenda n'umwe, azaba ahesheje Imana icyubahiro.

Ibigo bikomeye by'Uwiteka, ibikoresho bye bwite, bikwiriye kuba nta mwenda n'umwe birimo. Buri mwaka amafaranga menshi ashirira mu kwishyura inyungu ku myenda yafashwe. Iyaba ayo mafaranga yose batanga yarashyizwe hamwe kugira ngo akorwemo igishoro shingiro, ntabwo imyenda iba ikomeje kudutwara amafaranga ubudatuza. Kujya mu myenda ni gahunda itari yo. Iyaba amafaranga akenewe mu mirimo y'inyubako yabanzaga kwegeranywa hakoreshejwe imbaraga nyinshi, maze Itorero rikamurikirwa Imana ridafite umwenda, mbega ukuntu byarushaho kuba byiza! Mbese ntitwabigira itegeko ngo igihe cyose abantu bubaka inzu y'Uwiteka, bajye bakorana umwete kandi bihangana, kugira ngo inzu izaturwa Imana ye kuzaba ifite umwenda?...

Uwiteka yanyeretse ko imyenda ikwiriye kuvanwa ku nyubako dusengeramo muri Australia cyangwa muri New Zealand. Umwenda w'uburyo ubwo ari bwo bwose usobanura kwirengagiza ibintu by'Imana byejeje kandi bidasanzwe; kubera ko ibintu rusange kandi birimo kwikunda byagizwe nyambere kandi bikaburizamo ibindi byose.... Urusengero rw'Imana ni rwo rukwiriye guhabwa icyubahiro cy'ikirenga. Ikindi kintu cyose kigomba kuza ku mwanya wa kabiri. Ibitekerezo byacu bikwiriye kuzamuka, bikaba iby'icyubahiro, kandi bikezwa. Gukunda iby'isi no kurarikira ubutunzi byagiye bishyigikirwa n'ababyeyi mu byo bakorera abana babo, bene wabo ndetse n'inshuti zabo. Amafaranga yakoreshejwe mu gihe ndetse n'ahantu atashoboraga guhesha Imana icyubahiro; ahubwo akaba ari aho yangije byinshi. Impano nyinshi zahawe abana, abavandimwe n'inshuti, mu gihe impano zatanzwe mu

binezeza Imana zabaye nkeya ndetse ziragabanuka, kandi zitangwa inshuro nkeya....

KWIGOMWA NO GUTANGA UMUTUNGO W'ITORERO NK'INGWATE

Dore ikibazo cyo kwisuzuma buri mukristo wese agomba kwibaza: “ Mbese mu mutima wanjye nkunda Yesu? Mbese nkunda urusengeru rwe?... Mbese urukundo nkunda Imana n’Umucunguzi wanjye rurakomeye bihagije ku buryo rwatuma nigomwa? Igihe mpuye n’ibigeragezo bimpatira kujya mu binezeza no mu gushimisha inarijye, mbese nzavuga ngo: Oya, sinshobora gutanga n’ifaranga na rimwe ngamije kwinezeza mu gihe inzu y’Imana yatanzweho ingwate ya banki cyangwa iremerewe n’umutwaro wo kuba mu mwenda?

Mbese Kristo si We dukwiriye kugira nyambere muri byose? Mbese kumugira nyambere ntiyabidusaba nk’ikimenyetso cy’uko tumwubaha kandi tukaba turi abakozi be b’indahemuka? Ibi bintu ni byo byerekana ubuzima bw’imitima yacu, imibereho yacu mu miryango, ndetse n’ubuzima bw’Itorerero. Niba umutima, ubugingo, imbaraga n’imibereho yawe warabyeguriye Imana, niba urukundo rwawe wararuyihaye mu buryo bwuzuye, ni bwo ubasha kugira Imana nyambere mu byo ukora byose. Ikizavamo ni uko uzaba ugaragaza icyo kuba umufatanyabikorwa wa Yesu Kristo mu murimo wera bisobanura. Inyubako yatangijwe ngo haboneke inzu yo gusengeramo Imana ntizarekwa ngo icumbagire kubera imyenda. Kwemera icyo kintu kikabaho bizasa n’aho ari uguhakana kwizera kwanyu.¹

IMYENDA Y'ITORERO ISUZUGUZA IMANA

Iyo amatorero yacu avunwa n’umutwaro w’imyenda bisuzuguzwa Imana. Ibi bintu ntibikwiriye kubaho rwose. Ibi bigaragaza ko imicungire y’amatorero itagenze neza kuva mu itangira kugeza ku iherezo, kandi ibyo bisuzuguzwa Imana yo mu ijuru. Soma kandi wige usenga igice cya kane cya Zekariya. Nurangiza, usome igice cya mbere cya Hagayi, maze urebe niba ibyo usoma atari wowe bitunga agatoki. Mu gihe kinini witekerejeho ubwawe, utekereza ku nyungu zawe zirimo kwikunda, wirengagije guhaguruka ngo wubake, cyangwa se wubatse ukoresheje amafaranga wagujije maze ntiwatanga impano kugira ngo ukure inyubako z’Itorerero mu myenda. Mbese uha agaciro inshingano yawe ugomba gukora? Umwaka urashira undi ugataha, kandi hatangwa udufaranga duke ngo umwenda w’Itorerero ugabanyuke. Ibyo abantu bararikira ni byo bimara bunguri umutungo wagombaga gukoreshwa mu kwishyura umwenda.

IMPAMVU ITUMA IMYENDA IHORAHU

Imana ishinja abari mu Itorerero kuba abakozi b’abanyabute. Ubushake bwayo ntibuba bukurikijwe iyo ibintu byayo byejeje bititaweho kandi bigakerenswa. Kwitanga no kwigomwa muri buri Torero byahindura ibintu.”Ifeza ni izanjye, n’izahabu na zo ni izanjye.” Hagayi 2:8. Igihe ifeza

¹ Letter 52, 1897. [Urwandiko].

n'izahabu bikoreshejwe mu mpamvu zo kwikunda, gushyigikira kwifuza cyangwa kwirata, cyangwa gutegekwa n'inarijye, nk'uko byagiye bigenda mu bihe bishize, ibyo bisuzuguzwa Imana.

Mbese abantu bahagarariye umurimo w'Imana barasinziye cyane ku buryo badashobora gusobanukirwa n'uko ibintu birimo biba ari ingaruka yo kwirengagiza kwabonetse mu rwabo ruhanda? Igihe abantu batoranyijwe n'Imana bahitamo kurimbisha amazu yabo, amafaranga y'Imana bakayakoresha mu... n'ibindi bintu bitandukanye byo kunezeza inarijye, kandi bazi neza ko uwo mutungo wari ukwiriye gukoreshwa mu gufata neza inzu y'Imana, kugira ngo hatagira andi mafaranga asohorwa mu bubiko kugira ngo hishyurwe ibintu runaka byakozwe, ntibashobora guhabwa umugisha.

Mfite ubutumwa nahawe n'Uwiteka. Amatorero akwiriye gukanguka akava mu bitotsi bimeze nk'urupfu, maze bagatekereza kuri ibi bintu. Uwiteka aravuga ati: "Ifeza ni iyanjye, n'izahabu na yo ni iyanjye." Mbese twebwe nk'imiryango turimo gukoresha ifeza n'izahabu by'Uwiteka mu mpamvu zo kwikunda, maze ntitugire icyo dukorera korohereza inzu ye umutwaro w'umwenda ifite? Amatorero aremerewe n'umwenda, bidatewe n'uko atakizwa iyo myenda, ahubwo bitewe n'uko hari ukwikunda ku ruhanda rw'abizera bayo. Uku kwirengagiza inshingano bisuzuguzwa Imana, kandi niramuka ihagaritse ubutunzi bwawe ntibugwire, ntuzahumirize amaso yawe ngo wibuze kubona impamvu zabyo. Igihe ugize Imana nyambere, kandi ukabona neza ko isuzuguwe kubera umwenda, Imana izaguha umugisha.²

INAMA N'UBUFATANYE BIRAKENEWE

Mwenedata: Kuri buri ntambwe yose utera, uzakenera kumenya ko utari kugenda mu nzira witekerereje ubwawe, ahubwo ko ari ya yindi yakomotse mu nama zihurijwe hamwe zivuye muri bene So. Iki kintu cyarakunaniye, kuko wagiye ukora witandukanije n'abandi...Ushobora kuguzwa amafaranga. Ariko se wigeze ujyana bene so ngo ubamenyeshe gahunda zawe zo kubaka? Mbese wafatanije na bo uwo mutwaro?...Mu bijyanye no kubaka urusengero, ibitekerezo by'umuntu umwe cyangwa gushyira mu gaciro kwe ntibikwiriye kwemerwa nk'ibiboneye ngo igikorwa kigerweho. Bisaba ko buri mwizera wese ushoboye gukora inshingano runaka abigiramo uruhare, kandi umugabura ntabe ari we wikorera uyu mutwaro wenyine. Iki ni icyigisho ugomba kwiga: gushaka ibitekerezo n'inama za benedata, kandi ntukomeze kujya mbere udahawe inama na bo, kandi ngo baguhe inama ndetse bagufashe.³

INTEGE NKE ZITAKWIHANGANIRWA

Neretswe intege nke amatorero menshi yagaragaje zatumye afata imyenda, kandi akaguma muri iyo myenda. Hamwe na hamwe, inzu

² MS, 116, 1897. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki]

³ Letter 49, 1900. [Urwandiko 49, 1900].

y'Imana igiye ifite umwenda uhoraho kandi ikagira inyungu zihoraho z'uwo mwenda zigomba kwishyurwa. Nihaboneka bwa bwenge, bwa buryo na rya shyaka rigaragarizwa Databuja, bya bindi Imana isaba ko buri wese mu bagaragu bayo agaragaza, hazaboneka impinduka muri ibi bintu. Imyenda izakurwaho. Kwigomwa no kwitanga bizakora ibitangaza mu guteza imbere ibya Mwuka mu Itorero. Nimutyo buri mwizera wese agire icyo akora. Nimureke buri wese mu baramya Imana abone ko ari ngombwa gukorana umwete urwe ruhare.

Koleji yitwa----- n'Itorero ntibikeneye kongera kuvunwa n'imyenda nk'uko bimeze ubu. Bene ibyo byerekana ubusonga burimo ubujiji. Imana ihamagarira umuntu wese kwitanga. Irarikira abashobora gutanga bose kuzana amaturo, ndetse n'abakene bo mu itorero nabo bashobora gutanga kuri duke bafite. Kandi igihe hazaba hari ubushake bwo kugira icyo bakora, Imana izaca inzira. Ariko rero Uwituka ntashimishwa na bene iyo micungire. Ntabwo yigeze iteganya ko umurimo wayo uzakomwa mu nkokora n'imyenda.

Ukwigomwa ni ko kuzashoboza abatarigeze bagira icyo bakora mu bihe byashize gukora ikintu kigaragara, kandi bakerekana ko bizera inyigisho dukura mu Ijambo ry'Imana, bakerekana kandi ko bizera ukuri kwagenewe ab'iki gihe. Abantu bose, abakuze n'abato, ababyeyi n'abana babo, bose bakwiriye kugaragaza ukwizera kwabo babinyujije mu mirimo bakora. Ukwizera gutunganywa n'imirimo. Ubu turi mu bihe bisoza amateka y'isi; ariko ni bake gusa basobanukiwe na byo bitewe n'uko iby'isi byitambitse hagati y'Imana n'imitima yabo.⁴

KUBAKA URUSENGERO N'ISHURI AHITWA AVONDALE

Hariho ibihe abantu bunguka byinshi binyuze mu guhuriza hamwe ingufu, gukorana umwete no gushikama. Igihe cyo gutangiza ishuri ryacu cyari cyatangajwe; ariko bene Data bo mu yindi mijyi bashakaga kwigizayo iyo tariki. Bari barategereje igihe kirekire gufungurwa kw'iryo shuri, maze bararambirwa. Ku nyubako hari hakiri ibintu byinshi bitararangira, nyamara amafaranga twakoreshaga yari yashize. Kubw'ibyo, abubatsi bavuze ko uwo murimo utashoboraga gukorwa ku gihe cyari cyeteganyijwe. Ariko twebwe twavugaga ko bidakwiriye gutinda. Ishuri rigomba gutangizwa ku itariki yateganyijwe. Nuko icyo kibazo tugishyikiriza Itorero, maze turarika abafite ubushake. Abagabo n'abagore mirongo itatu bitangiye gukora umurimo; kandi nubwo byari bikomeye kubona igihe, iryo tsinda rikomeye ryakomeje kuza ku murimo buri munsu kugeza igihe inyubako zari zuzuye, zikorera amasuku, ziratunganywa, ku buryo zari ziteguwe ku munsu wari wagenwe wo gutangiza ishuri.

Ubwo igihe cyo kubaka iyi nyubako yo gukoreramo amateraniro cyari kigeze, haje ikindi kigeragezo cyo gusuzuma kwizera n'ubuyoboke by'abizera. Twari twarashyizeho akanama ko gusuzuma ibikwiriye gukorwa. Inzira yasaga n'ikikijwe n'inkuta z'ingorane. Bamwe baravuze

⁴ Letter 81, 1897. [Urwandiko].

bati: "Mwubake inzu ntoya, maze igihe tuzabonera ubushobozi, tuzayagure, kuko tudashobora kubona amikoro yatuma turangiza iyi nyubako nk'uko tubyifuza." Abandi baravuze bati: "Nimutegereze kugeza igihe tuzaba dufite amafaranga yo kubaka inyubako nini." Uko ni ko twatekereje gukora; ariko ijamba ry'Uwiteka rinzaho mu gihe cya nijoro rirambwira riti: "Nimuhaguruke mwubake, mudatindiganije."

Nuko dufata icyemezo cyo gutangira umurimo, tukagenda mu kwizera maze tugashyiraho urufatiro.. Mu ijoro ryakurikiyeho twabonye amapawundi maganabiri aturutse muri Afurika y'Epfo. Ayo mapawundi yari impano twohererejwe na mwene Data na mushiki wacu Lindsay, bo muri Cape Town (Kapu Tawuni), kugira ngo adufashe kubaka inzu y'amateraniro. Ukwizera kwacu kwari kwageragejwe, twari twafashe icyemezo cyo gutangira umurimo, none dore Uwiteka yari ashize mu biganza byacu impano nini yo gutangiza umurimo.

Iyo nkunga twahawe yatumye dutangira umurimo dushyizeho umwete. Inama y'ishuri yatanze ikibanza, inadutera inkunga y'amapawundi ijana. Na none tubona inkunga y'amapawundi magana abiri twohererejwe na Konferanse ya Yunyoni; n'abizera b'Itorero batanze uko bashoboye. Inshuti zacu tudasangiye kwizera na zo zaradufashije, ndetse n'abubatsi batanze igihe cyabo ho inkunga na yo yari ifite agaciro nk'ak'amafaranga.

Nuko umurimo urarangira, none dufite iyi nzu nziza ifite ubushobozi bwo kwakira abantu magana ane. Dushimira Uwiteka cyane kubera iyi nzu tubasha kumusengeramo. Asobanukiwe neza n'inzira z'impananwa twanyuzemo. Igihe ingorane zabaga zivutse, Umukuru w'Itorero Haskell wari uhagarariye umurimo, yateranirizaga abakozi hamwe, bagasenga bashyizeho umwete bagasaba Imana kubaha umugisha no guhira umurimo bari gukora. Uwiteka yumvise gusenga kwabo, maze mu byumweru birindwi inyubako iba irarangiye.⁵

⁵ Review and Herald, Sept. 1, 1898. [Urwibutso n'Integuza].

KWIRINDA UMWENDA KU BIGO BY'ITORERO

Imana ntishaka ko umurimo wayo uhora udindizwa n'imyenda. Igihe bisa n'aho ari byiza kongera inyubako cyangwa kwagura ibikorwa by'ikigo, muje mwirinda gukora ibirenze amikoro mufite. Ibyiza ni ugusubika ibyo bikorwa kugeza igihe kugira neza kw'Imana kuzakingura inzira kugira ngo ibyo bikorwa bikorwe, hatabayeho gufata imyenda iremereye no kwishyura inyungu ziturutse kuri iyo myenda.

Amazu y'icapiro yahinduwe ahantu abizera babitsa amafaranga, bityo bayaha ubushobozi bwo kunganira amashami y'umurimo mu mafilidi atandukanye, kandi yanafashije mu kurangiza indi mishinga. Ibi ni byiza. Muri iki cyerekezo, si byinshi cyane byakozwe. Uwitaka arabyitegereza byose. Ariko nkurikije umucyo yampaye, imbaraga zose zikwiriye gukoreshwa kugira ngo umwenda wirindwe.

MU NZU Y'ICAPIRO

Umurimo w'icapiro wahanzwe binyuze mu buryo bwo kwigomwa, kandi ukwiriye gukomerera ku mahame y'icungamutungo adakebakeba. Ikibazo cy'amafaranga gishobora kugenzurwa niba abakozi bashobora kwemera kugabanyirizwa ku mushahara igihe hari ikibazo cyihutirwa gishaka amafaranga. Iri ni ihame Imana yanyeretse ngo rijye rikurikizwa mu bigo byacu. Igihe bigaragaye ko amafaranga ari make, tuba dukwiriye kugaragaza ubushake bwo kugabanya ibyo twifuza.

Nimureke amafaranga akwiriye agenerwe umurimo wo gucapa ibitabo, kandi na none abakora mu nzu y'icapiro bige gukoresha neza umutungo mu buryo bushoboka bwo, nubwo byatuma habonekamo ingorane nyinshi. Jya ukurikirana ibisohoka mu mutungo byose. Funga buri kenge kose kabasha kunyuramo umutungo usohoka. Ibihombo bito bito ni byo usanga byabyaye ibihombo binini ku iherezo. "Nimuteranye ubuvungukira busigaye, hatagira ikintu gipfa ubusa." (Yohana 6:12.) Ntukagire iminota upfusha ubusa wiganirira; kuko iminota ipfushijwe ubusa iba igabanyije isaha. Gukorana umwete wihanganye, no gukorera mu kwizera, amaherezo bituma umuntu agera ku nsinzi.

Abantu bamwe batekereza ko gukurikirana ibintu bito bigabanya icyubahiro cyabo. Batekereza yuko kuzenza gutyo ari ikimenyetso cy'imitakererereze migufi n'umwuka w'ubugugu. Nyamara utwenge duto cyane twateye amato menshi kurohama mu Nyanja. Ikintu cyose n'ubwo cyaba ari gito ariko kikaba gishobora kugira icyo gifasha mu murimo, ntigikwiriye gupfushwa ubusa. Kudacunga neza umutungo bizatuma ibigo byacu bijya mu myenda. Nubwo haboneka amafaranga menshi, azagenda ahombera mu tuntu duto dupfushwa ubusa muri buri rwego rwose rw'umurimo. Kumenya gufata neza ibintu no kubikoresha neza, bitandukanye no kugira ubugugu.

Umugabo wese cyangwa umugore wese ukora mu nzu y'icapiro, akwiriye kuba ari umurinzzi w'umwizerwa, agahora areba ko nta kantu na kamwe gapfushwa ubusa. Bose bakwiriye guhora birinda ko hari amafaranga yatungwa ku bintu abantu bibwira ko bikenewe. Abantu bamwe batungwa n'amadolari magana ane ku mwaka kandi bakabaho neza kurusha abatungwa n'amadolari maganinani ku mwaka. Uko ni ko bimeze mu bigo byacu; abantu bamwe bashobora gucunga neza ibyo bigo bakoresheje umutungo muke nyamara bakarusha abandi umusaruro. Imana yifuza ko abakozi bese bacunga neza umutungo w'ibigo, kandi by'umwihariko bakaba abacungamari babizerwa.¹

IMICUNGIRE MYIZA Y'IBITARO ITUMA HAKORESHWA AMAFARANGA MAKE

Abantu bafite aho bahuriye n'ibigo byacu bakwiriye kwiga uburyo bwo kwirinda gukoresha amafaranga menshi kugira ngo ibigo bitajya mu myenda. Igihe cyo kugura ibintu hagomba gukoreshwa ubwenge. Amafaranga yinjijye, agomba kuronderezwa, agakoreshwa igihe kirekire gishoboka. Habayeho gucunga neza umutungo, hazigamwa amafaranga menshi menshi.

Abantu ntibari bakwiriye gusohora amafaranga ngo bayakoreshe, keretse gusa igihe bafite amikoro ahagije. Hariho abantu bakorana n'ibigo byacu usanga bagwa mu myenda yashoboraga kwirindwa. Birashoboka ko hakoreshwa amafaranga ku bintu bitari ngombwa, mu rwego rwo kurimbisha inyubako. Ibihe byinshi amafaranga akoreshwa ku bintu binezeza abantu ndetse no ku byo bakunda.

UMUKOZI WESE AGOMBA KUGIRA ICYO YINJIZA

Buri mukozi wese agomba guharanira kugira umwete no gukora kugira ngo azigame amafaranga kuruta ko yayasohora. Bwira abantu bagira ubushake bwo gukoresha amafaranga kandi nta yo binjijye uti: "Ni inshingano yanjye gukoresha neza umutungo muri buri rwego ndimo rwose." Sinshobora gushyigikira abantu basesagura umutungo. Sinshobora kurekura amafaranga ngo agurwe ibintu bidakenewe.

Kuva ku muntu ukomeye kurusha abandi ukageza ku woroheje hanyuma y'abandi, abakozi b'Imana bese bakwiriye kwiga gukoresha neza

¹ Testimonies for the Church, vol.7, pp.206, 207. [Ibihamya by'Itorero].

umutungo. Nimutyo umuntu wese yibwire ati: Nkwiriye gukumira muri jye ibyifuzo bimbwira gukoresha amafaranga igihe bitari ngombwa. Nimutyo abantu bakora mu murimo w'Imana babe abinjiza umutungo kimwe n'uko bawukoresha. Nimwitegereze ukuntu umurimo ari mugari maze mukumire ibyifuzo bitari ibya gikristo byo gukoresha amafaranga mu buryo rwo kwishimisha. Mbere yo kugura ikintu wifuzza, jya ubanza urebe ubunini bw'ikiguzi cyacyo.

Aya ni amahirwe atangaje ya buri wese kugira ngo ahagarare mu mugabane we no mu mwanya umukwiriye. Nimutyo buri muntu agerageze kugira icyo yinjiza. Abari mu murimo w'Imana bakwiriye kugira ubushake bwo gutanga ubufasha aho bukenewe hose. Bakwiriye gusohora amafaranga make mu buryo bwose bushoboka; kubera ko hazabaho ibintu bya ngombwa bikeneye gukorwa, maze buri faranga ryose rikaba rikenewe kugira ngo umurimo w'Imana ubashe kujya mbere.

Gukoresha abakozi bafasha mu mirimo runaka, haba mu bigo cyangwa se hanze yabyo, ni ikintu gikwiriye gukoranwa ubwitonzi. Abashinzwe gucunga ibigo byacu bakwiriye kubyitondera kandi bakabigiramo ubushishozi. Ntibakwiriye gukoresha abakozi benshi, keretse gusa igihe bikenewe cyane kandi bikaba biributange umusaruro. Mu byerekeye iki kintu, ibihe byinshi hakorwa amakosa.

ABAKOZI NA BO NI BAMWE MU BAGIZE UBUZIMA BW'IKIGO

Abakozi bafasha mu bigo byacu bakwiriye gukora nk'aho ari bamwe mu bagize ubuzima bw'ikigo. Ntibakwiriye gutekereza ko bagomba gukora amasaha runaka gusa muri muni. Igihe habayeho ibintu bidasanze, maze bikaba ngombwa ko hakenerwa ubufasha burenga ku masaha asanzwe yakazi, bakwiriye kwitabira badahatwa kandi banezerewe. Bakwiriye kwiyumvamo ubushake bwo gutuma ikigo bakorera kigera ku ntego. Bityo, abandi babireba bikabatera gukunda umurimo no kuwukora batinuba.

Kristo yaravuze ati: "Nimuteranye ubuvungukira busigaye, hatagira ikintu gipfa ubusa." Abakozi bakora mu bigo byacu bakwiriye kujya bita kuri iri bwirizwa. Nibirinde ko hagira ikintu na kimwe gipfa ubusa, haba mu bya Mwuka cyangwa mu by'ubutunzi bw'igihe gito Uwiteka aba yaduhaye. Abarezi ndetse n'abakozi bafasha abandi muri ibyo bigo by'amashuri, bese bakwiriye kwigishwa uburyo bwo gukoresha neza umutungo. Kandi binyuze mu nyuguti mu rugero rw'imibereho, ababyeyi na bo bakwiriye kwigisha abana babo kujya barondereza amafaranga make baba bafite. Imiryango myinshi ikennye ibiterwa ahanini ni uko amafaranga babonye bahita bayakoresha bakiyabona.

Abafite inshingano yo guteka mu mavuriro, bakwiriye kumenyerezwa imikorere myiza yo kurondereza. Bakwiriye kumenya ko nta byokurya bikwiriye gupfushwa ubusa.

« NTIBIKWIRIYE KUGIRA UBUTE MU MURIMO »

Ijambo ry’Imana ritubuza kugira ubute: « Ku by’umwete ntimube ibyangwe, muhirimbanire mu mitima mukorere Umwami wacu. » Abaroma 8.11. Nimutyo buri muntu wese ukora mu mavuriro yacu yite ku murimo ashinzwe kandi awukorane umwete n’umurava. Niba abakozi bafasha abandi batarigeze biga gukorana umwete, nibahite batangira kubyimenyereza, cyangwa se bemere ko ibihembo byabo bizajya bigenwa hakurikijwe umurimo bakoze. Buri muni abaforomo n’abafasha babo bakwiriye kujya barushaho gukora neza no gukora hose kandi bagahora biteguye kunganira abandi. Bashobora gufashanya kugera ku rwego rwo hejuru bakaba bakwiriye koko kwitwa ukuboko gufasha kw’Imana. Nimutyo abantu bagenda biguru ntege bimenyereze buri muni gukora vuba umurimo wabo kandi bawunozze....

Abahemberwa umurimo bakoze, bakwiriye kuwukora neza kandi bakawurangiza ku gihe.. Bakwiriye kuba abinjiza umutungo nk’uko bawukoresha. Nibigishwa muri ubu buryo, ni bwo bazarushaho gukora neza umurimo bashinzwe. Bazahora biteguye gukora umurimo ahantu hose bakenewe.²

GUKORESHA NEZA UMUTUNGO MU BIGO BY’AMASHURI

Gukoresha neza umutungo bikwiriye gukorwa mu byiciro byose kugira ngo ibintu bikomeze kugenda neza bitabaye ngombwa ko habaho kurohama mu myenda; nyamara amafaranga y’ishuri agomba kwiyongera. Ibi nabimenyeshwe ndi i Burayi, kandi guhera icyo gihe mwarabimenyeshwe ndetse bigezwa no ku mashuri yacu. Kandi ikibazo ni iki: “Ni buryo ki amashuri yacu azirinda imyenda? “Iki kizakomeza kuba ikibazo kugeza ubwo hazabonekera abantu b’abanyabwenge bazi gukoresha imibare neza. Ongera amafaranga y’ishuri kandi mu micungire y’igikoni uhashyire abantu bashoboye kuzigama no gukoresha neza umutungo w’ibigo. Nimushake abantu b’abahanga, nibiba ngombwa kubahamba amafaranga menshi, mubikore. Kwirinda kurenza urugero rw’ibikenewe ni ingenzi cyane. Nimukurikiza izi nama, ntabwo imyenda izongera kwiyongera mu mashuri yanyu....

ABANYESHURI BAKWIRIYE GUFATANYA N’IKIGO

Bamwe bashobora kuvuga bati: “Tuzabona abanyeshuri bake.” Ibyo birashoboka; ariko abo muzabona bazashimishwa n’ibihe byiza bazahagirira, kandi babone ko ari ngombwa kugira umurimo unoze kugira ngo bazabe bateguriwe neza kuzasohozza inshingano bazahabwa. Abanyeshuri nibahora berekwa Uwituka ngo ari We bahora bashakiraho inama nk’uko Daniyeli yabigenzaga, azabaha ubumenyi n’ubwenge. Bose bazahinduka imiyoboro y’umucyo. Ibyo ubishyire imbere y’abanyeshuri. Babaze niba hari abazagira icyo bigomwa kandi bakitanga kugira ngo umwenda ikigo cyafashe ushobore kwishyurwa. Umutima w’ubushake urakenewe nibura mu banyeshuri bamwe.

² Letter 87. 1901. [Urwandiko]. .

Imana ifashe abayobozi b'amashuri yacu kutigera bemera ko ibisohoka biruta ibyinjira niba babona ikigo gishobora gufunga imiryango. Ntihigeze habaho impano yaba ikenewe mu gucunga imari y'ibigo byacu. Ibi bintu Imana isaba ko bikorwa n'abacungamutungo b'ibigo. Ingeso mbi yose yo gukoresha amafaranga ku bintu bidakenewe ikwiriye gushyirwa ku ruhande, kandi buri rari ryo gukora ibitari ngombwa rigakumirwa. Igihe ayo mahame agaragazwa neza mu ijambo ry'Imana azaba yeretswe amashuri yose, na yo akayakurikiza afite umwete ushoboka wose, imyenda ntizongera kwirundanya ngo ibe myinshi.³

KURINDA AMAFARANGA Y'ISHURI

Umuyobozi mukuru w'Ishuri akwiriye kwita ku mikoreshereze y'amafaranga y'ikigo mu buryo bw'umwihariko. Agomba kuba asobanukiwe n'amahame agenga imibikirwe y'ibitabo. Agomba kujya atanga raporo y'ukuri yerekana ifaranga ryose ryamunyuze mu biganza rijya gukoreshwa mu mirimo y'ikigo. Ntabwo amafaranga y'Ishuri agomba gusohoka cyane; ibiri amambu, bagomba gukora ibishoboka byose agakoreshwa ku buryo ishuri rurushaho kuba ingirakamaro. Abantu bahawe inshingano yo gucunga umutungo mu bigo by'amashuri yacu, ntibakwiriye kwemera amafaranga akoreshwa mu buryo butitondewe. Ikintu cyose cyerekeye amafaranga y'amashuri yacu kigomba kuba kinyuze mu mucyo. Inzira tweretswe n'Uwiteka dukwiriye kuyikurikiza tudaciye iruhande, bona nubwo ibi binyuranye n'inzira z'abantu....

Niba uhuye n'igishuko kikubwira gukorehsa amafaranga yinjiye mu kigo cy'ishuri mu buryo butazanira ishuri inyungu idasanzwe, ukwiriye kongera gusuzuma neza ihame rigenga urugero rw'imico yawe, mbere yuko igihe cyawe cyo gusuzumwa kigera maze ugasangwa udashyitse. Ni nde ubika ibitabo byawe? Ucuha umutungo wanyu ni nde? Ni nde ucunga imikorere y'imirimo y'ikigo? Mbese bashoboye inshingano yabo kandi bayikorana ubushishozi? Suzuma ibi bintu. Birashoboka ko amafaranga yakoreshe mu buryo butari bwo, bikabaho nta muntu n'umwe warabutswe uko byagenze; kandi birashoboka ko ishuri ryakomeza guhomba kubera ko amafaranga akoreshwa mu buswa. Abashinzwe kubikurikirana bashobora kwiyumvisha icyo gihombo cyabonetse, nyamara bagatekereza ko bakoze ibishoboka byose. Ariko se kuki bemeye ko imyenda iba myinshi? Nimutyo abayobozi b'amashuri bajye bareba uko umutungo w'ishuri uhagaze buri kwezi.⁴

MWIRINDE UMWENDA NK'ABIRINDA IBIBEMBE

Gukoresha neza umutungo bikwiriye gukorwa ku kantu kose kerekeye ishuri. Abaza ku ishuri baba bavuye mu mazu atarimbishijwe, aho bamenyereye kurira ibiryo byoroheje babona batagombye gukora ibintu byinshi. Bamenyereye ibyokurya byiza bitagizwe namoko menshi y'ibiribwa igihe cy'anywa Ni byiza ko bese bahabwa ifunguro ryoroheje

³ Letter 137, 1898. [Urwandiko].

⁴ MS 65, 1906. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki].

igihe cya nimugoroba. Ni ngombwa ko ikibazo cy'imikoresherezwe y'umutungo cyitabwaho nta gukebakeba, kuko nibitagenda bityo, imyenda izaba myinshi. Nimukoreshe ibyo mufite. Mukwiriye kwirinda kujya mu myenda nk'uko mwakwirinda ibibembe.⁵

⁵ Letter 60, 1896. [Urwandiko no 60, 1896.]

KUNANIRWA KUBARA AMAFARANGA AKORESHWA

Hariho abantu batagendana ubwenge. Usanga bashishikajwe no kugira ngo bagaragaze ibintu byinshi bakoze. Bibwira ko kugaragaza ibikorwa ari byo bizatuma bikururiraho abantu. Mu murimo wabo, ntibicara ngo barebe amafaranga azakoreshwa mu gikorwa bateganya gukora, no kureba niba bashobora kurangiza ibyo batangiye gukora. Iyo mikorere yerekana intege nke bafite. Bagaragaza ko bagifite byinshi bagomba kwiga byerekeranye n'uko ari ngombwa gukora witonze kandi wirinda. Muri uko kwiyemera kwabo, bakora amakosa menshi. Muri ubwo buryo, bamwe muri bo bakomeretse uruguma batazigera bakira.

Ibi byabaye ku bantu benshi biyumvagamo ubushobozi bwo gutangiza amavuriro no kuyayobora. Igihombo cyabagezeho, maze igihe bari bibonye mu myenda, basabye Urugaga rw'Ababwirizabutumwa bakoresha ubuvuzi kuza bakayobora ikigo cyahombye, bakirengera n'imyenda kirimo. Bibabaza urwo Rugaga kuyobora amavuriro arembejwe n'imyenda. Nimutyo abatangiye ayo mavuriro kandi bakaba baranyuze mu nzira zitari zo batangire gutekereza neza. icyo gihombo ntigikwiriye kubabarwaho. Ibyo byangiza umwete w'abantu bari basanzwe ari beza.

Abantu bashoboraga kuba barakoze neza iyo baza kwiyegurira Imana, iyo baza kuba baragize ubushake bwo gukora bicishije bugufi, bakagura umurimo wabo buhoro buhoro kandi bakanga kujiyamo imyenda, barahombye bitewe n'uko batakoze umurimo mu buryo bukwiriye. Kandi nyuma yo kugera mu ngorane, bataye ibyabo bitewe n'uko bari bananiwe kubicunga. Bifuzaga kuruhuka umuhangayiko batewe n'amafaranga, nyamara ntibaretse gutekereza ku bizababaho nyuma.

Abiyemeje kuvana mu ngorane abantu nk'abo, basa n'abashaka kubabohesha imirunga ifite ishusho y'amasezerano ku buryo ku iherezo basanga bameze nk'abacakara. Ibihe byinshi bamenyekanira cyane ku kuba baracunze nabi umutungo w'ibigo maze bagateza igihombo.

Nahawe amabwiriza yo kubwira abantu biroha mu myenda batyo aya magambo: Ntugacogore igihe ugenda mu nzira ikwiriye. Koresha imbaraga zawe zose kugira ngo wowe ubwawe ugarure ibintu mu buryo. Wijugunyira

Urugaga uwo mutwaro uremereye mu gihe na bo bari baremerewe n'imyenda. Ni byiza ko buri vuriro rirangiza inshingano zaryo.

Abantu bashinzwe Ibitaro byacu bakwiriye gukorana ubwitonzi. Hari igihe bazajya binjiza amafaranga make. Nibakorane ubwenge ndetse bakore mu buryo bwiza kandi bige gukoresha neza ibyo bafite. Nibige gushyira mu bikorwa icyigisho Kristo yatanze cyerekeye kubaka inzu. Kubanza kwicara ugatekereza biruta kwibuka ibitereko washeshe—iyo wirengagije kubarana ubwitonzi ibintu umurimo uzagutwara, kandi ngo ucunge neza ibyo ubonye, ingaruka izakurikiraho ni ugutsindwa. Abacungamutungo batagira icyo bitaho bakwiriye kuvanwa mu murimo. Musigarane mu kazi abagabo n'abagore bazi gucunga neza umutungo kugira ngo umurimo udahura n'ibibazo.

Nimutyo abantu bakorana n'ibigo byacu bajye bicisha bugufi imbere y'Imana. Nibayiyambaze kugira ngo ibafashe gukora igenabikorwa riteguranywe ubwenge kandi rijyanye n'uko ubukungu bwifashe, kugira ngo ibigo bizabashe gushinga imizi no kwera imbuto zihesha Imana icyubahiro. Mureke kwishingikiriza ku bantu. Nimuhange amaso kuri Yesu. Mukomeze gusenga ubudasiba kandi mube maso binyuze mu masengesho ajyana no gushima Imana. Musuzume neza ko mufitanye na Yesu isano ya bugufi.¹

UMWENDA UTEWE N'INYUBAKO NYINSHI

Mwene Data ----- kujya mu myenda ntabwo bihitse. Uri umuntu uzi ubwenge, ntabwo ari ngombwa guhora ubyibutswe. Umwenda ni umutwaro—ni umutwaro uboha umuntu kandi ukamubabaza. Ntabwo waba ushyize mu gaciro uramutse uguze ahandi hantu hegereye ----- Warihuse cyane urenza urugero igihe wakoreshaga imbaraga zawe nyinshi ugashyira ibikoresho mu bitaro bya----- Ibyari kuba byiza kwari ukubaka ibitaro bito. Buri gihe natekerezagako byaba byiza kugabanya inyubako yari yateganyijwe, bakayigira ntoya kurusha uko bari babikoze bwa mbere, noneho amafaranga yazaboneka, mukongeraho icyumba niba gikenewe; iyo nyubako n'ubundi yaba yagutse. Byari gutwara amafaranga make kurangiza inyubako ntoya.²

KUGWA MU MUTEGO WO KUTABARA NEZA

Nituramuka dukurikije inama y'Uwiteka, tuzagira amahirwe yo kugura ahantu ho gushyira ibitaro harimo amazu ashobora gukoreshwa kandi ubwo bukebe bukaba burimbishijwe n'ibiti by'umutako. Neretswe ahantu henshi hameze hatyo; nabwiwe ko impano z'ubushake zitangiwe kugura aho hantu zikwiriye kwitabwaho cyane....

Rimwe na rimwe, birashoboka ko abantu bahitamo ahantu hatigeze hakorerwa igikorwa na kimwe, ndetse hakaba nta mazu yigeze ahubakwa. Igihe bimeze bityo, tugomba kwitonda ntidutoranye ahantu hazadusaba amafaranga menshi yo kuhatunganya. Bitewe no kuba tutabifitemo

¹ Letter 199, 1901. [Urwandiko].

² Urwandiko no 158, 1902. [Urwandiko].

uburambe, ndetse no kubara nabi, dushobora kugwa mu mutego tukisanga mu myenda myinshi, kubera ko inyubako ubwazo no kuzitunganya byatwara amafaranga angana n'inkubwe ebyiri cyangwa eshatu zayari yateganyijwe.³

KWISHINGIKIRIZA KU MAFARANGA BITEZE KUBONA

Umuyobozi n'umucungamari bakwiriye guhuza ibitekerezo n'ingufu. Umucungamari agomba guhora areba ko amafaranga yakoreshejwe atarenze ayinjijwe. Akwiriye kumenya umutungo uhari kugira ngo babe ari wo bagenderaho kugira ngo umurimo ukorerwa aha hantu utazaremererwa n'imyenda nk'uko bimeze i Bettle Creek. Ibyahabaye nta bwo byari byarigeze kuhaba na rimwe. Ni ingaruka y'imikorere y'abantu batigeze bagendera munsu y'ubuyobozi bw'Imana. Igihe abantu bari munsu y'ubuyobozi bw'Imana, ibintu bigenda neza; ariko igihe abantu bagira amarangamutima akomeye kandi ntibakunde kuyoborwa n'Imana, hanyuma bagashyirwa mu myanya y'inshingano mu murimo, umurimo uba ugiye mu kaga; bitewe n'uko amarangamutima yabo atuma batangira gukoresha amafaranga ataraboneka.⁴

GUTANGIZA UMUSHINGA IMBURAGIHE KANDI UDATANZWEHO INAMA

Impano idasanzwe irakenewe kugira ngo ibitaro byubakwe kandi bitangire gukora neza, bona nubwo uwo mushinga waba ari uw'abantu ku giti cyabo. Mbere yo gutangira umushinga nk'uko, bene Data baba bakwiriye kwiyambaza umujyanama w'umunyabwenge, akabagira inama. Umushinga w'ibitaro bya----- ukwiriye gukorwa; ariko ugakorwa mu buryo bukwiye. Imishinga iramutse itangiye nyamara ku iherezo ntikorwe, uwahawe inshingano zo gushyira mu bikorwa uwo mushinga aramutse ananiwe kuzisohozwa, byagorana cyane gukura mu bwenge bw'abantu ibitekerezo bibi baba bagize byo gusebya ukuri.

Umuntu wese ufite igitekerezo cyo gutangiza ivuriro, akwiriye kugisha inama benedata bikoreye inshingano z'umurimo mu mafilidi ya hafi na kure. Ntidushobora kugira impinduka tuzana mu bitekerezo by'abantu binyuze mu murimo wacu w'ubuvuzi ukorerwa mu mijyi, keretse gusa Imana ari yo itubereye umuyobozi n'umurengezi....

Nahawe amabwiriza yo kubwira bene Data aho bari hose aya magambo: Nimureke imishinga yatangiye ahantu hashyashya ibe ari yo yitabwaho mbere yo gutangiza indi mishya; nibitagenda bityo, umutwaro munini w'imyenda yafashwe uzaremerera abantu bacu.⁵

³ MS 114, 1902. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki].

⁴ MS 106, 1899. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki].

⁵ Letter 5, 1905. [Urwandiko].

GUTERA INTAMBWE MU KWIZERA

Kudatera intambwe ngo dushore ubutunzi mu mushinga ngo keretse habonetse amafaranga yo kurangiza umurimo dutumbiriye, ntibikwiriye iteka gufatwa nk'aho ari cyo gitekerezo cy'ubwenge kurusha ibindi. Mu guteza umurimo we imbere, ntabwo Uwituka buri gihe cyose ahishurira abagaragu be buri kintu cyose uko cyakabaye. Rimwe na rimwe agerageza icyizere ubwoko bwe bumufitemo, akabareka bagatera intambwe mu kwizera. Akenshi abanyuza mu nzira z'impatanwa n'ahantu hagoye, akababwira gukomeza imbere igihe ibirenge byabo biba bisa n'ibyenda gukandagira mu mazi yo mu Nyanja itukura. Ni mu bihe nk'ibyoye, ubwo amasengesho y'abagaragu be azamuka akamugeraho mu kwizera gushimikiriye, nibwo abacira inzira imbere yabo, ikabavana mu mpatanwa akabashyira ahantu hagutse.

Imana ishaka ko muri iyi minsi abantu bayo biringira ko izabakorera ibintu bikomeye nk'uko yabikoreye abana ba Isirayeli mu rugendo rwabo rwo kuva muri Egipta bajya i Kanani. Dukwiriye kugira ukwizera kwigishijwe ku buryo tutazashidikanya gukurikiza amabwiriza aduhaye mu bihe bikomeye. Itegeko Imana iha abantu bayo ni iri ngo: "Mukomeze mugende."

Kwizera no kumvira Imana tunezerewe birakenewe kugira ngo imigambi y'Imana isohozwe. Igihe yerekanye ko ari ngombwa gutangiza umurimo ahantu ibona ko hazaboneka umusaruro, abantu baba bakwiriye kugenda kandi bagakora mu kwizera. Binyuze mu biganiriro byabo byo kubaha Imana, kwicisha bugufi kwabo, amasengesho yabo n'umwete wabo, bakwiriye guhirimbanira gutuma abantu bishimira umurimo mwiza Uwituka yatangiye muri bo. Wari umugambi w'Imana ko Ibitaro bya Loma Linda bihinduka umutungo w'abantu bacu, kandi yabishohoje igihe hari imigezi y'ibirushya yari yuzuye ndetse iri kurenga inkombe zayo.

Gukora umurimo kw'abantu bigenga baharanira kugera ku nyungu zabo bwite ni ikintu kimwe. Iyo bimeze bityo, abantu bashobora gukurikiza ibitekerezo byabo bwite. Ariko rero, gukora ugamije guteza imbere umurimo w'Uwituka mu isi, na byo ni ikindi kintu. Igihe ishatswe ko ahantu runaka hagurwa kugira ngo umurimo wayo utere imbere, wubakike kandi

ukomere, waba ari uwo kubaka ibitaro cyangwa amashuri cyangwa se ikindi kintu icyo ari cyo cyose, izatuma bishoboka ko uwo murimo ukorwa abantu babifitemo inararibonye nibagaragaza kwizera kandi bakiringira imigambi y'Imana; kandi bazatera intambwe bajya imbere maze basingire ayo mahirwe ibereka. Nubwo tudakwiriye guharanira kwambura umuntu umutungo we, nyamara igihe tubonye amahirwe, dukwiriye gukanguka rwose tukareba neza niba ari uburyo bubonetse, kugira ngo dukore gahunda zo kubaka umurimo. Kandi igihe tuzaba tumaze gukora ibyo, tuzaba dukwiriye gukoresha imbaraga zacu zose kugira ngo tubone amaturo y'ubushake avuye mu bwoko bw'Imana kugira ngo ashyingikire aya mavuriro mashya.¹

AKAGA KO GUFATA ICYEMEZO KIDASUBIRWAHO

Nta kosa riri mu kuguza amafaranga yo gukora umurimo igihe tuzi ko Imana yifuza ko urangira. Ntidukwiriye gutegereza mu gihe hari ibintu birimo kwangirika, hanyuma ngo umurimo uzarusheho kuba ugoranye, ngo ni uko tudashaka kuguza amafaranga. Amakosa yakozwe mu gihe cyashize ni uko abantu bihutiraga kuguza amafaranga yo gukora ibikorwa byashoboraga gusubikwa bigategereza ikindi gihe. Ariko hari akaga ko gufata icyemezo kidasubirwaho mu rundi ruhande. Ntidukwiriye gufata icyemezo gishobora gushyira mu kaga ubuzima bwacu kandi kigatuma umurimo wacu urushaho kugorana. Dukwiriye gushyira mu gaciro. Dukwiriye gukora umurimo ukeneye gukorwa, nubwo byaba bidusaba kuguza amafaranga no kwishyura inyungu ku nguzanyo twafashe.²

KWIRINDA AMAKOSA KU MPANDE ZOMBI

Ikibazo dufite imbere yacu ni iki: Mbese tuzagerageza kugura ahantu hagaragara ko ari heza kandi hasaba amafaranga make, mu gihe tudashobora kuvuga aho amafaranga azaturuka? Bene Data-----ndetse n'abandi ntibashyigikiye ko imyenda ikomeza kwiyongera. Icyakora siniteguye kuvuga ko tudakwiriye kugura ahantu Uwitaka asa n'aho yerekeje ibitekerezo byacu, uko byaba bimeze kose, mu gihe ingorane ihari ari iy'uko tutari twicaranye amafaranga, kandi aho hantu dushobora kuhishyura bidatinze ku bwo kugira neza kw'Imana. Tugomba kwirinda gukora amakosa ku mpande zombi.³

GUHAGARIKA UMUVUDUKO W'ITERAMBERE

Igitekerezo cy'uko inyubako y'ibitaro itatangizwa ngo keretse bikozwe hadafashwe umwenda cyahagaritse umuvuduko w'iterambere ry'umurimo. Igihe twatangiraga kubaka insengero, twabikoze tugujije amafaranga kugira ngo hagire ibikorwa bihita bikorwa ako kanya. Ibi byabaye ngombwa ko tubikora kugira ngo dushyire mu bikorwa amabwiriza twari twahawe n'Imana. Abantu bari bashimishijwe cyane no kubona umurimo ujya mbere, bemeye kuguza amafaranga kandi bishyura n'inyungu zayo, kugira

1 Testimonies for the Church, vol. 9, pp.271,272. [Ibihamya by'Itorero].

2 Letter 111, 1903. [Urwandiko].

3 Letter 167, 1902. [Urwandiko].

ngo bashyigikire umurimo wo kubaka amashuri, amavuriro n'insengero. Ibyo bigo byashinzwe n'insengero zubatswe byabaye uburyo bwiza bwo kuyobora abantu benshi ku kumenya ukuri. Bityo umugabane wa icyacumi wariyongereye kandi n'abakozi bakorera Uwituka bariyongera.⁴

IGIHOMBO GITERWA NO KUTIZERA

Imana ishimishwa n'uko urugero ngenderwaho rwarushaho kuzamuka rukajya hejuru, ndetse hejuru cyane. Nta kuntu Itorero ryagabanya umurimo ryahawe ngo rye kuba ryihakanye Shebujja. Insengero zigomba kubakwa ahantu henshi. Mbese kwaba ari ugucunga neza umutungo, turamutse tunaniwe kubaka insengero mu mijyi yacu, aho Umucunguzi ashobora guhurira n'ubwoko bwe? Nimutyo twe gutera abantu gutekereza ko kubaka inzu abantu bashobora kwakiriramo Umushyitsi wo mu ijuru tubibona nk'ikintu gihenze cyane.

Igihe turiho dutegura imishinga yo kubaka, tuba dukeneye ubwenge bw'Imana. Ntabwo dukwiriye gufata imyenda bitari ngombwa, ariko icyo navuga ni uko atari ngombwa ko abantu batangira inyubako ari uko bafite amafaranga yose azakenerwa kugira ngo iyo nyubako yuzure. Inshuro nyinshi, dukwiriye kugenda mu kwizera kandi tugakorana umwete mu buryo bwose bushoboka. Kutagira ukwizera ni ko gutuma tudasohozwa amasezerano y'Imana. Tugomba gukora, tugasenga kandi tukiringira Imana. Dukwiriye guhora tujya mbere dufite umwete kandi twiringiye Uhoraho, tuvuga tuti: " Ntituzatsindwa kandi ntituzacika intege."⁵

⁴ Letter 211, 1901. [Urwandiko].

⁵ Review and Herald, Sept. 7, 1905. [Urwibutso n'Integuza].

AMAGAMBO ATURUTSE KU MUJYANAMA WOHEREJWE N'IJURU

Mu iyerekwa rya nijoro nagize mu gihe gito gishize, nabonaga ndi mu nama y'inteko. Muri iyo nama, amagambo yavugirwagamo numvaga ameze nk'avuzwe n'abantu kuruta ko wakumva ari ay'Imana. Umurimo w'ubuvuzi wakorerwaga ahitwa----- ni wo waganirwagaho. Gahunda z'ibikorwa byari byateganijwe, nta kintu zari kugeraho ku bijyanye no guhindura uko ibintu byari bimeze muri icyo gihe, keretse gusa ziramutse zihinduwe. Basabye Inteko Nkuru Rusange gusezerana ko izakusanya inkunga itari munsu y'amadolari ibihumbi makumyabiri, cyangwa ikiyemeza kuzayatanga kugira ngo ibitaro bya-----byubakwe. Bitewe n'uko Umuyobozi----- yari yanze kwemera ko uwo mutwari w'inyongera ugerekwa ku Nteko Nkuru Rusange, abantu bamwe bamutekereje nabi. Ariko kubera ingorane zariho muri icyo gihe, yumvaga ko Imana ubwayo ari yo yamubujije kwikoreza umutwari Inteko Nkuru Rusange. Nanjye mpa agaciro ubushishozi bw'Umuyobozi----- kubera uburyo yabyifashemo ku bijyanye n'iki kibazo....

Ariko ngarutse ku bya ya nama neretswe, nongeye kubona uwahoze ari umujyanama wacu igihe kirekire, yari ahari ngo atubwire Ijambo ry'Uwitaka. Yaravuze ati: "Ntabwo Imana yahabwaga icyubahiro igihe mwaba mugeretse umutwari w'umwenda ku Nteko Nkuru Rusange. Mu buryo budasanzwe, Imana yakozwe umurimo wo guca ingoyi z'uburetwa bw'imyenda yari ku bitugu by'ubwoko bwayo bari bamaranye igihe kirekire. Inteko Nkuru ntikwiriye kongera kunyura muri iyo nzira banyuzemo..."

Bamwe ntibarigera biga icyigisho Yesu yigishije cyerekeye kubaka inzu ndende. Yarabajije ati: "Ni nde muri mwe ushaka kubaka inzu y'amatafari ndende, utabanza kwicara, akabara umubare w'impuya zayubaka, ngo amenye yuko afite izikwiriye kuyuzuzura? Kugira ngo ahari ataba amaze gushyiraho urufatiro, akananirirwa aho atayujuje, maze ababireba bose bagatangira kumuseka, bavuga bati: 'Uyu yatangiye inzu ariko ntiyabasha kuyuzuzura' Luka 14:28-30. Uyu muburo abantu barawusuzuguye.

Iyo abantu bari mu rwego rw'inshingano bagize ubwira nk'ubwo bwo kubaka ikigo gishya mu buryo bw'igitaraganya, iyo migirire ntibangamira gusa inyungu z'umurimo w'Imana, ahubwo inabangamira n'inyungu z'abantu

bagerageje guteza imbere umurimo w'Imana mu buryo bwihuse bakoresheje ubwenge bwabo. Abantu bihutisha umurimo mu buryo butandukanye n'ubw'Imana ishaka, ntibaba bayihesheje icyubahiro. Kugwa mu rujijo, gukorwa n'isoni no guhangayika ni byo bikurikiraho. Uwiteka ntiyifuza ko abamuhagarariye bongera gukora ayo makosa; kubera ko ibyanditswe ku migirire nk'iyo mu bihe byashize ntibimuhesha icyubahiro.¹

TWIRINDE GUKORA AMAKOSA YAKOZWE MU BIHE BYASHIZE

Amatwara ameze nk'ibisazi yamaze kwigarurira ubwenge bw'abantu bamwe, agatuma bagira umuhati wo gukora ibintu bitwara amafaranga menshi kandi nta byiringiro by'uko hari andi azaboneka mu minsi izakurikiraho. Iyo ayo mafaranga aza gukoreshwa mu buryo Imana yashakaga ko akoreshwamo, abakozi baba bariyongereye kandi bagategurirwa gukora umurimo ugomba gukorwa mbere y'uko Kristo agaruka. Gukoreshwa nabi k'umutungo, byerekana ko bakeneye umuburo w'Uwiteka uvuga ko umurimo we utagomba kurutishwa imishinga y'abantu, kandi ko ugomba gukorwa mu buryo butuma ugera ku ntego.

Bitewe no gukora mu buryo butari bwo, abantu batumye umurimo w'Imana ujya mu myenda. Nimureke ibi bye kuzongera kubaho. Nimutyo abantu bari ku ruhembe rw'umurimo bagendane ubwenge, be kwemera ko umurimo w'Imana ujya mu myenda. Nimutyo he kugira ugenda nk'utagize icyo yitaho, adafite ubushishozi, cyangwa atekereza ko ibintu byose bizagenda neza.²

NIMWISHYURE IMYENDA

Imana yateganiye ko tuzajya twigira ku bitaragenze neza mu bihe byashize. Ntibishimisha Imana kubona ibigo byayo bihora bibarwaho imyenda. Twamaze kugera mu gihe tugomba guha umurimo isura nziza binyuze mu kwirinda kubaka amazu manini kandi ahenze.

Ntidukwiriye gusubira mu makosa yakozwe mu bihe byashize, ngo dukomeze kujya twirundaho imyenda. Ahubwo dukwiriye kubanza kurangiza kwishyura imyenda yose ikibarwa ku bigo byacu. Amatorero yacu ashobora kugira icyo adufasha kuri iki kibazo aramutse abishatse. Abantu Imana yahaye ubutunzi, bashobora gushora amafaranga yabo bakabikora badategereje inyungu cyangwa se bakaka inyungu nkeya, kandi binyuze mu maturo yabo y'ubushake, bashobora gufasha mu gushyigikira umurimo. Imana iragusaba kuyigarurira umugabane w'ubutunzi yagutije unezerewe, bityo ugahinduka umufatanyabikorwa wayo.³

MU GIHE CY'IVUGURURA, Umutungo Uzaboneka

Igihe abantu bafite ubushake bwo gushaka Uwiteka no kwatura icyaha, igihe ivugurura rikenewe rizaba ribonetse, ishyaka n'umwete by'abantu bashyize hamwe bizagaragarira mu gusubiza ibyo bari baragumanye.


1 MS 144, 1902. [Amagambo yasonzoranijwe mu nyandiko Ellen G. White yandikishije intoki].

2 Testimonies for the Church, vol. 7, pp. 283,284. [Ibihamya by'Iterero].

3 Review and Herald, Aug. 13, 1908. [Urwibutso n'Integuza].

Uwiteka azerekana urukundo rwe rubabarira, ni byo bizerekana ko umutungo abantu bigaruriye bizawusubiza nyirawo. Uwiteka azabagaragariza urukundo rwe rubabarira, kandi ubutunzi buzaboneka, bitume imyenda y'ibigo byacu yose yishyurwa.⁴

⁴ Testimonies for the Church, vol. 8, p.87. [Ibihamya by'Itorero].



UMUGABANE WA 12
KUZIGAMA
KUGIRA NGO UTANGE

BISIGARIRA GUHESHA ABANTU AGACIRO

Gahunda rukumbi yo gushyigikira umurimo w'Imana yerekanywe n'ubutumwa bwiza ni imwe isigira inkunga yo gushyigikira umurimo wayo kugira ngo abantu bahabwe agaciro. Abantu bakwiriye kugarurira Imana umugabane w'ubutunzi ibasaba kugarura, bakabikora bagamiye kuyihesha icyubahiro. Niduhanga amaso umusaraba w'i Kaluvari, tukitegereza Umucunguzi w'abari mu isi, wa wundi wahindutse umukene ku bwacu kugira ngo binyuze mu bukene bwe abone uko aduhindura abatunzi, tuziyumvamo ko tudakwiriye kwibikira ubutunzi bwacu ku isi, ahubwo ko dukwiriye kububika muri banki yo mu ijuru, ya yindi idashobora gutinda cyangwa kunanirwa kubutugarurira. Imana yahaye Yesu abari mu isi yacu, none ikibazo ni iki: Ni kintu ki dushobora kwitura Imana binyuze mu mpano n'amaturu kugira ngo tuyigaragarize ko twanyuzwe n'urukundo rwayo? "Mwaherewe ubuntu, namwe muje mutangira ubundi." Matayo 10:8 b.

Mbese buri gisonga gikiranuka kizagira ubwuzu bungana bute bwo kongera umugabane w'impano zo gushyira mu nzu y'ububiko bw'Imana, aho kugira akantu na gato agabanya ku maturo yatangaga? Mbese ni nde akorera? Mbese ni nde aba yitegura gutura? Aba aritegurira wa wundi akesha ibintu byiza byose akunda. Nuko rero, ntihakagire umuntu n'umwe wo muri twe wakira ubuntu bwa Kristo, maze ngo akore ikintu gituma abamarayika bakorwa n'isoni, kandi bikaba byatuma Yesu akorwa n'isoni zo kutwita bene Se.

Mbese twagumya gushyigikira umutima wo kutanyurwa, ndetse tukabigaragariza mu kamenyero kacu ko gutangana umutima w'ubugugu igihe dushyigikira umurimo w'Imana? Oya rwose! Nimutyo twitangeho igitambo kizima, kandi ibyo dufite byose tubihe Yesu. Byose ni ibye; natwe turi umutungo we yaguze. Abakiriye ubuntu bwe bose, bakaba bitegereza umusaraba w' i Kaluvari, ntibazirirwa babaza ubwinshi bw'ibyo bagomba gutanga, ahubwo amaturu yabo arushije ayandi kuba meza, bazajya bayabona nk'ubusabusa, ko adakwiranye rwose n'impano ikomeye y'Umwana w'ikinege w'Imana ihoraho. Binyuze mu kwigomwa, umukene wo hanyuma y'abandi bose, azabona uburyo bwo kugira icyo agarurira Imana!

UBUSONGA BWEREKERANYE N'IGIHE

Igihe gihenze nk'amafaranga, kandi benshi bapfusha ubusa igihe cyabo nyamara bashoboraga kugikoramo umurimo w'ingirakamaro, bagakoresha amaboko yabo ikintu cyiza. Aya magambo ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka," ntabwo Umwami azayabwira umuntu utarakoresheje imbaraga z'umubiri yahawe n'Imana nk'impano zihebuje yari gukoresha agashaka ubutunzi, ubwo abasha gukoresha afasha abakene, kandi akazanira Imana amaturo.

Abakire ntibakwiriye kumva ko gutanga amafaranga gusa bihagije. Bafite ubushobozi, kandi bakwiriye kwishyira Imana nk'abantu bashimwa, bakaba abakozi bakorana umwete, batoza abana babo kandi bakabigisha ibituma bazaba ingirakamaro. Ababyeyi n'abana ntibakwiriye kumva ko ari ababo ngo bigenge, kandi ngo bumve ko bashobora gufata igihe cyabo n'umutungo wabo ngo babikoreshe uko bishakiye. Ni abo Imana yaguze nk'umutungo wayo, kandi Uwituka ashaka ko batanga inyungu binyuze mu mbaraga zabo z'umubiri, bagomba gukoresha bakazana ubutunzi mu bubiko bw'Uwituka.

KWIGOMWA N'UMUSARABA

Iyaba imiyoboro igihumbi yo kwikunda iriho muri iki gihe yari izibye, maze ubutunzi bukanyuzwa mu muyoboro ukwiye, haboneka ubutunzi bwinshi bugasendera mu bubiko. Hari abantu benshi bagura ibigirwamana, kandi ayo mafaranga yagomba kwinjira mu nzu y'Imana. Nta muntu ushobora gukora imirimo y'ubugiraneza uko bikwiriye atagira kwigomwa nyakuri. Kwigomwa n'umusaraba bihora biri mu nzira y'umukristo wese ukurikira Kristo by'ukuri. Yesu aravuga ati: Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire"...Luka 9:23. Mbese buri mutima wose azazirikana ko kuba umukristo bikubiyemo imigirire yo kwigomwa, kwitanga, ndetse no kuba umuntu yahara ubuzima bwe bibaye ngombwa, akabikora kubw'uwatanze ubugingo bwe kugira ngo acungure abari mu isi?

Abakristo bareba Kristo ku musaraba, bafite inshingano ku Mana kubera impano y'Umwana wayo yabahaye; iyo nshingano ni iyo kutagira ikintu na kimwe bagundira mu byo batunze, nubwo baba bagikunze cyane. Niba atunze ikintu icyo ari cyo cyose gishobora kurehereza umutima w'umuntu gusanga Ntama w'Imana Ukuraho ibyaha by'abari mu isi, akwiriye kugitanga kubera iyi mpamvu atitaye ko ari umukene cyangwa se umukire. Mu murimo wo gukiza abanyabyaha, Imana ikoresha ibikoresho-bantu nk'abafatanije na Yo.

Ijuru ryose rishishikajwe no gutanga ibyorohereza abantu mu murimo wo kumenyeshya ukuri abantu bo mu mahanga yose, amoko yose n'indimi zoso. Abantu bavuga ko bahindutse by'ukuri nibatareka ngo umucyo wabo umurikire abandi, bazaba bari kwirengagiza gukora ibyo Kristo yababwiye.

Ntabwo dukeneye kurushya ubwenge bwacu dusubira mu bwinshi

bw'ibyatanzwe mu murimo w'Imana, ahubwo dukwiriye kwita ku bwinshi bw'ibitaratanzwe ngo bijye mu bubuko, maze bikegurirwa mu kwishakira ibinezeza no guhaza irari rya kamere. Ntabwo dukeneye kumenya umubare w'abakozi boherejwe gukora umurimo mu tundi turere, ahubwo dukeneye kumenya umubare w'abakozi bafunze amaso yabo ngo badasobanukirwa, ndetse ngo batabona inshingano kandi ngo badafasha abandi bakurikije ubushobozi bafite.

Mbese ni abantu bangahe bajyaga kuba bakoreshwa muri iki gihe iyaba mu bubiko hari harimo ubutunzi bwo kubashyigikira mu murimo? Mbese haba hari ibikoresho byo korohereza abantu bingahe byashoboraga gukoreshwa mu rwego rwo kwagura umurimo w'Imana hakurikijwe uko ubuntu bw'Imana bugenda bukingura inzira? Abantu amagana barakenewe mu mafilidi ngo bakore umurimo mwiza mu nzego zitandukanye, ariko ntabwo bahari. Ni mpamvu ki bataboneka? Kwikunda ni ko kubagumisha mu ngo zabo; bakunda ubuzima bworoshye, bityo baguma kure y'uruzabibu rw'Uwiteka. Bamwe baba baragiye gukora mu turere twa kure, nyamara babuze ubushobozi bwo kubajyana; abandi bataye umurimo bagombaga kuba barakoze. Izi ni zo mpamvu abakozi bake bagenda bashengurwa n'umutwaro nk'imodoka yatsikamiwe n'imizigo, nyamara abandi bakaba nta mutwaro n'umwe bikoreye.¹

IFARANGA RISHOBORA GUKIZA UBUGINGO

Uwiteka yateganyije ko abantu bose bashobora kugezwaho ubutumwa bw'ukuri, ariko ubutunzi bwashyizwe mu biganza by'ibisonga byayo kugira ngo iyo ntogo igerweho, byabukoresheje mu kwikunda bigamije kwishimisha.

None se ni amafaranga angahe yapfushijwe ubusa mu bupfayongo bw'urubyiruko rwacu, mu bikorwa byo kwinezeza no kwiyerekana, kandi bari gushobora n'ubundi kunezerwa batagombye bapfusha ubusa ayo mafaranga! Buri faranga ryose dutunze ni iry'Uwiteka. Aho gukoresha amafaranga ku bintu bidakenewe, dukwiriye kuyashora mu mirimo itanga igisubizo ku gutabaza k'umurimo w'ibwirizabutumwa.

Kubera ko hari gufungurwa amafilidi mashya, ni ngombwa ko umutungo ukenewe ukomeza kwiyongera ubudatuza. Niba harigeze kubaho igihe kidusaba gukoresha neza umutungo dufite, ni iki turimo. Umuntu wese ukora muri uyu murimo akwiriye kumenya akamaro ko gukurikiza neza urugero Yesu yatanze ku byerekeye kwigomwa no gukoresha neza ubutunzi. Bakwiriye kubona ubutunzi bafite nk'intizanyo Umwami Imana yabaragije kandi bakiyumvamo ko bafite inshingano yo gukoresha uburyo bukwiriye n'ubushobozi bwabo mu byo gucunga neza amafaranga igihe bakoresha amafaranga y'Uwiteka. Ndetse n'ikuta rimwe rikwiriye kubikwa neza. Igiceri cy'icumi gifatwa nk'igifite agaciro gake, ariko ibiceri mirongo inani by'icumi bibyara idolari, kandi iryo dolari rikoreshejwe neza rishobora kuba uburyo bwo gukiza ubugingo bw'umuntu urupfu. Iyaba amafaranga yose yapfushijwe ubusa n'abantu bacu mu bikorwa byo kwishimisha yareguriwe

¹ Review and Herald, July 14, 1896. [Urwibutso n'Integuza].

gukora umurimo w'Imana, nta bubiko bwaba burimo ubusa kandi ibyicarwo by'Ivugabutumwa biba biri mu mpande zose z'isi.

Nimutyo abizera b'Itorero ryacu uyu muni bitandukanye n'ubwibone kandi biyambure iby'imirimbo byabo. Buri wese akwiriye kugira agasanduku k'ibwirizabutumwa mu ntoki ze, maze akajya ashyiramo igiceri cyose yendaga gupfusha ubusa mu bikorwa byo kwinezeza. Ariko kandi hagomba kugira ikintu kirushijeho kuba kinini gikorwa atari ugupfa gushyiramo ibiceri bisagutse. Birakwiye ko abantu bimenyereza kwigomwa. Bimwe mu bintu twumva bituguye neza kandi tukabikunda, tugomba kubyigomwa. Ababwiriza bakwiriye gushyira imbaraga mu butumwa bwabo, atari ugushotora kamere y'ubwikanyize n'ubwibone mu myambarire gusa, ahubwo niberekane Yesu n'imibereho ye yo kwigomwa no kwitanga. Nimutyo imitima yacu isonzere kugira urukundo, kubaha Imana no kwizera, imbuto zihebuje zizagaragara mu mibereho yacu.²

² "Historical Sketches of the Foreign Missions of the Seventh-day Adventists," p.293. [Ibyabaye mu mateka y'umurimo w'Ibwirizabutumwa ry'Abadiventisti b'Umuni wa karindwi mu mahanga].

AMAGAMBO

AGENEWE URUBYIRUKO

Urubyiruko rukeneye kubwirwa byinshi byerekeye amahirwe bafite yo gufasha umurimo w'Imana binyuze mu kwiga amasomo yo gukoresha neza ubutunzi no kwigomwa. Abenshi muri bo batekereza ko bakwiriye kwishora mu binezeza bitandukanye, kandi kugira ngo bashobore kubigeraho, bimenyereza kubaho ubuzima butuma ibyo binjiza byose babikoresha bakabimara. Imana ishaka ko turushaho gukora neza mu bijyanye n'iki kintu. Tuba twigirira nabi igihe tunyuzwe n'uko dufite ibyokurya n'ibyo kunywa n'imyambaro biduhagije. Imana idufitiye ibyiza biruta ibyo. Igihe dufite ubushake bwo kwitandukanya n'ibyifuzo byacu byo kwikunda, maze tukegurira imbaraga zacu z'umutima n'iz'ibitekerezo mu murimo w'Imana, abamarayika bo mu ijuru bazafatanyana natwe, baduhindurire kubera abari mu isi umugisha.

Umusore ugira umwete ku murimo akora kandi agakoresha neza ubutunzi afite, ashobora kuzigama amafaranga make yo gukora umurimo w'Imana, nubwo yaba ari umukene. Igihe nari mfite imyaka cumi n'ibiri y'ubukuru, nari nzi kuzigama icyo ari cyo. Nigiye hamwe n'umuvandimwe wanjye umurimo wo gucuruza, kandi nubwo twungukaga amasenti makumyabiri n'atanu ku munsu, twagiraga amafaranga tubika tukayohereza mu murimo w'ibwirizabutumwa. Twabikaga duke duke kugeza ubwo tugira amadolari mirongo itatu. Noneho igihe ubutumwa bwerekeye kugaruka vuba k'Umwami wacu bwatugeragaho burarika abantu ngo baze kandi bazane n'ubutunzi bwabo, twumvise ari amahirwe tugize yo gutanga amadolari mirongo itatu tuyaha data, tumusaba kuyagura udutabo two kohereza ubutumwa mu bantu bari bakiri mu mwijima.

Kwiga gukoresha neza igihe n'amafaranga ni inshingano y'umuntu wese ugira icyo ahuriraho n'umurimo w'Imana. Abantu bishimira kuba inkorabusa, baba berekana ko baha agaciro gake ukuri kw'icyubahiro baragijwe. Bakeneye kwigishwa kugira akamenyero ko gukorana umwete, kandi bakigishwa gukora bagamije guhesha Imana icyubahiro.

KUREKA INARIJYE NO GUKORESHA NEZA IMPANO

Abantu batazi gukoresha neza amafaranga n'igihe cyabo, bakwiriye kugirwa inama n'abantu babifitemo inararibonye. Amafaranga jye

n'umuvandimwe wanjye twungukaga mu bucuruzi, twayaguraga imyenda yo kwambara. Twahaga mama amafaranga tukamubwira tuti: "Utugurire imyambaro, ku buryo nyuma yo kwishyura imyenda turasigarana icyo dushobora gutanga mu murimo w'ibwirizabutumwa." Kandi ibyo yarabikoraga, bityo akaba atwubatsemo umwuka wo gukora umurimo w'ivugabutumwa.

Gutanga nk'imbuto yo kwigomwa, ni ubufasha butangaje ku muntu utanga. Gutanga biduha uburere budushoboza gusobanukirwa byimbitse umurimo w'Uwajyaga hirya no hino, akagirira abantu neza, agafasha abababaye kandi agaha ibyokurya abakene. Umukiza ntiyabagaho kugira ngo yinezeze. Mu mibereho ye ntihezeze haboneka ikimenyetso cyo kwikunda.¹

ABANA BAKWIRIYE KWIGISHWA KWIGOMWA

Igihe ababyeyi bariho bakora umurimo w'ubwitange wo guteza imbere umurimo w'Imana, bari bakwiriye kwigisha abana babo kugira uruhare muri wo. Abo bana bashobora kwiga uburyo bwo kugaragariza Kristo urukundo rwabo binyuze mu kwigomwa ibitari ingenzi bituma amafaranga yabo abaca mu myanya y'intoki. Ibi bikwiriye gukorwa muri buri muryango. Icyo bisaba ni ubwenge n'uburyo buboneye, ariko ni uburere bwiza abana bashobora guhabwa. Kandi abana bato bose baramutse batuye Uwituka amaturo yabo, impano zabo zaba nk'utugezi dutemba, kuko iyo amazi yatwo ateraniye hamwe, arakura agahinduka umugezi munini.

Uwituka ashimishwa no kubona abana bato bagira icyo bigomwa kugira ngo babone ituro ryo kumuturira. Yashimishijwe n'umupfakazi watuye amasenge abiri kubera ko yayatanganye umutima ukunze. Umukiza yatekereje ko ituro ry'uwo mupfakazi rifite agaciro kuruta ayatanzwe n'abatunzi bari bafite byinshi, kuko bo bitabasabye kwigomwa kugira ngo babone icyo batanga. Mu buryo nk'ubwo, anezerwa igihe abonye abana bato bafite ubushake bwo kwigomwa kugira ngo bahinduke abakozi bakorana n'Uwabakunze, akabaterura kandi akabaha umugisha.²

GIRA AHANTU WANDIKA IBYINJIRA N'IBISOHOKA

Igihe bigishwa imibare, uwo murimo ukwiriye kuba umurimo bagiramo uruhare bagakora. Nimutyo umwana wese ndetse n'urubyiruko be kwigishwa gukora amahurizo ashingiye ku bitekerezwa mu bwenge gusa bidafatika, ahubwo bamenye no gukora ibaruramari nyaryo ku gaciro k'ibyo binjiza n'ibyo basohora. Nimutyo bamenye gukoresha amafaranga uko bikwiriye bakoresheje iyo mibare biga. Baba babona amafaranga bayahawe n'ababyeyi babo cyangwa ari ayo bo ubwabo bironkeye, nimutyo abahungu n'abakobwa bige kwihitiramo no kwigurira imyambaro yabo, ibitabo byabo n'ibindi bya ngombwa bakenera. Uko bazajya bandika amafaranga bakoresheje ni ko bazajya barushaho kumenya agaciro n'imikoreshereze by'ifaranga birenze uko bajyaga kubyiga mu bundi buryo.

1 Youth Instructor, Sept. 10, 1907. [Umwigisha w'Abasore].

2 Review and Herald, Dec. 25, 1900. [Urwibutso n'Integuza].

Iyi myigishirize izabafasha gutandukanya uburyo nyakuri bwo gucunga umutungo, batandukanye ubugugu ku ruhande rumwe no gusesagura ku rundi ruhande. Iki cyigisho kiramutse cyigishijwe neza, cyazabashishikariza kugira umuco wo kugira ubuntu. Bizafasha urubyiruko kwiga gutanga, batabitewe n'amarangamutima y'ako kanya igihe akanguwe, ahubwo bazajya batanga igihe cyose no kuri gahunda.³

GUKURIKIZA IBYONGORERO BYA SATANI

Mbega ukuntu umwanzi yafashe ibintu by'igihe gito akabirutisha iby'umwuka! Imiryango myinshi itanga utuntu duke two gukora umurimo w'Imana, nyamara igatanga amafaranga menshi yo kugura ibikoresho bihenze byo gushyira mu mazu yabo cyangwa bakagura imyenda igezweho. None se ubundi ameza agurwa amafaranga angahe kandi akenshi tubiterwa no kumvira irari ribi; cyangwa se tukayatanga tugura impano zitadufitiye inyungu!

Abantu benshi batanga amafaranga atagira ingano bifotoza amafoto yo koherereza inshuti zabo. Kwifotoza bitera kwaya amafaranga menshi; ku buryo bibahindukiramo nk'uburyo bwo gusenga ibigirwamana. Mbega ukuntu byarushaho gushimisha Imana iyaba ayo mafaranga yose yari ashyizwe mu murimo wo kwandika ibitabo bibasha kuyobora imitima kuri Kristo kandi bikabamenyesha ukuri guhebuje kugenewe abo muri iki gihe! Amafaranga apfushwa ubusa agurwa ibintu bidakenewe ashobora kuzuza ameza ibitabo byinshi birimo ukuri ko muri iki gihe, bishobora guhindukira abantu impumuro y'ubugingo izana ubugingo" (2 Abakorinto 2:16).

Ibyongorero bya Satani bishyirwa mu bikorwa binyuze mu bintu byinshi. Kwizihiza isabukuru y'amavuko, Noheli n'ibirori byo gutanga ishimwe, akenshi bibonekamo ibintu byo gushimisha inarijye, mu gihe intekezo zabo zagombaga kwerekezwa ku mbabazi no kugiraneza kw'Imana idukunda. Imana ibabazwa no kubona kugira neza kwayo, guhora itwitaho, urukundo rwayo ruhoraho, bitigera biza mu bitekerezo by'abantu ku minsi mikuru nk'iyo.

Iyaba amafaranga yose abantu bapfusha ubusa bagura ibintu bitari bikenewe yashyirwaga mu bubiko bw'Uwiteka, twajya tubona abagabo n'abagore n'urubyiriko biyegurira Yesu kandi bagakora uruhare rwabo mu gufatanya na Kristo n'abamarayika. Imigisha y'Imana ihebuje iyindi yose yajya iza mu matorero yacu, kandi abantu benshi bahinduka bakayoboka ukuri.⁴

ISABUKURU Z'AMAVUKO N'IBIRUHUKO

Ababyeyi bakwiriye kurera no kwigisha kandi bakamenyereza abana babo kwitegeka no kwigomwa. Bakwiriye guhora babigisha ko bafite inshingano yo kumvira Ijambo ry'Imana no kubaho bafite umugambi wo gukorera Yesu. Bakwiriye kwigisha abana babo yuko bakeneye kugira

³ Uburezi, p. 250.

⁴ Review and Herald, Dec. 23, 1890. [Urwibutso n'Integuza].

imibereho irangwa n'umuco wo kwicisha bugufi buri muni, kandi bakirinda kugura imyenda ihenze, ibyokurya bihenze, amazu ahenze n'ibikoresho byo mu nzu bihenze. Ibyo dusabwa kuzuzanya kugira ngo tuzaragwe ubugingo buhoraho bikubiye muri aya magambo: "Ukundishe Uwitaka umutima wawe wose, n'ubugingo bwawe bwose, n'ubwenge bwawe bwose, kandi ukunde mugenzi wawe nk'uko wikunda." *Luka 10:27.*

Ababyeyi ntibigishije abana babo amagambo yo mu mategeko y'Imana nk'uko yabibategetse. Babigishije ingeso zo kwikunda. Babigishije kujya bareba iminsi mikuru y'amavuko n'ibirihuko nk'ibihe baba biteguye kubonamo impano, no gukurikiza ingeso n'imigenzo by'ab'isi. Ibyo bihe ni byo byagombaga gukoreshwa mu kongera ubumenyi bw'abana kugira ngo bamenye Imana biruseho, kandi bakabakangurira gushimira Imana mu mitima kubera imbabazi zayo n'urukundo yabagiriye ikarinda ubuzima bwabo bakaba bageze mu wundi mwaka; aho kugenza batyo, usanga byahindutse ibihe byo kwishimisha, gukora ibibanezeza no guhimbaza abana babo. Buri mwanya wose bagiye barindwa n'imbaraga z'Imana; nyamara ababyeyi babo ntibabigisha gutekereza icyo gikorwa, no gushimira Imana imbabazi ibagirira.

Iyaba abana n'urubyiruko barigishijwe nk'uko bikwiriye muri iki gihe, mbega ukuntu iminwa yabo yaha Imana icyubahiro n'ikuzo ndetse ikayishima! Mbega ukuntu mu biganza by'abana bato hakomoka impano ntoya bakazishyira mu bubiko bw'Imana nk'amaturu y'ishimwe! Imana yarushaho kwibukwa aho kwibagirana.

Ku minsi mikuru y'amavuko si ho honyine ababyeyi n'abana bakwiriye kwibuka imbabazi z'Imana mu buryo budasanze; ahubwo Noheli ndetse n'ubunani na byo bikwiriye kuba ibihe buri muryango wibuka Umuremyi n'Umucunguzi wabo. Aho gutanga impano n'amaturu menshi babiha abantu, kwicisha bugufi, icyubahiro n'umutima unyuzwe bikwiriye kugaragarizwa Imana, kandi impano n'amaturu bikerekezwa ku Mana. Mbese Uwitaka Imana ntiyashimishwa n'uko abantu bayibutse batyo? Mbega ukuntu Imana yagiye yibagirana mu bihe nk'ibyo! ...

Niba wagize umunsi w'ikiruhuko, wutegure ku buryo ushimisha abana bawe, ariko na none ukaba umunsi ushimishije ku bakene n'abababaye. Ntukareke ngo umunsi nk'uwo urangire utazaniye Yesu amaturu y'ishimwe. Nimutyo muri iki gihe ababyeyi n'abana bacunguze uburyo umwete, kandi bakosore ibyo birengagije gukora mu bihe byashize. Nibakore mu buryo butandukanye n'ubwo ab'isi bakoramo.

Hari ibintu byinshi bibasha gutegurwa bikanezeza abantu kandi bigatwara amafaranga make ugereranyije n'impano zitari ngombwa zitangwa ku bana n'abavandimwe, kandi muri ubwo buryo ukaba ububashye, n'ibyishimo bigataha muri uwo muryango. Ushobora kwigisha abana isomo igihe ubasobanurira impamvu wahinduye agaciro k'impano wajyaga ubaha, ukababwira ko wemejwe mu mutima wawe yuko wajyaga wita ku bibashimisha ukabirutisha icyubahiro cy'Imana. Babwire ko

wajyaga utekereza cyane ku bintu bigushimisha ndetse na bo bikabanezeza kandi bikaba bihura n'imigenzo n'akamenyero k'ab'isi, aho baha impano abatazikeneye, maze ukabirutisha ibyateza umurimo w'Imana imbere.

Mukurikije urugero rw'abanyabwenge bo mu gihe cya kera, mushobora guha Imana impano zanyu zirusha izindi zose ubwiza, kandi binyuze mu mpano muyizanira, mukayigaragariza ko mwanyuzwe n'impano yahaye abari mu isi bacumuye. Nimwerekeze ibitekerezo by'abana banyu mu murongo mushya utarimo kwikunda, binyuze mu kubashishikariza gutura Imana amaturo, bayishimira impano y'Umwana wayo w'ikinege.⁵

⁵ Review and Herald, Nov. 13, 1894. [*Urwibutso n'Integuza*].

KWINGINGIRWA KUZIGAMA

Kwaya amafaranga hubakwa amazu meza, hagurwa ibikoresho bihenze, hagurwa imyenda nk'iy'ab'isi, cyangwa kugura ibyokurya bihenze, ntibikwiriye kubaho; ahubwo mu bintu byose dukora, dukwiriye gutekereza ku bugingo bw'abantu Kristo yapfiriye. Nimutyo twice inarijye n'ubwibone. Nimutyo he kugire umuntu ukomeza gupfusha amafaranga ubusa akora amafoto menshi yo koherereza inshuti ze. Nimutyo tugerageze kujya tubika buri faranga ryose rishobora kuzigamwa, kugira ngo urukundo rutagira akagero rwa Kristo rubashe kugezwa ku mitima y'abarimbuka.

Satani azakubwira uburyo bwinshi ushobora gukoreshamo amafaranga. Nyamara iyo ayo mafaranga atanzwe ku bikorwa byo kwinezeza—bya bintu bitari ngombwa, nubwo amafaranga bitwaye yaba make ate—ntabwo aba akoreshejwe mu bihesha Imana icyubahiro. Nimutyo iki kintu tukiteho, kandi turebe neza niba tugira ibyo twigomwa nk'uko bikwiriye. Mbese turi kwitanga kugira ngo tubashe koherereza umucyo w'ukuri ku bantu bazimiye?...

Mu itorero abantu bakwiriye gushishikarira ikintu kimwe; icyifuzo kimwe ni cyo gikwiriye kuba gihatse ibindi byose; kandi icyo cyifuzo ni uguharanira gusa na Kristo. Buri muntu akwiriye guharanira gukorera Yesu ibyo ashoboye byose akoresheje imbaraga ze, impano ze no kwitanga. Mu nzu y'Uwiteka hagomba kubamo ibyokurya, kandi ibyo bisobanuye umutungo wuzuye mu bubiko bw'Uwiteka kugira ngo haboneke ibisubizo ku majwi y' i Makedoniya atabariza mu bihugu byose. Mbega ukuntu biteye agahinda kwisanga tugomba gusubiza ayo majwi atabaza tuyabwira ngo: "Nta bushobozi dufite bwo kubohereza abantu cyangwa amafaranga, bitewe n'uko ububiko bwacu nta kintu kirimo."

Nimureke amafaranga yose atazanwa mu murimo w'Imana bitewe n'uko twikundira ibitunezeza, guharanira kwishushanya n'ab'isi, gukunda ubuzima bworoshye, agarurwe mu muyoboro uyerekeza mu bubiko bw'Imana. Ni utugezi duto dutemba twihuriza hamwe amaherezo tukabyara umugezi munini. Nimutyo tube abakristo bashyira mu gaciro, kandi tube abakozi bakorana n'Imana.

Dukwiriye gutangiza umurimo ahanu hashya, abakizwa bakwiriye kongerwa ku bandi, amazina y'abantu bashya akandikwa mu bitabo by'Itorero, kandi amazina akandikwa mu bitabo byo mu ijuru bitigera bigajuka. icyampa ngo dushobore gusobanukirwa n'ibyakorehwa amafaranga tujya dupfusha ubusa ku bintu byo kwishimisha!

UMUFATANYABIKORWA MU RUGANDA RW'IMANA

Umurimo w'Imana uhora udusaba gukora. Gukorana umwete birakenewe kuri bese, baba abakomeye n'aboroheje, abakire n'abakene, ku buryo ibikwiriye kugarurirwa Imana bigarurwa maze mu nzu yayo hakabamo ibyokurya kugira ngo abagaragu bayo yahamagariye kugeza ukuri ku barimbuka babone ibyo kubunganira.

Ntabwo Imana ishaka ko dutanga icyacumi gusa, ahubwo ishaka ko n'ibyo dutunze byose tubikoresha kugira ngo biyiheshe icyubahiro. Ntihakwiriye kubaho ingeso mbi yo gupfusha ubusa amafaranga; ni umutungo w'Imana tuba dukoresha. Nta faranga cyangwa ishilingi na rimwe ryacu bwite mu yo dutunze. Kwaya amafaranga hagurwa ibintu bihenze bivutsa abakene amahirwe yo kubona icyo bagura ibyokurya n'imyambaro. Amafaranga akorehwa mu guhaza ubwirasi mu bijyanye n'imyambaro, amazu n'ibikoreho n'imitako byo kurimbisha amazu, ayo yose yashoboraga gufasha imiryango izahajwe n'ubukene n'umubabaro ikoroherwa n'imihangayiko. Umurimo w'Ibisonga by'Imana ni ugukorera abatishoboye. Iyi ni yo mbuto igomba kuboneka mu idini y'ukuri kandi itanduye. Imana iciraho iteka abantu kubera ko bimakaza inariye mu mibereho yabo mu gihe hari bagenzi babo bamerewe nabi kubera kutagira ibyokurya n'imyambaro....

Uwiteka ahamagarira buri mwana we wese kureka umucyo w'ijuru—ari wo mucyo w'urukundo rutikanyiza—ukarasira mu mwijima wo muri iki gihe cyuzuye kwangirika. Imana nibona wemera ko ari Yo mugenga w'impagarike yawe n'ibyo utunze byose, nibona kandi ko ukoresha ubutunzi yaguhaye nk'igisonga gikiranuka, izashyira amazina yawe mu gitabo cyo mu ijuru ikwandike nk'umukozi ukorana na Yo, umufatanyabikorwa mu ruganda rwayo rukomeye rwo gukiza abantu bagenzi bawe. Uzanezerwa kuri wa muni uheruka, kubera ko bizagaragara ko wakoresheje ubutunzi bwawe neza ufasha abandi, bigatuma bashima Imana kubera wowe.¹

GUCUNGA NEZA UDUFARANGA DUKE

Ndifuzaga gukangura intekerezo z'abantu bese ngo basobanukirwe icyaha gikomeye cyo gupfusha ubusa amafaranga y'Imana bayatanga ku bintu bibwira ko bakeneye. Gukoresha amafaranga agaragara nk'aho ari make, bikomeza bityo bikazaba ingeso idakira. Igihe urubanza ruzashingwa mu ijuru, maze ibitabo bikabumburwa, uzerekwa amafaranga wapfushije ubusa agateza igihombo, werekwe ibyiza washoboraga gukoresha udufaranga duke wajyaga kuba warateranyirije hamwe n'andi menshi wakoresheje mu bikorwa byo kwikunda....

¹ Review and Herald, Dec. 8, 1896. [Urwibutso n'Integuza].

Yesu ntasaba umuntu gutanga ibintu bikomeye; kubera ko ibyo dusabwa gutanga ni bya bindi dutanga tukagubwa neza tutabifite kurusha uko twari tumerewe tukibifite. Turekura bike, ibirushijeho kuba iby'agaciro gake, kugira ngo duhabwe ibyinshi, bya bindi birushijeho kugira agaciro kanini. Iby'isi byose, bya bindi bimara igihe gito, byose bikwiriye gucishwa bugufi imbere y'ibirushijeho kuba iby'agaciro kanini.²

HANYUMA Y'IBYO NI BWO UBUTUMWA BUZAGENDA BUHITE IMBARAGA

Ubwoko bw'Imana bukwiriye kwimenyereza kuzigama igihe bakoresha ubutunzi bwabo, kugira ngo babone icyo bazanira Imana bavuga bati: «... Kuko byose ari wowe biturukaho, kandi ibyaweho akaba ari byo tuguhayeho, » (1 Ngoma 29:14). Bityo, bukwiriye gushimira Imana kubera imigisha yabahaye. Kandi na none, mu buryo nk'ubwo, bukwiriye kubika ubutunzi bwabo iruhande rw'intebe ya cyami y'Imana.

Abantu b'isi bakoresha amafaranga menshi bagura imyenda kandi ayo mafaranga yari akwiriye gukoreshwa mu gufasha abicwa n'inzara n'imbeho bakabona ibyokurya n'imyambaro. Abantu benshi mu bo Kristo yapfiriye, bafite imyambaro mike gusa ihendutse kurusha iyindi kandi isanzwe, mu gihe hari abandi bakoresha amafaranga menshi mu kugerageza guhaza irari ry'ibigezweho ritajya rishira.

Imana yategetse ubwoko bwayo ngo buve mu bantu b'isi kandi bwitandukanye na bo. Imyambaro itatswe amabara meza cyangwa ihenze ntabwo ikwiriye gutwara umwanya abantu bizera yuko turi mu minsi ya nyuma yo kwemererwamo. Intumwa Pawulo yaranditse ati: "Nuko ndashaka ko abagabo basenga bese barambuye amaboko yera kandi batagira impaka. Kandi n'abagore nuko, ndashaka ko bambara imyambaro ikwiriye, bakagira isoni birinda, kandi batirimbisha kuboha imisatsi, cyangwa izahabu, cyangwa imaragarita, cyangwa imyenda y'igiciro cyinshi, ahubwo birimbishishe imirimo myiza n'ingeso nziza. » 1 Timoteyo 2:8-10.

Ndetse no mu bantu biyita ko ari abana b'Imana, harimo abakoresha amafaranga menshi kurenze akenewe, bagura imyambaro. Ni koko bukwiriye kwambara imyambaro idoze neza kandi myiza; ariko mbabwire bashiki banjye, igihe mugura cyangwa mwidodera imyambaro yanyu cyangwa se iy'abana banyu, mujye mutekereza iby'umurimo wo mu ruzabibu rw'Uwiteka ugitegereje abawukora. Ni byiza kugura igitambaro cyiza kandi ukakidodesha neza. Ibi ni ugukoresha neza umutungo. Nyamara imitako ihenze ntabwo ikenewe, kandi kwiroha mu bintu nk'ibyo, ni ugukoresha amafaranga mu kwihimbaza kandi ayo mafaranga yari akwiriye gukoreshwa mu murimo w'Imana.

Icyo wambaye si cyo kiguhesha agaciro mu maso y'Imana. Ahubwo icyo Imana iha agaciro ni umurimo wo mu mutima, ubuntu bwa Mwuka Muziranenge, amagambo meza, kuzirikana abandi no kububaha. Kora

² Review and Herald, Aug. 11, 1891. [Urwibutso n'Integuza, ku wa 11 Kanama, 1891.]

ariko wirinde imitako itari ngombwa, maze amafaranga ucunguye muri ubwo buryo, ayashyire ku ruhande azakore umurimo w'Imana. Iga isomo ryo kuzigama no gucunga neza ubutunzi kandi uryigishe n'abana bawe. Amafaranga ushobora kuzigama binyuze mu kwigomwa arakenewe muri iki gihe kugira ngo akoreshwe mu murimo ugomba gukorwa. Imbabare zikeneye gufashwa, abambaye ubusa bakeneye kwambikwa, abashonji bakeneye ibyokurya; ukuri kugenewe ab'iki gihe gukeneye kubwirwa abantu batarakumenya. Iyo tugize umwete wo kwigomwa ibyo tudakeneye, tuba tugize uruhare mu murimo w'Imana ukomeye.

Turi abahamya ba Kristo kandi ntidukwiriye kwemerera inyungu z'ibyo mu isi ngo zidutware igihe n'intekerezo, ku buryo tubura umwanya wo kubanza kwita ku bintu Imana yivugiye ko bikwiriye kuba nyambere. Inyungu zirushijeho kuba nziza ziri imbere yacu. "Mubanze mushake ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo," (Matayo 6:32.) Kristo yatanze byose kugira ngo umurimo wamuzanye ku isi ukorwe, kandi aratubwira ati: "Umuntu nashaka kunkurikira, niyiyange, yikorere umusaraba we iminsi yose ankurikire." (Luka 9:23). Yongeye kuvuga ati: "Ni bwo muzaba muri abigishwa banjye"

Kristo yitanze adahatwa kandi anezerewe kugira ngo asohoze ubushake bw'Imana. "Yicishije bugufi, araganduka, ntiyanga no gupfa ndetse urupfu rwo ku musaraba," (Abafilipi 2:8). Mbese twumva kwigomwa ari ikigeragezo gikomeye? Mbese tuzasubira inyuma tureke gufatanya na We imibabaro ye? Urupfu rwe rwari rukwiriye gukangura imyakura y'impagarike yacu, rukadutera kugira ubushake bwo kwiyegurira mu murimo we ndetse tukaweguriramo n'ibyo dutunze byose. Igihe dutekereje ibyo yadukoreye, imitima yacu iba ikwiriye gusabwamo n'urukundo.

Igihe abantu bazi ukuri bazashyira mu bikorwa ukwigomwa kuvugwa mu ijamba ry'Imana, ubutumwa buzagenda bufite imbaraga. Uwitaka azajya yumva amasengesho yacu igihe dusabira ubugingo bw'abantu ngo buhinduke. Abantu b'Imana bazareka umucyo wabo umurike, kandi abatizera nibabona imirimo yabo myiza, bazahera ko bahimbaze Data wo mu ijuru. Nimutyo duharanire gusa n'Imana tubinyujije mu kuyigandukira twitanze rwose.³

GUTERA IMBERE K'UMURIMO NUBWO HABA HARI UBUKENE

Mu itangira ry'umurimo, bake muri twe ni bo bashoboraga gukora umurimo, kandi byari ngombwa cyane ko duhuza ibitekerezo kugira ngo umurimo ujye mbere muri gahunda nziza kandi duhuje umugambi n'imikorere. Igihe twabonaga akamaro ko kunga ubumwe mu kwizera, amasengesho yacu yarashubijwe kandi isengesho rya Kristo na ryo ryarashubijwe, rya rindi ryasabaga ngo tube umwe nk'uko na We ari umwe na Se. Twari dukennye nk'uko mumerewe muri ibi bihugu byanyu; ibihe byinshi twagendaga dushonje, tufite imbeho kuko tutari dufite imyambaro ihagije. Ariko twabonye ko ukuri gukwiriye kujya mbere kandi ko tugomba

³ Review and Herald, Dec. 1, 1910. [Urwibutso n'Integuza].

kubona amafaranga yo kudufasha kukumenyesha abantu. Hanyuma twashatse Uwiteka dushyizeho umwete kugira ngo adukingurire inzira ngo tubashe kugera ku bantu batuye mu mijyi minini n'imitoya itandukanye, kandi jye n'umugabo wanjye twagombaga gukoresha amaboko yacu kugira ngo tubone amafaranga adufasha kuva ahantu hamwe tujya ahandi, kugira ngo dufungurire abandi bantu icyumba cy'ubutunzi bwo kwizera. Twashoboye kubona ko Uwiteka wo mu ijuru yarimo aducira inzira tunyuramo mu murimo we.

Umugabo wanjye yakoraga umurimo wo gusatura amabuye ku buryo wasangaga uruhu rwomoka ku ntoki ze, maze amaraso atangira kuvirirana ava mu bikomere; yabikoraga kugira ngo abashe kubana amafaranga y'urugendo ava ahantu hamwe ajya ahandi ashiriye abandi amagambo y'ukuri. Uko ni ko umurimo wagenze mu itangira ryawo, kandi na n'ubu ni ko amasengesho yacu akwiriye kuzamuka mu ijuru ku Mana nk'uko byagenze icyo gihe, kugira ngo idukingurire amarembo maze ukuri kubone uko kugera ku mitima y'abantu. Ifeza n'izahabu ni iby'Uwiteka. Inka z'ibirarashyamba zo ku misozi igihumbi ni ize, ariko icyo ashaka ni ukugenda mu kwizera, ukihuta kandi ukagera kure hashoboka. Imigisha y'Imana izasukwa ku bantu bazagaragaza ubushake bwo gukoresha imbaraga zabo zose....

Igihe Ibyanditswe Byera byabumburirwaga abantu b'i Piedmont Valleys, ubutumwa bwabwirijwe n'abantu b'abakene cyane mu by'ubutunzi bw'iyi si. Abantu bari bafite ukuri kwa Bibiliya, ntibari bemerewe kukugeza imbere y'abantu; ntibashoboraga kugeza Bibiliya mu miryango; bityo rero, bagendaga nk'abacuruzi bagurisha ibicuruzwa byabo, maze bakajyana imigabane runaka yo muri Bibiliya, nuko babona bishoboka, bagasoma mu Byanditswe; kandi muri ubu buryo, ababaga basonzeye ukuri, bashoboraga kubona umucyo. Abo bantu banyuze mu bitare byo mu misozi batambaye inkweto kandi ibirenge byabo bivirirana amaraso kugira ngo bashobore kugera ku mitima y'abantu kandi babaramburira inyandiko zirimo amagambo y'ubugingo. Ndifuzaga cyane ko uwo mwuka wakoreraga muri bo waba mu mutima wa buri wese uvuga ko yizera ukuri muri iki gihe.

Buri wese muri twe ashobora kugira icyo akora turamutse duhagaze mu mwanya Imana ishaka ko tubamo. Buri ntambwe yose uteye ujya kumurikishiriza abandi umucyo, ituma urushaho gusabana n'Imana yo mu ijuru. Nuramuka wicaye, ukirebaho maze ukavuga uti: "Nshobora gufasha umuryango wanjye gusa"; ntacyo uzakora; ariko nuvuga uti: "Nzagira icyo nkora kugira ngo abandi bamenye ukuri, ndifuzaga kubona kumenyekana, kandi nzakora uko nshoboye kose", Imana izagucira inzira kugira ngo ushobore kugira icyo ukora. Ukwiriye gushora ubutunzi bwawe mu murimo wo kumenyesha abantu ukuri, kugira ngo wiyumvemo ko na we uri mu ruhande rw'abarwanira ukuri.

Ntabwo Imana isaba umuntu yahaye italanto imwe ngo azane inyungu zaboneka hakoreshejwe italanto cumi. Mwibuke yuko umuntu wahawe


italanto imwe ari we wayihambiriye mu gitambaro akayihisha mu butaka. Ukwiriye gukoresha italanto, ubushobozi bwo guhindura ibitekerezo by'abandi n'ubutunzi Imana yaguhaye kugira ngo ugire uruhare muri uyu murimo.⁴

⁴ Review and Herald, July 8, 1890. [Urwibutso n'Integuza].

AMASE

UMUGABANE WA 13

**UKWERA
KW'INDAHIRO
N'IMIHIHO**



AMASEZERANO ADUHUJE N'IMANA

Imana ikorera mu bikoreho-bantu; kandi umuntu wese uzakora umurimo wo gukangura umutimanama w'umuntu, maze akamutera gukora imirimo myiza no kugira ubwuzu bwo kwamamaza ukuri, ntabwo azaba abyikoresha ubwe, ahubwo azaba akorehwa na Mwuka Muziranenge w'Imana umukoreramo. Imihigo ikozwe mu bihe nk'ibyho, iba ari iyera, ndetse iba ari imbuto iturutse mu murimo wa Mwuka w'Imana. Igihe iyo mihigo ihiguwe, Ijuru ryemera ituro, maze aba bakozi b'abanyabuntu bakandikwaho ko babikije ubutunzi bwinshi mu bubiko bwo mu ijuru. Abagenza batyo, baba bubaka ufuratiro rukomeye rushobora kuzahangana n'ibihe bikomeye byo mu gihe kizaza, kandi bituma bashobora kuzahabwa ubugingo buhoraho.

KUBURA K'UBUNYANGAMUGAYO

Kimwe mu byaha bikomeye cyane gikorwa n'abakristo bo muri iki gihe, ni uburyarya no kurarikira ubutunzi bagaragaza mu mubano bagirana n'Imana. Kutita ku guhigura imihigo yakorewe ibigo bitandukanye, n'imishinga yo mu rwego rw'iyobokamana biragenda byiyongera. Abantu benshi babona ko guhiga umuhigo bitabashyiraho inshingano yo kwishyura. Iyo batekereje ko amafaranga yabo azabazanira inyungu nyinshi nibaramuka bayashyize kuri konti cyangwa bakayashora mu bicuruzwa, cyangwa se iyo hari abantu ku giti cyabo bafite aho bahuriye n'ikigo cyasezeraniwe iyo mihigo, bakababwira ko bashobora kutayihigura, bumva nta nkomanga bafite zo gukoreha ubutunzi bwabo uko babyishakiye. Uku kubura k'ubunyangamugayo gukomeje kwiyongera ku rwego rugaragara mu bavuga ko bakomaza amategeko y'Imana kandi bakaba bategereje kugaruka vuba k'Umwami n'Umukiza wabo.

INSHINGANO Y'ITORERO

Itorero rifite inshingano yo gukurikirana imihigo yahizwe n'abizera baryo. Igihe ribonye umwe muri benedata yirengagiza guhigura umuhigo yahize, bakwiriye kumwegera bakabiganiraho batamuhutaza, ariko bakamubwiza ukuri. Niba atari mu bihe bigoye byamubuza gusohoza indahiro yagize, akaba ari umwizera w'ingirakamaro kandi afite umutima w'ubushake, icyo gihe

Itorerero nirigaragaze umutima w'impuhwe rimufashe. icyo gihe bashobora kuziba icyuho, maze bakaba ari bo bibonera imigisha.

Imana ishaka ko abizera b'Itorerero ryayo baha agaciro inshingano bafite kuri yo, bakazisohozza nk'uko baharanira kwishyura umwenda bafitiye umucuruzi cyangwa se uwo bafashe ku isoko. Nimutyo buri muntu wese yinire asuzume imibereho ye yo mu bihe byashize, arebe ko haba hari imihigo yirengagije guhigura cyangwa amasezerano atashohoje, noneho akoreshe imbaraga ze zose yishyure buri faranga ryose, kuko tugomba gutunganya byose mbere yuko duhagarara mu rukiko aho nta kintu na kimwe kizabasha kurokoka igeraezwa uretse ubunyangamugayo no kuba umunyakuri.¹

INTANDARO Y'AKAGA

Bamwe muri mwe mwagiye musitara ku mihigo mwagize. Mwuka w'Imana yaje mu nama yabereye ahitwa-----, aje nk'igisubizo ku mashengesho twari twatuye Imana; nuko kubera imbaraga yemeza ya Mwuka Muziranenge, imitima yanyu yaroroshye, maze mugira imihigo muhigira Imana. Igihe imigezi yagakiza yatembaga mu mitima yanyu, mwiyumvisemo ubushake bwo gukurikiza urugero rwa wa wundi wagenda hirya no hino agirira abantu neza, wa wundi kandi watanze ubugingo bwe kugira ngo acungure umuntu amuvane mu cyaha no mu buhenebere. Mubibashishijwe n'imbaraga mvajuru ihembura, mwabonye ko kwikunda no gukunda iby'isi bitajyanye n'imico ya gikristo, kandi musanga ko mudashobora kubaho ku bw'inyungu zanyu kandi ngo muse na Kristo. Nyamara igihe mwumvaga ko imbaraga y'urukundo rusaze ya Mwuka Muziranenge n'ubuntu bitumvikanira mu mitima yanyu mu buryo nk'ubwo, mwishubije amaturo mwatangaga maze Imana na Yo yisubiza imigisha yayo.

Bamwe muri mwe bahuye n'akaga. Bagize umusaruro muke, bituma bananirwa guhigura imihigo bari barahize; ndetse bamwe banyuze mu bihe by'impatanwa. Ukurikije ubuzima barimo, mu by'ukuri, ntibashoboraga guhigura ibyo bahize. Ariko iyo bataza kwitotombera Imana kugeza ubwo biyibagiza imihigo bahize, Imana yari kubafasha, ikabacira inzira bakabona uburyo bwo kwishyura ibyo bayisezeraniye. Ntibategereje bizeye, kandi ngo biringire ko Imana ishobora gukingura imiryango kugira ngo bashobore guhigura imihigo bari barahize.

Bamwe muri bo bari bafite umutungo; kandi iyo baza kugira ubushake nk'ubwo bari bafite mu gihe cyo guhiga, kandi na none iyo baza kugarurira Imana icyacumi n'amaturo mu byo yari yarabatije bafite umutima ukunze, Imana iba yarabahaye imigisha myinshi. Nyamara Satani yabasanze afite ibishuko bye, abatera kwibaza impamvu n'umwuka byateye umugaragu w'Imana gusaba abantu gutanga ubutunzi. Bamwe muri bo bumva ko bashutswe kandi ko bariganyijwe ubutunzi bwabo. Bamwe basubiye ku mihigo yabo, kandi ibyo bakoze byose nyuma yaho, babikoraga baseta ibirenge, kandi kubw'ibyo, ntibabonye imigisha.²

1 Testimonies for the Church, vol. 4, pp.473-476. [Ibihamya by'Itorerero].

2 Testimonies for the Church, vol. 5, pp. 281, 282. [Ibihamya by'Itorerero].

ICYAHA CYA ANANIYA

Imitima ya Ananiya n'umugore we yari yakozweho na Mwuka Muziranenge kugira ngo begurire Imana ubutunzi bwabo nk'uko bene Se bari babigenje. Ariko bamaze guhiga uwo muhigo, bisubiraho, biyemeza kutawuhigura nk'uko bari bawuhize. Nubwo bari biyemeje gutanga ikiguzi cyose, bagumanye umugabane umwe w'icyo kiguzi. Bariganije Imana, kandi babeshya Umwuka Wera maze icyaha cyabo kibakururira igihano cyihuse kandi giteye ubwoba. Ntibabuze ubuzima bwabo bwo muri icyo gihe gusa, ahubwo bajimije n'ubugingo buhoraho.

Uwitaka yararebye asanga ko iki kimenyetso cyo kwigaragaza k'ubutabera bwayo byari ngombwa kugira ngo bibere isomo abandi ngo bazirinde kugwa mu cyaha gisa gityo. Ibyababayeho byerekanye ko abantu badashobora kubeshya Imana, kandi ko ishobora gutahura icyaha gihishwe mu mutima, kandi ko Imana itanegurizwa izuru. Imana yabikoreye kugira ngo iburire Itorero ryari rikivuka, kandi ngo bibatere kujya babanza gutekereza ku mpamvu ibateye gukora ikintu runaka, kugira ngo bibarinde gutegekwa n'inarijye no gushaka icyubahiro ndetse ngo birinde kwiba Imana.

Ku byerekeye ibyabaye kuri Ananiya, icyaha cyo kuriganya Imana cyatahuwe vuba kandi bagihanirwa ako kanya. Uru rugero rw'ubutabera bw'Imana rwashyiriweho abari kuzakurikiraho bose nk'ikimenyetso cyerekana ko hariho akaga. No mu itorero ryakurikiyeho, icyo cyaha cyakomeje gusubirwamo, ndetse no muri iki gihe benshi baragikora; nyamara nubwo icyo cyaha kitagihita gikurikirwa n'ikimenyetso cy'uburakari bw'Imana, ububi bwacyo mu maso y'Imana ntibwagabanutse ugereranyije n'ububi cyari gifite mu bihe by'intumwa. Imana yatanze umuburo, kandi yagaragaje ko yanga urunuka icyo cyaha; abanyura muri icyo nzira, bamenye neza ko baba barimbura ubugingo bwabo....

Iyo impamvu zitera umukristo kugandukira Imana zihawe agaciro, kandi umutimanama we ugakangukira gukora inshingano, umucyo w'Imana ugakangura umutima n'imyifatire, ni bwo kwikunda kuneshwa, maze imitekerereze nk'iya Kristo ikigaragaza. Mwuka Muziranenge ukorera mu mitima no mu myifatire by'abantu akirukana amatwara yose yo guhengamira ku gukunda ubutunzi n'imigenzereze irimo uburiganya....

Mu bihe bimwe na bimwe, Imana yagiye ikora ku mitima y'abantu bakunda iby'isi ndetse bakikunda. Intekerezo zabo zamurikirwaga na Mwuka Muziranenge, imitima yabo ikoroshywa n'imbaraga ye icisha abantu bugufi. Babitewe no gusobanukirwa n'imbabazi nyinshi z'Imana n'ubuntu bwayo busaze, biyumvisemo ko ari inshingano yabo yo guteza imbere umurimo wayo no kubaka ubwami bwayo.... Biyumvisemo icyifuzo cyo kugira uruhare mu bwami bw'Imana, maze basezerana gutanga ku mitungo yabo ngo bashyigikire imwe mu mishinga yo mu murimo w'Imana. Umuhigo bahize ntibawuhigiye umuntu, ahubwo bawuhigiye Imana imbere y'abamarayika bayo, bari bashinzwe gutera ubwuzu imitima y'abo bantu barangwaga n'ubwikanyize no gukunda amafaranga.


Igihe basezeranaga, bahawe imigisha mu buryo butangaje; ariko bamaze kugera imuhira mu buzima busanzwe, ibyiyumvo byabo byahise bihindutse ako kanya. Uko imbaraga za Mwuka Muziranenge zagabanukaga muri bo ni ko ubwenge bwabo n'imitima yabo byongeye gutwarwa n'imirimo yabo y'isi; byarushijeho kubakomerera cyane kuguma mu masezerano yo kwiyegurira Uwituka kwabo no kumwegurira ibyo batunze. Satani yabagabyeho ibitero akoresheje ibishuko bye akababwira ati: "Mwabaye abapfu igihe mwasezeranaga gutanga ariya mafaranga, murayakeneye mu mishinga yanyu bwite; nimuramuka muhiguye umuhigo mwahize muzahomba pe!"

Nuko bisubiraho, batangira kwitotomba, bitotombera ubutumwa bw'Imana n'intumwa zayo zabubagejejeho. Bavuga ibintu bitari ukuri, bavuga ko bemeye gusezerana kubera ko bari babashyuhije cyane, bavuga ko babikoze batarabisobanukirwa neza, ngo bakomeje kubisubiramo inshuro nyinshi na bo bumva ubwuzu bubasabye, baherako barasezerana. Babivugaga nk'aho imigisha itangaje bahawe yari ikinyoma bari bashyizweho n'umugabura wagiraga ngo yibonere amafaranga. Bahinduye ibitekerezo byabo maze bumva nta tegeko ribahatira guhigura iby'indahiro bagize. Uko ni ukwiba Imana guteye ubwoba, kandi abantu batanga inzitwazo zo kuninira Mwuka Wera no kumwihakana. Bamwe bihamagarira ingorane; bavuga ko bakeneye amafaranga yabo—ngo bayakoreshe iki? Barashaka kuyataba mu bwubatsi bw'amazu no mu masambu no mu bikorwa bindi bizana inyungu zihuse. Kubera ko ari umuhigo batanze mu rwego rw'iyobokamana, batekereza ko nta tegeko ryabakurikira; maze urukundo bakunda amafaranga rukabagiraho ububasha bwinshi ku buryo bahitamo kuriganya ubugingo bwabo bityo bagahitamo kwiba Imana. Abenshi muri bo bashobora kubwirwa ngo: "Wirengagije kwita ku nshuti yawe yari irwaye cyane."

Umubare w'abakora icyaha nk'icya Ananiya na Safira urarushaho kwiyongera. Igihe abantu birengagije guhigura imihigo bahigiye Imana igihe Mwuka Wera yakoraga ku mitima yabo, ntibaba babeshye abantu, ahubwo baba babeshye Imana. Kubera ko iteka Imana icira ku gikorwa kibi ritakihuta ngo abakoze ikibi bahanwe uwo mwanya nk'uko byagenze kuri Ananiya na Safira, imitima y'abana b'abantu yuzuwemo no gukora ikibi no

kuruhanya na Mwuka w'Imana. Mbese aba bantu bazahagarara bate mu rubanza? Mbese wahangara gushyikira ingaruka z'iyoye myitwarire? Mbese uzabasha guhagarara udatsinzwe mu bihe bivugwa mu Byahishuwe? Haravugaga hati: "Mbona intebe y'ubwami nini yera, mbona n'uyicayeho, isi n'ijuru bihunga mu maso hayo, ahabyo ntihaba hakiboneka. Mbona abapfuye, abakomeye n'aboroheje bahagaze imbere y'iyoye ntebe y'Imana; nuko ibitabo birabumburwa... Abapfuye bacirwa imanza z'ibyanditswe muri ibyo bitabo zikurikije ibyo bakoze." (Ibyahishuwe 20:11-12).¹

¹ Review and Herald, May 23, 1893. [Urwibutso n'Integuza]



KUGIRANA

AMASEZERANO N'IMANA

Igihe umuhigo wahigiwe imbere ya bene Data mu buryo bw'imvugo cyangwa inyandiko, umuntu agasezerano ko azatanga umubare runaka w'amafaranga, abo bantu bagomba kuba abahamya bafatika bazemeza ko twagiranye isezerano n'Imana. Amasezerano ntituba tuyagiranye n'umuntu, ahubwo tuba tuyagiranye n'Imana; kandi ayo masezerano aba ameze nk'inyandiko umuntu aha mugenzi we. Nta tegeko ririho ritegeka umukristo kwishyura amafaranga yaseseranye rirenze ko aba yahigiye Imana umuhigo.

Muri rusange, abantu bagiranye amasezerano na bagenzi babo ntibajya batekereza kubasaba imbabazi ngo babemerere kuva muri ayo masezerano. Umuhigo umuntu ahigiye Imana Inkomoko y'imigisha yose, aba agifite agaciro karushijeho gukomera; none se ni iki gituma dushaka kureka guhigura umuhigo twahigiye Imana? None se umuntu azakerensa isezerano yiyemeje ngo ni uko yaragiranye n'Imana? Mbese uwo muhigo uteshwa agaciro kubera ko udashobora kujyanwa mu nkiko? Mbese umuntu uvuga ko yakijijwe n'amaraso y'igitambo gihoraho cya Yesu Kristo "yakwiba Imana"? Mbese imihigo ahigira Imana n'ibikorwa akora ntibishyirwa ku minzani y'ubutabera bwo mu rukiko rwo mu ijuru?

Buri muntu muri twe afite urubanza rumutegereje mu rukiko rwo mu ijuru. Mbese imyitwarire yacu izabasha kuvuguruza ibirego turegwa? Ikibazo cya Ananiya na Safira cyagaragaraga nk'ikintu kirushijeho kuba kibi cyane. Igikorwa cyo gusigarana umugabane w'ikiguzi, cyari ukubeshya Mwuka Muziranenge. Urubanza nk'urwo ruba ku muntu wese ukora ibicumuro bisa bityo.

Iyo imitima y'abantu imaze koroshywa na Mwuka w'Imana, iba ishobora kwemera inama za Mwuka Muziranenge, hanyuma bakiyemeza kwigomwa no kwitangira umurimo w'Imana. Igihe umucyo mvajuru umurikiye mu byumba by'ubwenge bw'umuntu ufite imbaraga no kubonesha kudasanzwe, ni bwo ibiyumvo by'umuntu wa kamere bitsindwa, inarijye igatakaza imbaraga yari ifite ku mutima we, noneho muri we hagakanguka ibyifuzo bwo kwigana Ikitegererezo cya Yesu Kristo mu bijyanye no kwigomwa ndetse no kugira neza. Kamere ya kimuntu yajyaga irangwa n'ubwikanyize irahinduka akaba umuntu ugwa

neza kandi ugirira impuhwe abanyabyaha bazimiye, maze agahigira Imana umuhigo nk'uko Aburhamu na Yakobo babigenje. Mu bihe nk'ibyo, abamarayika b'Imana baba bahari. Urukundo umuntu akunda Imana n'ubugingo bw'abantu rwiganzura inarijye no gukunda iby'isi. Mu buryo bw'umwihariko, ibi bikunze kubaho igihe umubwiriza, afashijwe na Mwuka Wera n'imbaraga z'Imana, abwirije ibyerekeye inama yo gucungurwa, yashyizwe mu bikorwa n'Umwami w'ijuru binyuze mu gitambo cye ku musaraba. Amagambo akurikira aratwerekana ukuntu Imana ikomera ku muhigo wahizwe:

“Nuko Mose abwira Abisirayeli iby'Uwiteka yamutegetse byose, agira ati: 'Iri ni ryo tegeko Uwiteka yategetse: Umugabo nahigira Uwiteka umuhigo cyangwa niyibohesha indahiro, ntagace ku isezerano rye ngo aryonone, ahubwo ahigire ibyaturutse mu kanwa ke.'” *Kubara 30:1,2.*

“Ntugakundire akanwa kawe gucumuza umubiri wawe, kandi ntukavugire imbere ya marayika, uti:” Kuki Imana yarakarira ijwi ryawe, ikarimbura imirimo y'intoki zawe?” *Umubwiriza 5:5*

“Ndinjirana ibitambo byokeje imbere yawe, ndaguhigira umuhigo naguhize. Wabumbuje iminwa yanjye, akanwa kanjye kakawuvuga ubwo nari mu mubabaro.” *Zaburi 66: 13,14.*

“Guhubukira indaahiro y'ibyo yashinganye bimubera umutego, yamara kurahira agasigara yisiganuza.” *Imigani 20:25.*

“Nuhiga Uwiteka Imana yawe umuhigo, ntuzatinde kuwuhigira kuko Uwiteka Imana yawe itazabura kuwukubaza, bikakubera icyaha, ariko niwirinda guhiga ntibizakubera icyaha. Ijambo riva mu kanwa kawe ujye uryitondera urisohoze, numara guhiga Uwiteka Imana yawe umuhigo, wahigishijwe n'umutima ukunze, ukawusezeranisha akanwa kawe. *Gutegeka 23:22-24.*

“Muhige umuhigo muwuhigire Uwiteka Imana yanyu. Abayigose bose bazanira amaturo Iteye ubwoba.” *Zaburi 76:12.*

“Ariko mwebwe mwararisuzuguye, kuko muvuga muti: 'Ameza y'Uwiteka arahumanye, kandi ibyokurya byo kuri ayo ameza ye ni igisuzuguriro; kandi mujya muvuga muti: 'Uyu murimo uraruhanya, kandi mujya muwinuba.' Niko Uwiteka Nyiringabo avuga. Kandi muzanye icyo munyaze ku maboko n'igicumbagira n'ikirwaye, ayo ni yo maturo muntura. Mbese ibyo muzana nabyakira? Ni ko Uwiteka abaza. Ariko havumwe uriganya, ufite isekurume mu mukumbi we, akayihiga, yajya guhigira Uwiteka, akamuhigira ifite inenge, kuko ndi Umwami ukomeye, ni ko Uwiteka Nyiringabo avuga, kandi izina ryanjye ni irinyagitinyiro mu banyamahanga. *Malaki 1:12-14.*

Nuhigira Imana umuhigo ntugatinde kuwuhigira kuko itanezerewe abapfa. Ujye uhigira icyo wahize. Guhiga umuhigo ntuwuhigire birutwa no kutawuhiga. *Umubwiriza 5:3-4.*¹

¹ Testimonies for the Church, vol. 4, pp.470-472. [Ibihamya by'Itorero].

IBISABWA KUGIRA NGO UMUNTU ASOHOREZWE AMASEZERANO Y'IMANA

Higeze kubaho ibihe bidasanzwe mu gihe cy'amateraniro manini, igihe abavuga ko ari abayobohe ba Kristo bahamagarirwaga kugira icyo bakora mu murimo w'Imana. Nuko imitima ya benshi irakanguka, ndetse abenshi muri bo bagira amaseserano yo gushyigikira umurimo w'Imana. Ariko abenshi mu bahize ntibigeze bahigura umuhigo bahigiye Uwitaka. Bakomeje kubikerensa, kandi ntibashobora gutanga inshungu y'umuhigo wabo ngo bikiranure n'Umuremyi wabo. None se iyo umuntu ahize umuhigo ntawuhigire, ategereza ko Imana izamusohoreza amasezerano kandi atarashohoje ibyo yari yavuze ko azakora? Ikiruta byose ni ukuba umwizerwa kuri bagenzi bawe no ku Mana. ²

SATANI ARWANYA AMASEZERANO

Ku byo Imana yahaye umuntu, imusabaho umugabane runaka, ari wo icyacumi. Iha umuntu wese umudendeze wo kwiyemeza niba ashobora gutanga ibirenzeho. Nyamara igihe umutima wemejwe na Mwuka Muziranenge maze umuntu agasezerana kugira icyo atanga, usezeranye nta burenganzira na buke aba agifite ku byo yeguriye Imana. Ko amasezerano nk'aya akorewe abantu agaragara nk'adakuka; mbese ayo tugiranye n'Imana ntakomeye kurushaho? Mbese amasezerano akozwe n'umutimanama ni yo afite agaciro gake kurusha amasezerano yanditswe n'abantu?

Iyo umucyo mvajuru urasiye mu mutima ufite imbaraga no kumurika kudasanzwe, ubugugu bwabaye akamenyero buvaho maze umuntu akaba yiteguye gutanga kubw'umurimo w'Imana. Ntihakagire uwibwira ko azashobora gusohozza amasezerano yatanze Satani atamurwanyije. Satani ntiyishimira kubona Ubwami bw'Umucunguzi ku isi bushinga imizi. Abwira abantu ko ibyo basezeraniye Imana ari byinshi cyane ku buryo byabadindiza mu mbaraga bashyira mu gushaka ubutunzi no kunezeza ibyifuzo by'imiryango yabo. ³

HAKENEWE GAHUNDA YO GUKANGURA UMUTIMANAMA

Hagomba kubaho gukanguka muri twe nk'ubwoko bw'Imana ku byerekeye iki kibazo. Ni abantu bake gusa bumva bafite agahinda mu mitima iyo birengagije inshingano yabo yo kugira neza. Ariko abantu bake gusa ni bo bumva bafite igishinja mu mitima yabo batewe n'uko bahora biba Imana.

Iyo umuntu atishyuye umwenda yari arimo mugenzi we ngo awurangize akabikora abigambiriye cyangwa bikamubaho kubw'impanuka, cyangwa akamwishyura makeya, azumva afite ikidodo ku mutima, keretse gusa abaye yarapfuye ibyumviro; ntashobora kugira amahoro nubwo nta wundi muntu waba ubizi. Hari amasezerano menshi yirengagijwe n'imihigo myinshi itarahiguwe, ariko ikibabaje ni uko abantu bake gusa ari bo

² Review and Herald, Dec. 17, 1889. [Urwibutso n'Integuza].

³ Ibyakozwe n'Intumwa, p.50.

babujijwe amahoro n'icyo kintu; kandi abantu bake gusa ni bo biyumvamo igishinja cy'uko batashohoje inshingano!

Tugomba kwemezwa mu mitima bundi bushya kandi bisumbye uko bisanzwe ibyerekeranye n'iyi ngingo. Umutimanama ukwiriye gukangurwa, kandi tukarushaho kwita kuri iki kintu; kuko ku muni w'urubanza tuzabazwa n'Imana ibyo twakoze, kandi tugomba gukora ibyo idusaba gukora.⁴

⁴ Testimonies for the Church, vol. 1, 468. [Ibihamya by'Itorero].

UMUGABANE WA 14

**IMPANO Y'UBUSHAKE
N'UMURAGE**

KWITEGURA URUPFU

Muri twe harimo abantu bakuze bari hafi kugera ku iherezo ry'igihe cyabo cyo kwemererwamo; ariko kubera ko habura abantu bari maso cyane kugira ngo babashe kuzana umutungo w'abo bantu mu nzira yo gushyigikira umurimo w'Imana, birangira uwo mutungo ushyizwe mu maboko y'abakorera Satani. Uwo mutungo Imana yari yarawubatije kugira ngo bazongere bawuyigarurire; nyamara abantu icyenda ku icumu muri abo bene Data, iyo bapfuye, bashyira umutungo w'Imana mu maboko y'abatazigera bayihesha icyubahiro, kuko nta faranga na rimwe ryo muri uwo mutungo riba rizigera rijya mu bubiko bw'Uwiteka. Haba ubwo bamwe muri bo babiterwa no kugira abajyanama babi, batejejwe, babagiraga inama bakurikije ibitekerezo byabo bwite aho gukurikiza ibitekerezo bitangwa n'Imana.

Ibihe byinshi usanga imitungo y'abantu bayiraga abana n'abuzukuru babo, ariko ikababera intandaro yo kwangirika. Ntibakunda Imana n'ukuri kwayo, ni cyo gituma umutungo w'Imana wose uko wakabaye ujya mu ruhande rwa Satani maze akaba ari we uyobora imikoresherezwewe yawo. Satani aba ahugutse, ijisho rye riba riri maso kandi agakoresha ubwenge bwe mu gutegura imigambi yo kubona ubutunzi kurusha uko bene Data bahugukira gushaka ubutunzi bw'Uwiteka ngo bukoreshwe mu murimo we.

Bamwe batanga basa n'abadafite icyo bitayeho ku buryo nibasuzumirwa imbere y'amategeko batazabasha guhagarara badatsinzwe; kandi mu buryo nk'ubwo, amafaranga menshi yagiye apfa ubusa ntakoreshwe mu murimo w'Imana. Bene Data bakwiriye kumva ko bafite inshingano yo gukora nk'ibisonga bikiranuka mu murimo w'Imana, bagakoresha neza ubwenge bwabo maze bakagomorerera iby'Imana mu murimo wayo.

Usanga abantu benshi bagaragaza intege nke mu buryo budakwiriye ku byerekeranye n'iyi ngingo. Iyo baganiriza abageze mu zabukuru n'abatagifite imbaraga ku byerekeye umutungo wabo kugira ngo barebe uko babyifatamo, bumva bisa no kugenda ahabuzanijwe. Nyamara iyi nshingano ni iyera nk'uko inshingano yo kubwiriza abantu Ijambo ry'Imana ari iyera. Hano hari umuntu ufite amafaranga y'Imana cyangwa umutungo mu maboko

ye. Ari hafi yo guhagarika umurimo w'ubusonga yari yarahawe. Mbese azafata umutungo Imana yari yaramutije ngo awukoreshe umurimo wayo awushyire mu maboko y'abanyabyaha bitewe gusa n'uko ari benewabo? Mbese abakristo ntibakwiriye gushishikazwa ndetse no guterwa impungenge n'ahazaza h'umutungo w'uwo muntu nk'uko bashishikazwa n'umurimo w'Imana kugira ngo uwo muntu azagire inyifato nziza ku mafaranga y'Uwitwika, italanto Imana yari yaramutije kugira ngo ayigenzure neza? Mbese bene Se bazihagararira barebera ubuzima bumucika, kandi ari na ko umutungo w'Imana usahurwa mu bubiko bwayo? icyo cyaba ari igihombo giteye ubwoba kuri we ndetse no ku murimo w'Imana; kuko naramuka ashya italanto ye y'ubutunzi mu biganza by'abantu batita ku kuri kw'Imana, azaba abupfuyitse mu gitambaro ku bushake ndetse abigambiriye maze abuhishe mu butaka.

UBURYO BURUSHIJEHO KUBA BWIZA

Imana ntiyifuzaga ko abayoboke bayo batanga ubutunzi bwabo kandi bari bagishoboye kubwikoreshereza ubwabo. Bamwe bashobora kubaza bati: "Mbese mu by'ukuri dushobora kwikuraho ibyo dufite twita ko ari ibyacu?" Dushobora kudasabwa kubikora nonaha; ariko tugomba guhora dufite ubushake bwo kubikora ku bwa Kristo. Dukwiriye kwemeranya n'imitima yacu ko ubutunzi dufite ari ubwe mu buryo budasubirwaho, tukabigaragariza mu kubukoresha igihe cyose hari umutungo ukenewe wo guteza imbere umurimo We. Hari abantu bamwe bipfuka amatwi ngo batumva irarika ribasaba gutanga amafaranga yo kohereza ababwirizabutumwa mu bindi bihugu, no kumenyesha abantu ukuri kw'Imana binyuze mu nyandiko ku buryo zinyanyagira ku isi hose nk'ibibabi by'ibiti bihunguka mu gihe cy'urugaryi.

Kukubwira yuko bateguye gahunda yo gukora imirimo y'urukundo ku munsu wabo wo gupfa ni urwitwazo rwo gushyigikira gukunda iby'isi kwabo. Mu bushake bwabo ngo baba barateganirije umurimo w'Imana. Ku bw'ibyo bakabaho imibereho yo gukunda amafaranga, bakiba Imana muri icyacumi n'amaturu, kandi mu gutanga imirage bakagarurira Imana umugabane muto mu byo yabahaye nk'intizanyo mu gihe umugabane munini w'ibyo batunze bawuha bene wabo batajya bagira ubwo bashishikazwa n'ukuri. Ubu ni ubujura bwo mu rwego rwo hejuru. Biba Imana ibyo bakagombye kuyigarurira; kandi ntibayiba mu mibereho yabo yose bakiriho gusa, ahubwo banayiba no ku munsu wabo wo gupfa.

KWIRENGERA INGARUKA ZITEYE UBWOBA

Ni ubupfayongo bukabije gutegereza isaha ya nyuma y'ubuzima bwawe ngo ni bwo uzategura imibereho yawe y'ahazaza. Na none kandi ni ikosa rikomeye gutinda gukora ibyo Imana idusaba mu byerekeye gutanga dushyigikira umurimo wayo, maze ukarindira igihe uzashyira ubusonga bwawe mu biganza by'abandi bantu. Abantu usigiye izo mpano zawe z'ubutunzi bashobora kutazikoresha neza nk'uko nawe wabikoraga. Mbega ukuntu abatunzi batinyuka kwirengera ingaruka ziteye ubwoba! Abantu

bategereza ko urupfu rukomanga ku muryango wabo, bakabona gutegura uko umutungo wabo uzakoreshwa, bakawegurira urupfu aho kuwegurira Imana. Abagenza batyo baba banyuraniye n'imirigambi y'Imana yasobanuye neza mu Ijambo ryayo. Niba bashaka gukora neza, bagomba gukoresha neza ibihe byiza bafite muri iki gihe, kandi bagakoresha imbaraga zabo zose, bagakora nk'abatinya ko bashobora kubura amahirwe bari bafite.

Abantu bakerensa inshingano yabo kandi bayizi, bakabikora binyuze mu kutagarurira Imana ibyo ibasaba muri ubu buzima, maze bakirema agatima bavuga ko bazabikora igihe cyo gupfa cyegereje, ntabwo bazabwirwa na Shebuja amagambo yo kubashimira, nta n'ingororano bazahabwa. Ntabwo bakoze imirimo yo kwigomwa, ahubwo mu kwikunda kwabo bagundiye ubutunzi bwabo uko bashoboye kose, maze baburekura gusa igihe urupfu rwari rubagezeho rushaka kubatwara.

Ibyo abantu baragiriza gukora kugeza igihe basatiriye urupfu, iyaba bari abakristo nyakuri, babikora bagifite ibuzima. Bakwiyegurira Imana kandi bakayegurira n'ubutunzi bwabo, kandi igihe bakora uwo murimo nk'ibisonga byayo, bajya bumva banyuzwe no gusohoza inshingano yabo. Iyo bahindutse abantu bikoresha, bashobora gusohoza ibyo Imana ibashakaho, aho kwikuraho inshingano bakazigereka ku bandi bantu.

Dukwiriye kwireba nk'ibisonga byahawe inshingano yo gucunga umutungo w'Uwiteka kandi Imana tukayibona nka Nyiri ibintu, Iyo tugomba kugarurira byose igihe cyose ibidusabiye. Igihe izaba ije kureba ibyayo ndetse n'inyungu zabivuyemo, abararikira ubutunzi cyane bazabona ko aho kugira ngo bagenzure impano bahawe ngo zibe nyinshi, bazasanga barikururiye umuvumo wo kubwirwa amagambo azabwirwa umugaragu w'imburamumaro.

KUGIRA NEZA MU GIHE UKIRIHO CYANGWA KURAGA MU GIHE CYO GUPFA

Imana ishaka ko urupfu rw'abagaragu bayo rwazajya rugaragara nk'igihombo kubera imbaraga zihindurira abantu ku gukora ibyiza bari basanzwe bafite, n'impano nyinshi z'ubushake bajyaga batanga zikajya mu bubiko bw'Uwiteka. Imirage abantu batanga mu gihe bagiye gupfa ni ingurane y'urukozasoni ijya mu cyimbo cy'imirimo yo kugira neza bajyaga kuba barakoze bakiri bazima. Abagaragu b'Imana bakwiriye kujya bakoresha ubushake bwabo neza buri muni binyuze mu mirimo myiza bakora no mu maturo y'ubushake batura Imana. Ntibakwiye kujya bemera ko umubare w'amafaranga wagenewe Imana uba mutoya ugereranyije n'ayo bakoresha mu nyungu zabo bwite. Mu gutanga kwabo kwa buri muni, bazajya bazirikana intego zabo na za nshuti bakunda urukundo rwabo rwinshi.

Inshuti yabo ihebuje izindi zose ni Yesu. Ntiyimanye ubugingo bwe ngo abubagomwe, ahubwo yahindutse umukene ku bwabo, kugira ngo ubukene bwe butume bahinduka abatunzi. Akwiriye kwegurirwa umutima wose,

ubutunzi, ibyo batunze byose ndetse n'impagarike yabo yose. Ariko abantu benshi bavuga ko ari abakristo, ibyo Imana ibasaba gukora mu buzima bwabo bagenda babyigizayo maze ugasanga bayinegura igihe bayiha ituro ridashyitse bagiye gupfa.

Nimutyo abantu bameze batyo bibuke yuko icyo gikorwa batagikora kibitunguye, ahubwo baba barakoze gahunda yabyo, bakabitangira bavuga bati: « Kubaho ni ukugira ubwenge bukora neza». Iyo bamaze kuriganya umutungo w'umurimo w'Imana, ubwo buriganya baburaga abandi bantu na bo bakazabukomeza ababubaraze bamaze gupfa. Kandi ibyo biba byavuye mu bushake bwabo, bakabikoresha imbaraga zose z'ubwenge bwabo. Ubwo bushake abantu benshi bishimira kubugira igihe biseguye umusego bagiye gupfa. Ubushake bwabo ni umugabane wo kwitegura gupfa kwabo, kandi burategurwa kugira ngo umutungo wabo utazababuza umutekano mu masaha yabo ya nyuma mbere yo gupfa. Mbese abantu nk'aba bashobora kunezezwa n'ibyo Imana ibasaba, ari na byo bizaba bikubiye mu byo bazasobanura ku munsu w'urubanza ku byerekeranye n'ubusonga bwabo?

Muri ubu buzima bwacu, twese tugomba kuba turi abatunzi ku bw'imirimo myiza niba dushaka kugira ahazaza heza n'ubugingo budapfa. Igihe urubanza ruzaba rushinzwe, ibitabo bikabumburwa, umuntu wese azagororerwa hakurikijwe imirimo yakoze. Amazina menshi yanditswe mu gitabo cy'itorero, imbere y'amazina yabo mu gitabo cyo mu ijuru handitsweho ko ari abajura. Kandi keretse gusa nibihana, maze bagakorera Shebuja bafite kwitanga kutizigamyeye, naho ubundi bazahura n'ishyano rizagwira igisonga gikiranirwa.

IBIHOMBO BITEWE NO KUBURA UBUSHAKE

Bijya bibaho kenshi, aho ujya kubona ukabona umucuruzi arapfuye atarigeze abona akanya na gato ko kuburirwa, maze ubucuruzi bwe bwazuzumwa bugasangwa buri mu kibazo giteye urujijo. Mu kugerageza gusubiza ibintu mu buryo, abanyamategeko bagatwara akandi kayabo k'amafaranga, iyo batajyanye umutungo we wose uko wakabaye, maze umugore n'abana bakahazaharira, ndetse n'umurimo wa Kristo ukabihomberamo. Ibisonga bikiranuka by'umutungo w'Uwitaka bizamenya uko imirimo yabo ibazanira inyungu ihagaze, ndetse nk'abantu b'abanyabwenge, bazajya bahora biteguye n'ibintu biza gitunguro. Igihe cyabo cyo kwemererwamo kiramutse kibarangiranye mu buryo butunguranye, ntibagwa mu kayubi ku bijyanye no gushaka abantu babakurikiranira iby'umutungo wabo.

Abantu benshi ntibimenyereza gukoresha ubushake bwabo mu gutanga igihe bagifite amagara mazima. Ariko uku kwitwararika gukwiriye kugirwa na bene Data. Bakwiriye kumenya uko bahagaze ku byerekeye umutungo w'amafaranga, kandi ntibemerere imirimo yabo ibazanira inyungu kugwabira. Bakwiriye gutunganya neza iby'umutungo ku buryo bawusiga igihe icyo ari cyo cyose.

Umurage ukwiriye gutegurwa ku buryo buhuje n'itegeko rigenderwaho mu gihugu. Iyo wanditswe ushobora kumara imyaka myinshi ufite agaciro kandi ntugire icyo uhungabanaho igihe cyose habayeho gahunda yo gutanga impano mu murimo biramutse bibaye ngombwa. Bene Data, ntabwo urupfu rwaza igitaraganya umunsi umwe nyuma yo gutanga umurage. Igihe mufashe imitungo yanyu mukayihira bene wanyu nk'umurage, muramenye ntumukibagirwe umurimo w'Imana. Muri abakozi bayo, baragiye umutungo wayo; kandi ibyo ibasaba gukora mukwiriye kubigira nyambere mu byo mutanga. Birumvikana kandi ko umugore wawe n'abana bawe batagomba gusigara mu bukene; ukwiriye kubateganiriza niba bakennye. Nubwo umuco waba ubikwemerera, ntugapfe guha abantu umurage ngo ni uko ari bene wanyu gusa igihe cyose badakennye.

GUHAMAGARIRWA KUGIRA IVUGURURA

Mujye muhora muzirikana ko umuco w'ubwikanyize wiganje wo kwegurira abantu umutungo muri iki gihe atari umugambi w'Imana, ahubwo ni umugambi w'umuntu. Abakristo bakwiriye kuba abantu bazana ivugurura, kandi bagakuraho ubu buryo bukoreshwa muri iki gihe, maze gutanga umurage bigahabwa indi sura itandukanye rwose n'irihho muri iki gihe. Mujye muhora mwibuka ko umutungo mukoresha ari uw'Uwiteka. Ubushake bw'Imana ku byerekeye iyi ngingo ni itegeko.

Tuvuge ko umuntu yakugize ushinzwe umutungo we, mbese ntiwashishikarira kwiga ngo umenye neza ubushake bwa nyiri ukukugenzura, kugira ngo hatagira n'amafaranga na make yerekezwa aho adakwiriye kujya? Inshuti yawe yo mu ijuru yakuragije umutungo kandi ikumenyeshya n'ubushake bwayo bwerekana uko uwo mutungo uzajya uwukoresha. Ubwo bushake bwe nibwigwa neza, ku bantu bafite umutima uzira kwikunda, iby'Imana idusaba ntibizakoreshwa ibidakwiriye. Umurimo w'Imana wirengagijwe mu buryo bw'urukozasoni, mu gihe yahaye abantu ubutunzi buhagije ku buryo n'ibibazo bitunguranye byajya bibonerwa umuti baramutse bafite imitima inyuzwe kandi yumvira.

Abantu barangije gutanga impano z'ubushake, ntibakwiriye kumva ko nta yindi nshingano basabwe gukora; ibiri amambu, bakwiriye guhora ku murimo ubutadohoka, bakoresha impano Imana yabahaye kugira ngo bazikoreshe mu kubaka umurimo wayo. Imana yateguye igenamikorere ku buryo buri muntu wese ashobora gukoresha ubwenge mu gusaranganya n'abandi ubutunzi yahawe. Ntiyateganyije ko umurimo wayo uzashyigikirwa mu buryo bw'ibitangaza. Ifite ibisonga bike bikiranuka bicunga neza umutungo kandi bigawukoresha neza mu rwego rwo guteza imbere umurimo w'Imana. Aho kugira ngo kwigomwa no gukora imirimo y'ubugiraneza bibe ibintu by'akataraboneka mu bantu, byari bikwiriye kuba itegeko kuri buri wese. Kwiyongera kw'ibikenewe mu murimo w'Imana gutuma hakenerwa ubushobozi bwo kubikora. Abantu baratabariza mu bihugu byacu ndetse no mu bihugu by'amahanga basaba ko hakoherezwayo intumwa zikabashyira umucyo n'ukuri kw'Ijambo

ry'Imana. Ibyo birasaba ko tugira abakozi benshi n'amikoro ahagije yo kubashyigikira.¹

UBURYO BWO KURINDA UMUTUNGO WAVE NGO UDAHUNGABANA

Mbese urashaka kurinda umutungo wawe ngo udahungabana? Wushyire ahantu hafite ibimenyetso by'imisumari yo kubambwa. Nukomeza kuwubika mu biganza byawe, uzagira igihombo gikabije kandi cy'iteka ryose. Wegurire Imana, kandi guhera uwo mwanya irawushyiraho ikimenyetso cyayo. Ushyirwaho ikimenyetso cyo kudahinduka kwayo. Mbese urashaka kwishimira ubutunzi bwawe? Bukoreshe mu bikorwa byo guhesha umugisha imbabare.²

1 Testimonies for the Church, vol. 4, pp. 478-483. [Ibihamya by'Itorero].

2 Testimonies for the Church, vol. 9, p.51. [Ibihamya by'Itorero].

UBUSONGA NI INSHINGANO BWITE Y'UMUNTU

Ababyeyi bakwiriye gukoresha uburenganzira bahawe n'Imana. Yabahaye italanto kugira ngo bazikoreshe mu bikorwa biyihesha icyubahiro. Ntibikwiriye ko abana bafata inshingano zo gukoresha italanto z'ababyeyi babo. Igihe ababyeyi bagifite ubwenge bukora neza kandi bagishoboye gushyira mu gaciro, bakwiriye gutegeka iby'uko umutungo wabo uzakoreshwa, bakabikora basenga kandi bafashijwe n'abajyanama babifitemo inararibonye kandi bakagira n'ubwenge bwo kumenya ubushake bw'Imana.

Niba bafite abana bababaye cyangwa se barwana n'ikibazo cy'ubukene, kandi bakaba bashobora kuzacunga neza umutungo wabo, abo bana bakwiriye kwitabwaho igihe cyo gutanga umurage. Ariko niba bafite abana bafite ubutunzi mu by'iyi si kandi bakaba ari abatizera bakorera iyi si, abo babyeyi baba bagomeye Shebuja wabagize ibisonga baramutse bashyize umutungo mu biganza byabo ngo ni uko ari abana babo gusa. Ntabwo ibyo Imana idusaba gukora bikwiriye guhabwa agaciro gake.

Kandi ibi bikwiriye gusobanuka neza: niba ababyeyi bararangije gutanga umurage, ntibibabuza gukomeza gushyigikira umurimo w'Imana mu gihe cyose bakiriho. Ibi bakwiriye kubikora. Bakwiriye kunyurwa n'ibyo bafite muri iki gihe ndetse bakishimira n'ingororano bazahabwa nyuma y'ubu buzima kubwo gutanga ku butunzi burenze ubwo bakenera muri ubu buzima igihe cyose bagihumeka. Bakwiriye gukoresha ubutunzi Shebuja yabahaye kugira ngo babukoreshe ibikenewe mu murimo wo mu ruzabibu rwe.

Gukunda amafaranga ni umuzi w'ibibi hafi ya byose bikorerwa mu isi. Ababyeyi bihambira ku butunzi bwabo kugira ngo bakungahaze abana babo nyamara ntibamare ubukene buboneka mu murimo w'Imana, bakora ikosa rikomeye cyane. Abo bana batekereza guhesha umugisha binyuze mu kubaha ubutunzi, ubwo butunzi bubahindukira umuvumo.

UBUTUNZI ABANTU BARAZWE AKENSHI BUBABERA UMUTEGO

Amafanga asigiwe abana, akenshi abahindukira intandaro y'umubabaro. Ibihe byinshi usanga batongana bapfa umutungo basigiwe n'ababyeyi kandi si kenshi abaragwa bose banyurwa n'uburyo se

yabagabanyije umutungo. Kandi aho kugira ngo uwo mutungo ubatere kunyurwa no kwibuka uwo mubyeyi bamwubashye, ubatera kutanyurwa, ishyari, kwitotomba no kutamwubaha. Abavandimwe babanaga neza, usanga rimwe na rimwe batumvikana, ndetse umuryango ugasenyuka bitewe n'ubutunzi barazwe n'ababyeyi. Ubutunzi buba ikintu cyo kwifuzwa gusa igihe bukenewe kugira ngo umuntu abwikenuze, kandi abukoreshe agirira abandi neza. Ariko rero, akenshi ubutunzi umuntu yahawe nk'umurage bumuhindukira umutego aho kugira ngo bumubere umugisha. Ababyeyi ntibakwiriye guharanira gukora ikintu cyatuma abana babo bahura n'ibishuko binyuze mu kubasigira umutungo batigeze bagiramo uruhare rwo kuwushaka.

KWANDIKA UMUTUNGO KU BANA

Neretswe yuko abana bamwe na bamwe bavuga ko bizera ukuri kw'Ijambo ry'Imana, bashobora gutera ababyeyi babo mu buryo buziguye kugumana ubutunzi kugira ngo bazabuhe abana babo aho gushyigikira umurimo w'Imana igihe bagihumeka. Abana boheje ababyeyi babo kureka ubusonga bwabo kugira ngo babiteho, ntabwo bazi neza icyo bakora. Bigerekaho inshingano inkubwe ebyiri: inshingano yo guturisha ibitekerezo by'umubyeyi we yabujije gusohoza umugambi w'Imana binyuze mu gutanga umutungo wayo ngo ukoreshwe ibiyihisha icyubahiro, n'inshingano yiyongeraho yo guhinduka igisonga cy'ubutunzi bwagombaga kuba bwarahawe ababugenzereza se, kugira ngo Shebuja mukuru azasubizwe italanto ze ziri kumwe n'inyungu zazo.

Ababyeyi benshi bakora ikosa rikomeye igihe bakura ubutunzi mu biganza byabo maze bakabushyira mu biganza by'abana babo, mu gihe ari bo bazabazwa uko izo talanto Imana yabahaye zakoreshejwe, zaba zarakoreshejwe neza cyangwa nabi. Ari ababyeyi cyangwa se abana, nta n'umwe unezewa n'iyi gahunda yo kwegurira abana umutungo. Kandi iyo ababyeyi bagize amahirwe yo kubaho imyaka mike nyuma yo kuraga abana babo, akenshi bicuza icyatumye babikora. Urukundo ababyeyi bari bafitiye abana babo ntabwo rwiyongera kubw'icyo gikorwa. Abana ntibiyumvamo ko kunyurwa kwiyongereye ndetse ngo bumve ko n'inshingano bafite ku babyeyi ziyongereye bitewe n'ubuntu bwinshi babagiriye. Bisa n'aho mu mizi y'icyo gikorwa ubwacyo harimo umuvumo, kandi uwo muvumo ni wo ukomokwaho no kwikunda kuboneka ku ruhanda rw'abana, no kwiyumvamo umunezero muke n'ubuhanya ku ruhanda rw'ababyeyi bitewe n'uko baba basigaye bateze amakiriro ku bana.

Iyaba mu gihe ababyeyi bakiriho bagiraga umwanya wo gufasha abana babo kugira ngo na bo babashe kwibeshaho, byaba byiza kuruta kubaraga umutungo mwinshi bagiye gupfa. Abana bamenyerejwe kumenya kwibeshaho bakoresheje imbaraga zabo, ni bo bavamo abagabo n'abagore ntangarugero mu buzima busanzwe kuruta abana bamenyerejwe kwishingikiriza ku mitungo y'ababyeyi babo. Abana barezwe ku buryo babeshwaho n'ibyo bavunikiye, bamenya guha agaciro imbaraga zabo,

bakabyaza umusaruro amahirwe yose babonye, maze bakongera imbaraga mu bushobozi bwabo kandi bakabwerekeza mu nzira ikwiriye kugira ngo bagere ku ntego bafite mu buzima. Ibihe byinshi bahora bimenyereza kwiubakamo umuco mwiza wo gukunda umurimo, kutaya umutungo, no kugira imico mbonera, kandi ibyo ni byo bigize urufatiro rwo guhirwa mu mibereho ya Gikristo. Abana bakorerwa n'ababyeyi babo ibintu byinshi kurenza ibyo bikorera ubwabo, akenshi biyumvamo ko bafite inshingano ntoya yo kwita ku babyeyi babo.¹

¹ Testimonies for the Church, vol. 3, pp. 121-123. [Ibihamya by'Itorero].

KWIVANAHO INSHINGANO UKAYISHYIRA KU BANDI

Bene Data baruhuka isabato bivanaho inshingano yabo y'ubusonga maze bakayishyira ku bagore babo, kandi bifitemo ubushobozi bwo kuyikora, baba bakora iby'ubupfapfa, kandi ibyo birakaza Imana. Inshingano y'ubusonga bwahawe umugabo ntikwiriye guhabwa umugore we. Nubwo akenshi bajya bagerageza kubikora, bombi bibagiraho ingaruka mbi.

Umugabo w'umwizera hari ubwo rimwe na rimwe yahaga umugore we utizera umutungo yiringiye ko bizatuma anyurwa, kandi akarekeraho kumurwanya, kandi amaherezo bikazamutera kwizera ukuri. Nyamara ibi ntaho bitaniye no kugura amahoro cyangwa guha umugore ibiguzi ngo akunde yemere ukuri. Ubutunzi Imana yatanze ngo bukore umurimo wayo, umugabo akabuha umugore udafite ubwuzu bwo gukunda ukuri; mbese icyo gisonga kizasubiza iki Shebuja ku munsu w'urubanza, igihe kizabazwa umutungo cyahawe hageretsweho n'inyungu?

Ababyeyi b'abizera akenshi bagiye baraga imitungo abana babo batizera, bityo bakaba biyambuye ubushobozi bwo kugarurira Imana ibyayo. Iyo babikoze batyo, baba biyambuye inshingano Imana yabahaye, kandi bagashyira mu maboko y'umwanzi umutungo Imana yari yarabahaye kugira ngo bawuyigarurire binyuze mu kuwushora mu murimo wayo igihe cyose yaba ibasabye kugenza batyo.

Ntabwo ari gahunda y'Imana ko ababyeyi bafite ubushobozi bwo gucunga neza imirimo yabo ibyara inyungu begurira umutungo wabo abandi bantu ngo babe ari bo bawucunga bona n'ubwo baba ari abana babo basangiye kwizera. Ni inshuro nkeya aba bana bashobora kwitangira umurimo nk'uko ababyeyi bajyaga kubikora, kandi baba bataranigira mu ishuri ry'imibabaro no guhangara n'umwanzi, ku buryo babasha guha agaciro ubutunzi bw'iteka ryose bakaburutisha iby'isi. Gushyira ubutunzi mu maboko y'abantu nk'abo ni ikintu kibi bikomeye. Baba bashyizweho ikigereragezo cyo gushyira urukundo rwabo ku by'isi no kwiringira ubutunzi, maze bakumva nta bintu byinshi bakeneye byaruta ibyo. Iyo babonye umutungo batigeze bavunikira, si kenshi bawukoresha neza.

Umugabo ushyira umutungo mu maboko y'umugore we, aba amukinguriye urugi rw'ibishuko, yaba ari umwizera cyangwe se atari we. Iyo ari umwizera kandi muri kamere ye akaba asanzwe ari nyirakigunu, abona akantu kose akumva kaba ake kandi akikunda, urugamba rwo gusohozza iby'ubusonga bw'umugabo we n'ubusonga bwe bwite ruzarushaho kumukomerera. Kugira ngo uwo mugore azabashe gukizwa, akwiriye gutsinda ibyo bizinga bye yihariye, maze akigana imibereho ya Shebuja wo mu ijuru, akajya ahirimbanira gushaka uburyo bwo kugirira abandi neza, no kubakunda nk'uko Kristo yadukunze. Akwiriye kwiyubakamo impano ihebuje y'urukundo yari igwiriye mu mibereho y'Umukiza wacu. Imibereho ye yaranzwe n'imico y'ubupfura no gukorera abandi adaharanira inyungu ze. Imibereho ye yose ntiyigeze yononwa n'ibikorwa by'inarijye.

Impamvu iyo ari yose yatera umugabo kwegurira umugore imicungire y'umutungo we, si iyo gushyigikirwa, kubera ko aba ashyize igisitaza mu nzira y'umugore we, kikamubangamira mu murimo akora agira ngo aneshe. Kandi no ku mitungo yegurirwa abana ni ko bigenda; amaherezo ingaruka nk'izo zikurikiraho. Imana isoma ibiri mu mutima we. Niba yabitewe no kwikunda, maze mu rwego rwo guhisha ubugugu bwe agahitamo kwivanaho umutungo akawushyira mu maboko y'umugore we, bityo akabigira urwitwazo rwo kutagira icyo akora ngo ashyigikire umurimo w'Imana, nta kabuza umuvumo wo mu ijuru uzamukurikirana.

Imana imenya imigambi n'intego by'abantu, kandi igerageza impamvu z'imigendereze y'abana b'abantu. Ikimenyetso kigaragara cy'uburakari bw'Imana gishobora kudahita gikurikiraho, ntibibe nk'uko byagenze kuri Ananiya na Safira; nyamara, amaherezo abakora ibisa n'ibyabo bazahanwa igihano kitari muni y'icyo bahawe. Mu kugerageza kubeshya abantu, barimo babeshya Imana. « Ubugingo bukora ibyaha ni bwo buzapfa.... ». Ezekiyeli 18:20.

Abifata mu mugongo bakihumuriza bavuga ko bashobora kwivanaho inshingano zabo bakazishyira ku bagore babo cyangwa abana babo, baba bashukwa n'umwanzi. Ntabwo kwivanaho umutungo bakawuha abandi bazoroshya uburemere bw' inshingano bafite. Bazabazwa imikoresherezwe y'umutungo bahawe n'Imana ngo bawiteho; kandi nta buryo na buke babona bwo gutanga urwitwazo rubakuraho iyo nshingano kugeza igihe babohowe n'uko bagaruriye Imana ibyo yabaragije.¹

¹ Testimonies for the Church, vol. 1, pp.528-530. [Ibihamya by'Itorero].

UMUGABANE WA 15

**INGORORANO
YAGENEWE IGISONGA
GIKIRANUKA**

INGORORANO NK'IMPAMVU ITERA ABANTU KUJYA MU MURIMO

Umukiza yabivuze kenshi, agira ati: "Ariko abenshi b'imbere bazaba ab'inyuma, kandi ab'inyuma bazaba ab'imbere." Mariko 101:31. Yesu ashaka ko abantu bemeye kumukorera batahirimbanira guhabwa ingororano, cyangwa ngo bumve ko bagomba guhabwa ingurane y'imvune baba bavunitse. Imana ishaka ko intekerezo zacu zajya mu cyerekezo kinyuranye n'icyo; kuko itareba nk'uko abantu bareba. Ntabwo ica urubanza ikurikije ibigaragarira amaso, ahubwo iha agaciro umuntu ikurikije ukuri guhishwe mu mutima.

Abantu binjiye mu murimo bafite umutima wo kwitanga no kwicisha bugufi, ni bo bazahagarara bashikanye ku iherezo ry'ibihe. Abakozi bahawe umurimo bwa mbere bashushanywa n'abantu bafite ishyari, umwuka wo kwitsindishiriza, kandi bakavuga ko bakwiriye guhabwa ibiruta iby'abandi kubera imirimo bakoze. Nyir'urugo yabwiye umuntu wakemangaga uburenganzira bwe bwo guha n'abandi ibihembo byinshi avuga ati: "Mugenzi wanjye, sinkugiriye nabi. Ntuzi ko twasezeranye idenariyo imwe?" *Matayo 20:13*; ku ruhande rwanjye, nashohoje ibyo twasezeranye.

Mu buryo bworohejeho hato, twese dukwiriye kubaha igihembo gikubiye mu ngororano itanzwe. Nyamara mu gihe twishimira amasezerano yo guhabwa imigisha, dukwiriye no kugira ibyiringiro bitunganye by'uko Yesu Kristo azakora ibikwiriye, maze akaduha ingororano akurikije imirimo twakoze. Impano y'Imana ni ubugingo buhoraho, ariko Yesu ntashaka ko duhangayikishwa n'ibyerekeye ingororano, ngo tubirutishe gushishikarira gukora iby'Imana ishaka bitewe n'uko ari byo bikwiriye, bona nubwo nta ngororano twaba dutegereje.

Intumwa Pawulo yitegerezaga ikamba ry'ubugingo azahabwa, ariko atari we wenyine gusa, ahubwo rikazahabwa n'abandi bose bakunze kuzaboneka k'Umwami. Insinzi yabonewe muri Yesu Kristo ni yo yatumaga yifuza cyane kuzambara ikamba. Iteka ryose yahoraga yererezaga Yesu. Kwirata impano cyangwa kunesha kwacu ubwacu bwite nta gaciro bifite. Uwiteka aravuga ati: "Umunyabwenge ye kwirata ubwenge bwe, n'intwari ye kwirata ubutwari bwayo, n'umutunzi ye kwirata ubutunzi bwe, ahubwo uwirata yirate ibi: yuko asobanukiwe, akamenya yuko ari jye Uwiteka ugira imbabazi no kutabera, no gukiranuka mu isi kuko ari byo nishimira." Yeremiya 9:22-23..

Abazabona ingororano nyinshi, ni abazaba barahuriye hamwe umurimo wabo no kugira ishyaka, kugirira impuhwe abakene, imfubyi, abarenganywa n'abacogojwe n'imibabaro. Ariko ba bantu bakikira, bakitambukira, ba bandi baba bahuze cyane maze ntibite ku bo Kristo yaguze amaraso ye, ba bandi baharanira gukora ibintu bikomeye cyane, bazisanga boroheje kandi babe ab'inyuma.

Abantu bakora ibihuje n'ibiri mu mitima yabo. Ahatuzengurutse haboneka abantu b'abagwaneza kandi boroheje mu mutima, bafite umwuka warangaga Kristo; abo bantu bakora ibintu bito nyamara bikaba byinshi byo gufasha abari ahabazengurutse, kandi ntibabitekerezeho; ku iherezo bazatangazwa no kubona ko Kristo yitaye ku magambo y'ubugwaneza babwiraga abafite imitima ibabaye, kandi akaba yaritaye ku mpano ntoya bagiye batanga kugira ngo zizahure abakene; izo mpano zikaba zaragiye zisaba uzitanze kugira icyo yigomwa. Uwituka areba mu mutima maze akitura buri wese; kandi umutima w'urukundo uboneye, wicisha bugufi nk'uw'umwana muto, utuma ituro rihinduka irishimishije mu maso y'Imana.¹

NI IMPANO, SI UBURENGANZIRA

Petero yaravuze ati: "Dore twe bwewe twasize ibyacu byose turagukurikira; none se tuzamera dute?" Matayo 19:27. Iki kibazo cya Petero kirerekana yuko yatekerezaga ko buri murimo wose intumwa zakoraga wabaga ukwiriye guhabwa ingororano runaka. Mu bigishwa ba Yesu harimo abafite umwuka wo kwiyemera, kwishyira hejuru, kandi wasangaga bigereranya hagati muri bo. Iyo hagiraga ugaragaje ikimenyetso cy'intege nke muri bo, abandi biyumvagamwo ko bamuruta. Yesu yatahuye uwo mwuka wari utangiye gucumbeka muri bo, asanga akwiriye kuwucubya. Yashoboraga kureba ibiri mu mitima y'abantu, kandi yabonye ko bahengamiye ku kwikunda igihe babazaga iki kibazo ngo "None se tuzamera dute?" Yagombaga gukosora ikibi kitaraba kinini.

Abigishwa bari bari mu kaga ko kutabona neza amahame nyakuri agenga ubutumwa bwiza. Kugira ngo Kristo abone uko yigisha abigishwa yifashishije umugani werekeye abakozi bari bararikiwe gukora umurimo. Yabigishije ko ingororano izatangwa itazaturuka ku mirimo kugira ngo hatagira ubwirata, ahubwo ko bazayihabwa ku bw'ubuntu bw'Imana. Umukozi wahamagariwe kujya gukora mu ruzabibu mu gitondo, yari afite ingororano ikomoka mu buntu bw'Imana. Nyamara n'undi wahamagawe nyuma ya bose, na we yahamagawe ku bw'ubuntu nk'uko uwa mbere byari byagenze. Umurimo wose bakoze wari uw'ubuntu, kandi nta n'umwe wari kwirata kuri mugenzi we. Nti hagombaga kugira n'umwe ugirira ishyari mugenzi we. Nta n'umwe wari wagize amahirwe aruta ay'undi, kandi nta n'uwashoboraga gusaba ingororano iyo ari yo yose avuga ko ayifitiye uburenganzira. Petero yagaragaje igitekerezo nk'icy'umucanshuro.²

1 Review and Herald, July 3, 1894. [Urwibutso n'Integuza].

2 Review and Herald, July 10, 1894. [Urwibutso n'Integuza].

UBUTUNZI MU IJURU

Yesu aratwiringa agira ati: “Mwibikire ubutunzi bwanyu mu ijuru.” Umurimo wo kohereza ubutunzi bwacu mu ijuru, ni wo dukwiriye gushyiramo imbaraga zacu zose. Ni umurimo ufite agaciro gahanitse kandi inyungu zawo ni iz’iteka ryose. Ikintu utanze ngo gikore umurimo w’Imana ntikiba kizimiye. Ikintu cyose gitanzwe mu rwego rwo gukiza imitima y’abantu no guhesha Imana icyubahiro, kiba gishowe mu mushinga wunguka kurenza indi yose mu buzima bwo muri iki gihe no mu buzima bwo mu gihe kizaza. Iyo italanto zawe zigizwe n’izahabu n’ifeza zihawe abazigenza, zihora zibyara inyungu ari na ko agaciro kazo kiyongera, kandi bishyirwa kuri konti yawe iri mu bwami bwo mu ijuru. Uzahabwa ubutunzi bw’iteka ryose bwagiye bwiyongerera mu biganza by’ababugenza. Iyo mutanze ibikoreshwa mu murimo w’Imana, muba mwibikiye ubutunzi mu ijuru. Ubutunzi bwose mubitse mu ijuru buba burinzwe ibiza n’ibihombo, kandi buriyongera ndetse ntibwangirike kugeza mu bugingo buhoraho.

INYUNGU Z’IGIHE GITO N’IZIZAHORAHO

Gukoresha imbaraga zawe zose mu murimo wa Kristo, bikwiriye kuba intego yawe mu buryo budasubirwaho. Impamvu nta yindi, ni uko umurimo we udufitiye inyungu zo muri ubu buzima, ndetse no mu bugingo bwo mu gihe kizaza....

“Itabaza ry’umubiri ni ijisho. Ijisho ryawe nirireba neza, umubiri wawe wose uba ufite umucyo.” Matayo 6:22. Ijisho ryawe nirireba neza, ijisho ryawe nurihanga mu ijuru, umucyo uva mu ijuru uzuzura mu bugingo bwawe, kandi ibintu byo mu isi nubireba uzasanga nta gaciro bifite kandi bitagifite ubushobozi bwo kukwireherezaho. Intego zo mu mutima zizahinduka, kandi inama Kristo yatanze izumvirwa. Uzibikira ubutunzi bwawe mu ijuru. Ibitekerezo byawe uzabihoza ku ngororano zikomeye zizahoraho iteka ryose. Imigambi yawe yose uzajya uyitegura witaye ku bugingo buhoraho bwo mu gihe kizaza. Uzahora werekeje umutima wawe ku butunzi bwawe buhoraho. Ntuzatanga igihe wiga ku nyungu z’ibyo mu isi; ahubwo ibyo uzajya uharanira mu mutuzo ni ukwibaza ngo: “Mwami, ushaka ko nkora iki?” *Ibyakozwe n’Intumwa 9: 6.* icyo gihe idini yemewe na Bibiliya izaremerwa mu buzima bwawe bwa buri muni.

Umukristo nyakuri ntakunda ko iby'isi byitambika hagati y'ubugingo bwe n'Imana. Amategeko y'Imana akoresha ububasha bwayo, maze akaba ari yo ayobora ibyo akunda n'ibikorwa bye byose. Iyaba umuntu ushaka ubwami bw'Imana no gukiranuka kwayo yahoraga yiteguye gukora imirimo ya Kristo, mbega ukuntu inzira ijya mu ijuru yahinduka inzira yoroshye!....

Ijisho niriramuka rihanzwe ku bwiza bw'Imana, ubutunzi buzabikwa mu ijuru, aho budashobora kwangirika cyangwa ngo bugire igihombo; kandi "aho ubutunzi bwawe buri ni ho n'umutima wawe uzaba." Matayo 6: 19-21. Yesu azakubera urugero uzajya ukurikiza. Amategeko y'Uwiteka ni yo uzajya wishimira, kandi ku iherezo ry'ibihe uzabwirwa aya magambo anejeje ngo: "Nuko nuko mugaragu mwiza ukiranuka, wakiranutse mu bike, nzakwegurira byinshi, injira mu munezero wa Shobuja." Matayo 25: 21.¹

GUKOMEZA IMIRUNGA Y'UBUMWE

Uwiteka yatugize abafatanyije umurimo na We. Yashyize mu biganza byacu impano ze kugira ngo tujye tuzisangira n'abakennye; kandi gutanga dutyo mu buryo bufatika, ni wo muti wo kutuvura ubwikanyize bwose. Nimugaragariza urukundo mutyo abakeneye ubufasha, muzatuma imitima yabo ishima Imana kubera ko yahaye bene Data impano y'ubuntu no kugira neza, kandi ikabashoboza korohereza abakene imibabaro yabo.

Binyuze muri ibyo bikorwa bifatika by'urukundo, ni ho abizera b'Itorero bashobora gusabana mu bumwe bwa Gikristo. Iyo bene Data bakundana, ni bwo urukundo bakunda Imana rwiyoungera muri bo kubera ko itigera yibagirwa na rimwe abarembejwe n'imibabaro, nuko amashimwe akazamuka ku Mana bayishimira ko ibitaho. "Kuko uwo murimo wo kugabura utamara gusa ubukene bw'abera, ahubwo utera benshi guhimbaza Imana." *2 Abakorinto 9:12*. Ukwizera kwa bene Data kurushaho kwiyongera mu Mana kandi bigatuma bayegurira ubugingo bwabo n'imibiri yabo, nk'Umuremyi wo kwizerwa. "Bayiyambaza ku bw'ubuhumya bw'uyu murimo mwitangiye, mukemera kugandukira ubutumwa bwiza bwa Kristo, mukagira ubuntu bwishi bwo kubafasha no gufasha abandi bose." *2 Abakorinto 9:13*.

BACIWE MU BIGANZA BYA KRISTO NK'UCA IMANZI

Kristo azakomeza kuzirikana amazina y'abatekereza ko nta gitambo gihenze cyane ku buryo batagitambira ku gicaniro cyo kwizera n'urukundo. Yatanze byose kugira ngo acungure abantu baguye mu cyaha. Amazina y'abamwumvira, bakagira ibyo bigomwa kandi bagakiranuka, ayaca mu biganza bye nk'uca imanzi; ntabwo azabaruka, ahubwo azabagumisha ku minwa ye, kandi mu buryo bw'umwihariko, azabatakambira imbere ya Se. Igihe abantu bafite inarijye n'ubwibone bizaba bibagiranye, aba bo bazahora bibukwa kandi amazina yabo azahabwa kudapfa. Kugira ngo tubashe kunezerwa, ni uko tugomba kubaha tunezeza abandi. icyiza kuri twe ni uko twatanga ubutunzi bwacu, impano zacu n'urukundo rwacu,

¹ Review and Herald, Jan. 24, 1888. [*Urwibutso n'Integuza*].

maze tukabyegurira Kristo dushima; kandi muri ubwo buryo, tuzabona umunezero muri ubu buzima, kandi duhabwe n'ubwiza budapfa mu gihe kizaza.²

² Testimonies for the Church, vol. 3, pp. 250,251. [Ibihamya by'Itorero].

IMIGISHA YO MURI UBU BUZIMA IHABWA ABANYABUNTU

Iyo impuhwe z'abantu zihurijwe hamwe n'urukundo n'ubugiraneza kandi zikezwa na Mwuka wa Yesu, ni ikintu gishobora gutanga umusaruro ukomeye kandi mwiza. Abantu bimenyereza ibikowa by'ubugiraneza, ntibaba bakora umurimo wo kugirira abandi neza no guhesha umugisha abakorewe icyo gikorwa gusa, ahubwo na bo babigiriramo inyungu kuko baba bakinguriye imitima yabo imbaraga mvajuru yoroheje ibubakamo kugiraneza nyakuri.

Buri murasire wose w'umucyo twohereje ku bandi urakimirana maze ukaboneshereza imitima yacu. Buri jambo ry'ubugwaneza n'impuhwe ribwiwe umuntu ushenguwe n'intimba, buri gikorwa cyose kigamije gufasha abarengana, n'impano yose itanzwe kugira ngo ikemure ibibazo bya bagenzi bacu, bikaba bikoze hagamijwe guhesha Imana icyubahiro, bituma nyiri ukubikora ahabwa imigisha. Abantu bakora batyo, baba bubahirije amategeko y'Imana, kandi bazashimwa n'Imana. Umunezero uterwa no kugirira abandi neza uzana umucyo mu bitekerezo byacu, maze bikarema imbaraga ikangura imyakura ku buryo byihutisha amaraso mu mubiri, kandi bigatuma imbaraga z'ibitekerezo n'umubiri bikora neza.¹

UMUGISHA UKIZA INDWARA

Kugirirana impuhwe kuba hagati y'ubwenge n'umubiri kurakomeye cyane. Iyo umwe muri iyo migabane ugize ikibazo, undi mugabane uratabara. Uko ubwenge bumerewe biftanye isano n'uko ubuzima bw'umubiri buhagaze. Iyo intekerezo zituje kandi zikaba zishimye bitewe n'uko nyirazo atekereza ko yakoze neza kandi akaba anejejwe n'uko yatumye abandi banezerwa, bizarema ibyishimo muri we kandi ibyo byishimo bizazana ingaruka nziza mu mubiri wose uko wakabaye, bitume amaraso atembera neza kandi umubiri wose ugubwe neza. Umugisha w'Imana ukiza indwara; kandi abantu bagirira abandi neza ibihe byinshi, bazabona neza ko imigisha itagira akagero izasaba mu mitima yabo no mu mibereho yabo.²

¹ Testimonies for the Church, vol. 4, p.56. [Ibihamya by'Itorero].

² Testimonies for the Church, vol. 4, pp.60,61. [Ibihamya by'Itorero].

UMURIMO W'UBIGIRANEZA UHABWA UMUGISHA INSHURO EBYIRI

Mu nama y'agakiza, ubwenge bw'Imana bwashyizeho itegeko ry'uko ikikorwa gikurikirwa n'ingaruka yacyo, ibyo bigatuma umurimo wo kugira neza mu mashami yawo yose uhabwa umugisha inshuro ebyiri. Imana yashoboraga kugera ku mugambi wayo wo gukiza abanyabyaha itagombye kwifashisha umuntu, ariko yari izi ko umuntu adashobora kunezerwa aramutse atagize uruhare mu murimo ukomeye wo gucungura umuntu. Kugira ngo umuntu atazimiza imigisha ikomoka ku mirimo y'ubigiraneza, Umucunguzi wacu yashyizeho gahunda yo kumushyira ku rutonde rw'abafatanya na We umurimo.³

UBUSHOBOZI BW'ISI BUMENAGURIKA

Kristo yazanywe no guha abantu ubutunzi bw'iteka, kandi binyuze mu kugirana isano na We, ubwo butunzi tugomba kubwakira tukanabuha abandi. Kristo abwira abapasitoro na buri mwizera wese ati: "Isi igoswe n'umwijima. Nimureke umucyo wanyu ubonekere imbere y'abantu, kugira ngo nibabona imirimo yanyu myiza, bahereko bahimbaze So wo mu ijuru. Matayo 5:16. Umuntu wese ukunda Imana by'ukuri azahinduka umucyo umurikira abari mu isi.

Umuntu w'umuturage w'ubwami bwo mu ijuru, azahora ashaka ibintu bitaboneshwa amaso. Ubushobozi isi igira ku bitekerezo no ku mico ye buramenagurika. Aba afite muri we ubuturo bw'Umushyitsi wo mu ijuru hakurikijwe isezerano rivuga ngo "... ukunda azakundwa na Data, nanjye nzamukunda, mwiyerere." (Yohana 14:21). Agendana n'Imana mu mushyikirano utagira kirogoya nk'uko Enoki yagendanaga na Yo.⁴

GUKUNGAHAZWA KW'IMIBEREHO YO MU ISI

Nta genamikorere (cyangwa se gahunda y'ubuzima) rishobora kuba ritunganye kandi ryuzuye igihe cyose rifata gusa imyaka mike y'ubu buzima bityo ntiriteganyirize iby'igihe kizaza kitazagira iherezo. Nimutyo mu byo urubwiruko ruha agaciro rwigishwe kuzirikana iby'igihe kitazashira. Nimutyo urubwiruko rwigishwe guhitamo amahame azaramba no kwishakira ubutunzi butari ubw'igihe gito, ahubwo rwibikire ubutunzi budashira "mu ijuru, aho umujura atabwegera, n'inyenzi ntizibwonone;" rwigishwe kandi ko "ubutunzi bubu [rubushakisha] incuti, kugira ngo nibushira bazabakire mu buturo bw'iteka." Luka 12:33; 16:9.

Abantu bose bagenza batya baba bitegura ubuzima bwo kuri iyi si mu buryo bwiza cyane. Nta muntu ushobora kwirundanyiriza ubutunzi mu ijuru, igihe ubuzima bwe hano ku isi butakungahaye kandi butatunganyijwe. "Kuko kwitoza k'umubiri kugira umumaro kuri bike, naho kubaha Imana

³ Review and Herald, March 23, 1897. [Urwibutso n'Integuza].

⁴ Review and Herald, Oct. 10, 1910. [Urwibutso n'Integuza].

kukagira umumaro kuri byose, kuko gufite isezerano ry'ubugingo bwa none n'ubuzaza na bwo." 1Timoteyo 4:8.⁵

UMUTIMA W'UMUNTU UTANGA URĀGUKA

Amaturo atanzwe n'abakene, bakayatangana umutima wo kwigomwa bagamije gutera inkunga umurimo wo gukwirakwiza umucyo w'ukuri gukiza, ntazaba impumuro nziza ku Mana gusa ndetse ngo iyakire nk'impano yejeje gusa, ahubwo icyo gikorwa cyo gutanga ubwacyo kizatuma umutima w'umuntu uyatanze waguka, kandi gitume arushaho komatana n'Umucunguzi w'abari mu isi.⁶

ISEZERANO RY'IMANA RISHIKAMYE

Mu gihe icyo ari cyo cyose cyabayeho mu mateka y'isi, igihe cyose abantu b'Imana bashyiraga mu bikorwa ibyateganijwe mu mugambi wayo wo kugira neza bakabikora banezerewe kandi badahatwa binyuze mu gutanga impano n'amaturo, basohorezwaga isezerano rishikamye ryo guhirwa mu mirimo yabo ku rugero rungana n'urwo babaga bumviyeho ibyo iryo sezerano ribasaba gukora. Iyo bakoraga ibihuje n'iby'Imana ishaka, bagashyira mu bikorwa ibyo ibategeka gukora, bakayubahisha umuganura w'ibyo bejeje mu butaka, ibigega byabo byuzuraga imyaka.⁷

⁵ *Uburezi*, p.149.

⁶ *Review and Herald*, Oct. 31, 1878. [*Urwibutso n'Integuza*].

⁷ *Testimonies for the Church*, vol. 3, p.395. [*Ibihamya by'Itorero*].



GUSANGIRA UMUNEZERO N'ABACUNGUWE

Hari ingororano yabikiwe abakozi binjira muri uyu murimo batizigamye kandi bakaba batarangwa n'ubwikanyize, kandi hari n'ingororano zibikiwe abatangana umutima ukunze kugira ngo babashyigikire. Abagaragaza imbaraga muri uyu murimo, na ba bandi batanga ku butunzi bwabo kugira ngo bashyigikire abo bakozi, bazasangira ingororano yabikiwe abakiranutsi.

Igisonga cyose gikorana ubwenge mu butunzi cyahawe, kizinjira mu munezero wa Shebuja. Mbese uwo munezero ni uwuhe? “Mu buryo nk'ubwo, ndababwira yuko mu ijuru imbere y'abamarayika b'Imana haba umunezero mwinshi iyo umunyabyaha umwe yihannye...” Luka 15:7. Abazaba barahinduriye imitima y'abantu ku gukiranuka, bazashimirwa kandi bahabwe umugisha wera. Bazifatanya n'abazaba bari mu byishimo mu ijuru, maze bahanike indirimbo bishimira umusaruro uzaba utashye mu ijuru.

Mbega umunezero uzaba mu ijuru igihe abacunguwe bose bazaba bahuye bagateranira mu mazu meza yabateguriwe! Mbega umunezero uzagirwa n'abantu batanze batizigamye, abakozi bataranzwe no kwikunda igihe bakoranaga n'Imana umurimo wayo hano ku isi! Mbega umunezero buri musaruzi wese azagira igihe ijwi rya Yesu rimeze nk'indirimbo rizavuga aya magambo ngo “Nimuze mwebwe abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uhereye ku kuremwa ku isi.” “Nimwinjire mu munezero wa Shobuja!” Matayo 25: 34, 23.

Umucunguzi azahabwa ikuzo kuko atazaba yarapfiriye ubusa. Bafite imitima inezerewe kandi yishimye, ababayeho abakozi bakorana n'Imana mu murimo wo gukiza abarimbuka n'abanyabyaha bapfa, bazabona ibituruka mu bise by'ubugingo bwabo bibishimishe kandi bibahaze. Ibihe byo guhagarika umutima bagize, ibihe by'urujijo rwo kutamenya ibikwiriye gukorwa igihe babaga badafite ibyokurya, intimba baterwaga no kubona hari abangaga kureba no kwakira ibintu byabazaniraga amahoro, ibyo byose bizaba byibagiranye. Ukwigomwa bagize kugira ngo batere inkunga umurimo w'Imana ntikuzibukwa ukundi. Nibabona abantu bashakaga kuzana kuri Yesu, bakababona barakijijwe kandi bakaba bakijijwe by'iteka ryose—bakaba urwibutso rw'imbabazi z'Imana n'urukundo

rw'Umucunguzi—mu ijuru hazumvikana amajwi y'urufaya yo gusingiza no gushima Imana.¹

GUSOHOREZWA IBIRENZE IBYARI BYITEZWE

Kristo yemeye kamere ya kimuntu, aba kuri iyi si afite imibereho izira inenge kandi yejeje. Kubera iyi mpamvu, yahawe umurimo wo kuba umucamanza. Uwo wahawe umurimo wo kuba umucamanza, ni Imana yigaragaje ifite umubiri. Mbega umunezero tuzagira kumubona nk'Umwigisha n'Umucunguzi wacu, agifite inkovu zo kubambwa, ziturukamo imirase y'ubwiza yongera agaciro ku makamba abacunguwe bazahabwa n'ibiganza bye bwite, bya biganza yaramburiye ku bigishwa be igihe yazamukaga ajya mu ijuru. Rya jwi yakoresheje avuga ati: “Kandi dore ndi kumwe namwe iminsi yose, kugeza ku mperuka y'isi” (Matayo 28:20) rizongera ryumvikane asaba abo yacunguye ngo baze imbere ye.

Wa wundi watanze ubugingo bwe bw'igicro kinini ku bwabo, wa wundi wahwituriye imitima yabo kwihana binyuze mu buntu bwe, uwakanguye imitima yabo bakamenya ko bakeneye kwihana, ni we uzaba ari kubakira ngo binjire mu munezero We. Mbega ukuntu bazamukunda! Gusohozwa kw'ibyiringiro byabo kuzaba kuruta cyane ibyo bari biteze kubona. Umunezero wabo uzaba wuzuye, maze bafate amakamba yabo arabagirana bayarambikiye ku birenge by'Umucunguzi wabo.²

ISEZERANO RIDAKUKA

Hashize igihe kirekire dutegereje kugaruka k'Umukiza wacu. Nyamara isezerano rye ni impamo. Bidatinze tuzataha iwacu twasezeraniye. Aho ni ho Yesu azatuyobora iruhande rw'uruzi rw'amazi y'ubugingo rutemba ruva ku ntebe ya cyami y'Imana, kandi azadusobanurira ukugiraneza kw'Imana kutagaragara yatuyoboresheje kugira ngo tubashe kugera ku mico itunganye. Aho ni ho tuzabona ibiti byiza byuzuye impande zose za Paradiso, kandi hagati muri byo tuzahabona igiti cy'ubugingo. Aho hantu ni ho tuzitegereza nta kidukingirije Edeni yasubijwe ubwiza. Uwo mwanya tuziyambura amakamba yari yatwambitse ku mitwe yacu, maze tuyarambikiye ku birenge by'Umucunguzi wacu, dufate inanga z'izahabu, maze ducurange indirimbo zo gusingiza no gushima Iyicaye kuri ya ntebe ya cyami.³

HASIGAYE IGIHE GITO GUSA

Hasigaye igihe gito gusa ubwo tuzabona Yesu agarutse gutabara abana be no kubaha kamere yo kudapfa. “Uyu mubiri ubora ukwiriye kuzambikwa kutabora, kandi uyu mubiri upfa, ukwiriye kuzambikwa kudapfa (1 Abakorinto 15:53). Ibituro bizakingurwa, maze abapfuye bavemo ari abaneshi bavuge ijwi rirenga bati: “Wa rupfu we, kunesha kwawe kuri he? Wa rupfu we urubori rwawe ruri he?” 1 Abakorinto 15:55. Inshuti zacu twakundaga zasinziye muri Yesu, zizakanguka zambaye umubiri udapfa.

1 Review and Herald, Oct. 10, 1907. [Urwibutso n'Integuza].

2 Review and Herald, June 18, 1901. [Urwibutso n'Integuza].

3 Review and Herald, Sept. 3, 1903. [Urwibutso n'Integuza].

Maze ubwo abacunguwe bazaba bazamurwa mu ijuru, inzugi z'ururembo rw'ijuru zizikingura maze abakomeje ukuri binjire. Ijwi ryiza kurenza iry'indirimo yigeze kwinjira mu gutwi k'umuntu upfa rizumvikana rivuga riti: Nimuze abo Data yahaye umugisha, muragwe ubwami bwabatunganirijwe uherye ku kuremwa ku isi." Matayo 25: 34, 23. Nuko abakiranutsi bahabwe ingororano. Imibereho yabo izaba nk'iya Yehova. Bazarambika amakamba yabo ku birenge by'Umucunguzi, maze bafate inanga z'izahabu mu ijuru ryose bahuzuze indirimbo nziza.⁴

⁴ Signs, April 15, 1889. [Ibimenyetso by'Ibihe].

Mu myumvire y'abantu benshi, batekereza ko ubusonga bureba ibyerekeye ibintu bifatika gusa. Ariko; siko biri, ahubwo ubusonga burenze cyane ibyo; kuko bureba ikintu cyose gifitanye isano n'imibereho y'iby'Umwuka. Bityo rero mu mibereho y'Umukristo n'ibikorwa asabwa gukorera abandi, ikibazo cyerekeye ubusonga ni cyo gifite umugabane munini kandi w'ingenzi mu buzima bwe.

Iki gitabo cyuzuye ibisubizo by'ibibazo byinshi abantu bibaza ku murimo w'ubusonga.

"Namwe iyo murya cyangwa munywa cyangwa mukora ikindi kintu cyose, mujye mukorera byose guhimbaza".

1 Abakorinto 10:31



Safeliz

ISBN 978-84-7208-679-1



9 788472 086791